INTEKO Y'UMUCO

RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY



# RWANDA

## AMATEKA Y'AHANTU NDANGAMURAGE

Igitabo cya 1

HUYE, 2023

# RWANDA

# AMATEKA Y'AHANTU NDANGAMURAGE

Igitabo cya

**1**

Edisiyo z'Inteko y'Umuco

**ISBN:** 978 - 99977 - 0 - 440 - 5

© Inteko y'Umuco, 2023

**Iki gitabo cyanditswe n'itsinda ry'abashakashatsi b'Inteko y'Umuco bakurikira:**


KARANGWA Jérôme
MUGABOWAGAHUNDE Maurice
NKUSI David
NTAGWABIRA André
RUTAZIBWA Privat


**Kunoza imyandikire y'iki gitabo byakozwe n'abakozi b'Inteko y'Umuco bakurikira:**


BASHANA Médard
KAMASONI Alice
KARANGWA Jérôme
KAYONGA Gabriël
MUSABEYEZU Théogène
NKUSI David
NTAGWABIRA André



**Iki gitabo cyatangajwe ku nkunga ya:**

UK Research and Innovation GCRF

Scottish Funding Council
Promoting further and higher education

University of Glasgow

# Ishakiro


| | |
|---|---|
| Ishakiro | vii |
| Impine z'amagambo ziri muri iki gitabo | xi |
| **IJAMBO RY'IBANZE** | **xiii** |
| **INTANGIRIRO** | **xiv** |
| **UBURASIRAZUBA** | **1** |
| **UMUTWE WA MBERE: UBURASIRAZUBA** | **2** |
| 1.1. Urutare rwa Ngarama | 2 |
| 1.2. Utubindi twa Rubona | 3 |
| 1.3. Ryamurari | 4 |
| 1.4. Ingando y'Umwami Mutara III Rudahigwa i Mimuri | 6 |
| 1.5. Ubukomane bwa Nyakayaga | 7 |
| 1.6. Ku Cyasemakamba | 8 |
| 1.7. Zaza | 9 |
| 1.8. Isoko rya Rukira | 10 |
| 1.9. Gahini | 11 |
| 1.10. Urwobo rwa Bayanga | 13 |
| 1.11. Itongo rya Nyirabiyoro mu Mubari | 15 |
| 1.12. Ku Cyarudahigwa | 18 |
| 1.13. Ibigabiro bya Rwamagana | 19 |
| 1.14. Nkungu | 20 |
| 1.15. Munyaga | 20 |
| 1.16. Humure | 21 |
| 1.17. Rugenge | 22 |
| 1.18. Kagisaka | 22 |
| 1.19. Rwabanyoro | 23 |
| 1.20. Sakara | 24 |
| **UBURENGERAZUBA** | **25** |
| **UMUTWE WA KABIRI: UBURENGERAZUBA** | **26** |
| 2.1. Rutabagire | 26 |
| 2.2. Urutare rwa Ndaba | 30 |
| 2.3. Akarwa k'abakobwa | 30 |
| 2.4. Ishuri ryisumbuye rya Nyange | 31 |
| 2.5. Ruhimandyarya | 32 |
| 2.6. Bushenge | 33 |
| 2.7. Akabira kabi ka Syiki | 35 |
| 2.8. Rubi rw'i Nyundo | 41 |
| 2.9. Imiko y'abakobwa | 42 |
| 2.10. Ku Mukore wa Rwabugiri i Kageyo | 43 |
| 2.11. Igongo | 46 |
| 2.12. Kwa Nyiransibura | 47 |
| 2.13. Urutare rw'abakobwa | 48 |
| 2.14. Icyahoze ari hoteri ***La Michaudière*** | 48 |

2.15. Ibere rya Bigogwe ........ 48
2.16. Ubuvumo bwa Nyaruhonga ........ 49
2.17. Urutare rwa Nkuri ........ 50
2.18. Imva y'umusirikare w'Umudage ........ 50
2.19. Inzu y'ubuvuzi bw'amatungo yubatswe n'Abadage ........ 51
2.20. Umusozi wa Nengo ........ 52
2.21. Mu Mariba ya Bukunzi ........ 53
2.22. Misiyoni ya Mibirizi ........ 55
2.23. Nyamirundi (Ntango, ku Macukiro na Kayenzi) 56
2.24. Ibigabiro bya Rwabugiri i Nyamasheke ........ 58
2.25. Mu bigabiro bya Rwabugiri i Rubengera ........ 59
2.26. Musaho ........ 60
2.27. Nteko ........ 62
2.28. Shangi ........ 62
2.29. Urwibutso rwa Jenoside rwa Bisesero ........ 64

**AMAJYARUGURU ........ 67**

**UMUTWE WA GATATU: AMAJYARUGURU ........ 68**

3.1. Rutare ........ 68
3.2. Ntagara ........ 71
3.3. Ishyamba rya Buhanga ........ 72
3.4. Mbirima na Matovu ........ 72
3.5. Urugezi ........ 73
3.6. Ibuye rya Bagenge ........ 75
3.7. Butangampundu ........ 76
3.8. Rwiri-Nturo ........ 77
3.9. Huro ........ 80
3.10. Remera y'Abaforongo ........ 83
3.11. Ku Kirenge cya Ruganzu ........ 86
3.12. Mu Gahunga k'Abarashi (*Ku Karugigana*) ........ 87

**AMAJYEPFO ........ 91**

**UMUTWE WA KANE: ........ 92**

**AMAJYEPFO ........ 92**

4.1. Itembabarozi ........ 92
4.2. Rucunshu ........ 92
4.3. Shyogwe ........ 99
4.4. Ishyamba rya Busaga ........ 99
4.5. Mwima ........ 101
4.6. Ibisi bya Huye ........ 101
4.6. Ikibuye cya Shari ........ 103
4.8. Ngeri: Ibigabiro bya Rwabugiri na Muhigirwa 103
4.9. Gaseke: Ibigabiro bya Cyirima II Rujugira ... 105
4.10. Rukari ........ 106
4.11. Rwesero ........ 107
4.12. Mututu ........ 109
4.13. Kibeho ........ 110
4.14. Umujyi wa kera wa Astrida ........ 112
4.15. Urwunge rw'Amashuri yisumbuye rwa Astrida 112
4.17. Urusisiro rw'abazungu ........ 114
4.17. Urusisiro rw' « involiwe » (*Quartier des évolués*) 114
4.18. Mu Cyarabu ........ 115
4.19. Hoteri Faucon (*Hôtel Faucon*) ........ 115

4.20. Cercle Frère Secundien ................................ 115
4.21. Katedarari gatorika ya Butare (*Cathédrale de Butare*)........................................ 116
4.22. Mu Gakenyeri kwa Musinga........................ 116
4.23. Gitwe ........................................................ 118
4.24. Ibisenga bya Nyemana ................................ 119
4.25. Ibitare bya Mashyiga .................................. 120
4.26. Kwa Mibambwe II Gisanura ....................... 121
4.27. Urutare rwa Kamegeri ................................ 123
4.28. Ibisi bya Nyamagabe .................................. 124
4.29. Mu Twicarabami twa Nyaruteja ................. 125
4.30. Mu Butansinda bwa Kigoma na Muyange .. 129
4.31. Ijuru rya Kamonyi....................................... 130
4.32. Umugina w'Imvuzo.................................... 132

**UMUJYI WA KIGALI ........................................ 135**

**UMUTWE WA GATANU: .................................... 136**

**UMUJYI WA KIGALI ........................................ 136**

5.1. I Rwanda ..................................................... 136
5.2. U Bumbogo bw'Ingara.................................. 137
5.3. Ku Mana y'Uburunga................................... 137
5.4. Ku Mana y'inzuki ......................................... 138
5.5. Ndatemwa .................................................... 138
5.6. Umukore wa Karuranga .............................. 139
5.7. Urutare rwa Ruganzu ................................... 139
5.8. Icubya cyangwa Igiti cy'Umuhigo ................ 140
5.9. Amarembo yo ku Mana y'Umuganura cyangwa Imana y'Umutsima ........................ 140
5.10. Ku Mavubiro ............................................. 141
5.11. Ku Ruvugirizo ............................................ 142
5.12. Ku Mana za Rwagisha ............................... 142
5.13. Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro .................................................. 143
5.14. Urwunge rw'Amashuri rwa Kiyisilamu «*Intwari*» 144

**UMWANZURO.................................................. 148**

*a. Ibitabo* ............................................................ *149*
*b. Raporo n'ubundi bushakashatsi butatangajwe* .......... *152*
*c. Ibyatangajwe kuri murandasi* ................................ *153*

**IMIGEREKA ..................................................... 154**

***Umugereka 1:*** Itonde ry'abami n'abagabekazi bategetse u Rwanda (*)........................ 154
***Umugereka 2:*** Urutonde rw'abasiganuzi batanze amakuru yifashishijwe muri ubu bushakashatsi...................................... 156
***Umugereka 3:*** Icyerekezo cy'ahantu ndangamurage havugwa muri iki gitabo ..................... 162
***Umugereka 4:*** Ibisobanuro by'amagambo ................. 169

# IMPINE Z'AMAGAMBO ZIRI MURI IKI GITABO

**BRALIRWA :** Brasseries et Limonaderies du Rwanda

**CNLG :** Commission Nationale de Lutte contre le Génocide (Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Kurwanya Jenoside)

**ETEMU :** Ecole Technique de Muhazi

**ETO :** Ecole Technique Officielle

**INMR :** Institute of National Museums of Rwanda (Ikigo cy'Ingoro z'Igihugu z'Umurage w'u Rwanda)

**MINUAR :** Mission des Nations Unies pour l'Assistance au Rwanda (United Nations Assistance Mission for Rwanda)

**RDB :** Rwanda Development Board (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Iterambere)

# IJAMBO RY'IBANZE

Abanyarwanda basangiye umuco n'amateka bifite imizi mu binyejana byinshi bitambutse, ari na byo bigize umurage bishimira. Gusa abantu bose si ko bahugukiwe neza n'ibiranga uwo murage yewe n'aho bawusanga. Ni yo mpamvu Inteko y'Umuco yishimiye kugeza ku bantu amakuru yerekeye uwo murage; ari ushingiye ku mateka, ku muco, ku bisigaratongo cyangwa umurage kamere, nk'uko ugaragara hirya no hino mu Gihugu.

Ibi bikozwe mu rwego rwo gushyira mu bikorwa poritiki, amategeko n'amabwiriza byerekeye kubungabunga no gufata neza uwo murage nk'uko bigenda bishyirwaho na Leta y'u Rwanda. Gukora gutyo kandi biri mu nshingano z'icyo kigo zo kwigisha abaturage no kumenyekanisha umurage w'Igihugu utamuritse cyangwa udashobora kumurikwa mu ngoro.

Iki gitabo kiranga ahantu ndangamurage 107. Si ho honyine hari mu Gihugu; hari n'ahandi, ariko aha ni ho abakozi b'Inteko y'Umuco bamaze gucukumbura amateka aharanga. Ni umurimo wakozwe guhera mu mpera za 2005 ubwo hatangizwaga ubushakashatsi bugamije kwegeranya uruhererekane nyemvugo, ubumenyi n'ibikorwa gakondo. Ubu bushakashatsi bwavuyemo inyandiko nyinshi zitaratangazwa ku mugaragaro, kandi bwanatumye hamenyekana ahantu ndangamurage hatari hake mu Gihugu.

Muri 2016 nibwo ikigo cyitwaga Ikigo cy'Ingoro z'Igihugu z'Umurage w'u Rwanda (INMR) cyatangiye ubushakashatsi bwihariye ku hantu ndangamurage gihereye ku makuru yavuye mu bushakashatsi bwavuzwe haruguru, ndetse n'urutonde rw'ahantu ndangamurage rwariho icyo gihe. Abashakashatsi b'icyo kigo baganiriye n'abayobozi batandukanye – harimo abashinzwe umuco mu Turere -, inararibonye mu mateka, ndetse n'abaturage cyane cyane abasheshe akanguhe. Bafashe amashusho atari make, bajya mu masomero atandukanye; ibyo byose ari ukugira ngo bakusanye amakuru menshi ashoboka ari na yo yanditse muri iki gitabo.

Turahamya ko uzasoma iki gitabo cya mbere atazabura gusangamo byinshi bisa nk'aho ari bishya kuri we nyamara bisanzwe ari ingenzi mu bigize umurage w'Abanyarwanda.

Iki gitabo kandi ni intangiriro yo kunoza ubufatanye bw'inzego zitandukanye zifite aho zihuriye no kubungabunga umurage w'u Rwanda. Aha turavuga za Minisiteri zitandukanye cyane cyane ifite umuco mu nshingano zayo, ibigo bya Leta, ubuyobozi bw'Uturere, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta, ndetse n'abaturage muri rusange.

Dushingiye ku makuru yabonetse, turifuza ko iki gitabo cyaba imbarutso yo kwigira hamwe n'Uturere icyakorwa ngo ahantu ndangamurage habungabungwe, aho bigishoboka; ndetse hatezwe imbere mu rwego rw'ubukerarugendo bushingiye ku muco.

Inteko y'Umuco irashimira inzego n'abantu bose bagize uruhare muri iki gikorwa cy'ubushakashatsi, kandi irabashishikariza kudakura mu ruge kuko igikorwa kigikomeza. Uyu ni umusogongero gusa!

Huye, Mutarama 2022.

**Amb. Robert M. Masozera**
**Intebe y'Inteko/ Inteko y'Umuco**

# INTANGIRIRO

Hirya no hino mu Rwanda hari imisozi, imigezi, ibibaya, ubuvumo, inyubako, ibimera nk'ibiti by'ibigabiro n'imisezero, n'ibindi bivugwa mu mateka y'Igihugu kubera impamvu zitandukanye. Hari ahabereye ibikorwa kenshi bidasanzwe, hatuwe cyangwa hakorerwaga n'abantu babaye ibirangirire kubera uruhare bagize mu mateka. Hari ahantu hafite ubwiza nyaburanga cyangwa undi mwihariko mu miterere karemano, ndetse ahandi havugwa mu migani n'ibitekerezo bya kera. Aharangwa ibyo hitwa *ahantu ndangamurage* kuko ibihari n'ibihavugwa bigize umurage Abanyarwanda basangiye, ndetse ukaba ari n'umurage wa muntu muri rusange.

### a) Izina ry'igitabo

Inkuru z'aho hantu ndangamurage akenshi zigenda ziherererekanywa mu mvugo; zikavugwa n'ababifiteho ubumenyi. Hari n'inyandiko za kera zitagikunze kuboneka zagiye zivuga amateka ya hamwe muri ho. Abashakashatsi b'Inteko y'Umuco bucukumbuye, banegeranya ayo makuru avugwa ndetse n'ayanditse ku buryo bwuzuye. Ni yo mpamvu y'inyito y'igitabo Amateka y'ahantu ndangamurage.

Ahantu ndangamurage mu Rwanda ni henshi. Inteko y'Umuco imaze gukora urutonde rw'ahantu harenga 500 kandi igenda imenya amakuru y'ahandi uko bukeye n'uko bwije. Muri aho hamaze kumenyekana, abashakashatsi b'icyo kigo bakoze ubushakashatsi ku hantu 107 gusa ari na ho hagaragara muri iki gitabo, ariko ubushakashatsi burakomeje no ku handi. Iki gitabo cya mbere rero kije ari umusogongero ku basomyi.

### b) Impamvu yo kwandika iki gitabo

Mu Rwanda rwo hambere, abakiri bato bamenyaga ibya kera mu buryo bworoshye kuko babibwirwaga n'abakuru. Ibi byakorerwaga mu Itorero; mu bitaramo, n'ahandi. Ubu rero imibereho yarahindutse ku buryo nta rubuga nk'urwo ruhari abato bamenyeramo ibya kera babibwiwe n'abakuru. Bike bamenya ni ibyo biga mu mashuri n'ibyo basoma mu nyandiko na zo zidahagije.

Uretse inyandiko nke cyane zanditswe n'abanyaburayi basuye u Rwanda n'akarere ruherereyemo mu mpera z'ikinyejana cya 19, amateka yarwo yatangiye kwandikwa mu kinyejana cya 20. Ibyinshi mu mateka n'imibereho bya mbere y'umwaduko w'abazungu tubimenya binyuze mu ruhererekane nyemvugo. Abahanga b'Abanyarwanda nka Musenyeri Aloys Bigirumwami, Padiri Alexis Kagame, n'abandi bagerageje kwandika ibyo bavomye muri urwo ruhererekane ariko kugeza ubu hari ibitarandikwa, kuko igihe cya mbere y'umwaduko w'abazungu ari kirekire cyane. Abazi iby'icyo gihe bagenda basaza kandi akenshi batabisigiye abakiri bato. Icyo ni igihombo gikomeye ku Gihugu kigaragazwa ubu na bimwe mu mateka, mu muco cyangwa ubundi bumenyi byamaze kwibagirana burundu.

Mu rwego rwo kubungabunga uwo murage ushobora kuzimira, abashakashatsi b'Inteko y'Umuco begereye abasheshe akanguhe n'abakiri bato ariko bafite ubumenyi bwihariye, babasiganuza amateka ya hamwe mu hantu ndangamurage kugira ngo yandikwe. Ibi babihuje n'ibisanzwe byaranditswe kugira ngo bivemo amakuru yuzuye, ubuvivi n'ubuvivure bwacu buzayasange. Ngiyo intandaro yo kwandika iki gitabo.

### c) Ingeri z'ahantu ndangamurage havugwa muri iki gitabo

Ahantu ndangamurage havugwa muri iki gitabo hari mu ngeri enye. Ingeri ya mbere ni ahantu ndangamurage h'amateka: ni ahabereye ibintu byibukwa mu mateka y'u Rwanda. Inkuru zihavugwa ni impamo, si ibitekerezo cyangwa imigani. Ingeri ya

kabiri ni ahantu ndangamurage ushingiye ku muco: ni ahavugwa mu bitekerezo cyangwa imigani. Inkuru zihavugwa n'abazivugwamo akenshi biba bitarabayeho, cyangwa se bikaba byarabayeho ariko bikitirirwa ibintu bitangaje, byakuririjwe nkana. Ingeri ya gatatu ni ahantu ndangamurage havumbuwe ibisigaratongo: ni ahagaragaye ibisigaratongo byatumye tumenya imibereho y'ababisize. Inkuru zihavugwa ni ukuri n'ubwo zitanditse mu bitabo by'amateka cyangwa ngo zivugwe mu ruhererekane nyemvugo. Zishingiye ku bushakashatsi bwimbitse bwakozwe n'abahanga biga amateka y'ahantu bashingiye ku bimenyetso bicukuwe mu butaka. Ingeri ya nyuma ni ahantu ndangamurage kamere: ni ahantu karemano hafite ubwiza nyaburanga cyangwa undi mwihariko, Abanyarwanda, baba abakurambere cyangwa abariho ubu, batagize uruhare urwo ari rwo rwose mu kuhagira uko hameze ubu.

## d) Isoko y'ibiri muri iki gitabo

Iki gitabo kigizwe n'amakuru yatawe hirya no hino mu Gihugu n'abashakashatsi b'Inteko y'Umuco. Bagendaga baganira n'abakambwe, abakecuru ndetse n'abandi bafite icyo bazi ku hantu ndangamurage hakorwagaho ubushakashatsi. Nyuma yo gushungura ibyavuzwe n'abatanze amakuru, byahujwe n'ibyari bisanzwe byanditse mu nyandiko zitandukanye, biruzuzanya. Ku hantu amateka yaho yari asanzwe azwi neza kandi yaranditswe, twahisemo kongera kwandika ayo mateka uko yanditse kubera impamvu ebyiri: abanditsi bo hambere, cyane cyane Alexis Kagame na Aloys Bigirumwami banditse ku mateka n'umuco by'Abanyarwanda inkuru nyinshi zikibukwa kandi zivugwa muri rubanda. Ikindi, twashatse kubungabunga umwimerere w'izo nkuru banditse twirinda ko zikomeza kuvugwa mu buryo butandukanye.

Icyakora hari ahantu hake twasanze n'abakuze batakibuka ibyaho neza, cyangwa ababizi bikagorana guhura na bo kuko batakihatuye. Aho byagenze bityo, abashakashatsi bagize amahirwe yo kubona amakuru yanditse cyangwa atunganyijwe ku buryo bw'amajwi n'amashusho aba ari yo bakoresha.

Urutonde rw'abantu baduhaye amakuru ari muri iki gitabo ruri ku mugereka wa kabiri.


## e) Imiterere y'iki gitabo

Iki gitabo kigizwe n'inkuru zicukumbuye ku hantu ndangamurage 107 hari hirya no hino mu Gihugu. Buri Karere k'u Rwanda gafitemo ahantu harenze hamwe hakorewe ubushakashatsi, amateka yaho akandikwa. Kigizwe rero n'imitwe itanu, buri mutwe ukaba ugizwe n'ahantu ndangamurage handitsweho muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali. Aho byashobotse kandi, buri hantu ndangamurage hagaragazwa n'ifoto yaho kugira ngo n'utarahagera agire ishusho y'uko hari hameze igihe ubushakashatsi bwakorwaga. Ku mpapuro za nyuma z'igitabo hari urutonde n'imibare ndangahantu (*GPS coordinates*) byerekana aho aho hantu ndangamurage haherereye n'ubutumburuke bwaho (reba umugereka wa gatatu).

Twizeye ko uburyo iki gitabo cyanditsemo butazanyura abasomyi gusa bafite inyota yo kumenya umurage w'u Rwanda, ahubwo buzanorohereza abashaka kuwukoresha mu bikorwa by'ubukerarugendo, iby'ubushakashatsi ndetse no mu burezi.




*Ikarita y'u Rwanda mbere y'ubwigenge*




*Ikarita y'u Rwanda mu wa 2012*




UBURASIRAZUBA

# UMUTWE WA MBERE: UBURASIRAZUBA

### 1.1. Urutare rwa Ngarama

Urutare rwa Ngarama ruherereye mu Mudugudu wa Ibare, mu Kagari ka Ngarama, mu Murenge wa Ngarama, mu Karere ka Gatsibo, mu Ntara y'Uburasirazuba. Kera hitwaga mu Ndorwa. Ni urutare rugari cyane, rugaragaraho ibirenge bita ko ari iby'Umwami Ruganzu II Ndori. Abasheshe akanguhe baruzi neza bavuga ko amateka y'urwo rutare ari aya kera cyane ahayinga ikinyejana cya 16 mu gihe cy'uwo mwami. Gusa kugira ngo rwitwe Urutare rwa Ngarama byo byabayeho nyuma ya Ruganzu, kuko Ngarama rwitiriwe ngo yaba yarabayeho mu kinyejana cya 18 cyangwa 19.



*Uruhande rumwe rw'Urutare rwa Ngarama*

Ubundi umwami yari atuye i Gatsibo k'imitoma y'Abazirakumungwa, agaturwa amakoro yazanirwaga n'abagaragu be baturutse hirya no hino mu Gihugu. Abagaragu batuye mu gice cy'Umutara baje kugira ikibazo gikomeye, ntibaba bakizana amakoro ibwami kuko igisiga kitwaga Saruhara rwa Nkomokomo, umwami w'ibishwi n'ibisiga cyabategeraga mu nzira kikayabambura ndetse bamwe kikanabica. Bituma umwami atongera guturwa ikoro riturutse muri ako gace.

Umunsi umwe ibwami bari mu nkera y'imihigo, umwami aza kubaza impamvu abanyamutara batakimutura amakoro. Abari barumvise iyo nkuru babwira umwami bati: "Hariya hari igisiga kitwa Saruhara mwene Nkomokomo ni cyo cyayogoje ibintu. Uretse kuba cyambura amaturo yawe, n'abagaragu bayazanye kirabica." Ni uko umwami agwa mu kantu. Abari aho bose banoza umugambi wo kuzica Saruhara.

Babwira umwami bati: "Nyagasani uzashake ingabo tujyane na zo tujye kwica Saruhara". Umunsi umwe ingabo zirahaguruka zitera Saruhara, igisiga kirazitsemba nticyasiga n'umwe wo kujya kubara inkuru. Umwami abimenye arababara cyane.

Ibwami barongera barateranа bati: "Ko Saruhara iyogoje igihugu, ko ingabo zayiteye ikazitsemba, koko dukureyo amaso umwami ntiyongere guturwa ikoro ryo mu Mutara! Havamo umugabo umwe witwaga Ngarama akoma yombi ati: "Nyagasani njyewe icyo gisiga nzakica". Abari aho baramuseka cyane, bati: "Sigaho kubeshya umwami." Bati: "Ese ubundi wakica ute?" Ngarama arabasubiza ati: "Njye nzi uko nzabigenza." Nuko yungamo ati: "Mumbagire inka y'ingumba, mumpe uruhu rwayo rubisi, mumpe impiri, umuheto n'imyambi, ubundi mureke ngende."

Inka barayibaga, Ngarama afata rwa ruhu rukijojoba amaraso, yenda impiri y'icyuma, afata umuheto n'imyambi ashyira nzira ajya aho Saruhara yategeraga abaje ibwami. Ahageze ajya hejuru y'urutare, yisasira rwa ruhu akinjika itako afashe impiri mu ntoki, ikindi gice cy'uruhu arakiyorosa. Ibisiga bihageze biramwegera, ariko bitahwa n'ubwoba, byanga kumurya; bijya kubwira Saruhara biti: "Hariya hari umupfu ariko twatinye kumurya." Saruhara izana n'abagaragu bayo barimo Sakabaka kugira ngo birire uwo mupfu.

Ibisiga bihageze, Saruhara ibwira Sakabaka iti: "Sakabaka ko nkuziho ubutwari wagiye kurya uriya mupfu." Sakabaka iramwegera iramwitegereza, igiye kumushonda ibona Ngarama ijisho ararigaranzuye. Iragaruka ibwira Saruhara iti: "Databuja nariye umupfu i Bunyabungo, murya mu Rukiga, murya mu Buganza, murya mu Murera, murya mu Mutara w'i Ndorwa; ariko uriya mupfu wapfanye agahiri n'agahinda ntaho ndamurya. Ndamuretse sinamurya, umbabarire cyangwa se abe ari wowe unyiyicira".

Saruhara itegeka ibisiga byari aho byose kurya uwo mupfu, ariko byose biratinya, ikimwegereye cyose kikaza cyunga mu rya Sakabaka. Saruhara ihetura abagaragu bayo biranga birananirana, maze yishyiramo akanyabugabo iti: "Sinaba nkamwe kandi ndabagaye ntimukwiye kwitwa abagaragu ba Saruhara mwene Nkomokomo umwami w'ibishwi n'ibisiga. Reka ngende murye mwese mureba, kandi nimara kumurya mwese ndabatsemba mba ndoga Nkomokomo."

Saruhara imanuka yarara, yegera wa mupfu, Ngarama aba yayibonye ayikubita impiri mu cyubi arakivuna, Saruhara yihonda hasi. Ava muri rwa ruhu ikiri hasi ayikoma impiri ku ijosi, irikunkumura yikoza hejuru igira ngo imushinge urwara. Ngarama akora mu mutana afata umwambi, aratamika arafora arayirasa yikubita hasi, irapfa!

Ngarama yohereza intumwa ibwami ijya kuvuga iyo nkuru. Ibwami bamwohererza abantu baheka Saruhara, Ngarama agenda abashoreye bajya kuyerekana i Gatsibo. Umwami abibonye ashima Ngarama ndetse aramugororera, na we abona guturwa aratunganirwa.

### 1.2. Utubindi twa Rubona

Utubindi twa Rubona turi mu cyahoze ari Ubuganza hafi ya Kiramuruzi. Aho duherereye ubu ni mu Mudugudu wa Tubindi, mu Kagari ka Rubona, mu Murenge wa Kiziguro, mu Karere ka Gatsibo kari mu Ntara y'Uburasirazuba. Utu tubindi ngo twafukuwe n'Umwami Ruganzu II Ndori ari kumwe n'ingabo ze.

Mu mpera z'ikinyejana cya 16 igihugu cy'u Bunyabungo cyategekwaga na Nsibura Nyebunga cyacuze umugambi wo gutera u Rwanda, ndetse kibishyigikirwamo n'u Bugara bwategekwaga na Nzira ya Muramira. Umwami w'u Rwanda, Ndahiro II Cyamatare amenye ko agiye guterwa yihutiye guhungisha umwe mu bahungu be wagombaga kuzamusimbura ku ngoma ari we Ndori[1] kugira ngo atazagwa mu maboko y'umwanzi mu gihe Cyamatare yari kuba atsinzwe. Kuva ubwo Ndori yagiye kubunda i Karagwe kwa nyirasenge Nyabunyana wari wararongowe n'umwami waho Karemera Ndagara.

Nk'uko bivugwa n'umwanditsi w'amateka Alexis Kagame (1972:89-90), irage rivuga guhungisha Ndori no kuba ari we wagombaga gusimbura se ku ngoma, Cyamatare yarikoreye ku Mukingo wa Nyanza, aribwira Abaryankuna kandi abategeka kuzaryubahiriza nyuma y'itanga rye. Avuye ku Mukingo, Cyamatare yimukiye mu Cyingogo ari na ho ingabo za Nsibura zamusanze zimutsinda i Rubi rw'i Nyundo.

Ndahiro II Cyamatare amaze gutanga u Rwanda rwagiye mu kangaratete, igice kimwe cyarigaruriwe n'u Bunyabungo, ikindi gitegekwa n'abavandimwe ba Cyamatare bari baranze kumuyoboka. U Rwanda rwabaye muri ayo mage imyaka irenze 11, ariko umwe mu Baryankuna witwaga Kavuna ka Mushimiye yari yarakomeje kujya ajya gusura Ndori akamumenyesha aho Igihugu kigeze.

Nsibura Nyebunga amaze gutanga, Abaryankuna, mu ibanga rikomeye, batumye kuri Ndori ngo aze yime ingoma ya se. Bohereza Kavuna ngo abe ari we ujya kubimubwira nk'uko yari asanzwe ajya kumumenyesha n'andi makuru. Abundutse, Ndori yaherekejwe n'abantu yizeraga gusa bayobowe na Muyango wa Ruhinda wavaga inda imwe n'umwami wa Karagwe, Karemera Ruhinda.

1 *. Ndahiro II Cyamatare yari afite abahungu babiri ari bo Ndori na Kibogo. Ndori yahungishirijwe i Karagwe, Kibogo asigarana na se.*

Bageze ku mugezi w'Akagera, Ndori yategetse abasare kwambutsa abo bari kumwe uretse Kavuna (Kagame 1972:98) kuko indagu zari zarabimubujije. Kavuna na we abibonye atyo, yenda umuheto n'icumu rye abivunira ku ivi aterera mu mazi na we arabikurikira kubera agahinda kenshi yari agize!

Ndori n'abari bamuherekeje bahuriye n'abiru bari baje kumwimika i Gatsibo (mu Ndorwa) aba ari na ho yimira, yitwa Ruganzu II Ndori. Nyuma yishakiye umugabekazi w'umutsindirano witwaga Nyirarumaga wari utuye i Gihogwe mu ibanga rya Jari – kuko nyina umubyara yari yaraguye mu Miko y'abakobwa (soma ibyabereye mu Miko y'Abakobwa ku rupapuro rwa...). Umugabekazi Nyirarumaga yamenyekanye cyane nk'umugore w'umusizi; dore ko ari na we wahimbye igisigo bwa mbere. Guhera ubwo, ibisigo bisimbura ibinyeto! Ingoma y'ingabe ya Ruganzu II Ndori yari Nangamadumbu, nyuma ayisimbuza Karinga (Kagame 1972:98-99).

Ruganzu II Ndori amaze kwima ingoma yaciye amateka atatu agaragaza ko u Rwanda rwakomeje kuzirikana Karagwe nk'igihugu cyabundishije umwami warwunamuye. Yategetse ko:

- Izina "*Karemera*" – ubundi ryari iry'abami b' i Karagwe – ryongerwa ku rutonde rw'amazina y'ubugabe mu Rwanda;
- U Rwanda rutazigera rutera Karagwe;
- Abami b'i Karagwe baba abajyanama badasanzwe b'abami b'u Rwanda (Kagame 1972:98).

Nta gushidikanya ko Ruganzu II Ndori ari we mwami wabaye ikirangirire cyane kurusha abandi bami b'u Rwanda. Ibi bigaragazwa n'ibintu byinshi bitandukanye Abanyarwanda bakimwibukiraho kugeza ubu. Bimwe muri ibyo ni uko yahoreye se akigarurira Ijwi n'u Bugara; ndetse yica abahinza benshi yigarurira impugu zabo zari zikikije u Rwanda. Kumenyekana kwa Ruganzu bifite ishingiro kuko yakuye Igihugu mu mage kirongera kiba igihangange, kandi aracyagura arenza imbago aho ba sekuru bazishinze.

Kubera ubwo butwari Ruganzu II Ndori yagaragaje hari byinshi bimwitirirwa muri iki gihe bisa n'ibitangaza cyangwa amayobera. Mu bimwitirirwa harimo n'Utubindi twa Rubona bivugwa ko twafukuwe na we. Abakuru basiganura amateka y'utwo tubindi bavuga ko ubwo batahaga mu Rwanda baturutse i Karagwe, Ruganzu n'ingabo ze baraye i Rubona mu Buganza. Bahageze bafite inyota, nuko Ruganzu yenda icumu rye arishinga mu butaka afukura intango 12 zose zuzura amazi, baranywa. Kugeza magingo aya izo ntango ziracyahari n'ubwo zigenda zangizwa n'isuri ndetse n'imirimo y'amaboko ya muntu ikorerwa ku butaka ziteretseho. Icyakora n'ubwo izo ntango zishushe nk'ibibindi binini bifukuye mu ibuye rikomeye kandi bikaba bigoye kumenya undi waba warabikoze niba atari Ruganzu koko, inkuru z'ibintu nk'ibyo bitangaje bimwitirirwa biri hirya no hino mu Gihugu twe twazita ibitekerezo bya rubanda aho kuzifata nk'amateka y'impamo!



*Kamwe mu tubindi twa Rubona bivugwa ko twafukuwe n'Umwami Ruganzu II Ndori*

### 1.3. Ryamurari

Ryamurari ni ahantu haherereye mu mpinga y'umusozi wa Mukama mu karere kitwaga Ndorwa mbere y'umwaduko w'abazungu. Aho hantu ubu ni mu Mudugudu wa Bitabo, Akagari ka Bufunda, Umurenge wa Mukama, Akarere ka Nyagatare, mu Ntara y'Uburasirazuba. Muri iyo mpinga ni ho hari umurwa w'abami b'i Ndorwa mbere y'uko impugu

yabo yigarurirwa n'u Rwanda mu kinyejana cya 17 ku ngoma ya Cyirima II Rujugira (Pauwels 1958:220).

Nubwo Ryamurari yari isanzwe ivugwa mu mateka y'u Rwanda, yamenyekanye cyane nyuma yo kuhavumbura ibihome[2] (*earthworks*) abatware (cyangwa abami) bo mu Ndorwa bari batuyemo (Van Noten 1983: 48-49). Ahandi ibihome nk'ibyo byavumbuwe muri aka Karere k'Ibiyaga Bigari ni i Bigo (mu majyaruguru ya Ankole) muri Uganda (Connah, 1989: 225).

Kugera mu wa 1960, impinga ya Mukama ntiyari ituwe kuko abaturage bahatinyaga, abakuru bakavuga ko Gahaya – umwami wa Ndorwa – yahasize imihamuro ye. Nk'uko bivugwa n'abasheshe akanguhe batuye kuri uwo musozi, Gahaya yari umushambo. Yari atunze inka nyinshi, iriba ryazo ari Bwunyu bwa Ngugu. Umugore we yitwaga Nyiragahaya, bari barabyaranye abana batandatu barimo Nyirabarera, Nyiramukiga, Nkandayijuru na Nyirankengeri. Gahaya yaje gutandukana na Nyiragahaya, aguma mu mpinga ya Mukama, naho umugore we ajya kwiturira mu ibanga ry'uwo musozi ahitwa mu Rugarama. Nyuma yo gutandukana, Gahaya yahaye Nyiragahaya inka zizamukamirwa ariko amubuza kuzishora ku iriba rihiye rya Bwunyu bwa Ngugu.

Nyiragahaya abonye ko nta handi azabona amazi y'amakera i Mukama, yigiriye inama ajya i Karagwe (ubu ni muri Tanzaniya), azana ibibwana by'intare bibiri arabicirira kugira ngo atere ubwoba Gahaya amureke ashore ku iriba rye. Intare zimaze gukura Nyiragahaya yashoye kuri rya riba, Gahaya abimenye ararakara cyane ategeka abagaragu be kumufata bakamumuzanira hamwe n'inka ze. Umugore agikubita amaso abo bagaragu yashumuye intare zirabica, zirara no mu mashyo ya Gahaya zica inka nyinshi. Abonye ibibaye yagize ubwoba, ahungira muri Ankole kuko yatinyaga ko Gahaya azihorera. Gayaha inka zimaze kumushiraho na we yarimutse yigira i Karagwe k'Abahinda, dore ko ngo n'abakurambere be ari ho bari barakomotse[3].

Uretse inkuru nk'izo z'uruhererekane nyemvugo twabwiwe n'abakambwe b'i Mukama, abanditsi b'amateka batandukanye na bo bemeza ko abami ba Ndorwa bari Abashambo, ikirangabwoko cyabo (*totem*) ari intare. Umwami wa nyuma wategetse iyo mpugu mbere yo kwigarurirwa n'u Rwanda ni Gahaya II Muzora, mwene Murari wa Nyakajunga (Pauwels, 1958:220, Kagame 1972). Icyakora aba banditsi bo ntibavuga ko Gahaya yagiye i Karagwe, ahubwo bavuga ko yishwe n'ingabo z'u Rwanda.

U Rwanda rwigaruriye Ndorwa mu mpera z'ikinyejana cya 17 cyangwa mu ntangiriro z'ikinyejana cya 18 ku ngoma ya Cyirima II Rujugira. Icyo gihe Ndorwa yategekwaga na Gahaya II Muzora, ingabo ze ziyobowe na Nyabarega. Ingabo z'u Rwanda zatsinze iza Ndorwa zari ziyobowe n'igikomangoma Ndabarasa ndetse na Kamari ka Gahurira. Zatsinze zimaze kwica Gahaya n'umuhungu we Rubunda wagombaga kumusimbura (Kagame, 1972:152).

Ubushakashatsi bw'amateka ashingiye ku bisigaratongo "*archaeology*" (Noten 1983:48-49, 149-153) na bwo bwavumbuye ibimenyetso byinshi bigaragaza ko Umwami Gahaya ndetse na se Murari bombi batuye aho mu mpinga ya Mukama. Bimwe muri ibyo bimenyetso ni amatongo 18 ari muri iyo mpinga yari atuwemo hagati y'ikinyejana cya 17 n'icya 18. Arindwi muri ayo matongo byari ibihome (*earthworks*) bikikijwe n'imigunguzi ifite ishusho y'ingo igizwe n'amabuye, amase n'ibyondo, ifite uburebure buri hagati ya metero 1,5 na 2,5. Igihome kinini muri ibyo cyari gifite umurambararo wa metero 48, gikikijwe n'umukingo ufite uburebure bwa metero 2,5 bikaba bikekwa ko ari ho hari ingoro y'umwami, naho ayo matongo yandi yari ay'ibyegera n'abagaragu be.

Ikindi kimenyetso cy'ubwami bwa Ndorwa kikigaragara i Mukama nubwo na cyo kiri mu marembera ni iriba ry'inka za Gahaya ryitwaga Bwunyu bwa Ngugu. Ubu iryo riba riri mu nkuka z'igishanga cya Mukama bahingamo umuceri. Uko amazi agenda aba make muri iryo riba, rimeramo ibyatsi byo mu gishanga n'abahinzi bakarushaho kurisatira. Abakozi b'Inteko y'Umuco barisuye mu w'2014 ariko rigaragara ko ryari mu marembera.

2 . *Igihome (earthwork) ni ahantu abatunzi barundaga amabuye, ibyondo n'amase bigakora umukingo murenure umeze nk'urugo ruzengurutse amazu batuyemo. Uwo mukingo wabafashaga mu bwirinzi bwabo ndetse n'inka zabo.*

3 . *Ikiganiro na Iyamurenye Phillippe, ku wa 16/12/2016.*



*Rimwe mu matongo ari mu mpinga ya Mukama ahari hatuye abami b'i Ndorwa*

Uretse ibyo bihome kandi byari byarubatswe kubera umutekano w'abami ba Ndorwa hamwe n'uw'ibintu byabo cyane cyane inka, izina "*Ryamurari*" ubwaryo rigaragaza ko mu mpinga ya Mukama ari mu itongo rya Murari ari we se wa Gahaya.

Igice kimwe cya Ryamurari ubu cyubatseho ikigo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye cya Bufunda, ikindi ni amasambu y'abaturage. Icyakora abahatuye baganiriye n'abashakashatsi b'Inteko y'Umuco bavuze ko abenshi bateye ibiti by'imigorora (imihati) muri ayo masambu kugira ngo imitsindo n'imiterekero yahakorewe hagituwe n'abami ba Ndorwa itabagiraho ingaruka zikomeye.

### 1.4. Ingando y'Umwami Mutara III Rudahigwa i Mimuri

Ingando Umwami Mutara III Rudahigwa yari yaraciye i Mimuri ihereyeye mu karere cyera kitwaga Umutara w'i Ndorwa. Iyo ngando yubatse hafi y'isoko rya Rebero, iri mu Mudugudu wa Rebero, Akagari ka Rugari, Umurenge wa Mimuri, mu Karere ka Nyagatare, Intara y'Uburasirazuba.

Umutara utaraturwa cyane, igice kinini cyawo cyari umukenke ari icyanya cyahariwe umuhigo. Umwami Mutara III Rudahigwa yakundaga kujyayo arambagira Igihugu, agiye gusura ikiraro cy'inka ze cyari i Nyagatare (ku Cyarudahigwa) cyangwa se na we agiye mu muhigo dore ko yawukundaga cyane. Kuko atashoboraga kugenda ngo atahe uwo munsi kubera intera iri hagati y'Umutara na Nyanza, yari yaraciye ingando i Mimuri akaba ari yo araramo. Iyo ngando yubatswe hagati ya 1940 na 1950 n'ubu iracyahari. Igizwe n'amazu atanu yegeranye afite ishusho z'inzu za kinyarwanda ariko yose yubakishije amabati y'ibyuma kuva hasi kugera hejuru. Kugira ngo adashyuha mu gihe cy'izuba cyangwa agakonja cyane mu gihe cy'imbeho, hejuru y'amabati hari ibyatsi by'inkorogoto ziranze. Inkike yaho ngo yari yubatse neza cyane, abakozi bagahora bayivugurura cyane cyane iyo umwami yabaga yitegura kuhaza. Bimwe mu biti byari kuri iyo nkike nubu biracyahari. Ibihasigaye ni umunyinya umwe n'ibiti by'imishashi bibiri by'inganzamarumbo.

Bamwe mu babonye Rudahigwa yaje i Mimuri barimo umukambwe Miruho[4] bavuga ko umwami yazaga mu modoka ye, akahasanga abatware barimo Ryumugabe na Kabuto ka Gahwegege bamwiteguye. Uretse guhiga no kuganira n'abatware bo muri ako karere, ngo aho i Mimuri Rudahigwa yanahabonaniraga na rubanda, abamuregeye akabacira imanza.



*Ingando y'Umwami Mutara III Rudahigwa i Mimuri*

Iyo yabaga ari mu muhigo, Rudahigwa yakoreshaga imbunda kandi agahigana n'abahigi b'abakogoto b'aho mu Mutara. Abamenyekanye mu bahigi bakundaga guhigana na Rudahigwa ni Byandagara na Mutembe. Iyo Umwami atabaga ari i Mimuri, abanyanzu be bacumbikiraga urujya n'uruza rw'Abanyarwanda bajyaga cyangwa bavaga mu Bugande kubera impamvu zinyuranye.

4 . *Miruho yaganiriye n'abashakashatsi b'Inteko y'Umuco ku wa 16/12/2016, ntakibuka imyaka afite.*

### 1.5. Ubukomane bwa Nyakayaga

Ubukomane bwa Nyakayaga buri hagati y'umusozi wa Kiburara na Nyakayaga, mu Mudugudu wa Bukomane, mu Kagari ka Bukomane, mu Murenge wa Gitoki, mu Karere ka Gatsibo, mu Ntara y'Uburasirazuba. Ni ku nkengero z'aho Umutara wagabaniraga n'Ubuganza bwa ruguru. Ubu bukomane buvugwa mu mateka y'u Rwanda kubera ko abatunzi bahagishishirizaga, ariko kandi akaba ari na ho abajyaga n'abavaga guhaha i Bugande bacaga ingando bwacya bagakomeza urugendo.

Mbere y'umwaduko w'abazungu ndetse no ku ngoma ya gikoroni, abatunzi bo mu turere tw'Ubuganza n'Umutara bakundaga kuragira mu Bukomane bwa Nyakayaga, ndetse amapfa yatera abandi baturutse hirya no hino na bo bakahagishishiriza. Ibi byaterwaga n'uko imisozi ya Kiburara na Nyakayaga yameragaho ubwatsi bwiza buryohera inka, butuma zigira amata afite amavuta kandi ntihakunde kuma nk'indi misozi. Bumwe muri ubwo bwatsi ni itete, umucaca, urukemba, inyovi, ivubwe n'ishinge.

I Nyakayaga kandi hahoze iriba rihiye ryitwa Rwarukaza inka zashokaga zigahaga n'iyo ubwatsi bwabaga bwabaye buke. Inka zo muri ako karere zarororokaga cyane kuko zabaga zimye vuba kubera gushoka ayo makera[5]. Iriba rya Rwarukaza n'ubu riracyari aho ryahoze i Nyakayaga. Riherereye hagati y'imisozi ya Gikoma, Matare na Nyakayaga. Cyakora iryo riba ntirigishorwaho kuko barigomeye kugira ngo amazi yaryo akoreshwe mu buhinzi bw'umuceri mu bishanga bya Rwagitima na Ntende.

Kubera amakera n'ubwatsi bwiza, Nyakayaga na Kiburara ntizari inzuri z'abahatuye gusa, ahubwo n'abatunzi batuye kure nko mu Ndorwa, mu Bugesera, mu Gisaka no mu Bwanacyambwe barahagishiraga mu gihe cy'impeshyi. Abenshi muri abo batunzi ntibasubiraga iwabo, ahubwo barakebeshaga bagatura burundu.

Kwamamara k'ubwatsi n'amakera byo mu Bukomane bwa Nyakayaga tubisanga no mu ndirimbo *Ngarambe* yo hambere yamamaye ndetse yanasubiwemo n'abahanzi ba vuba aha; igira iti:

*"Mbese urashaka iki Ngarambe?*

*Njyewe ndashaka kugishisha*

*Mu Bukomane na Nyakayaga,*

*Oya ngwino urare, waramutse... "*

Muri iki gihe usanga imiryango myinshi ituye i Nyakayaga ikomoka ku basekuruza bahageze bagishisha, inka zihashimye barahatura. Bamwe mu batunzi twamenye bari bafite inka nyinshi i Nyakayaga kandi baje baturutse ahandi ni Rudasunikwa na bene se baturutse mu Buyaga bwa Byumba. Uwo muryango wari uhafite amashyo menshi arimo izitwaga Amarebe, Amagaju n'Amasine. Undi mutunzi wamenyekanye cyane mu Bukomane bwa Nyakayaga ni Segihene wakomotse i Rutare. Amwe mu mashyo ye yari Imbabazabahizi, Izezamahembe, Indwanira, n'ayandi.

Nubwo Kiburara na Nyakayaga byari bizwiho kuba inzuri zituma, yari n'indiri y'inyamaswa z'inkazi nk'intare n'ingwe ziberaga mu mukenke w'umuyange wahabaga. Gusa izi nyamaswa ntizateraga ubwoba abatunzi bazaga bashaka intereke n'iriba rihiye. Ni kenshi zabateraga zikabasanga mu nka, ariko bakarwana na zo bakazimenesha bakoresheje inkoni n'ibikagiro[6].



*Agasozi ka Nyakayaga ukarebeye mu Bukomane wegamiye Kiburara*

5 . *Iriba rihiye ariyo mazi y'amakera baryuhiraga inka nta munyu bongeyemo; inka zirishoka zikarinda vuba kandi zikarindira rimwe; imbyeyi zarinywa zigashira igise kandi zikayobora.*

6 *Igikagiro: ni ihembe ririmo imiti (ibyatsi) yifashishwaga mu gukumira bijyanye n'imyemerere ya kera. Iyo intare yateraga nyirinka yashyiraga umuriro muri iryo hembe, byayinukira igahunga iyo nzira.*

Uretse kuba hari urwuri ndetse hakaba n'iriba rihiye, Ubukomane bwa Nyakayaga bwamenyekanye cyane mu tundi turere tw' Igihugu kubera ko Abanyarwanda bavuye cyangwa bagiye guhaha i Bugande cyane cyane abaturutse mu bice by'i Nduga ari ho bararaga, bwacya bagakomeza urugendo.

Icyatumaga ari ho abagenzi bakunda kurara ni uko mu mukenke w'Umutara harimo inyamaswa z'inkazi, bityo bakarara hamwe kugira ngo bazirinde. Hari n'abavuga kandi ko ngo Rwabugiri n'ingabo ze na bo baba baraharaye bajya i Rwata na Gahabo.

### 1.6. Ku Cyasemakamba

Ku Cyasemakamba ubu ni mu Ntara y'Uburasirazuba, Akarere ka Ngoma, Umurenge wa Kibungo, Akagari ka Cyasemakamba, Umudugudu wa Kiruhura, ahahoze ari mu Gisaka cy'Igihunya[7]. Ni hafi y'amasangano y'umuhanda munini Kigali-Rusumo n'umuhanda werekeza mu mujyi wa Kibungo. Aha havugwa kuba haratuye umutware wo mu Basa witwaga Semakamba mwene Shumbusho ya Vuningoma ya Rwasa. Semakamba yabayeho ku ngoma y'Umwami Mutara II Rwogera ndetse na Kigeri IV Rwabugiri.

Semakamba uyu yahoze mu mutwe w'ingabo zitwa Abatsinzi; umutwe wabayeho kuva ku ngoma ya Mibambwe III Sentabyo dore ko zari n'ingabo ze zihariye (Kagame 1962: 125). Ku ngoma ya Sentabyo ndetse n'uwamusimbuye Yuhi IV Gahindiro, uyu mutwe w'ingabo watwarwaga na Vuningoma (sekuru wa Semakamba) ya Rwasa, sekuruza w'Abasa. Muri icyo gihe uyu mutwe wari ufite urugerero ahitwa i Gati hafi ya Nyawera muri Ngoma.

Semakamba tuvuga aha rero ntagomba kwitiranywa na Semakamba wundi na we wabaye ikirangirire mu mateka y'u Rwanda, ku ngoma y'Umwami Kigeri III Ndabarasa. Uyu Semakamba wundi yari mwene Busyete bwa Myuga, umutwa wari waragororewe na Cyirima II Rujugira kuko yari yarahishe umugabekazi Nyiracyirima II Kirongoro, ubwo Umwami Yuhi III Mazimpaka yari amaze kumutanga ngo yicwe.

Nyuma y'urupfu rwa Busyete, umuhungu we Semakamba yagizwe umutware w'ingabo zitwaga Abazirakubingwa, ndetse n'umutwe w'inka witwaga Ibinda I. Ku ngoma ya Mibambwe III Sentabyo, umuhungu we Rugira na we yagizwe umutware w'umutwe w'ingabo witwa Abanyoro wari warashinzwe ku ngoma ya Kigeri III Ndabarasa.

Tugarutse ku Cyasemakamba, Semakamba ya Shumbusho yahageze ari kumwe n'umutwe w'ingabo z'Abatsinzi, ubwo ingabo za Mutara II Rwogera zateraga Igisaka ndetse zikanakigarurira. Aha hari mu ntangiriro z'ikinyejana cya 19. Nyuma yo kwigarurira i Gisaka, nibwo Semakamba yatuye aho, ahatera igiti cy'umuvumu kirakura cyane, ndetse n'igihe ahaviriye, icyo giti gisigara mu itongo rye. Abantu rero bagera kuri iryo tongo bakabazanya ibyacyo na nyiracyo. Mu gusubizanya bakagira bati: "*Kiriya giti ni icya Semakamba*". Ibi byaje kugera aho abantu bakajya bavuga mu mpine bati "*Ni ku cya Semakamba*", izina rihafata rityo![8]

Usibye icyo kivumu ariko, Semakamba ya Shumbusho azwiho nanone kuba ari mu bantu bake batinyutse guhangara Umwami Kigeri IV Rwabugiri akamurega mu ruhame. Nk'uko twabivuze haruguru, ku ngoma ya Mutara II Rwogera umutwe w'Abatsinzi wategekwaga na Vuningoma sekuru wa Semakamba. Vuningoma yasize awuraze umuhungu we Bakimbagira waje gupfa ku ngoma y'Umwami Kigeri IV Rwabugiri, bityo Bakimbagira asimburwa n'umuhungu we Ngabo. Igihe Umwami Rwabugiri yari mu rugo rwe rw'i Rwamagana, umwe mu bo mu muryango wa Ngabo wari wagiranye amakimbirane n'umuryango we, yateye icumu mu nda igikomangoma Cyitatire mwene Rwabugiri, agamije kugihitana. Ibyo yabikoze ashaka ko umwami nahora azahitana abo mu muryango w'Abasa bose Ngabo yari abereye umutware. Ku bw'amahirwe Cyitatire ntiyapfuye, ariko ntibyabujije umwami guhora.

Haciye iminsi nibwo Semakamba wari wararokotse uku guhora yatanze ikirego arega uwitwa "*Rwabugiri*", amurega kuba yarahoreye umuntu utarapfuye, ibi bikaba byari bihabanye n'umuco w'u Rwanda. Aha Rwabugiri yari arezwe nk'undi munyarwanda usanzwe, ntiyari arezwe nk'umwami! Kigeri IV Rwabugiri n'abatware bari basabwe guterana mu nteko y'uru rubanza, banzuye ko uwo witwa "*Rwabugiri*" atsinzwe, bamutegeka gutanga inka, no gushyingira umukobwa we akaba na mushiki wa Cyitatire, Semakamba wari wareze (Kagame 1962:126).

7 *Igisaka cyarimo ibice bitatu: Hari Igisaka Migongo, Igisaka cy'i Gihunya, n'Igisaka Mirenge.*

8 *Ikiganiro na Nikomwise Déogratias, Ngoma, tariki ya 18/12/2016.*

Ku Cyasemakamba ubu nta kimenyetso gihari kigaragaza ko Semakamba yahatuye. Ikivumu cyahahoze cyahakuwe mu wa 1959[9] ariko ntibyabuza ko izina rihamaho. Kuri ubu igice kimwe cy'ahahoze itongo rye hashyizwe ikigega kinini cy'amazi, ikindi gice kirimo inzu irangurizwamo ibinyobwa by'uruganda rwa BRALIRWA. Ikindi gice ari na cyo kinini, cyubatseho inyubako z'Akarere ka Ngoma ndetse n'ikibuga cy'imikino kitiriwe Semakamba (Sitade Cyasemakamba).



*Ikibuga kiri mu itongo rya Semakamba ari na we kitiriwe (Sitade ya Cyasemakamba)*

### 1.7. Zaza

Misiyoni gatorika ya Zaza yashinzwe na Musenyeri Hirth ku ya 1 Ugushyingo 1900. Mu ishingwa ryayo yari ifite Abasaseridoti batatu ari bo Padiri Zumbiehl waje nyuma no kuba muri Misiyoni ya Mibirizi igihe kirekire, Padiri Barthélémy wari warabaye i Save, na Padiri Pouget. Mu bandi bahabaye mu minsi ya mbere y'ishingwa ryayo harimo Padiri Brard (Terebura) wahoze i Save, ndetse na Furere Anselme na we wari warabaye i Save. Ni Misiyoni ya kabiri mu Gihugu nyuma ya Save yari yarashinzwe ku wa 8 Gashyantare 1900.

Zaza iherereye mu gice cy'Igisaka kitwaga Mirenge, mu Karere ka Ngoma, Umurenge wa Zaza, Akagari ka Ruhembe. Aka gace nta gihe kinini kari kamaze kigaruriwe n'u Rwanda, ndetse abaturage bamwe b'i Gisaka bari batarayoboka neza ubuyobozi bw'i Nyanza. Ibi ni bimwe mu byo aba bapadiri bera baheragaho bavuga ko byoroheraje ibwami kwemerera Musenyeri Hirth kuhashinga Misiyoni.

Abapadiri Bera bakigera i Zaza bakiriwe na Karakawe, se wa Joseph Rukamba, akaba na sekuru wa Aloys Bigirumwami wabaye Musenyeri wa mbere w'Umunyarwanda[10]. Inzu yabo ya mbere bayishinze ku musozi wa Ruhembe. Yari inzu nto yo kwikinga imbeho n'izuba. Nk'uko byakozwe i Save, abakirisitu ba mbere bo muri aka gace bahinduwe hifashishijwe impano z'amasaro, imyenda, umunyu, n'ibindi Abapadiri Bera bifashishaga mu kureshya abaturage.

Umukirisitu wa mbere mu Rwanda, Nyirambeba Elisabeth, wakomokaga i Save yabatirijwe aho i Zaza mu wa 1903. Padiri Balthazar Gafuku, umwe mu Banyarwanda ba mbere bihaye Imana, na we yakomokaga muri Misiyoni ya Zaza. Yahawe ubusaseridoti mu wa 1917 hamwe na Donat Reberaho wakomokaga muri Misiyoni ya Save. Mu bandi bihaye Imana bakomoka muri Misiyoni ya Zaza, harimo Musenyeri wa mbere w'Umunyarwanda, Bigirumwami Aloys, wahawe ubwepisikopi mu wa 1952.

Misiyoni ya Zaza yagize uruhare rukomeye mu gutangiza ibikorwa by'uburezi, ubuvuzi, n'ubuhinzi bw'imbuto nshya nk'amacunga, indimu, amapapayi, amapera ndetse n'inanasi muri ako karere.

Mu wa 1959 Abatutsi bahigwaga bahungiye muri Kiriziya ya Zaza, baraharokokera. Ibyo ariko si ko byagenze mu wa 1994 kuko Abatutsi bahahungiye icyo gihe bahashiriye.

Kubaka Kiriziya ya mbere i Zaza ntibyari byoroshye. Abaturage bakoreshejwe imirimo y'agahato irimo kwikorera ibiti, kubumba amatafari n'ibindi. Rumiya (1986: 468) avuga ko kubera ikibazo cy'ibiti cyari i Zaza, abamisiyoneri, babifashijwemo n'ubutegetsi bw'abakoroni, baciye iteka ribuza abaturage baho gutema igiti icyo ari cyo cyose, kuva mu wa 1907 kugeza 1912. Ibi byagize ingaruka cyane cyane ku mazu y'abaturage atarashoboraga gusanwa mu gihe cy'imyaka itanu yose.

9 *Ibid.*

10 *Aloys Bigirumwami yari se wabo wa Philippe Rukamba umushumba wa Diyosezi ya Butare kuri ubu, kuko Bigirumwami yari mukuru wa Jean Baptiste Rukamba se wa Philippe Rukamba, bombi bakaba abana ba Joseph Rukamba.*



*Kiriziya ya Zaza yubatswe mu wa 1961, ubwo yari mu isanwa mu wa 2016.*

### 1.8. Isoko rya Rukira

Isoko rya Rukira riri mu Ntara y'Uburasirazuba, Akarere ka Ngoma, Umurenge wa Murama, Akagari ka Kigabiro, Umudugudu wa Kigabiro; ahahoze ari mu Gisaka Migongo. Iri soko ryacururizwagamo abacakara babaga bafashwe bunyago mu bihugu bikikije u Rwanda, ndetse n'Abanyarwanda babaga bashinjwa ubugizi bwa nabi.

Muri rusange mu Rwanda nta curuzwa ry'abacakara rikomeye ryahabaye. Gusa ntibivuze ko abacuruzi cyane cyane Abarabu n'Abaswayire batabigerageje. Arnoux (1948) atanga urugero rw'Abarabu bari kumwe n'ingabo zigera kuri 500 bagerageje kuza gushaka abacakara mu Rwanda, ariko bagasubizwa inyuma n'Abanyarwanda bakoresheje imyambi n'izindi ntwaro gakondo, mu gihe abo barabu bo bari bafite imbunda.

Mu karere k'Igisaka aho Rukira iherereye, ubucuruzi bw'Abacakara bushoborakubabwarahagaragayeahagana1890(Mujawamariya,1983). Muri rusange, Abarabu n'Abaswayire ni bo bacuruzaga abacakara. Cyakora ngo hari n'abacuruzi (abatunzi) na bamwe mu batware bo mu Gisaka baba barakoze ubwo bucuruzi[11], baguranaga abacakara imyenda n'inigi bikomoka muri Aziya n'i Burayi. Ibyo bikaba byarakorwaga Umwami Kigeri IV Rwabugiri atabishyigikiye.[12]

11 *Ikiganiro na Kanyabigega Canisius, Rukira, tariki ya 18/12/2016.*
12 *NURC, 2016: 136 - 137*

Bafataga abasore n'inkumi bakajya kubagurisha ahitwa i Gisundwe muri Tanzaniya. Abo bacakara bagurwaga n'abarabu bari baratinye kuza mu Rwanda. Mu Banyarwanda bamenyekanye mu bucuruzi bw'abacakara harimo uwitwaga Rwandabo.[13]

Icuruzwa ry'abacakara muri aka gace bivugwa ko ryacitse mu mizo y'ingoma y'Umwami Yuhi V Musinga. Icyo gihe abacuruzi bari bagifite abacakara babahinduye abaja babo kugeza igihe basaziye.

Ahahoze isoko ry'abacakara rya Rukira ubu hubatse ibiro by'Umurenge wa Murama, ni nko muri metero 500 uturutse ahubatse Paruwasi gatorika ya Rukira. Hanagaragara kandi imwe mu mazu yubatswe igihe cy'ubukoroni yakorerwagamo na adiminisitarateri w'Umubirigi wayoboraga aka karere mu myaka ya za 1940. Muri metero nka 200 uvuye ku biro by'Umurenge werekeza kuri Paruwasi, hubatse ibiro by'akagari ka Kigabiro.



*Ibiro by'Umurenge wa Murama biri ahahoze isoko rya Rukira*

Isoko rya Rukira ariko si ryo ryonyine ryavuzweho gucururizwamo abacara mu Rwanda. Urundi rugero ni isoko ryo ku Kivumu cya Mpushi, ku buryo n'ibwami ari ho bari batekereje kohereza Abapadiri Bera ba mbere bageze mu Rwanda kuko babitiranyaga n'abacuruzi b'abacakara (Muvara 1981:17).

13 *Rwandabo yari sekuru wa Kanyabigega Canisius wahaye aya makuru abashakashatsi b'Inteko y'Umuco*

### 1.9. Gahini

Gahini ni umusozi uri ku nkengero z'ikiyaga cya Muhazi, ahahoze ari mu Buganza bwa ruguru. Uyu musozi wamenyekanye cyane mu Rwanda ndetse no mu karere ruherereyemo kubera misiyoni y'Itorero ry'Abangilikani mu Rwanda (*Eglise Anglicane au Rwanda*/EAR) yahashinzwe mu wa 1925. Ahari iyo misiyoni n'ibikorwa byayo ubu ni mu Mudugudu w'Akabeza, Akagari ka Urugarama, Umurenge wa Gahini, Akarere ka Kayonza.

Nubwo Misiyoni y'abaporotesitanti b'Abangirikani ya mbere mu Rwanda bayubatse i Gahini, si ho iryo torero ryabanje mu Gihugu. Abamisiyoneri ba mbere b'Abongereza bageze mu Gisaka muri Nzeri 1922, ndetse muri Mata 1923 batangiza ishuri i Rukira ryigagamo abana b'abatware (Karimba, 2014:120). Abo bamisiyoneri baje mu Gisaka kuko icyo gice cy'u Rwanda cyari cyabaye icy'Ubwongereza guhera ku wa 1/1/1922. Icyo gihe Abongereza bashakaga kuzahacisha umuhanda wa gari ya moshi uhuza Cape yo muri Afurika y'Epfo na Kayiro mu Misiri. Icyakora Abongereza bamaze kubona ko uwo muhanda bashobora kuwucisha i Karagwe muri Tanzaniya barekuye Gisaka yongera kuba iy'u Rwanda, dore ko na Kiriziya Gatorika – yari ihagarariwe na Musenyeri Léon Classe mu Rwanda - yari yahagurukiye kugaruza ako karere (Karimba: 2014:118). Abongereza bavuye mu Gisaka mu wa 1924, itorero ry'Abangirikani ritarahashinga imizi.

***Ishingwa rya Misiyoni ya Gahini***

Nyuma y'igihe kirekire bari bamaze babisaba, mu wa 1925 nibwo abamisiyoneri ba *Church Missionnary Society* (CMS) barimo Geoffrey Holmes n'abandi bari kumwe na we bahawe uruhushya na Guverinoma y'Ububirigi ndetse n'Umwami Musinga bwo gushinga misiyoni mu Rwanda. Nyuma y'iminsi mike binjiye mu Gihugu, misiyoni ya mbere bayishinze i Gahini muri Kanama 1925. Guhera ubwo, abo bamisiyoneri bashatse umubano ku batware b'ibwami ndetse no ku mwami Musinga ubwe (Karimba, 2014:120).

Abamisiyoneri b'Abongereza ntibaje mu Rwanda bonyine. Bazanye na bamwe mu bigishwa babo bakomoka i Kabare muri Uganda ari bo Simeon Nsibambi, Blazio Kigozi, William Nagenda, Yosiya Kinuka na Kosiya Shalita. Shalita we ngo yari Umunyarwanda ukomoka i Gahini; we n'umuryango we bari baragiye muri Ankole mu mpera z'ikinyejana cya 19 bakurikiye inzuri z'inka. Aho ni ho yahuriye n'Abamisiyoneri, arabatizwa ahinduka umuvugabutumwa (Karimba, 2014:121).

Bageze i Gahini, abamisiyoneri n'abavugabutumwa ntibigishije ivanjiri gusa, ahubwo banahubatse ibikorwa remezo birimo amashuri n'ibitaro; bigisha abandi bavugabutumwa ari na bo bashinze izindi misiyoni zakurikiye Gahini zirimo iya Kigeme, Shyira na Shyogwe. Kugeza mu wa 2014, iri torero ryari rimaze kugira diyosezi 11 mu Gihugu.

Abavugabutumwa ba mbere bigishijwe n'abamisiyoneri i Gahini ntibashinze misiyoni mu Rwanda gusa, hari n'abambutse umupaka bazishinga mu Burundi; ndetse itorero rirakura rigera no muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo (RDC). Guhera igihe ryashingiwe muri ibi bihugu, itorero ry'Abangirikani ryakomeje kuba rimwe mu Rwanda, mu Burundi no muri RDC; ritandukana ku wa 07/06/1992, iryo muri buri gihugu ririgenga (Karimba 2014:122).

**Igihe cy'ububyutse**

Uretse kuba Gahini izwi nk'ahantu hubatswe misiyoni y'Abangirikani yakomotseho izindi misiyoni z'iri torero mu Rwanda no mu bihugu duturanye; hanamenyekanye cyane kubera "Ububyutse bw'Umwuka Wera/*Spiritual Revival*" bwahavuzwe nyuma y'ishingwa rya misiyoni. Ubu bubyutse bwatangiye mu wa 1933 ariko bugaragara cyane mu wa 1936. Buturutse i Gahini, ububyutse bwakwiriye mu matorero y'Abaporotesitanti yari mu Rwanda, burenga imipaka bukwira mu Karere ka Afurika y'iburasirazuba.

Ububyutse bujya gutangira, i Gahini hari abantu bakoraga imirimo y'itorero itandukanye ariko hari ubwumvikane buke hagati yabo. Muri abo harimo Pat Walter, Yosiya Kinuka, na Joe Church bakoraga mu ivuriro; Dora Skipper wari ushinzwe serivisi z'abagore; Geoffrey Holmes wari ushinzwe kwagura itorero ashinga misiyoni nshya; ndetse na Blazio Kigozi wari umuyobozi w'ishuri ry'abavugabutumwa (*catéchistes*). Ku wa 27/12/1933 aba bose bitabiriye inama yabereye i Gahini ihuza abavugabutumwa n'abarimu kugira ngo bakemure ikibazo cy'ubwumvikane buke bwari hagati yabo. Inama irangiye,

bavuga amasengesho asoza, umwe muri bo arahaguruka, yatura ibyaha bye asuka amarira menshi. Ako kanya n'abandi benshi barahaguruka bararira, barihana, humvikana urusaku rudasanzwe; birangira bose bagaragarizanya urukundo hagati yabo! Abari bateraniye aho, batashye bavuga iby'icyo gitangaza mu miryango yabo, ku ivuriro i Gahini ndetse no mu mashuri; inkuru y'ihinduka rikozwe n'Umwuka Wera ikwira mu Rwanda, by'umwihariko i Kabare ndetse no muri Uganda muri rusange. Muri icyo gihe abantu benshi mu ishuri ry'abarimu ndetse no ku ivuriro i Gahini batuye ibyaha byabo, bareka itabi, ubusinzi, ubusambanyi, ndetse n'imigenzo gakondo (Karimba 2014:124).

Nubwo ububyutse bw'i Gahini bwatangiye mu wa 1933, bwamamaye cyane muri Nyakanga 1936. Bijya gutangira, abanyeshuri bo mu ishuri ry'abakobwa bari mu masengesho, haduka induru bararirimba, bararira, baratsikimba; mbese haba urusaku rudasanzwe burinda bucya umuyobozi w'ishuri Miss Skipper yayobewe ibyo ari byo! Guhera icyo gihe ububyutse bwakwiriye mu Rwanda no mu karere ruherereyemo, ndetse abamisiyoneri Joe Church, Léonard Sharp, William Nagenda, Simeon Nsibambi, na Festo Kivengera bagendagenda henshi ku isi cyane cyane muri Amerika, i Burayi no muri Aziya, bavuga iby'Umwuka Wera wamanukiye i Gahini agatera ububyutse (Karimba 2014:124-125). Mu bitabo bitandukanye bibuvugaho – ibyinshi biri mu rurimi rw'Icyongereza – ububyutse bwatangiriye i Gahini buzwi nka *East African Revival*.[14]

I Gahini ni ho hari icyicaro cya diyosezi ya Gahini. Hari kiriziya nini yubatse ku buryo bugezweho, ibitaro binini n'amashuri yo hambere. I Gahini kandi hari ibimenyetso by'amateka ashingiye ku iyobokamana itorero ry'Abangirikani ribungabunga kugira ngo bitazibagirana, ubu bisurwa n'abahageze.

Muri ibyo bimenyetso harimo "Inzu y'ubumwe bw'Abanyamasengesho". Ni inzu ifite ishusho y'uruziga, hasi hubakishije isima, igikuta ni amatafari ahiye, isakaje ubwatsi bw'ishinge. Ubujyahejuru bwo hagati mu gasongero kayo buri hagati ya metero esheshatu n'indwi, naho umurambararo wayo ni nka metero ndwi. Mu irebe ry'umuryango hubatse igitabo gifite ibara ry'umukara, cyanditseho amagambo yo mu rurimi rw'Ikigande avuga ngo "*Tukutendereze Yesu*", bisobanura ngo 'Reka tuguhimbaze Yesu'. Iyi nzu nubwo yavuguruwe, ngo ni yo yakorerwagamo amasengesho mu gihe cy'ububyutse dore ko n'inama bwatangiriyemo ku wa 27/12/1933 ari ho yari yabereye.[15]



*Inzu yavuguruwe y'ubumwe bw'abanyamasengesho yatangiriyemo ububyutse i Gahini mu wa 1933.*

Ikindi kimenyetso cy'amateka kiri i Gahini ni ahantu abarokore bateraga igikumwe mu gihe cy'ububyutse, basezeranya Yesu ko batazamuvaho. Umaze kwihana ni we wahateraga igikumwe, ariko ngo n'abayoboke baturutse hirya no hino ku isi bazaga kuhakorera iryo sezerano. Icyakora uko hubatse ubu si ko hari hameze mu gihe cy'ububyutse, kuko bigaragara ko hubatswe nyuma kugira ngo habe ikimenyetso kigaragara dore ko kugeza magingo aya ngo hari abarokore bakihatera igikumwe![16]

Abaturage b'i Gahini cyane cyane abakozi ba Misiyoni baganiriye n'abashakashatsi b'Inteko y'Umuco bahamya ko ibitangaza by'i Gahini ngo n'ubu bikibaho. Batanga urugero rw'igikuta cy'icyumba

14 . *Ikiganiro na Musenyeri Alexis Birindabagabo, Gahini, ku wa 19/12/2016.*

15 . *Ikiganiro na Musenyeri Alexis Birindabagabo na Jean de Dieu Hategekimana, Gahini, ku wa 19/12/2016.*

16 *Ibid.*

cy'ishuri mu Rwunge rw'Amashuri rw'aho i Gahini ngo cyasadutse mu wa 2004. Ariko mu gihe ishuri ryari rikisuganya ngo risane icyo gikuta, ngo batangajwe no kubyuka bagasanga umututu wari wiyashije wasibanganye.[17]

Nta wakwandika amateka ya Gahini ngo yibagirwe inkomoko y'iryo zina ubwaryo. Uwo musozi ubundi ngo witwaga Kimuga. Umunsi umwe umwami w'u Rwanda – rubanda rutibuka uwo ari we – ageze i Rukara atambagira Igihugu, yumva urusaku rw'amajwi yikiranya ku musozi wo hakurya ntiyasobanukirwa ibyo ari byo. Abajije rubanda rwari hafi ye, rumubwira ko urusaku yumva ari urw'imihini y'abahinzi b'i Kimuga bahura amasaka dore ko ngo yaheraga cyane! Umwami ariyamirira ati: "Uriya musozi si Kimuga, ahubwo ndumva ari Gahini; izina rifata ubwo! Nguko uko Kimuga yabaye Gahini kugeza magingo aya![18]

### 1.10. Urwobo rwa Bayanga

Urwobo rwa Bayanga cyangwa se mu Rwabayanga ni mu Ntara y'Uburasirazuba, Akarere ka Bugesera, Umurenge wa Mayange. Rwabayanga iri hagati mu ishyamba ry'ikigo cya gisirikare cy'i Gako, hakaba bugufi cyane y'umupaka w'u Rwanda n'u Burundi; ahahoze ari mu gihugu cy'u Bugesera. Igice cy'amajyaruguru y'u Bugesera kigaruriwe n'u Rwanda ku ngoma ya Mibambwe III Sentabyo, mu gihe igice cy'amajyepfo cyari cyarigaruriwe n'u Burundi.

Rwabayanga ni urwobo bamwe bavuga ko rwacukujwe n'umugabo witwaga Bayanga wari umugaragu w'Umwami Kigeri IV Rwabugiri, ubwo uyu mwami yari hafi yaho ahitwa i Rugenge (reba inyandiko kuri Rugenge ku rupapuro rwa...). Abandi bavuga ko Bayanga yari umutasi w'umurundi ku ngoma ya Yuhi III Mazimpaka, mu gihe hari n'abavuga ko Bayanga uwo yari nyirarume wa Nsoro, umwami w'u Bugesera, akaba yararuguyemo agerageza guhungisha inka za mwishywa we Abanyarwanda bashakaga kunyaga. Hari n'abavuga ko ryaba ryari iriba risanzwe bagiye bavugurura kugera igihe ribereye rirerire ku buryo ritacyuhirwa.[19]

17 . *Ibid.*

18 . *Ikiganiro na Jean de Dieu Hategekimana, Gahini, ku wa 19/12/2016.*

19 *Ikiganiro na Rwasamirera Jean Damascène, Rwamagana, tariki ya 19/12/2016.*

Amakuru avugwa kuri uru rwobo ari ukwinshi. Nk'urugero, abasiganuzi baduhaye amateka y'uru rwobo ntibemeranya ku gihe uwo Bayanga yaba yarabereyeho, nk'uko batanemeranya ku burebure bw'urwo rwobo: bamwe bati: "Ni rurerure ku buryo ruhinguka mu kiyaga cya Rweru; abandi na bo ngo: "Ruhinguka muri Cyohoha"; ngo: "Rwahozeho amajanja y'imbwa za Ruganzu II Ndori"; abandi ngo: "Muri urwo rwobo habamo inzoka y'uruziramire ishobora kuba yamira inka yose"; n'ibindi.

Bamwe bavuga ko Bayanga yari umugaragu w'Umwami Kigeri IV Rwabugiri, bigeze aho mu Bugesera hatera izuba ryinshi, inka zibura amazi, abantu na bo babura amazi, ibihe biba bibi. Bayanga aza kwigira inama afukura iriba mu nzu ye, ari na ryo ryaje kuba urwobo rwamwitiriwe. Bayanga akajya yuhira inka ze n'iwe ntihabure amazi yo kunywa, kandi ibwami bo barashobewe. Bayanga yari yarabujije abantu be kugira uwo bamenera ibanga ry'aho bakura amazi. Bukeye umwami yoherezayo umugore we ngo ajye gutata amenye uko kwa Bayanga bo babigenza ngo amatungo yabo amere neza, n'ababo ntibagire umwuma. Umugore aragenda ageze kwa Bayanga aganiriza umugore we, aramubwira ati: "Twe twaragowe twabuze amazi tugiye kuzira umwuma", ati: "Nk'ubu inyota yanyishe". Undi ati: "Reka ndebe ko naguha amazi yo kunywa". Afata urukebano adaha amazi aramuha.

Umwamikazi akaba yarabutswe aho bakura amazi, aragenda abwira Rwabugiri ati: "Kwa Bayanga baragomye, bafukuye iriba mu nzu ni ryo ribaha amazi". Rwabugiri ahita ategeka ko Bayanga afatwa n'abe bose, ariko inshuti za Bayanga zimuburira ko yatanzwe. Afata amatungo ye n'abe bose, ati: "Iri ryari ivubiro none ndarivumye ribaye irohero! Kuva ubu uzajya akora ibyaha bajye bamuroha aha"! Yirohamo n'ibye byose, n'imvura ihita igwa mu Bugesera.[20]

Hari n'abavuga ko Bayanga yabayeho ku ngoma y'Umwami Yuhi III Mazimpaka. Ngo igihe uyu mwami agiriye ikibazo cy'uburwayi bwo mu mutwe, umwami w'u Burundi yarabimenye, maze acura umugambi wo kumutera. Nibwo yohereje umutasi we Bayanga kujya gutata mu Rwanda. Bayanga ariko ntibyamuhiriye kuko yaje gutahurwa, maze Umwami Mazimpaka yiyemeza kumuha igihano. Niko kumuha isuka

20 *Ikiganiro na Munyaruka Cléophas, Bugesera, tariki ya 21/12/2016.*

y'umujyojyo, amuha n'ingabo zo kumugenza, maze aramutegeka ati: "*Sinkwishe, genda maze nugera aho ushobora kubona iwanyu i Burundi, uhagarare aho maze ucukure umwobo nuhinguka iwanyu i Burundi uzigendere*"!

Bayanga aragenda, ageze mu Bugesera abona i Burundi, nuko aratangira aracukura! Bishyize kera, ingenza zibyutse mu gitondo, zibona urwobo rwuzuye amazi, zibura Bayanga, ziyoberwa n'aho ayo mazi aturutse! Bakemeza ko ayo mazi ari aya Cyohoha, ngo kuko Bayanga yacukuye uwo mwobo, ugahinguka muri Cyohoha, akoga akambuka, akisubirira i Burundi. Bagahera aha bavuga ko aya mazi ari muri urwo rwobo ari aya Cyohoha. Kera kabaye mu Rwanda bumvise inkuru ko Bayanga yageze iwabo, Abanyarwanda bibaza uko yabigenje barumirwa; ariko kuko urwobo yacukuye rwagaragaraga ni ko kurumwitirira, bati: "Ni *Urwobo rwa Bayanga*". Izina rirafata kuva ubwo kugeza magingo aya!

Muri urwo rwobo rwa Bayanga harohwaga ibyigomeke n'abakobwa batwaye inda z'indaro. Mu Rwanda rwo hambere, iyo umukobwa yatwaraga inda y'indaro, yaroherwaga. Aha ni na ho hagiye hakomoka amazina nka "*urutare rw'abakobwa*", "*Uturwa tw'abakobwa*" n'ayandi.

Mu Bugesera ho rero abakobwa batwaraga iz'indaro, ndetse n'abakobwa b'impenebere, barohwaga mu Rwobo rwa Bayanga. Abakobwa b'impenebere[21] baraziririzwaga ngo kuko bashoboraga gukenya basaza babo.

Ingero zabaroshywe mu Rwobo rwa Bayanga nk'abagome mu bihe bya mbere y'ubukoroni na zo ni nyinshi. Ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro, umwami abifashijwemo n'igikomangoma Semugaza, Gatarabuhura warwaniraga ingoma yarafashwe, arohwa muri urwo Rwobo rwa Bayanga. Ibi tubisanga mu gisigo cya Musare cyitwa "*Ukuri kwimutsa ikinyoma ku ntebe*". Ku ngoma ya Kigeri IV Rwabugiri, umutware Rwampembwe n'umuhungu we Nyombayire na bo baciriwe urwo gupfa baroshywe mu Rwobo rwa Bayanga. Ku ngoma ya Yuhi V Musinga, Muhunguyisoni wiyitaga Rugwe II, agafatanya n'igikomangoma Muhigirwa kwigomeka ku butegetsi bwa Musinga, yaje gufatirwa ahitwa i Nkima, na we arohwa mu Rwobo rwa Bayanga azira kuba yari yiyimitse nk'umwami. Ibikomangoma Baryinyonza na Burabyo na byo byashinjwaga gufatanya na Muhigirwa byafatiwe ahitwa i Cyinjojo bigerageza kwambuka inkiko z'u Rwanda. Bagejejwe i Kamonyi, na bo bakatirwa kurohwa mu Rwobo rwa Bayanga.

Mu zindi nkuru zivugwa ku Rwobo rwa Bayanga harimo kuba ari ho Cacana yasanze urupfu ruragiye inka! Umugani wa Cacana uvuga ko yabanje kwa Bacondo, arababwira ati: "*Yemwe bene urugo, ntimushaka kubaga nkabatiza intorezo n'umuhoro, mukampa ikibaro*"? Baramukubita, aragenda, yambuka Akanyaru, ajya kwa Cakara, na ho bigenda bityo, bati: "*Inkoni ntuyizira*"! Arashogoshera n'i Bugesera, ku Rwobo rwa Bayanga, ahasanga urupfu ruragiye inka zarwo, ati: "*Yewe nyiri inka, ntushaka kubaga nkagutiza intorezo n'umuhoro, ukampa ikibaro*"? urupfu ruti: "*Ndabishaka*".

Cacana ararubwira ati: "*Nguriza inka yo kubaga*". Urupfu ruti: "*Ngiyo ndayikugurije*". Cacana atwara inka y'urupfu i Gitisi na Nyamagana. Igihe agiye kuyikubita intorezo, ahusha mu cyico, aboneza mu kuguru.

Ahamagara umwana we ati: "Ngwino hano umfashe". Umwana araza, Cacana agiye gukubita intorezo ayiboneza ku ijosi ry'umwana, aramwica, inka na yo irapfa!

Urupfu rubwira Cacana ruti: "*Nyishyura inka yanjye wa kagabo we*"! Icyo gihe inkono yari ihiye, Cacana ayikubita ku mutwe ati: "*Henga nzagusigire urupfu*"! Arakumanukira no mu Misizi ya Musumba. Aratura, arakaraba ngo arye, urupfu ruramubwira ruti: "*Ujya kurya akanjye arabanza akanyishyura*". Umuhungu muzima arahaguruka, arikorera, afumyamo. Ageze i Gitwiko na Rukambura, arakaraba ngo arye, urupfu ruti: "*Bu...*", Cacana ati: "*Pyo...*"!

Agutahira i Runda na Gihara, aracumbika. Ibyo kurya arabishyushya, arangije arakaraba ngo arye. Urupfu ruba rurahashinze ruti: "Nyishyura". Cacana arataraguriza, amanuka Gihara, yambuka uruzi. Aterera Bugaragara, ageze mu mpinga, aratura, arakaraba ngo arye, urupfu ruti: "Ndahari, banza unyishyure".

Cacana amanuka Bugaragara, aterera Shyorongi, yikubita mu iteme, mu Gitabage cya Mbogo na Nyabuko, aterera Kirungu, ageze mu mpinga ya Remera, aratura, arakaraba ngo arye. Urupfu ruti: "*Ujya kurya akanjye arabanza akishyura*"! Cacana abwira urupfu ati: "Reka ngusige ikirari cyume"! Amanuka Nyundo, yikubita mu Muyanza,

21 *Impenebere: umukobwa utarameze amabere.*

azamuka Zoko, ageze mu mpinga ya Zoko, ni mu Karere ka Gicumbi kuri ubu, aratura, arakaraba ngo arye, urupfu ruti: "*Ujya kurya akanjye arabanza akanyishyura! Komeza turuhanye*"!

Cacana ati: "Ndacogoye"! Aterurana n'urupfu, akirana na rwo, urupfu ruramuterura rumucinya hasi. Cacana na we araruterura no hasi ngo pii! Maze rurakotana rubura gica. Imana irahagoboka, izana inka ebyiri, iziha Cacana, Cacana na we azishyura urupfu, barakiranuka. Urupfu rubwira Cacana ruti: "*Enda noneho nkugurize inka*". Cacana arazakira. urupfu ruti "*Mpa inka zanjye*"! Cacana ahungana za nka, ariko yiruka ay'ubusa urupfu rumufata mpiri, rumugwa gitumo ruramwica. Umugani wa Cacana n'urupfu uhera utyo!

Mu mateka ya vuba aha, uru rwobo rwaroshywemo inzirakarengane z'Abatutsi igihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Ibi bikorwa bya kinyamaswa byatangiye mu wa 1959, ubwo Abatutsi bari muri aka gace bagiye bicwa bakarohwa muri urwo rwobo. Mu myaka ya za 1960, igihe cy'ibitero by'Inyenzi, Abatutsi nanone muri aka gace k'u Bugesera barishwe, imibiri yabo irohwa mu Rwobo rwa Bayanga.

Abatutsi kandi bongeye kwicwa muri aka karere k'u Bugesera guhera mu wa 1990, ubwo urugamba rwo kubohora Igihugu rwatangiraga. Abenshi mu bishwe barohwaga muri uru Rwobo rwa Bayanga. Usibye Abatutsi kandi, hari n'abataravugaga rumwe n'ubutegetsi bwa Repubulika ya mbere ndetse n'iya kabiri bishwe bakarohwa muri urwo rwobo. Uko imyaka ishira indi igataha ni ko aha hagenda hatahurwa imibiri y'abazize Jenoside, ariko hari ishobora kutazigera iboneka bitewe n'indeshyo y'urwo rwobo. Kuri ubu ni hamwe mu hantu hifashishwa mu gusobanura amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Urwobo rwa Bayanga rwagiye rusiba ku buryo rutakiri rugari nk'uko rwahoze mu bihe byashize. Ni urwobo rucukuye mu rutare, rukaba ruhoramo amazi n'ubwo mu gihe cy'impeshyi urugero rwayo rugabanuka. Abahaturiye bakoresha aya mazi buhira inka, andi bakanayakoresha mu mirimo itandukanye nko kuyabumbisha amatafari.



*Urwobo rwa Bayanga*

Izina rya Rwabayanga ryaramamaye cyane mu Gihugu ku buryo hari henshi hatoye iryo zina. Urugero ni mu Karere ka Huye mu Ntara y'Amajyepfo, hafi y'ahubatse isoko rya kijyambere, hahoze hajugunywa imyanda.

### 1.11. Itongo rya Nyirabiyoro mu Mubari

Mu Mubari ari ho mu Mazinga ni igice cy'u Rwanda kiri mu burasirazuba bwarwo, ubu akaba ari mu cyanya cy'Akagera. Umubari wigaruriwe n'u Rwanda ku ngoma ya Cyirima II Rujugira, bikozwe n'umuhungu we Ndabarasa. Icyo gihe Umubari cyari igihugu kigenga cyategekwaga n'umwami witwaga Biyoro, umugabekazi (ari we nyina) ari Nyirabiyoro (Kagame, 1972:152). Ariko hari n'abavuga ko u Rwanda rwaba rwarigaruriye u Mubari Cyirima Rujugira atakiriho, icyakora bakemeza ko umuhungu we Kigeri III Ndabarasa ari we wawigaruriye koko amaze kuba umwami. Ndabarasa yigarurira u

Mubari yari yatabaranye na Kamari ka Gahurira bafite imitwe itanu y'ingabo.

Hamaze kwigarurirwa n'u Rwanda, mu Mubari hagiye huma buhoro buhoro, abaturage na bo bagenda basuhuka, u Rwanda ntirwaba rukihaha agaciro kanini. Ni yo mpamvu nubwo hari hafashwe na Kigeri III Ndabarasa, Umubari wakomeje kuba impugu yigenga kugeza mu ntangiriro z'ikinyejana cya 20, u Rwanda rwongera kuwutegeka nyuma y'Intambara ya Mbere y'Isi Yose (NURC 2016: 94).

Mu mateka y'u Rwanda ashingiye ku ruhererekane nyemvugo, u Mubari uvugwa cyane mu gitekerezo cy'Ibimanuka, icya Nyirabiyoro ndetse n'icya Nyirarucyaba. Ibi bitekerezo turabivuga mu bika bikurikira.

**Igitekerezo cy'Ibimanuka**

Mu bitekerezo by'Abanyarwanda, u Rwanda rwahanzwe na Gihanga kandi ni na we mwami abami b'u Rwanda bakomokaho. Gihanga akomoka ku bimanuka byamanutse mu ijuru bigwa mu Mubari wa Kabeja w'umuzigaba. Ibyo bimanuka ni Sabizeze – ari na we Kigwa – mwene Nkuba, umuvandimwe we Mututsi, ndetse na mushiki wabo Nyampundu. Bitwa ibimanuka kubera ko baguye mu Mubari baturutse mu ijuru.

Nkuba yari atuye mu ijuru, ari umwami waho, afite abagore benshi. Mu bagore ba Nkuba hari uwitwaga Gasani utarabyaraga. Umunsi umwe haza umukobwa witwa Impamvu asaba Gasani kumugira umuja we, Gasani arabyemera na we amusezeranya kuzamwitura ikintu kimushimisha. Hashize igihe Impamvu asaba nyirabuja ko bashaka ahantu hiherereye bakahatereka igicuba kinini bazajya babuganizamo amata mu ibanga. Bafata igicuba cy'umurinzi kinini bagitereka ahantu hihishe, bakakibuganizamo amata buri munsi mu gitondo na nimugoroba, hashira amezi icyenda. Rimwe bagiye kubuganiza amata mu gicuba nk'uko bisanzwe basanga harimo uruhinja, barukuramo rwitwa Sabizeze. Nkuba yabanje kwanga kwemera ko Sabizeze ari umwana we, ariko hashize igihe aramwemera.

Sabizeze amaze kuvuka, nyina wa Gasani yaje gusura umukobwa we ndetse amubaza ukuntu yabyaye nyuma y'igihe yari amaze atabyara. Gasani amusobanurira uko Impamvu yabigenje. Baganira, umwe mu bagaragu bo mu rugo yarabumvirije, kandi nyuma ni na we wamennye iryo banga.

Sabizeze amaze gukura akamenya ko atari mwene Nkuba, yigiriye inama yo kuva muri icyo gihugu. Abibwira mwene se Mututsi na mushiki wabo Nyampundu na bo bemera kujyana na we. Sabizeze na bene se bafata umugaragu w'umutwa n'umugore we, ndetse n'amatungo – ingabo n'ingore kuri buri bwoko – ari yo mfizi Rugira n'isumba yayo Ingizi; isekurume y'intama Rugeyo n'inyagazi Mudende; impwerume Ruzunguzungu n'imbwakazi Rukende; isake Rubika n'inkokokazi Mugambira. Bashyira nzira, Sabizeze akubita hasi inyundo ye yitwaga Rushara ijuru riratoboka bamanukana amatungo n'umugaragu wabo bagwa ku Rutare rw'Ikinani ruherereye ku musozi wa Binaga mu Mubari wa Kabeja. Uretse amatungo, ibimanuka byanamanukanye imbuto ubu zihingwa mu Rwanda, bimanukana n'umuriro; ndetse ni na byo byazanye imyuga ine yahoze ari ingenzi mu Rwanda rwo hambere. Iyo myuga ni ubucuzi, ububaji, ubukannyi n'ubuhigi (NURC 2016:74-75).

Bigeze hasi, ibimanuka byacanye umuriro abaturage ba Mubari bahurura baza kureba aho umwotsi uturuka. Sabizeze arabahumuriza ababwira ko baturutse mu ijuru ariko ko ari amahoro. Kabeja wategekaga Umubari abaha umusozi wa Binaga ngo bawutureho kuko ari na wo bari baguyeho. Sabizeze yahise arongora mushiki we Nyampundu babyarana umwana w'umukobwa amwita Sukiranya. Kugira ngo Mututsi na we abone umugore, bagiye inama na Sabizeze, Mututsi yambuka umugezi aba umwega wa kurya, Sabizeze aba umwega wa kuno; amushyingira Sukiranya nk'aho batakigira icyo bapfana. Mututsi na Sukiranya babyaranye abana b'abahungu batatu aribo Serwega, Mukono na Muha.

Umuhungu ukomoka kuri Sabizeze witwa Kazi yaje kuzarongora umukobwa w'umuzigabakazi ukomoka kuri Kabeja, babyarana umwana bamwita Gihanga ari na we waje kuzahanga u Rwanda akaba na sekuruza w'abami b'Abanyiginya. Gihanga yashinze umurwa we i Buhanga bwa Nyakinama, aremesha ingoma y'ingabe ayita Rwoga yasimbuwe na Karinga.

## Nyirabiyoro

Nyirabiyoro yari atuye mu birwa biri mu Kiyaga cy'Ihema, ahitwa mu Mazinga. Kigeri III Ndabarasa ajya gutera Umubari abaho barabimenye, umwami waho atuma kuri Ndagara ya Ruhinda wategekaga Karagwe amusaba kuzahisha Nyirabiyoro ndetse n'umwana we kugira ngo ingabo za Ndabarasa zitabica. Kubera ubucuti bari bafitanye, Ndagara yemeye kuzabahisha ndetse ategura ingabo n'intwaro nyinshi byo kurwana n'Abanyarwanda mu gihe baba bakurikiye Nyirabiyoro i Karagwe.

Ingabo za Ndabarasa zimaze kwica Biyoro, Nyirabiyoro yahaye umuja umwana we aramuheka burira igiti kinini cyari ku nkombe z'ikiyaga bakihishamo, abagaragu bakajya babagemurira ibyo kurya no kunywa. Ariko mbere yo gutera, Ndabarasa yari yararaguje indagu zigaragaza ko hari umwana w'umwami uzahishwa mu giti kandi na we akaba yaragombaga kwicwa kugira ngo Abanyarwanda bigarurire Umubari nta nkomyi.

Ubwo ingabo zarwaniraga mu mato aho muri ibyo birwa byo mu Mazinga, wa muja wari uhetse umwana bari mu giti yabonye amato ageze hafi y'aho bari bari ashaka kurunguruka ngo arebe aho ayo mato yerekeje. Ingabo za Ndabarasa ziramubona zimurasa umwambi umufata mu mpanga ahubukana n'umwana bombi barapfa. Nyirabiyoro amenye ko umwana yapfuye ahungira i Karagwe yihisha kwa Ndagara ya Ruhinda, aho ingabo zamukurikiranye zikamugarura mu Rwanda akaza kuhagwa yishwe n'Ibigina bya Ndabarasa. Mbere y'urupfu rwe, Nyirabiyoro yahanuye byinshi ku Rwanda, ndetse n'ubu hari Abanyarwanda bemera ko indagu ze zari ukuri.

## Igitekerezo cya Nyirarucyaba

Nyirarucyaba ni umukobwa wa Gihanga cyahanze u Rwanda. Gihanga yari afite abagore babiri: Nyamususa na Nyirampirangwe. Umugore mukuru yari Nyamususa w'Umusingakazi wo kwa Jeni ya Rurenge, akaba nyina wa Nyirarucyaba kandi abahungu yabyaye ni bo bakomotseho abami b'u Rwanda n'ab'ibindi bihugu byari bituranye na rwo nka Ndorwa na Bugesera. Nyirampirangwe yari umugore muto akaba ari we nyina wa Gashubi na Gafomo.



*Ibiti by'imivumu biri mu itongo rya Nyirabiyoro mu Mubari*

Nyirampirangwe atwite Gafomo, abahigi b'ibwami bishe impwi barayibaga uruhu rwayo bararubamba. Nyirampirangwe abonye urwo ruhu ararukunda arivugisha ngo ruruma ryari arwanure. Nyirarucyaba aramwumva amusubiza ko urwo ruhu rutari urwe ahubwo rwari urwa nyina Nyamususa. Baterana amagambo Nyirampirangwe na we amubwira ko ari urwe. N'umujinya mwinshi, Nyirarucyaba ashingura rumwe mu mambo zari zibambye urwo ruhu arukubita ku nda ya mukase yikubita hasi araraba. Inda yari atwite ivamo, Nyirampirangwe arapfa ariko uruhinja yari atwite barwitaho rubaho, umwana akuze bamwita Gafomo kuko nyina yafomojwe amubyara.

Abonye ibyo akoze, Nyirarucyaba yagize ubwoba arahunga, akarara aho bwije ageze, kera kabaye agera mu Mubari ahasanga Kazigaba aramurongora barabana. Nyirarucyaba ageze mu Mubari yahasanze inka, atangira kunywa amata atari ayazi ariko yumva ni meza. Nyuma yaje kumenya ko Gihanga arwaye kandi agiye gupfa, ajya kumusura amushyiriye amata. Gihanga ayanyoye yumva araryoshye kandi aherako akira. Abaza umukobwa we aho yayakuye aramusobanurira, Gihanga amusaba kuzamuzanira icyo gikoko bayakamyemo.

Nyuma Nyirarucyaba yongera kumenya ko sekuru ubyara nyina ari we Jeni rya Rurenge yarwaye. Na we amushyira amata y'inka y'inyombyi yitwaga Nzobya. Jeni asomye ku mata we yamuguye nabi cyane ndetse aherako arapfa. Mu gihe bari mu ihubi bitegura kumushyingura, Nyirarucyaba afata ingoma y'ingabe y'Abasinga yitwaga Mpatsibihugu yari aho kwa sekuru ayishyira Gihanga. Se arishima cyane amugororera ibintu byinshi. Mu byo yamugororeye yanamwemereye kuzitirirwa abamukomokaho. Ni yo mpamvu abana Nyirarucyaba yabyaranye na Kazigaba batitiriwe se ahubwo bakitwa Abacyaba. Icyakora hari n'ikindi gitekerezo kivugwamo Nyirarucyaba ku musozi wa Kabuye uherereye mu Karere ka Gakenke.

Kubera ko Jeni yishwe n'amata y'inka y'inyombyi, byabaye umuziro mu basinga nta we ushobora korora inka ifite iryo bara. Ndetse byabaye igitutsi mu Rwanda hose, uwanze undi aramutuka ngo arakanywa Nzobya![22]

### 1.12. Ku Cyarudahigwa

Ku Cyarudahigwa hahoze ari mu karere k'Umutara hakaba haritiriwe ikiraro Umwami Mutara III Rudahigwa yari ahafite yororeragamo inka ku buryo bwa kijyambere. Ahahoze icyo kiraro ubu ni mu Mudugudu wa Nsheke, Akagari ka Nsheke, Umurenge wa Nyagatare, Akarere ka Nyagatare, mu Ntara y'Uburasirazuba. Hafi y'icyo kiraro ni ho ibiro by'Akagari ka Nsheke byubatse, kandi ni na yo sambu kubatsemo. Nubwo cyasenywe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994, ibisigisigi by'icyo kiraro birimo ibikuta bihagaze n'ibyuma byari bifashe igisenge cyacyo biracyagaragara aho cyari cyubatse.

Amaze kwima ingoma, Umwami Mutara III Rudahigwa yagaragaje ishyaka ryo guharanira imibereho myiza y'Abanyarwanda bose ariko imigambi ye igakomwa mu nkokora n'ubutegetsi bwa gikoroni. Guhera mu wa 1946, ariko cyane cyane nyuma ya 1950, niho yatangiye gushyira mu bikorwa zimwe mu ngamba zikomeye yari afite. Uko abantu biyongeraga amasambu yabaga mato, umwami atangira gushishikariza abantu korora inka nkeya ariko zitanga umukamo mwinshi.

22 *Ikiganiro na Rwasamirera Jean Damascène, Rwamagana, tariki 21/12/2016*



*Ibisigisigi by'ikiraro cy'inka z'Umwami Mutara III Rudahigwa i Nyagatare*

Guhera mu wa 1949, yategetse ko inyambo ziva mu nzuri zaragirwagamo zikajyanwa mu Mutara kuko ari ho hari hakiri inzuri nini, aho zaragirwaga arahatanga. Icyo gihe mu Mutara hajyanywe amashyo y'inyambo aturutse mu nzuri zayo zari hirya no hino mu Gihugu harimo Inyangamutsindo, Ingaju, Urugaga, Ingirikirwa, Ingeri, n'izindi. Zigeze mu Mutara, inzuri z'izo nyambo zari i Nsheke, Barija, Gasinga ndetse n' i Kabare.[23]

Muri icyo gihe kandi Rudahigwa yashishikarizaga abaturage gutura heza kandi neza mu mazu ya kijyambere ndetse no kororera mu biraro. Ni muri urwo rwego yatangije umushinga w'ikitegererezo i Ntete hafi ya Kiramuruzi, ahakatira abantu amasambu angana, abayatuyemo bubakirwa amazu ya kijyambere ndetse n'ibiraro bororeramo. Nyuma ya Ntete, umushinga nk'uwo yanawukoze i Rutare hakurya y'umugezi w'Umuvumba.

Uretse gushishikariza rubanda korora no guhinga kijyambere, Rudahigwa ubwe yabahaye urugero, arabanza yubaka ikiraro i Mututu agishyiramo Ingeri (soma amateka ya Mututu ku rupapuro rwa.....); mu wa 1956 yubaka ikindi i Nyagatare ku musozi wa Nsheke na ho ahororera kijyambere. Umwami atangiye korora kijyambere, yashatse guca inyambo amahembe ngo abe ari zo yororera mu biraro abiru

23 *Ikiganiro na Nsanganira François, Nyagatare, tariki ya 17/12/2016.*

baramubuza bamubwira ko byamukenya; ahubwo bamugira inama yo gushaka inkuku akaba ari zo yorora atyo. Ng'uko uko yaguze inyankore bazica amahembe azishyira mu biraro! Icyatumye ahitamo inyankore ngo ni uko zigira inkokora ngufi n'umubyimba mwiza. Mu kiraro cy'i Nsheke yashyizemo ibintu byose inka zikenera kugira ngo zibeho neza ku buryo uretse kuharishiriza, hari n'ibibumbiro zinyweramo. Zari zifite abashumba bo kuzahirira no kuzikenura, bayobowe n'abatahira barimo Kabagema, Bigaba na Ruhanamirindi.[24]

Amata y'izo nka za Rudahigwa n'ay'iz'abandi bashakaga kuyagurisha yakusanyirizwaga ku ikaragiro ry'i Nyagatare abaturage bitaga *Ku Ilitiro*, agatunganywa akagurishwa ari inshyushyu, ikivuguto cyangwa amavuta. Icyakora mbwo hari Abanyamutara bari batangiye korora kijyambere babirebeye kuri Rudahigwa barimo Shefu Ryumugabe ndetse na Gatondwe wari igisonga i Nyagatare; hari abatunzi batabikozwaga ahubwo batangira kwigira i Bugande bakurikiye inzuri ngari.[25]

Inka Rudahigwa yari afite mu Mutara, zaba izari mu kiraro i Nsheke cyangwa inyambo, zariwe mu gihe cy'imvururu zakurikiye itanga ry'umwami mu wa 1959. Abashumba bake ni bo bashoboye guhungisha inyambo bari baragiye bazijyana muri Uganda.[26]

### 1.13. Ibigabiro bya Rwamagana

Aho abami babaga batuye ku ngo zabo bakundaga kuhatera ibiti nk'imivumu cyangwa ibihondohondo, batanga cyangwa se bahimuka bikahasigara biranga ko hari hatuwe n'umwami. Aho umwami atabarijwe ari ho hitwa umusezero, na ho haterwaga ibiti na byo bikitwa ibigabiro.

I Rwamagana ahitwa mu Bigabiro hari urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri. Rwamagana yari mu Gisaka mbere y'uko kigarurirwa n'u Rwanda mu kinyejana cya 18. Mu gihe cy'ubukoroni yari igice cy'u Buganza bw'epfo. Aho urugo rw'umwami rwari rwubatse ubu ni mu Mudugudu wa Bigabiro, Akagari ka Cyanya, Umurenge wa Kigabiro, mu Karere ka Rwamagana, Intara y'Uburasirazuba.

24 *Ikiganiro na Rwamushayija Jacques, Nyagatare, tariki ya 17/12/2016.*
25 *Ibid.*
26 *Ikiganiro na Nsanganira Francois, Nyagatare, tariki ya 17/12/2016.*



*Ahahoze urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri i Rwamagana*

Ibigabiro bya Rwabugiri byahoze i Rwamagana byari byinshi kandi ari binini cyane, byatemwe nyuma y'Intambara ya Mbere y'Isi Yose. Byatemeshejwe n'abapadiri bubaka Misiyoni ya Rwamagana babifashijwemo n'umutware witwaga Rwabutogo rwa Kabare ka Rwakagara wategekaga u Buganza bw'epfo.

Mu gihe cyo kubaka Misiyoni ya Rwamagana amatafari yabumbiwe mu kabande ko mu Rwikubo, ariko kubona inkwi zo kuyatwika biragorana kuko mu Buganza nta mashyamba menshi yari ahari uretse ibiti byubakishwaga ingo nk'imivumu, imiyenzi n'imiko. Rwabutogo wari umuyoboke wa Kiriziya Gatorika asaba uburenganzira Umwami Mutara III Rudahigwa, atemesha ibyo bigabiro bya Rwabugiri aba ari byo batwikisha ayo matafari.

Ikizwi cyane kuri urwo rugo Rwabugiri yari afite mu Buganza ni uko ari ho yarongoreye umugore witwaga Nyirandabaruta wa Sendirima (Kagame 1975:48); uyu akaba ari we babyaranye Sharangabo wari utuye i Mwurire hakurya ya Rwamagana. Sharangabo ni we wakiriye umudage Von Gotzen n'abari bamuherekeje mu wa 1894 abayobora kwa se wari i Kageyo mu Kingogo. Sharangabo yapfuye mu wa 1926 (Kagame 1962:126).

## 1.14. Nkungu

Nkungu iherereye mu karere kahoze ari u Buganza bw'epfo. Ubu ni mu Mudugudu wa Kiryango, Akagari ka Nkungu, Murenge wa Munyaga, mu Karere ka Rwamagana, mu Ntara y'Uburasirazuba. Uyu musozi wamenyekanye cyane mu mateka y'u Rwanda guhera mu kinyejana cya 15 ku ngoma ya Ruganzu I Bwimba ubwo yahicirwaga yagiye kuba umucengeri mu Gisaka (reba inkuru kuri Sasabirago, urupapuro rwa...).

Aho Ruganzu I Bwimba yatangiye hameze igiti cy'umuguruka kirakura kiba inganzamarumbo, kandi abantu bakagitinya kuko cyameze aho umwami yatangiye. Nyuma y'igihe kirekire, icyo giti kirasaza kigwa hasi kirahaborera. Igihe abakozi b'Inteko y'Umuco basuraga aho hantu muri Mutarama 2017, biboneye igishyitsi bivugwa ko ari icy'icyo giti kikigaragara, ndetse hari n'ikindi giti cy'umuguruka kinini kandi kirekire bivugwa ko cyashibutse ku muzi w'icyo cyahoze aho umwami yatangiye.



*Igishyitsi cy'igiti cy'umuguruka cyameze ahaguye Ruganzu I Bwimba i Nkungu*

Uretse kuba haratangiye Ruganzu I Bwimba atabariye Igihugu, i Nkungu ni na ho Mudirigi yari atuye. Mudirigi uwo ni we wari uyoboye *Imbogo* ari zo ngabo za Kimenyi IV Getura, umwami w'i Gisaka, igihe u Rwanda rwahagabaga igitero cya mbere ku ngoma ya Cyirima II Rujugira. Ingabo zagabye icyo gitero zari Abakemba bayobowe na Sharangabo rya Rujugira. Muri icyo gitero ni ho u Rwanda rwigaruriye u Buganza n'u Rukaryi.[27]

## 1.15. Munyaga

Munyaga ni umusozi uri ku nkengero z'aho u Rwanda rwagabaniraga na Gisaka mbere y'uko rwigarurira icyo gihugu mu kinyejana cya 19 ku ngoma ya Mutara II Rwogera. Ingabo zabaga ziri ku rugerero zirinze inkiko z'u Rwanda zabaga mu mpinga y'uwo musozi, zituye mu itaba rihari.

Cyirima II Rujugira yimye ingoma u Rwanda rugiye kujya mu kaga kuko kuva ku ngoma ya Yuhi III Mazimpaka bimwe mu bihugu byari bituranye na rwo bitaruciraga akari urutega ndetse byaranogeje umugambi wo kurwigarurira. Ibyo bihugu byari Gisaka mu burasirazuba, Ndorwa mu majyaruguru, Burundi na Bugesera mu majyepfo. Kugira ngo akome uwo mugambi mu nkokora kandi arinde ubusugire bw'u Rwanda hatagira ubuvogera, Rujugira yahereye ko aca iteka ritegeka imitwe y'ingabo kujya ku rugerero ikarinda inkiko z'Igihugu ku buryo buhoraho. Nguko uko urugerero rwatangiye!

Ni muri icyo gihe kandi uwo mwami yavuze ngo: "*U Rwanda ruratera ntiruterwa*".

Ku ikubitiro, Rujugira yohereje Abakemba ku rugerero bayobowe n'umuhungu we Sharangabo kugira ngo bakumire Kimenyi IV Getura n'Imbogo ze bababuze gutera u Rwanda. Ibirindiro by'izo ngabo zabishinze mu mpinga ya Munyaga aho zari zitegeye Gisaka neza. Kuva ubwo uwo musozi watangiye kumenyekana mu mateka y'u Rwanda, Abakemba bahatura burundu hamwe n'imiryango yabo. Nyuma ya Sharangabo, Ndabarasa na we akiri igikomangoma yabaye kuri urwo rugerero rw'i Munyaga ari kumwe n'Abakemba. Bamwe mu buzukuruza b'Abakemba baracyatuye i Munyaga kandi na bo biyita abakemba nubwo uwo mutwe w'ingabo utakibaho kuko wasenyutse

27 *Ikiganiro na Kurunusange Déogratias, Rwamagana, tariki ya 21/12/2016.*

mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi hamwe n'indi mitwe y'ingabo yahoze mu Rwanda[28].

Mu mpinga y'uwo musozi ari na ho ngo hahoze urugerero, hitwa mu Nkamba kuva icyo gihe kugeza magingo aya![29] Ubu ni mu Mudugudu wa Kigabiro, Akagari ka Kaduha, Umurenge wa Munyaga, Akarere ka Rwamagana. Hari itaba rifite ubugari buri hagati ya hegitari 10 na 15, ririmo umunara muremure ukoreshwa mu itumanaho, isoko n'ikigega kinini cy'amazi akoreshwa n'abatuye kuri uwo musozi ndetse no mu nkengero zawo. Uhahagaze aba yitegeye i Kabarondo n'utundi dusozi twinshi dukikije i Munyaga turimo akitwa Nkamba, Ruramira, Bugambira, Ruyonza, na Nyamirama.



*I Munyaga mu Nkambi ahahoze urugerero rw'Abakemba*

### 1.16. Humure

Humure ni umusozi wirengeye uri hagati ya Nyagisozi, Kageyo ya Gatsibo, Remera, Kirwa na Muhura. Mu Rwanda rwo hambere aho hari mu karere k'u Buganza, ariko ubu ni mu Mudugudu wa Kigabiro, Akagari ka Kigabiro, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gatsibo, mu Ntara y'Uburasirazuba. Mu mpinga ya Humure hari urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri. Indi mirwa Rwabugiri yubatse muri ako karere ni Gatsibo y'Imitoma ndetse na Rwamagana.

28 . *Ikiganiro na Kurumusange Déogratias, Rwamagana, tariki ya 21/12/2016.*
29 . *Ibid.*

Abasheshe akanguhe basiganura amateka ya Humure bavuga ko Umwami Ruganzu II Ndori ari we wayise iryo zina ubwo yari ahageze arambagira Igihugu akaharuhukira. Aho Ruganzu yaruhukiye ni ku rutare ruri mu ibanga ry'uwo musozi ahitwa Ryanjero, hari n'iriba ryitwa rityo.



*Ikigabiro gisigaye i Humure ahahoze urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri*

Ibigabiro by'i Humure byari bigihari kugeza mu gihe cy'ubukoroni; ariko ubu byarashaje hasigaye kimwe gusa bavuga ko na cyo cyari ku rugo rw'umwami. Icyo kigabiro ni igiti cy'umuganashya abanyahumure bita Ruganiriro kuko ngo ari cyo bakeshaga inzoga y'inziramvuzo (ubuki). Muri icyo kigabiro ngo bagikagamo imizinga ikinjira vuba kandi ikera cyane.

Hafi yo mu bigabiro i Humure hari ikindi giti kinini kandi kirekire cyane abaho bitaga Ndaruhutse cyayoboraga abaturutse kure, by'umwihariko Abanyarwanda bavuye guhaha i Bugande. Umukambwe watubwiye amateka ya Ndaruhutse ni Murefu Ladislas wavutse mu nzara ya Rwakayihura (1928-29) na we ngo wakundaga kujya guhaha i Budande aturutse i Humure. Abanyarwanda bavuye i Bugande batazi inzira

neza batangiraga kuyoboza bageze mu Mutara, abaho bakabereka umusozi wa Humure wagaragazwaga n'icyo giti Ndaruhutse, bakaza bakirangamiye ntibayobe. Uvuye muri izo nzira ngo yatangiraga kubona Humure ageze i Kaborogota. Nyuma icyo giti cyagushijwe n'umuyaga bitewe n'umuriro abashumba bagicanagamo.

Hari abavuga ko Ndaruhutse wari umuvumu w'umurengarutare wamezemo ikigorogoro ari cyo gihondohondo. Ngo watewe ari igiti cy'umutsindo w'u Rwanda rwashakaga gutsinda Nyirabiyoro wari utuye mu Mubari wa Kabeja[30].

Ku ngoma y'Umwami Mutara III Rudahigwa i Humure hari igikingi cy'ishyo ry'inyambo zitwaga Intabangira zari zishinzwe umutware Ryumugabe. Mbere yo kuhazana iryo shyo ry'inyambo, Ryumugabe yabanje kuharagira inka yari yaragabanye i Gituza zitwaga Impezamihigo, abonye ari urwuri rwiza arazihakura bahazana inyambo. Ni koko rero ngo hameraga ubwatsi buryohera inka cyane cyane inyovi, uruhihi n'ivubwe. Twibutse ko inyambo zitarishaga aharagiwe andi matungo nk'ihene cyangwa inkuku. Intabangira zabyariye uburiza n'ubuheta i Humure, nyuma zirimuka zijya i Murambi n'i Nduba.

### 1.17. Rugenge

Rugenge ari na yo Kigabiro cya Rugenge iri mu Ntara y'Uburasirazuba, Akarere ka Bugesera, Umurenge wa Gashora, Akagari ka Ramiro, Umudugudu wa Kagasa. Aha hari urugo rwa Kigeri IV Rwabugiri, kandi ni na ho honyine mu Bugesera hatuye umwami w'u Rwanda.[31]

Muri uru rugo Umwami Kigeri IV Rwabugiri yari ahatungiye umugore w'umurundikazi witwaga Murerwa wa Ngwije. Murerwa yari yarazanye mu Rwanda na musaza we Cyoya nyuma yo kwigomeka ku mwami w'u Burundi agahungira mu Rwanda. Cyoya ntiyaje wenyine kuko yazanye n'ingabo yari ayoboye zitwaga Inyange. Ageze mu Rwanda Umwami Rwabugiri yaramutonesheje cyane, ndetse anamugira umwe mu batware bakomeye mu Gihugu. Nyuma ariko Rwabugiri yaje gushyingira Murerwa umuhungu we Sharangabo.

I Rugenge ahahoze urugo rwa Rwabugiri ubu hasigaye igiti gito cy'umuvumu bari baratemye kiza gushibuka. Ahari urwo rugo ubu hubatse uruganda rukora ibyuma (*fer à béton*). Nko mu birometero bibiri uvuye aho, mu murenge wa Rweru, akagari ka Nemba, umudugudu wa Rutete, hari ahitwa ku Kavure ka Rwabugiri, aho inyana ze zashorwaga. Ni iriba rito bivugwa ko ryafukujwe n'Umwami Rwabugiri, bityo riramwitirirwa. Aka kavure n'ubu karakifashishwa n'aborozi bo muri ako karere mu kuhira inka zabo. Inka nkuru zo ngo zashokaga ku iriba rya Nyirarubomboza.[32]



*Ikigabiro cya Rugenge*

Aho uwo Murundi Cyoya yagabiwe n'Umwami Rwabugiri akahatura, yahise Kintambwe. Intambwe ni ijambo ry'Ikirundi risobanura Intare, dore ko ako karere karimo inyamaswa nyinshi z'ishyamba zirimo n'intare. Kintambwe ubu ni Akagari ko mu Murenge wa Rweru urimo n'iriba rya Rwacyoya bivugwa ko ryafukujwe n'uwo Cyoya.

### 1.18. Kagisaka

Kagisaka ni umusozi uherereye mu Ntara y'Uburasirazuba, Akarere ka Ngoma, Umurenge wa Kibungo, Akagari ka Mahango,Umudugudu wa Gisaka. Ako gasozi kazwiho kuba ariko ubwami bwa Gisaka bwahereyeho bwaguka, nk'uko agasozi kitwa i Rwanda muri Gasabo ari ko ubwami bw'u Rwanda na bwo bwatangiriyeho bwaguka.

30 . *Ikiganiro na Murefu Ladislas na Rwampungu Yohani, Humure, tariki ya 19/12/2016.*
31 *Ikiganiro na Rwasamirera Jean Damascene, Rwamagana, tariki ya 19/12/2016*
32 *Ikiganiro na Gatari Eliezer, Bugesera, tariki ya 21/12/2016.*



*Kagisaka*

Kuri ubu Kagisaka icamo umuhanda wa kaburimbo uva i Kigali, ugaca i Ngoma werekeza ku Rusumo; iherereye mu birometero bitandatu uvuye ku Cyasemakamba. Iyo uhagaze ku Kagisaka uba witegeye umujyi wa Kibungo wose. Usibye uduti duke tw'imivumu tuhagaragara, nta kindi kimenyetso gihari gifatika cyafasha kumenya amateka ya Gisaka, ahubwo hakorerwa ibikorwa bitandukanye by'ubuhinzi bw'ikawa, ibigori, n'urutoki.

Mu mpinga z'aka gasozi hari agace kitwa ku Karutaneshwa. Rutaneshwa witiriwe aho yari umutware wasimbuye Kanuma, atwara ako karere kugera mu wa 1959, bityo aho yari atuye kuri uyu musozi haramwitirirwa.[33]

### 1.19. Rwabanyoro

Rwabanyoro ni impinga y'umusozi wa Nyamurindira uherereye mu Ntara y'Uburasirazuba, Akarere ka Kirehe, Umurenge wa Nasho, Akagari ka Ntaruka, Umudugudu wa Nyamurindira, ahahoze ari mu Gisaka cy'Imigongo. Ni umusozi uzwi muri aka gace kubera ko haguye Abanyoro bageragezaga gusimbuka bahunga urugamba barwanaga n'i Gisaka. Aha hari mbere y'uko i Gisaka kiba u Rwanda, bigakekwa ko iki gitero cyaba cyarabereye rimwe n'icyo Abanyoro bagabye ku Rwanda ku ngoma ya Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I[34].

33 *Ikiganiro na Nikomwise Deogratias, Ngoma, tariki ya 18/12/2016.*
34 *Ikiganiro na Rwakirayi Christophe Colomb*

Nyamurindira yari umworozi wari utungiye inka nyinshi kuri uwo musozi, ari na byo byatumye umwitirirwa. Abanyoro bamaze gutsindwa urugamba, bashatse guhunga banyaze inka za Nyamurindira. Ariko bageze kuri uwo musozi bamaze gusumbirizwa, bagwa mu manga ihari umuntu atabona iyo uturutse mu i Rasaniro aho barasaniraga. Dore uko iyi nkuru twayibariwe na Rwakirayi Christophe: "*Ni ahantu harehare cyane, natwe kera ino aha hakiba imbogo, twazihindiraga kuri uriya musozi zikamanuka zose zigashira. Umunyoro umwe na we rero yarahamanutse agwayo, abasigaye hejuru baramuhamagara ngo bamenye ko yageze yo, imisozi iririrangira bagira ngo ni we usubije, na bo baramukurikira*".



*Umusozi wa Rwabanyoro*

Nyamurindira ubwayo ni agasozi kabereye ijisho, iyo ugahagazeho uba witegeye ibiyaga bya Nasho na Rwakigeri, urusisiro rw'ubucuruzi rwa Murindi wa Nasho, umusozi wa Mazigera, ikibaya cya Nasho, ndetse no mu Itorero ahahoze itorero Intayoberana mu bihe byo hambere. Iyo manga twavuze rero iherereye ku ruhande rw'uwo musozi rureba ku Murindi. Ni urutare rurerure ruhanamye, rufite nka metero 300 z'uburebure. Icyo gice cy'umusozi nta kintu gishobora kuhakorerwa, mu gihe igice gisigaye cyo gikorerwaho ubworozi.

### 1.20. Sakara

Sakara iherereye mu Ntara y'Uburasirazuba, Akarere ka Ngoma, Umurenge wa Murama, Akagari ka Sakara, umudugudu w'Urubare mu Gisaka cy'i Gihunya. Aho i Sakara hahoze urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri; ibi ni na byo bituma abahaturiye bahita mu Kigabiro cya Rwabugiri. Urugo rwa Rwabugiri rw'i Sakara yarwubatse agamije gutegura ibitero ku Gisaka, dore ko nubwo ku ngoma ya Mutara II Rwogera u Rwanda rwari rwarakigaruriye, rwari rutarigarurira ingoma y'ingabe yaho yitwaga Rukurura. Nyuma Rwabugiri yaje kuyinyaga iranzwe n'umwiru wo mu Gisaka witwaga Kabaka ka Kayagiro (Kagame 1975:36). Muri urwo rugo kandi ni ho hateguriwe igitero cyagabwe i Bushubi (1975:80).

Sakara yari umurwa w'i Gisaka cyose. Ku ngoma ya Rwabugiri, umutware Mugugu yari umwe mu nshuti ze z'akadasohoka. Kubera ubwo butoni ni we wagizwe umutware w'i Gihunya ndetse n'umutware w'umutwe w'Abarasa, asimbuye Kabaka. Zimwe mu nshingano ze z'ibanze harimo kugenzura ubucuruzi bw'ibikoresho bikomoka i Burayi byinjiraga mu Rwanda binyuze i Bujinja.

Umwami Rwabugiri yashatse kwegurira urugo rwe rw'i Sakara umugore we w'inkundwakazi Kanjogera, ariko Mugugu arabyangira. Rwabugiri utarifuzaga kujya mu ntambara hagati y'inshuti ye y'akadasohoka Mugugu n'umugore we w'inkundwakazi Kanjogera, yahisemo kwisubiraho aharekera Mugugu.

Byinshi mu bigabiro byari kuri uru rugo byatwitswe n'inkongi y'umuriro mu mpera z'igihe cy'ubukoroni. Ikigabiro kimwe cyari cyarasigaye na cyo cyagushijwe n'umuyaga mu wa 2007. Cyakora ahari urugo rwe haracyagaragara ibiti bike by'imiko. Nko mu ntera ya kirometero ebyiri hari iriba rya Kabashima ryitiriwe Bashima, umugaragu wari ushinzwe kuvoma amazi akenewe muri uru rugo rw'umwami.



*Igishyitsi cy'ikigabiro cyo ku rugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri i Sakara cyaguye mu wa 2007*

Muri uyu Murenge wa Murama, mu Kagari ka Mvumba, Umudugudu wa Mvumba, ahubatse amashuri n'ikibuga cy'umupira kuri ubu, hari igiti kinini cy'umuvumu kiranga ahahoze ari ku nama y'inka z'ibwami.



# UBURENGERAZUBA

# UMUTWE WA KABIRI: UBURENGERAZUBA

## 2.1. Rutabagire

Rutabagire iri mu mujyi wa Kamembe, mu Mudugudu wa Gahwazi, mu Kagari ka Kamatita, mu Murenge wa Gihundwe, mu Karere ka Rusizi, mu Ntara y'Uburengerazuba. Mu Rwanda rwo hambere, Akarere ka Rusizi n'aka Nyamasheke byari i Kinyaga. Mu Rutabagire ni ho abakoroni b'Ababirigi baciriye Umwami Yuhi V Musinga mbere yo kumucira burundu i Moba muri Kongo aho yatangiye. Aho mu Rutabagire kandi ni ho umugabekazi Nyirayuhi V Kanjogera yatangiye ku wa 2 Ukwakira 1933 (Kagame 1975).

Umwami Yuhi V Musinga yimye ingoma mu wa 1897 Ababirigi bayimukuraho mu wa 1931. Mu gihe cy'ubukoroni bw'Abadage (1897-1916), Musinga yari yagerageje kubana neza na bo, ariko Ababirigi baje mu wa 1916, imibanire ye n'abazungu izamo igitotsi ahanini cyatewe n'uko yanze kuyoboka Kiriziya Gatorika ashaka kugumana ububasha mu Ggihugu cye. Kutayoboka Kiriziya n'ingoma mbirigi byatumye Musinga ashinjwa kurwanya ibikorwa by'iyobokamana n'iterambere, ndetse guhera mu 1917 bafata ingamba zo kumuca intege (Kagame 1975).

Zimwe mu ngamba z'urukozasoni ku mwami ndetse n'Igihugu muri rusange zafashwe n'Ababirigi zirimo kugabanya no gukuraho bumwe mu bubasha bw'umwami; gutesha agaciro imyemerere y'Abanyarwanda ku bijyanye n'ubwami no kumutegeka guca iteka ryemerera buri wese gusengera aho ashaka; gukuraho imihango umwami yagiragamo uruhare rukomeye nk'Umuganura no kumenesha abiru bakomeye bakirukanwa mu Gihugu cyabo. Ibyo byakurikiwe no kunyaga Umwami Musinga ingoma y'ingabe Karinga ndetse ku wa 12 Ugushyingo 1931 bamucira i Kamembe mu Kinyaga. Aho yaciriwe n'umuryango we ni aho mu Rutabagire, ubu ikihasigaye ni ikigabiro kinini cy'umuvumu w'umutaba.

Musinga ari i Kamembe, Ababirigi babuze amahwemo kuko hari Abanyarwanda basabaga ko agaruka mu murwa we i Nyanza. Ikindi kuba Musinga yari i Kamembe, umuhungu we Rudahigwa ari i Nyanza, byumvikanaga mu mitwe y'Abanyarwanda benshi ko Rudahigwa yamusigariyeho gusa. Ibyo bigahamywa n'uko abantu bakomeje gutura Musinga aho yari i Kamembe kandi baturutse hirya no hino mu Gihugu. Aha twavuga mu Kingogo, mu Bugoyi, mu Bushi, n'ahandi. Ikindi kandi Musinga yakomeje gushyikirana n'abatware mu buryo bw'ubutumwa, nubwo umukwe we Rwagataraka wategekaga i Kinyaga we yamubangamiraga kuko batanumvikanaga na mbere y'icibwa rye. Kubera izo mpamvu rero no kugira ngo ubutegetsi bwa Rudahigwa buhame, Musinga n'abe baciriwe ishyanga ku wa 29 Kamena 1940, bajyanwa muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (RDC/DRC) ahitwa i Moba ari na ho yatangiye mu wa 1944. Urugendo n'imibereho bye kuva aciwe kugeza atanze biragaragara mu bice bikurikira.

### Uko Umwami Yuhi V Musinga yahagurutse i Nyanza aciriwe i Kamembe

Icibwa ry'Umwami Musinga ryanditsweho n'abanditsi benshi, ariko iby'urugendo rwe n'abo bari kumwe bava i Nyanza, uko babayeho mu Kinyaga n'i Moba muri Kongo aho yatangiye ntabwo byamenyekanye neza kugeza ubu. Abashakashatsi b'Inteko y'Umuco bagize amahirwe yo kubona kopi y'inyandiko y'intoki «*manuscript*» yanditswe n'umwe mu bana ba Musinga witwaga Bushayija William avuga urugendo bagenze

kuva ku icibwa rya se kugeza atanze. Iyo nyandiko ni yo yifashishijwe mu kwandika inkuru ikurikira.

Agace k'inyandiko ya Bushayija

Musinga yahagurutse i Nyanza ku wa 14 Ugushyingo 1931 ari kumwe n'umugabekazi Nyirayuhi Kanjogera, abagore be barindwi n'abana icyenda barimo abahungu batandatu n'abakobwa batatu. Mu bahungu harimo na Bushayija. Icyo gihe yari afite imyaka 11 arangije umwaka wa mbere mu ishuri ry'abana b'abatware i Nyanza.

Muri urwo rugendo Musinga n'umuryango we baherekejwe n'umuzungu witwaga Lennaerts, Abanyarwanda bahimbaga Bwanakweri - wayoboraga ishuri ry'abana b'abatware ry'i Nyanza -, abasirikare umunani bitwaje imbunda hamwe n'abakarani bagendaga imbere bashaka amacumbi n'amazimano. Inkuru yo kwima kwa Rudahigwa, Musinga yayimenye bikiba ubwo yari mu nzira ku wa 16 Ugushyingo 1931, ayibwiwe na Bwanakweri ubwo bari bamaze kurenga ishyamba rya Mishahi. Icyo gihe Musinga yari ananiwe cyane bitewe n'uko yagendeshaga amaguru kuko uwahetswe muri iryo shyamba ni umugabekazi gusa. Nyuma yo kubimubwira yamubajije mu rurimi rw'igiswayile niba bimushimishije, agira ati: «Unafulahi sana?». Musinga na we amusubiza agira ati: «Bila shaka», bisobanura ngo: «Nta kabuza».

Mu nzira aho Musinga yanyuraga abaturage bari bamenye ibyabaye, bababaye cyane ndetse ageze mu Itabire abaturage baho bashaka gushoza intambara ngo basubize umwami mu ngoro ye i Nyanza. Icyo gihe barayeaho mu Itabire ariko bukeye Bwanakweri yanga ko bakomeza urugendo agira ngo abanze arebe uko bigenda. Iby'imvururu zari zigiye kuba Musinga yabibwiwe n'umutware w'aho mu Itabire, yigira inama yo guhamagaza abakuru baho kugira ngo bahoshe intambara. Bamaze kuhagera umwami yarababwiye ati: "Mwigira ubwoba, ubu ndarambagira Igihugu kandi nzabanyuraho ngaruka nsubiye i Nyanza". Iyo mvugo ya Musinga yamaze abaturage impungenge bumva ko ataciwe koko, baramureka aragenda. Bwanakweri yabajije Musinga icyatumye intambara itarema amusubiza ko yayihagaritse.

**Imibereho ya Musinga i Kamembe**

Musinga ageze i Kamembe yasanze amazu bagombaga kubamo yaruzuye. Ayo mazu yari yubatse mu Rutabagire. Abari bamuherekeje bahawe icyumweru kimwe cyo kuruhuka cyashira bagasubira iwabo. Muri icyo cyumweru umuzungu wategekaga *poste détaché* ya Kamembe (*administrateur*) witwaga Dryvers ari we bitaga Bwana Ruhara yaje kubwira Musinga ko abantu bemerewe gusigarana na we ari abazwi banditse gusa, kandi batarenga batatu muri buri rugo. Muri abo bemerewe gusigarana na Musinga harimo n'umukarani we witwaga Buhinja. Abantu batanditswe ariko bakahaguma bashaka kwigumanira n'umwami ntibyabahiriye kuko uwo muzungu ari kumwe n'abasirikare bazaga gusaka ingo za Musinga mu nkoko za mbere (saa cyenda z'ijoro), abahafatiwe batanditse bakoherezwa i Nyanza ari imbohe.

Icyakora n'ubwo Dryvers na we atemereraga Musinga gusurwa, ntiyari afite ubukana nk'ubw'abamusimbuye. Uwitwaga Bourgois waje mu wa 1933 na Creans bitaga Bwana Rugereka ni bo batumye abantu bacika kwa Musinga burundu kuko bakubitaga bakanafunga abo bahasanze bose. Muri Kamena 1933, Bourgois yahasanze abantu batatu batanditse arabafata ajya kubafunga, bukeye atuma kuri Musinga amusanga mu biro na we aramufunga. Icyo gihe yamufunze guhera saa tatu za mu gitondo amufungura nimugoroba saa kumi n'imwe.

Muri Nzeri 1933, Bourgois yatumye kuri Musinga ngo amuzanire abana bakuru b'abahungu batatu yari afite aribo Bagambake, Bushayija William na Masabo Méthode. Musinga abagejeje ku biro bahasanze ingobyi n'abahetsi, abasirikare batatu n'abakarani bane babategereje. Uwo muzungu yamumenyesheje ko abana babajyanye kwiga i Astrida. Musinga yaratakambye asaba ko babamusubiza bakajya gusezera ku babyeyi ariko biranga biba iby'ubusa, abahetsi bajya mu mijishi, abasirikare n'abakarani barabaherekeza, Musinga na we arikubura arataha.

Rudahigwa amaze kumenya ko barumuna be baje kwiga i Astrida, yahise aza kubasura abazaniye ibiryamirwa n'ibindi bikoresho birimo amagodora, amashuka, ibiringiti, ibitambaro by'amazi n'imyenda

yo kurarana (*pyjamas*). Umuyobozi w'ikigo Furere (Frère) Secundien yarabyanze amubwira ko bagomba kubaho nk'abandi banyeshuri bahigaga. Uwo muyobozi kandi yanze ko abo bana bazasubira i Kamembe ukundi, mu biruhuko bakajya kuba i Nyanza kwa Rudahigwa.



*Ikigabiro gisigaye ahahoze urugo rw'Umwami Yuhi V Musinga mu Rutabagire i Kamembe*

Uko Musinga n'umuryango we bavuye mu Rwanda

Muri Nyakanga 1940 igihe abanyeshuri bari mu biruhuko, abategetsi b'Ababirigi basabye Rudahigwa kohereza Bushayija na Masabo i Bujumbura kubera ko babakeneye. Ibyangombwa byabo byabonetse uwo munsi babimubwiyeho, ndetse n'abazabaherekeza baritegura. Ku munsi ukurikiyeho haje imodoka irimo umuzungu n'abasirikare babiri bitwaje imbunda barabajyana. Bageze i Bujumbura, Bushayija na Masabo bafungiwe ahitwa mu Buyenzi, abaje babaherekeje bagaruka i Nyanza. Aho bari bafungiwe bahamaze iminsi umunani.

Bari bafunganywe n'umuzungu, ariko we yemerewe gusohoka ku manywa akajya gukora, akagaruka mu buroko nimugoroba. Umunsi umwe mbere y'uko agenda mu gitondo yanditse ku rupapuro arujugunya imbere ya Bushayija, arigendera. Kuri urwo rupapuro hari handitseho ngo: "*Muri bene Musinga, ubu murafunze. Mu minsi mike muzahura na so, ubu afungiwe i Bukavu, muzahura mwerekeza muri Kongo*". Ni koko rero icyo gihe Musinga bari bamuvanye i Kamembe bajya kumufungira i Bukavu ku wa 5 Nyakanga 1940. Hashize iminsi umunani Bushayija na Masabo bajyanywe i Uvira muri Kongo bahahurira na Musinga, abagore be batanu ndetse n'abandi bana be. Uwo muryango wahurijwe i Uvira ku wa 12 Nyakanga 1940.

Abana ba Musinga bajyanye na we muri Kongo bari 11 harimo abavukiye i Nyanza n'abavukiye i Kamembe mu myaka ikurikira: Bushayija (1920), Masabo (1922), Subika (1927), Ruzindana (1928), Nkurayija (1930), Mukabayojo (1931), Banamwana (1932), Ndahindurwa (1935), Ruzibiza (1936), Badakengerwa (1938) na Rutayisire (1940).

**Urugendo rwo muri Kongo rwerekeza i Moba**

Ava i Bukavu bakamujyana i Uvira, Musinga yajyanywe n'umuzungu witwaga Gred'home aherekejwe n'abasirikare babiri bafite imbunda. Umuryango we wo bawuzanye mu modoka ebyiri nini hamwe n'ibintu byabo byose. Mbere yo gusubira i Bukavu, uwo muzungu yabanje kumurika Musinga, umuryango we n'ibyabo abamurikira kapiteni w'ubwato bwari kubatwara. Ubwo bwato bwitwaga *Baron D'Hanis* bwari buvuye i Bujumbura ni bwo Bushayija na Masabo bari bajemo bavuye i Bujumbura. Abana ba Musinga ni bo bakuye imizigo yabo mu modoka bayishyira mu bwato, baburaramo (*muri 2ème classe/2nd category*) buhaguruka ku munsi ukurikiyeho. Ubwo bwato bwahagurutse i Uvira mu gitondo saa moya bugera i Kigoma muri Tanzaniya nimugoroba saa mbiri.

Musinga n'umuryango we bongeye kurara mu bwato, mu gitondo bajya mu bundi bwitwa *Duc de Brabant*. Bahagurutse i Kigoma saa tanu bagera i Kalemie (Albertville) saa cyenda z'amanywa. Mu gitondo cy'umunsi ukurikiyeho ni ho berekeje i Moba bahagera saa sita z'amanywa. Uwo munsi hari ku wa 15 Nyakanga 1940. Musinga n'umuryango we bakiriwe neza na *Administrateur* wa teritwari ya Moba witwaga Maraut. Nyuma y'amasaha abiri, imodoka yaje kubatwara n'imitwaro yabo babajyana ahitwa i Kirungu (kirometero eshanu uvuye i Moba) hafi ya misiyoni. Bahasanze amazu arindwi y'ibigonyi bari baje kubamo, ariko Musinga we bamucumbikiye mu nzu y'ibitaro byari hafi aho.

**Imibereho ya Musinga i Moba n'itanga rye**

Bari i Moba, Musinga cyangwa uwo mu muryango we ntibari bemerewe gukora urugendo rurenze kirometero eshanu batabiherewe uruhushya n'ubutegetsi bw'Ababirigi. Uko kandi ni na ko byari bimeze akiri mu Rwanda i Kamembe. Aho i Moba, Musinga yahabwaga amafaranga 2000 buri kwezi yo kumutunga we n'umuryango we. Ayo mafaranga bayaguragamo ibyo kurya n'amata make yo kunywa. Amata bayakuraga kuri misiyoni i Kirungu, bakagura litiro eshatu ku munsi, litiro imwe bayigura amafaranga 0,75.

Nyuma y'amezi make ku wa 22 Ugushyingo 1940, umuryango wose barawimuye bajya kuwutuza i Marungu na ho muri teritwari ya Moba. I Marungu hari mu ishyamba, abagabo baho bambara imbindo, abagore bakambara iminoni. Musinga n'umuryango we basanze barabubakiye amazu arindwi y'ibigonyi, n'inzu ya Musinga y'ibyumba bitatu yubakishije amatafari ya rukarakara. Bageze i Marungu imirire yarahindutse iba myiza kuko bashoboraga guhaha ibintu byose kandi ku giciro gihendutse. Ingo eshanu zose zahahishaga amafaranga 10. Ikindi cyabafashaga ni amasaro bari bafite bakayagurana ibishyimbo. Amata bayaguraga ku muzungu witwaga Vaneeft, akabaha litiro 20 buri munsi kandi litiro imwe ayibahera amafaranga 0,50.

Ayo mafaranga yatungaga umuryango, abahungu ba Musinga bajyaga kuyafata ku biro bya teritwari i Moba. Ku munsi wo kujyayo, barigabaga bakarara nzira, bwacya bakayafata bakazagera iwabo ku munsi wa gatatu.

Musinga ageze i Marungu ntiyatinze kumenya ururimi rwaho, amenyana n'umutware ndetse n'abaturage baho, aratunga agira abahinzi ndetse n'abakozi bo mu rugo. Yabanye neza cyane n'umutware Gitendwe I, ndetse rimwe amugurira impano y'ishati n'ikabutura bya kaki, Gitendwe arishima cyane ageze iwe akoresha umunsi mukuru.

Ariko nubwo Musinga yari abanye neza n'abaturanyi be ndetse n'umutware, mu gitondo cyo ku wa 8 Mutarama 1941, abazungu babiri n'abasirikare babiri bitwaje imbunda barazindutse baramufata bajya kumufungira i Kalemie (Albertville) bamubwira ko hari uwamureze amushinja kuroga. Ngo uwari wamureze yavugaga ko Musinga ashyira amazi mu nzu yabishaka agahinduka amata cyangwa inzoga. Icyo gihe abahungu be bakuru bagerageje inshuro ebyiri bashaka kujya kumusura aho yari afungiye ariko abazungu bakabyanga, bakabagarurira mu nzira. Bamufunguye hashize ukwezi ku wa 3 Gashyantare 1941.

Igihe cyose Musinga n'umuryango we bamaze i Moba, Umunyarwanda wabasuye ni umwe, François Rukeba. Yahageze ku wa 20 Werurwe 1941 ahamara icyumweru kimwe. Icyo gihe yabazaniye imyambaro myinshi. Mu minsi yahamaze, Rukeba yaganiraga na Musinga ku manywa gusa, nimugoroba akajya kurara mu rugo rw'umutware.

Muri Mata 1941, *administrateur* wa Moba Bwana Maraut yandikiye Musinga amusaba kumwoherereza abahungu be bakuru. Abo bana bageze i Moba Maraut yaberetse urwandiko rwavugaga ko bagomba gusubira mu Rwanda; abaha iminsi itanu yo kwitegura urugendo. Iminsi bahawe ishize, abahungu ba Musinga bahagurutse i Moba ku wa 17 Mata 1941 mu bwato bugiye i Kalemie (Albertville). Bahageze bafashe ubundi bwato bujya i Kigoma; bakomeza i Uvira n'i Bujumbura. Bageze i Nyanza ku wa 21 Mata 1941 bakirwa n'Umwami Mutara III Rudahigwa. Hashize iminsi mike bahawe akazi ku biro bya teritwari i Nyanza, ndetse mu w'1944, Bushayija agirwa umutware ku Kamonyi.

Musinga yatanze mu ijoro ryo ku wa 24 Ukuboza 1944. Rudahigwa abimenye yakoranije umuryango wa hafi arabibamenyesha. Yateguye igitaramo ku wa 3 Mutarama 1945 atumira barumuna be, abatware n'abagaragu be bake abamenyesha ko Umwami Musinga yatanze. Abagore n'abana b'umwami bari basigaranye na we i Marungu bagarutse mu Rwanda amaze gutanga, bahagera ku wa 25 Werurwe 1945. Abo bagore n'abana babo barubakiwe ndetse bahabwa inka.

Mbere y'itanga rye, Umwami Mutara III Rudahigwa yasabye abakoroni b'Ababirigi kumuha uburenganzira bwo gutarura umugogo wa se Yuhi V Musinga, ashaka kuwutabariza i Mwima, barabimwemerera ariko bamubwira ko azabikora mu mafaranga ye. Byari byatangajwe ko umugogo wa Musinga uzatabururwa ku wa 30 Nyakanga 1946, birasubikwa, igikorwa kimurirwa ku wa 15 Kamena 1947. Iyo tariki igeze, iby'inkuru y'itabururwa n'itabarizwa ry'umugogo wa Musinga mu Rwanda ntibyongeye kuvugwa ukundi, kugeza magingo aya biracyari amayobera (NURC 2016: 248).

## 2.2. Urutare rwa Ndaba

Urutare rwa Ndaba ruherereye mu Mudugudu wa Rusebeya, Akagari ka Gitwa, mu Murenge wa Rubengera, mu Karere ka Karongi, mu Ntara y'Uburengerazuba. Ni urutare rurerure cyane rumanukaho umugezi na wo witwa Ndaba ufite isumo. Mu Rwanda rwo hambere, aho hahoze ari mu Bwishaza. Uru rutare n'uwo mugezi byombi byitiriwe Ndaba, wari utuye kuri Ntobo mu gahinga kari haruguru y'urwo rutare. Ndaba yari umutwa, akaba yari aturanye n'abavandimwe be gusa.

Muri urwo rutare hakundaga kubamo amarumbo y'inzuki, ndetse rukeramo ubuki bwiza cyane. Umunsi umwe Ndaba ararika bagenzi be ngo bajye guhakura ubuki mu rutare. Banoza umugambi, bashaka n'ibikoresho by'ibanze bazifashisha birimo igitebo kinini umwe muri bo azamanukamo ndetse n'umurunga ukomeye kandi muremure. Umunsi ugeze baramanuka bajya guhakura. Bageze ku rutare baruhagarara hejuru, Ndaba yicara mu gitebo bakimanura mu migozi basigara bayifashe. Ageze ku buki asanga ni bwinshi, ariko kuko yabukundaga ahakura yirira.

Kera kabaye bagenzi ba Ndaba baramubaza bati: "Ariko Ndaba ko utatubwiye icyo wabonye aho ni ubuhoro"! Arabasubiza ati: "Nanjye nendaga kubabwira ko nahebye, ahubwo nimunzamure". Baramukurura bamugejeje aho bamureba neza basanga koko nta buki afite, ahubwo yaburiye. Niko kugira umujinya barekurira wa murunga rimwe, Ndaba uko yicaye mu gitebo agenda atyo! Apfa azize inda nini.



*Isumo riri ku Rutare rwa Ndaba*

## 2.3. Akarwa k'abakobwa

Mu muco wa Kinyarwanda gutwara inda y'indaro byari umuziro. Uwayitwaraga baramwoheraga (Pauwels, 1958:220; Bigirumwami, 1974). Iyo bamenyaga ko umukobwa yatwaye inda y'indaro, yahanishwaga koherwa. Ku munsi wo kumwohera, abamujyanye bagendaga baririmba, bakamuta mu ishyamba cyangwa ishyanga. Aho bari bumusige, bahubakaga akago gato bakakamusigamo bagataha, inyamaswa zikamuriramo. Iyo umuryango we utashakaga ko aribwa n'inyamaswa, bamusigaga ku nkiko z'u Rwanda yabishobora akajya ishyanga. Amaze kubyara, umwana baramuhotoraga nyina akagaruka mu Gihugu, umukunze akamurongora (Bigirumwami 1974).

Mu myemerere gakondo, umwana wavutse mu nda y'indaro yabaga ari icyago mu muryango wa nyina, kuko umubonye wo muri uwo muryango yapfaga. Ni yo mpamvu iyo batoheraga nyina, yajyaga kumubyarira ahihishe nko mu buvumo cyangwa mu ishyamba, kandi bakamuhotora. Iyo batamuhotoraga, abo muri uwo muryango babanzaga kunywa amasubyo mbere yo kureba uwo mwana (Bigirumwami 1974).

Mu duce tw'i Kinyaga twegereye Nyamasheke, abakobwa batwaye inda z'indaro baboheraga ku karwa kari mu kiyaga cya Kivu hafi y'umwaro wa Nyamasheke. Kubera kuhohera abakobwa benshi, na magingo aya ako karwa karacyitwa Akarwa k'Abakobwa. Ubu aho gaherereye ni mu Mudugudu wa Gikuyu, Akagari ka Ninzi, Umurenge wa Kagano, mu Karere ka Nyamasheke.



*Akarwa k'abakobwa i Nyamasheke*

Ababaga batwaye inda z'indaro batuye i Nyamirundi hakurya ya Nyamasheke bo boherwaga ku Kimenyi. Aka ni akarwa gato kari mu muhengeri wa Nyamirundi, ahateganye na Rujyo yo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Akenshi Abahavu baturutse ku kirwa cy'Ijwi barazaga, basanga abakobwa kuri utwo turwa bakiri bazima, bakabitwarira, bakabana.

### 2.4. Ishuri ryisumbuye rya Nyange

Nyange ni umusozi wirengeye (ufite ubutumburuke bwa 1783 m) uherereye mu Mudugudu wa Ngobagoba, Akagari ka Gaseke, Umurenge wa Nyange, Akarere ka Ngororero, mu Ntara y'Uburengerazuba. Mu mpinga y'uwo musozi uri mu karere kitwaga Ubudaha mbere y'umwaduko w'abazungu hubatse ishuri ryatewe n'abacengezi mu wa 1997 bahica abana barindwi, abandi barakomereka babaziza kwanga kwicamo ibice bishingiye ku "moko". Ubu abo bana bari mu ntwari z'u Rwanda, icyiciro cy'Imena.

Mu rugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994, guverinoma yari yariyise iy'Abatabazi, ingabo zatsinzwe, imitwe y'abicanyi, cyane cyane interahamwe ndetse n'abaturage benshi bafashe inzira y'ubuhungiro; abenshi muri bo berekeza mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (icyo gihe yitwaga Zaïre). Mu myaka yakurikiyeho, cyane cyane mu wa 1997 n'uwa 1998, abasirikare, interahamwe n'abandi bari bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside bagarutse mu Rwanda bihisha mu bihuru no mu mashyamba batangira kwica inzirakarengane. Abo bagizi ba nabi ni bo bitwaga *abacengezi*.

Kuko baturukaga muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, abacengezi bibasiye cyane igice cy'uburengerazuba n'amajyaruguru y'u Rwanda. Bategaga imodoka zitwaye abagenzi, bakagaba ibitero shuma mu nsisiro z'ubucuruzi, mu mashuri, ku mavuriro n'ahakorera inzego za Leta cyane cyane ku biro by'amakomine. Aho bageraga hose, baricaga, bagasahura, bagatwika. Ubudaha ni kamwe mu duce twibasiwe n'abacengezi cyane dore ko nko ku Rutare rwa Ndaba honyine (ku muhanda Karongi-Muhanga), bahatwikiye imodoka umunani banica benshi mu bagenzi zabaga zitwaye, mu bitero bitandukanye bahagabye hagati ya 1997 na 1998.

Ahagana saa mbiri ku mugoroba wo ku wa 18 Werurwe 1997, abacengezi bateye Ishuri Ryisumbuye rya Nyange (*Ecole Secondaire de Nyange*). Icyo gihe abanyeshuri bari barangije gufata ifunguro rya nimugoroba bagiye mu mashuri gusubiramo amasomo. Abacengezi bakinjira mu kigo babanje kwica umuzamu wakirindaga witwa Jean Baptiste Zibera. Bamuteye icyuma mu nda, bamutema n'ijosi.

Bamaze kwica umuzamu, binjiye mu ishuri ry'umwaka wa gatandatu ryigagamo abanyeshuri 18 babategeka kwitandukanya, Abahutu n'Abatutsi. Ibyo abanyeshuri barabyanze bavuga ko bose ari Abanyarwanda. Abonye babyanze, umwe mu bacengezi yavuze mu rurimi rw'Igifaransa ngo "*Vous nous connaissez? Vous allez nous voir*". Bisobanura ngo: "Mbese muratuzi? Mugiye kutubona". Batangiye kubarasa, hapfamo abanyeshuri batatu, ari bo Bizimana Sylvestre, Mujawamahoro Marie Chantal na Mukambaraga Béatrice; abandi barakomereka. Abo bacengezi bahereye ko bajya no mu ishuri ry'umwaka wa gatanu ryarimo abanyeshuri 29 na bo babategeka kwivangura bashingiye ku "moko". Abanyeshuri barabyanze, batangira kubarasa, abana basohoka biruka babateramo igisasu cya gerenade (*grenade*) ari na ko babajomba ibyuma, hapfa abana bane, ari bo Benimana Hélène, Mukarutwaza Séraphine, Ndemeye Valens na Niyongira Ferdinand. Iki gitero cyahitanye abana barindwi abandi bagakomereka muri 47 bigaga mu mwaka wa gatanu n'uwa gatandatu, ngo cyamaze iminota iri hagati ya 20 na 30 gusa. Ingabo z'u Rwanda zahise zihagoboka, abacengezi bariruka ariko umwe muri bo aricwa.

Ku wa 4 Nzeri 1998 ubwo abanyeshuri bari mu biruhuko, abacengezi bongeye gutera i Nyange. Icyo gihe bishe abarimu batatu babaga mu mazu y'ikigo ari bo Gakoti Léonard, Byandagara Valens na Dukuzeyezu Sixfield. Uretse muri icyo kigo, muri iryo joro abacengezi banateye mu rusisiro rw'ubucuruzi rwa Rubyiniro i Nyange bahica abaturage batandatu.

Nubwo rwari urugamba rutoroshye, Ingabo z'u Rwanda zifatanyije n'abaturage, zaje guhashya abacengezi burundu ku buryo mu mwaka wa 2000 nta na hamwe bari bakirangwa mu Gihugu.



*Ishuri ryisumbuye rya Nyange ryubatse mu mpinga y'uwo musozi*

Hashingiwe ku ndangagaciro bagaragaje bakanga kwitandukanya igihe bari basumbirijwe n'abicanyi ndetse bamwe muri bo bakahaburira ubuzima, ku wa 12 Ukuboza 2001 Inama y'Abaminisitiri yagize Intwari z'Imena abo banyeshuri b'i Nyange (abapfuye n'abarokotse) bigaga mu mwaka wa gatandatu n'uwa gatanu uko ari 47. Nubwo Igicumbi cy'Intwari z'Igihugu (aho bashyinguye) ari i Remera mu Mujyi wa Kigali, ishuri ryisumbuye rya Nyange na ryo rifite aho ryubakiye abo banyeshuri bishwe ndetse n'ahanditse amazina yabo nk'urwibutso rw'ibyahabereye.

### 2.5. Ruhimandyarya

Ruhimandyarya, hazwi nk' Urutare rw'Abarundi, ni urutare runini kandi rurerure ruhanamiye umugezi wa Nyakabuye uherereye mu majyepfo y'uburengerazuba bw'u Rwanda ahahoze ari mu Bukunzi. Muri iki gihe urwo rutare ruherereye mu Mudugudu wa Gasebeya, mu Kagari ka Gaseke, mu Murenge wa Nyakabuye, mu Karere ka Rusizi, mu Ntara y'Uburengerazuba. Uretse ko ubu abaturage baho bahimutse kubera ko hatagenewe guturwa bitewe n'imiterere yaho, hejuru y'urwo rutare hari hatuwe n'umuryango munini ukomoka kuri Mubarure wageze mu Rwanda aturutse mu Burundi mu kinyejana cya 19[35].

Uwo muryango ni na wo watumye urwo rutare rwitwa "Urutare rw'Abarundi" kugeza magingo aya.

35 . *Ikiganiro na Nyandwi Pascal na Ndayizeye Callixte, Nyakabuye, tariki ya 11/01/ 2017.*

Mubarure n'abo bazanye bava i Burundi bari abahigi, binjira mu Rwanda bahiga. Bageze mu ishyamba rya Bweyeye barahaguma kuko bahabonaga umuhigo uhagije. Nyuma baje kwimuka batura i Rasano mu ishyamba ry'Ikimena n'ubundi bahakurikiye umuhigo. Nyuma bongeye kwimuka baza gutura mu Bukunzi bahiga mu ishyamba rya Nyirandakunze ari ryo abandi bita Cyamudongo.

Urutare rw'Abarundi rwiswe Ruhimandyarya n'umukambwe witwaga Sanduruma Faransisiko (François) mwene Mubarure ngo wahabikaga amafaranga banki zitaragera mu Rwanda. Mu gihe cy'ubukoroni Sanduruma yacukuraga amabuye y'agaciro cyane cyane zahabu mu ishyamba ryo mu Bweyeye akajya kuyagurisha i Bukavu muri Kongo aho yagurwaga n'Ababirigi. Ariko kuko abaturanyi be n'abo bakoranaga uwo mwuga wo gucukura no kugurisha amabuye y'agaciro bamuguzaga amafaranga akayabaha ntibayamwishyure, Sanduruma yigiriye inama yo kujya ayabika mu isenga riri muri urwo rutare kugira ngo ahime indyarya zitamwishyuraga. Abari bazi iyo migirire ya Sanduruma batangiye kujya bita urwo rutare Ruhimandyarya, izina rirafata ndetse riba ikimenyabose. Aho isenga Sanduruma yahishagamo amafaranga ye riherereye ni ahantu haruhije kuhagera waba uturutse munsi y'urwo rutare cyangwa hejuru yarwo, ku buryo bigaragara ko ntawari gupfa kuyamwiba cyane cyane atamubonye ayajyanamo.



*Urutare rwa Ruhimandyarya*

Uretse kuba Ruhimandyarya izwi kubera Sanduruma wahahishaga amafaranga, hari n'umubirigikazi Irene Boutakoff[36] wahakoreye ubushakashatsi bw'amateka ashingiye ku bisigaratongo "*Archaeology*". Muri urwo rutare yavumbuyemo ibikoresho byiganjemo iby'amabuye aconze abakurambere bacu bakoreshaga kera. Twibutse ko haba mu Rwanda cyangwa mu bindi bice by'isi, abakurambere bacu bakoreshaga amabuye aconze mbere y'umwaduko w'ibyuma.

### 2.6. Bushenge

Bushenge ni umuhana uri mu karere cyera kitwaga Impala, ahahoze ari mu Kinyaga. Muri uyu muhana, vuba aha havumbuwe ibisigaratongo bigaragaza ko cyera mu Kinyaga bashongeshaga ubutare bakabukuramo ibyuma. Aho ibyo bimenyetso byagaragaye ni ahitwa mu Butare bwa Bushenge, mu mpinga y'umusozi wa Bushenge. Uyu musozi uherereye mu Kagari k'Impala, Umurenge wa Bushenge, Akarere ka Nyamasheke, mu Ntara y'Uburengerazuba.

Abanditsi b'abanyamahanga banditse ku by'ubucuzi mu Rwanda mbere y'umwaduko w'abazungu bagaragaza ko mu Kinyaga batigeze bashongesha ubutare ngo bacuremo ibyuma. Bamwe muri abo banditsi ni Dufays na Moor bavuga ko umwuga w'ibanze w'umunyakinyaga wari ubucuruzi; ngo kuko nta butare bwahabaga, yajyanaga amatungo i Bunyabungo akayagurana ibyuma, akabizana kubicuruza mu Rwanda. Mu magambo yabo ahinduwe mu Kinyarwanda babisobanura mu buryo bukurikira:

> « …umuturage wo mu Kinyaga ni umucuru*zi muri kamere ye. Yabibaye kandi kubera ko ari ko ubukungu bwabigennye. Aturiye inzira icamo ubutare bagemuye mu Rwanda hagati aho butaboneka. Mu gihe mu Bunyabungo hakurya ya Rusizi ho ubutare buhaboneka, n'ubucuzi bukaba bukorwa cyane. Umunyakinyaga rero akora ibadika agashora amatungo hakurya y'imbibi akagarura mu Rwanda ubutare bwashongeshejwe" (Dufays and Moor, 1938: 15)*[37].

Undi mushakashatsi uvuga ko mu yahoze ari perefegitura ya Cyangugu ari cyo Kinyaga cya cyera nta nkono bashongesherezamo ubutare ihaboneka ni Géorges Célis. Avuga ko abacuzi bose yabajije bamubwiye ko ibyuma byavaga i Bushi muri Zaïre (ubu ni Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo). Célis yanzura avuga ko nk'uko ishyamba rinini rya Nyungwe (ubu ni Pariki y'Igihugu ya Nyungwe) ritandukanya Kinyaga n'ikindi gice cy'u Rwanda, ngo na tekiniki zihakoreshwa zitandukanye n'iz'ahandi. Dore uko abivuga bihinduwe mu Kinyarwanda:

> « Intara zitagira aba*shongesha ubutare : Mu Kinyaga (Perefegitura y'ubu ya Cyangugu, mu Majyepfo ashyira uburengerazuba bw'u Rwanda) …ntibyashobotse ko tuhabona abacuzi bashongeshaga ubutare. Ku buryo bwihariye, nta nkono bashongesherezamo ubutare n'imwe yagaragaye muri perefegitura ya Cyangugu… abacuzi bose twabajije bashubije ko ubutare bwavaga i Bushi, (hafi ya Bukavu, muri Zaïre). Intara ya Kinyaga itandukanijwe n'ikindi gice cy'u Rwanda n'ishyamba rinini rya Nyungwe kandi bikaba bigaragara neza ko bitandukanye no mu rwego rw'ikoranabuhanga» (Célis, 1987:274-275).*[38]

Nyamara ubushakashatsi buheruka gukorwa muri ako karere bwagaragaje bidasubirwaho ko hari abanyakinyaga bashongeshaga ubutare bakabucuramo ibyuma mbere y'umwaduko w'abazungu. Ibisigaratongo by'inkono bashongesherezamo ubutare mu Kinyaga byabonetse bwa mbere mu Bushenge mu wa 2011. Muri uwo mwaka kandi, babisabwe n'umushakashatsi André Ntagwabira (2011:6-7; 29-42), abacuzi baho bamwiganiye uko ubutare bwashongeshwaga kera. Icyakora bamaze kubona umuhimba (uruvange rw'umushongi w'icyuma n'inkamba) bananiwe kuwukuramo umwanda kugira ngo hasigare icyuma gusa. Uko kwibagirwa ibintu bimwe na bimwe bigaragaza ko mu Kinyaga baretse gushongesha ubutare kera cyane ku buryo n'abasheshe akanguhe batakibuka neza uko byakorwaga.

36 . *Irene Boutakoff yakomokaga mu cyahoze ari Leta Zunze Ubumwe y'Abasoviyeti, ariko yarahungiye mu bihugu by'u Burayi ari na ho yahuriye na Nicholas Boutakoff na we wari impunzi, barashyingiranwa.*

37 *Dore uko babyanditse mu Gifaransa: ". ….au Kinyaga …l'habitant est marchant dans l'âme. Il l'est devenu par nécessité économique. Il se trouve sur la route de ravitaillement en fer du Rwanda central. Ici le minerai de fer fait complètement défaut. Le Bunyabungo au contraire, de l'autre côté de la Rusizi, travaille le minerai et offre ses pioches: le Munyakinyaga fait les transactions. Il amène au delà des frontières le bétail, petit et grand, qui sert d'échange et ramène le fer oeuvré grossièrement jusqu'au cœur du Rwanda ».*

38 *Dore uko yabyanditse mu Gifaransa: «* **Les régions sans fondeurs***: Dans le Kinyaga (l'actuelle préfecture de Cyangugu, au sud-ouest du Rwanda)…il n'a pas été possible de mettre les fondeurs en évidence. Plus précisement, aucune fonderie n'a pu être trouvée dans la préfecture de Cyangugu…. tous les forgerons interrogés rapportent que le fer venait du Bushi (territoire autour de Bukavu, au Zaire). Cette région est separée du reste du Rwanda par une grande fôret (foret de Nyungwe) et en est nettement differenciée sur le plan des techniques »* (Celis, 1987:274-275).

Ikindi dukeka ni uko bitakorerwaga ahantu henshi muri ako karere gashobora kuba kari gafite ubutare bucyeya.

Ibisigaratongo byacukuwe mu Bushenge mu bushakashatsi bwakozwe n'icyahoze ari INMR mu wa 2015 bigaragaza by'agateganyo ko hashongesherejwe ubutare mu kinyejana cya 18 cyangwa 19 nyuma y'ivuka rya Yezu.

Nk'uko byavuzwe hejuru, mu wa 2011 abacuzi bo mu Bushenge bashongesheje ubutare bigana uko byakorwaga kera; bituma hagaragara ishusho y'ukuntu abacuzi bo mu Kinyaga babikoraga mu gihe cyo hambere. Uretse inkono zitubatse kimwe, Abanyakinyaga bashongeshaga ubutare mu buryo busa n'ubwakoreshwaga ahandi mu Rwanda. Bimwe mu bikoresho bakeneraga ni ibi bikurikira:

### Ubutare

Mu Kinyaga ntibari bafite ubutare bwinshi, cyangwa se aho bwabaga ntihakibukwa neza. Abasheshe akanguhe bavuga ko aho bwaturukaga ari hafi y'ishyamba rya Nyungwe cyangwa mu Rusenyi (hahoze ari muri komine Rwamatamu ku Kibuye, ubu ni muri Nyamasheke). Ubwakoreshejwe mu wa 2011 ubwo higanwaga uko bashongeshaga ubutare mu Rwanda rwo hambere bwatoraguwe mu mugezi witwa Nyabugonde uri hafi ya Pariki y'Igihugu ya Nyungwe mu Murenge wa Bushekeri, mu Karere ka Nyamasheke. Mbere yo gushongesha ubutare babuhonderaga ku ibuye bugahinduka igiheri kinoze kugira ngo kubushongesha byorohe.

Nubwo kumenya aho ubutare buboneka muri iki gihe byagoranye koko, ahavumbuwe ibisigaratongo bigaragaza mu buryo budasubirwaho ko mu Kinyaga bashongeshaga ubutare, hitwa mu Butare bwa Bushenge. Dushingiye ku byahavuye n'ibisobanuro by'amazina y'ahantu mu rurimi rw'Ikinyarwanda, iryo zina rigaragaza ko aho hantu hakorerwaga imirimo ijyanye n'ubucuzi nko kuhacukura ubutare cyangwa se kubuhashongeshereza. Ibisigaratongo byavuye mu Butare bwa Bushenge birimo inkamba zasigaye ahari hubatse inkono bashongesherezamo ubutare. Ibyo bisigaratongo ntibirapimwa hakoreshejwe ibyuma byabugenewe (*absolute dating in Laboratory*), kugira ngo hamenyekane igihe nyakuri iyo nkono bashongesherezamo ubutare yubakiwe; ariko ibipimo by'ibanze (*relative dating*) bigaragaza ko aho hantu hashongesherejwe ubutare mbere y'umwaduko w'abazungu.

### Amakara

Ubutare bwatekeshwaga amakara bavanye mu biti bikomeye kandi bikuze. Ibiti abacuzi b'Abanyarwanda batwikagamo amakara muri rusange ni umugote, umushishi, umushubi, umushengeshi, umuzo, umunzenze, umutoyi, intobo, umukaragata, umusebeya, n'ibindi. Ibyinshi muri ibi biti byaracitse ntibikiboneka (Celis, 1987: 96). Ugereranyije n'uburyo bukoreshwa ubu mu gutwika amakara, aho aboneka hashize iminsi irenze itanu, abacuzi bo hambere ngo bakoreshaga uburyo butuma amakara aboneka mu minsi ibiri. Bacukuraga umwobo bakawucanamo umuriro, wamara gufatwa neza bakarenzaho ingeri z'ibiti bibisi batemye. Iyo ibyo biti byababaga bimaze gucika, amakara bayatwikiriraga muri uwo mwobo bakoresheje ibyatsi n'igitaka kugira ngo ahore agikomeye. Yashoboraga kwarurwa no gukoreshwa ku munsi ukurikiyeho.

### Inkono bashongesherezamo ubutare

Inkono bashongesherezagamo ubutare bayubakishaga ibumba. Mu nkono bashongesherezagamo ubutare habagamo indende n'ingufi; ariko dushingiye ku yo bubatse batwiganira uko cyera bashongeshaga ubutare, izo mu Kinyaga zishobora kuba zari ngufi. Mu gihe babaga bayubaka basigaga imyanya (intoboro) y'ahazaca inkero. Inkono bashongesherezagamo ubutare imaze kuzura barayitwikiraga kugira ngo yume buhoro buhoro kandi ntiyumishwe n'izuba.

### Inkero

Inkero bazibumbaga mu ibumba ridafite amavuta menshi kugira ngo zidashonga mu gihe zihuye n'umuriro mwinshi. Iyo bakata iryo bumba bongeramo insibo yo kurikomeza. Inkero bayibumbira ku giti bakagikuramo yuzuye, bakayanika mu gicucu kugira ngo yume buhoro buhoro. Babumbaga inkero nyinshi bitewe n'umubare w'imivuba bazakoresha, ndetse bakanateganya ko zimwe zishobora kumeneka.

### Imivuba

Imivuba ni yo bakoreshaga batsa umuriro ushongesha ubutare. Hari imivuba yabaga ibumbye mu ibumba, ariko imyinshi yabaga ibaje mu biti. Ibiti bakundaga kubazamo imivuba ni umuvumu, umusave, umwungo, umugote, umutake, umuko n'umuvugangoma (Celis, 1987: 211). Icuba ry'umuvuba baripfukishaga uruhu rw'intama ruhindurije kugira ngo ubwoya butume hasohoka umwuka mwinshi. Umuvugusi w'umuvuba yabaga afashe inkondo ebyiri. Akenshi inkondo zabaga ari ingingo z'amaseke cyangwa umugano. Ku munsi wo guteka ubutare, uruhu rw'umuvuba babanzaga kurusiga amavuta y'inka kugira ngo rudacika.

### Gushongesha ubutare

Ku munsi wo gushongesha ubutare, za nkero zumye bazinjizaga mu nkono babushongesherezamo; buri nkero ikaba iri imbere y'umuvuba. Umubare w'imivuba bakoresha waterwaga n'ubunini bw' Inkono bashongesherezagamo ubutare bubatse ndetse n'umubare w'abavugusi, ariko urebye neza imivuba itandatu yabaga ihagije. Ubutare n'amakara bagendaga babigerekeranya kimwe hejuru y'ikindi. Abavugusi bavugutaga imivuba ubutitsa, hagashira amasaha atandatu cyangwa arindwi kugira ngo ubutare bushonge neza.

Ubutare bumaze gushonga, abavugusi bararyaga bakanywa, ku munsi ukurikiyeho bagakura umuhimba wahoze muri ya nkono bashongesherejemo. Umuhimba ugizwe n'uruvange rw'umushongi w'icyuma n'inkamba. Abacuzi batwikaga uwo muhimba ugatukura, bakawukubitisha inyundo nini (impuro) kugira ngo uvemo imyanda. Umuhimba washizemo imyanda wabaga ubaye icyuma bagacuramo icyo bashaka.



*Inkamba ziri hafi y'aho abacuzi bashongesherejе ubutare mu Bushenge*

## 2.7. Akabira kabi ka Syiki

Akabira kabi ka Syiki kari hafi y'urusisiro rw'amazu y'ubucuruzi ruzwi cyane rwo mu Nkomero, hagati y'Umudugudu wa Rwumba n'uwa Syiki, mu Kagari ka Murambi, Umurenge wa Musasa, Akarere ka Rutsiro, mu Ntara y'Uburengerazuba. Ni ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu, hagati y'ahahoze ari u Bugoyi n'ahahoze ari mu Kanage. Aha ni ho Umwami Ruganzu II Ndori yarwaniye n'umushi witwaga Katabirora ka Kaborogoto[39]. Mu by'ukuri ariko si Umwami Ndori wishe Katabirora, ahubwo yivuganywe na Muvunyi wa Karema.

Ubundi "*Akabira*" ni ijambo ry'Ikinyarwanda rivuga ikibira gito; ikibira kigasobanura ishyamba ry'inzitane, ishyamba ry'umutamenwa. Hari n'umutwe w'inka witwaga *Akabira* washinzwe na Cyirima II Rujugira, awugabira umuhungu we Mudenge. Uyu mutwe w'inka wahoze ahitwa i Nzaratsi muri Nyantango (Kagame1960: 52).

39 *Muri iki gitabo turakoresha aya mazina Katabirora ka Kaborogoto nk'uko twayahawe n'abatuye aha i Syiki. Ku rundi ruhande ariko turazirikana ko hari inyandiko zivuga ko ahubwo Umwami Ruganzu II Ndori yahateye Umuhinza witwaga Kamima ka Kamirogosa (Kagame 1972: 104).*

Mbere yo gutera uyu Mushi wari wigometse ku Mwami Ruganzu II Ndori, umwami yahize na Muvunyi wa Karema wari umugaba w'ingabo ze, akaba n'umutware w'Ibisumizi, bashaka kumenya uzatanga undi kwica Umushi. Nk'uko ariko tuza kubibona mu gitekerezo gikurikira, Muvunyi wa Karema yatanze Umwami Ruganzu II Ndori kwica uwo Mushi.

Dore igitekerezo kirambuye cy'ibyabereye i Syiki nk'uko twagitekerererejwe na Nzibonera Edouard:

"*Umushi Katabirora yari atuye mu i Syiki, mu Kabira kabi ka Syiki. Uwo Mushi yari afite ubwinyo bubaje, afite n'imikoba iziritse ubugabo bwe! Iyo mikoba yari iziritse ubugabo bwe yari iziritse no ku mabere ya nyina, kugira ngo Katabirora naramuka apfuye, ya mikoba izakurure, maze igitsina cye kigwe mu gahumbi ka nyina maze amenye ko umuhungu we apfuye!*

*Katabirora yari atuye mu Kabira kabi ka Syiki, ariko mu gihavu iwe yahitaga mu i Syita! Aho mu Kabira kabi ka Syiki hari ubuvumo bubiri! Hari ubuvumo bwo haruguru yabagamo, nubwo nyina Nyirarubendankima yabagamo buri ku kagezi ka Kinwika. Katabirora yakomeje kuba mu buvumo bwo haruguru, yabanagamo n'abagaragu be b'ibyegera, noneho abandi bagaragu bakaba mu biraro hafi y'amatungo ye kugira ngo bayakenure ariko banayarinda gushimutwa. Naho ubuvumo buto bwo hepfo nyina Nyirarubindankima yabubanagamo n'abaja be bamuboheraga ibiseke n'ibirago byiza by'ubusuna.*

*Katabirora n'ibyegera bye bajyaga baganira ku byerekeye ubutegetsi bwa cyami bwari buriho. Icyo gihe umwami wari uriho ni Ruganzu II Ndori. Katabirora yari yarumvise bavuga ubuhangange bwa Ruganzu, ko ari umuntu w'igikomerezwa, haba mu bukungu, mu cyubahiro, ku rugamba arwana ari kumwe n'ingabo ze z'Ibisumizi; mbese ko ahantu hose ateye agomba kuhatsinda, akahigarurira; ari abantu n'ibintu byose akabitwara bunyago. Katabirora rero wari wizigiye imitsindo y'abakurambere be, amaze kwitegereza no gutekereza bihagije, yasanze Umwami Ruganzu aramutse amuteye akaza kumurwanyiriza mu Kabira kabi ka Syiki atahamutsindira.*

*Katabirora yarebaga ukuntu mu Kabira kabi ka Syiki ari habi - dore ko n'ubungubu kuhagera usanga bigoranye -, yareba ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu agasanga hari imiseke n'urubingo byakuze nk'ishyamba; yareba ahakikije Akabira kabi ka Syiki agasanga ni ishyamba n'ibisura byinshi; akibwira ati: "Ruganzu naramuka aje kundwanya nzamutanga". Yibwiraga ko mu gihe Ruganzu azaba ashakisha aho amenera kugira ngo amugereho, Katabirora azaba yarangije kumwitegura, bityo kwica Ruganzu bikamworohera. Nyuma y'ibyo, Katabirora yabonye ntakindi gisigaye uretse gutuma kuri Ruganzu "akamushabiza" maze akarakara akaza bakarwana.*

*Nibwo rero Katabirora atekesheje amateke menshi kugira ngo abo azatuma ibwami bazajyaneyo impamba. Amaze kubitegura ateganya n'ubutega; ateganya ibisabo; ateganya ibiseke n'ibisabyo; arangije arabyegeranya atumiza abagaragu be barimo Kibihira cya Mayira wari umukuru muri bo yungirijwe na Kibindi cya Bijwenge arababwira ngo nibajyane amaturo ibwami, nibayagezayo babwire Ruganzu ibi bikurikira:*

*Icya mbere umwami "arete seke, arete soko, aze amwubakire ikibumbiro cy'ingavu ze kuko zarushye kunywera aharwondo" [Amashi]! Ubwo mu Kinyarwanda bivuga ngo Umwami Ruganzu aze yubakire Katabirora ahantu heza kuko inka ze zimaze kurambirwa kunywera mu rwondo! Hanyuma kandi Ruganzu bamubwire azazane ibikoresho byose amwubakire nk'ukuntu kwa Ruganzu hubatse neza! Ngo niba atabikoze azamutapfuna bukamvi amucire bushingwe amucire nk'ingabwa yagabwe kera. Bisobanura ngo niba Ruganzu yanze kubikorera Katabirora azamukanjakanja amucire nk'uko umuntu arya ikintu kikamubihira akagicira. Icya nyuma kibabaje yatumye kuri Ruganzu ngo mbese yibaza ko agahugu arimo ari aka se Ndahiro? Ntabwo azi ko ari aka Kabibi se wa Katabirora?*

*Nuko noneho intumwa zirikora ziragenda, bagenda bayoboza ibwami kuko nta n'umwe wari uhazi. Bagiye kuhagera baratura bararuhuka. Bamaze kwitegereza neza uko hateye n'ubwiza bwaho, intumwa nkuru Kibihira cya Mayira asanga aramutse avuze ubutumwa uko Katabirora yabumutumye aho hantu batahivana ubuhoro. Nuko abwira bagenzi be ati: "Ningera imbere y'umwami ndahindura mubwire neza, mubwire amagambo atuma ahubwo aba inshuti ya Katabirora"!*

*Bamaze kubyumvikanaho barikorera baragenda bageze ibwami baravunyisha, babakira neza kuko ni bwo bwari ubwa mbere babona amaturo nk'ayo ageze ibwami. Umukumirizi (umukumirizi: uwakira abashyitsi ibwami) yahise ajya kubwira Ruganzu aho yari atetse ijabiro. Icyo gihe umwami yari kumwe n'abatware be, n'abakuru b'Ibisumizi; noneho yumva bimuteye amatsiko abwira umukumizi ngo nagende bakuremo batanu abe ari bo bamusanga aho ijabiro. Ubwo rero Kibihira amaze gukuramo bane na we wa gatanu baragenda bagera imbere y'umwami. Kibihira cya Mayira nk'intumwa nkuru ya Katabirora akoma amashyi avuga ati: "Karame, gahorane inka n'ingoma Nyagasani". Umwami ababaza aho*

*baturuka baramubwira; niko kubabaza ikibagenza. Nuko Kibihira aratangira ati: "Nyagasani, Katabirora ka Kabibi ka Kaborogoto, agashi k'ubwinyo bubaje, aradutumye ngo umuhe inzira aguture ibisabo, aguture ubutega; aze akubakire inkike nk'uko abandi bagaragu bakubakira". Ati: "Ese ubundi Nyagasani ayobewe ko agahugu arimo ari aka so Ndahiro? Wumva ari aka se Kabibi"?*

*Umwami ngo abyumve atyo arishima cyane, nuko atangira guhamagaza Ibisumizi bye mu byivugo byabyo ahereye ku by'imena. Ruganzu ati: "Muvunyi wa Karema, ishyogo rya Karema, Sebitanamugabo wa Rwitega, wakubise igogo uruguma, i Ruguzi namwe tukabarusha; mu Tumirankoni twa Nyagatare ukarushiriza, wumvise ngo umushi arantumaho neza"? Muvunyi ati: "Ndabyumvise biheko-bizima". Ruganzu ati: "Rwoga rwa Mabavu, Nyirumuheto w'icyuma ubangishije ikindi cyuma, inkuba yo hejuru yaza iyo hasi mugahuza ibaba, wumvise ngo umushi arantumaho neza"? Rwoga ati: "Ndabyumvise biheko-bizima". Ati "Cyaruhinda kiririwa gihinda nk'imvura yo mu muhindo itari bugwe kandi itari bupfe, bwakwira ukegeka umugabo ku nunga y'icumu rye, wumvise ngo umushi arantumaho neza"? Cyaruhinda ati: "Ndabyumvise biheko-bizima"! Nuko umwami akomeza guhamagaza Ibisumizi mu byivugo byabyo, icyo ahamagaje akakibaza ati: "Wumvise ngo umushi arantumaho neza? Na cyo kikamusubiza kigira kiti: "Ndabyumvise biheko-bizima".*

*N'uko umwami ategeka ko bazana inzoga bakanywa bakishima. Mu gihe banywaga, umwami abwira Kibihira cya Mayira, intumwa nkuru ngo aze kubwira Katabirora ko ibyo yamumutumyeho yabishimye, kandi ko azamugira umwe mu bagaragu b'ibyegera bye. Hashize akanya bakiri muri ibyo byishimo, nk'aho basezeye ngo batahe, havamo umushi umwe ati: "Nyagasani aho kuryamira ijambo rya Mukama naryamira ubugi bwa ntorezo"! Bivuga ngo: "Aho kugira ngo babeshye, we agiye kuvugisha ukuri wenda bamwice". Noneho Umwami Ruganzu ati: "Mureke twumve ibyo uriya mushi ashaka kutubwira". Nuko umushi ati: "Nyagasani, Katabirora ka Kabibi ka Kaborogoto, agashi k'ubwinyo bubaje yadutumye ngo urete seke, urete soko, uze umwubakire inyumba yakwiza ingana no kumirwa ngo uri mongo". Ngo: "Urete amavuta ingavu zawe zarese cyera uze umubumbire ikibumbiro cy'ingavu ze kuko zarushye kunywera aharwondo". Ngo: "Niba utabikoze azagutapfuna bukamve agucire bushingwe akugire ingabwa yagabwe cyera"! Ati: "Ese ubundi wibwira ko ako gahugu urimo ari aka so Ndahiro? Ntabwo uzi ko ari aka se Kabibi"? Nuko umwami n'agahinda kenshi atekereje ukuntu uwamubwiye mbere yamubwiye amagambo yo kumubeshya; ko mu by'ukuri ubutumwa bwari ubwo ngubwo, ahamagaza Ibisumizi bye mu byivugo byabyo. Buri gisumizi ahamagaje akakibwira ati: "Ese wumvise ukuntu imbwa y'umushi intutse"? Igisumizi gihamagawe kigasubizanya agahinda kiti: "Ndabyumvise biheko-bizima".*

*Ruganzu n'umujinya mwinshi ategeka ko bacanira imigera yo kubanogoramo amaso! Nuko imigera imaze gushya umwami ategeka ko babanogora, ariko wa wundi wavugishije ukuri we bakamwihorera, ahubwo bakamuca ukuboko kumwe ngo ajyane ubutumwa kwa Katabirora bugaragaza ko umwami yarakaye.*

*Bamaze kubanogoramo amaso umwami abwira wa wundi baciye ukuboko ati: "Genda umbwirire Katabirora ko muteye kandi ko nzasiga namwishe"! Nuko intumwa imaze kugenda, umwami ategeka ko bazana intango bita "Kanywabahizi". Iyi yari intango igenewe imihango y'ibwami, kugira ngo nibajya gutera ahantu babanze bayihigireho imihigo maze buri muntu agaragaze uko aza kubyifatamo bageze ku rugamba. Kanywabahizi yari ikibindi kinini cyajyamo "croix rouge" eshanu (amajerekani atanu, buri jerekani ijyamo litiro 30). Umwami ategeka ko mbere yo kugira ngo umuntu asogongere azajya abanza akivuga. Ruganzu aratangira ati: "Ndi Ruganzu rwa rugamburura Abahunde rwa Muhumuza; ndi Kitatire cya Mutabazi, naritatiye ndatera. Niciye umugome mu Bugondi maze Ubugoyi burakundwa buragendwa. Ndi Nyir'icumu ry'inganzamarumbo nka Nyirimishumi wishe Nyirimishweko, nkaba ndi mukanguzi w'ibyuma. Ndamuteye kandi ndamutikije pe"! Ati: "None bahungu mwe muri bande"?*

*Nuko Muvunyi arirasa ati: "Ndi Muvunyi wa Karema, ndi ishyogo rya Karema, Sebitanamugabo wa Rwitega, wakubise igogo uruguma, i Ruguzi namwe nkabarusha, ndi mu Tumirankoni twa Nyagatare nkabarushiriza". Rwoga ati: "Ndi Rwoga rwa Mabavu nyiri umuheto w'icyuma, ubangishije ikindi cyuma, inkuba yo hejuru yaza iyo hasi tugahuza ibaba". Cyaruhinda ati: "Ndi Cyaruhinda kiririwa gihinda nk'imvura y'umuhindo itari bupfe kandi itari bugwe, bwakwira nkegeka umugabo ku nunga y'icumu rye"! N'ibindi bisumizi bikavuga mu byivugo byabyo.*

*Nuko umwami ategeka ko inzoga bayisuka, igicuma cya mbere barakimuhereza aracyakira. Igicuma cya kabiri bagihereza Muvunyi, yanga kugisomaho ngo arasangira n'umwami kuko ari we bahiga, adahiga n'ibisumizi! Cya gicuma agihereza abandi. Muvunyi abwira umwami ngo namuhereze. Nuko umwami ahereza Muvunyi arasoma arangije asubiza umwami aramubwira ati: "Nyagasani nuramuka untanze kwica iriya mbwa y'umushi, mama uzamwambike uruhu rw'ihene no kwa data ntihazongere kuba igicaniro". Uruhu rw'ihene rwaraziraga ku bagore b'icyo gihe; ni ukuvuga ko cyari nk'icyaha gikomeye. Ubwo Muvunyi*

*yabwiraga umwami ngo nyina bazamwambike umwambaro utambikwa abagore, ngo kandi inka zo kwa se bazazijyane he kugira igicaniro. Ruganzu na we abwira Muvunyi ati: "Muvunyi uramuka untanze kwica imbwa y'umushi, umugore wanjye azaguhe urwuya", bivuga ngo: "Bazaryamane"; "kandi ingoma ntizizongere kuvugira Ruganzu zizavugire Muvunyi".*

*Abari bicaye ahongaho bararebana, bongorerana bavuga ko Muvunyi yikozeho. Bati: "Ko umwami azarwana ari kumwe n'ingabo ze z'Ibisumizi, none Muvunyi uzaba urwana wenyine azatanga ate umwami kwica imbwa y'umushi"? Muvunyi yari afite umugaragu witwaga Bumva, mu by'ukuri yitwaga Bumvukuri. Kumwita gutyo byatewe n'uko ibyo shebuja yamubwiraga Bumva yabaga yamaze kubimenya kare. Abonye ko abantu bose bumiwe kubera we, Muvunyi yiciye ijisho Bumva, aramukurikira barasohoka, bagenderako. Muvunyi yari agiye kubwira se Karema ko amaze guhiga na Ruganzu gutanguranwa kwica imbwa y'umushi. Mu guhiga n'umwami, Muvunyi yari yizeye imitsindo ya se Karema. Babonye atagarutse Ruganzu yibaza ikibimuteye noneho asanga ashobora kuba yagendeye ko kwica wa mushi.*

*Ruganzu yumvise umutima umukomanze, abwira Ibisumizi ngo bagende bafate intwaro batabare badasanga Muvunyi yarangije kumwica. Umwami yanaketse ariko ko Muvunyi ashobora no kuba agiye kwaka se imitsindo akaba yagaruka ibwami. Asiga abwiye abagore n'abakobwa batari babyara b'ibwami ngo nibabona Muvunyi agarutse bambare ubusa, ngo yenda ari buze kugira ibishuko, agire uwo akubaganya bibe byamuviramo kuba yagwa ku rugamba.*

*Ruganzu yahise ahagurukana n'ibisumizi bye. Mu guhaguruka kwa Ruganzu, Muvunyi yari hafi yo kugera kwa se Karema. Agezeyo yabwiye se ikimugenza, ukuntu amaze guhiga n'Umwami Ruganzu kuzatanguranwa kwica imbwa y'umushi. Nuko Karema abwira umwana we ati: "Muvunyi, nako muvunamuheto, wabonye iyo uba nkanjye cyera"! Ati: "Kunyita Karema buriya naremajwe n'ibyuma ndasanira Ndahiro se wa Ruganzu, none nkubwire, wamaze kuhava Ruganzu n'ibisumizi bye baratabara". Ati: "Ariko mwana wanjye reka ngusuzume ndebe uko bizakugendekera, niba ari wowe uzatanga Ruganzu kwica umushi, cyangwa niba azamugutanga".*

*Karema ajya mu gikari, ahamagara umuhungu we Muvunyi amwereka inzu itarimo ibintu ngo nayinjiremo. Muvunyi amaze kwinjira muri iyo nzu, Karema azana umwite w'inka awukingisha ku muryango. Aramubwira ati: "Iyi nzu ngiye kuyikongeza ariko uyisohokemo udakoze kuri uyu mwite, nuwukoraho ndagutera icumu nkwice"! Muvunyi yajyanye imbaraga ze arazegeranya yiterera hejuru aturumbuka mu gisenge cy'inzu agwa inyuma; ubwo ikizamini cya mbere aba aragitsinze.*

*Karema ajya mu rugo rw'inka z'imbyeyi ahamagara umuhungu we ngo amusangeyo. Muvunyi amusanzeyo, se aramubwira ngo urwo rugo narusimbuke inkubirane agwe haruguru, yongere agaruke agwe mu rugo. Nuko Muvunyi arabikora, ikizamini cya kabiri aba aragitsinze. Karema ajya mu mfuruka y'inzu nini, ahamagara Muvunyi ngo ahamusange. Ategeka Muvunyi ko aryama agaramye. Amaze kugarama, Karema azana insyo ebyiri nini, rumwe ku maguru urundi mu gituza, n'uko aramutegeka ngo izo nsyo zombi azikabukirire icyarimwe! Muvunyi imbaraga arazegeranya yiterera hejuru insyo zirasimbuka. Karema amutegeka ko ajya kwicara mu ntebe yari mu kirambi. Amaze kwicara ku ntebe y'imitsindo, se Karema azana ibicuba bibiri kimwe cy'amata ikindi cyuzuye amaganga, ngo ibyo bicuba byombi abinywe abimare kandi ntacyo asigaje! Muvunyi afata igicuba cya mbere cy'amaganga agikubita ku munwa aterera hariya. Afata n'igicuba cya kabiri cy'amata na cyo aragotomera aterera hariya. Nuko se aramubwira ati: "Mwana wanjye noneho tabara".*

*Muvunyi abwira umugaragu we Bumva ati: "Mbe Bumva we, aho wumvise"? Undi ati: "Numvise". Ati: "Nonese ko wumvise wumvise ngo iki"? Ati: "Uravuze ngo nindebe inkono y'itabi ntekere utumagure maze dutabare". Muvunyi ati: "Ngaho bikore". Bumvukuri arabikora, ahereza Muvunyi aratumagura, arangije ahereza Bumva inkono y'itabi ayisubiza mu ruhago; noneho baratabara.*

*Muvunyi yahise asubira ibwami. Akihagera babwira ba bagore n'abakobwa ko Muvunyi aje, nuko bambara ubusa, ariko ntiyagira igishuko cyo kubareba, ahubwo afata icondo ry'ingabo ye abavunjamo ngo batatane, nuko ababaza aho umwami ari. Bamubeshya ko umwami yaberanye (yarwaye), ntiyashirwa aragenda no ku bisaso by'umwami asanga umwami ntawuhari. Amenya ko Ruganzu yatabaye n'ingabo ze.*

*Muvunyi ntiyanyuze ikirari umwami yanyuzemo, ahubwo yabaye nk'usubira aho yaturutse ariko ntiyasubiza kwa se Karema. Nabo kuko bari babiri gusa barihutaga cyane, naho umwami n'ingabo ze bagendaga bitonze kuko hari aho byageraga bigasaba ko babanza gutemurura bitewe n'ishyamba ry'inzitane ryari rihari, n'ubwinshi bwabo. Byatumye Muvunyi agera hafi yo kwa Katabirora umwami Ruganzu atarahagera, abanza kuyoboza, nuko baramubwira bati: "Nugera ku kagezi kitwa Kinwika urazamuka umwogogo wako. Urutare ugeraho rwa mbere araba ari rwo nyina Nyirarubindankima abamo; noneho urwo Katabirora abamo*

*ruri haruguru y'urwo nyina abamo".*

*Muvunyi ageze ku rutare rwa mbere, arabukwa nyina wa Katabirora, asubira inyuma, noneho yambukira ibumoso ubu ni mu Mudugudu witwa Syiki. Areba haruguru, abona urutare Katabirora yabagamo rucucumukamo umwotsi, ahita amenya ko Katabirora ari ho aba n'ibyegera bye. Muvunyi n'umugaragu we Bumva bahise bambuka baza guturama hafi yo kwa Katabirora kugira ngo barebe Umwami Ruganzu nahagera batangiye gusakirana. Ubwo Ruganzu na we yari hafi yo kugera kwa Katabirora mu mpinga nziza cyane y'ahantu bita ku Wimana. Ruganzu n'ibisumizi bye babanza kuruhuka.*

*Igihe baruhukaga, Ruganzu yatumye kuri Katabirora ngo yitegure, ataza kuvuga ngo umwami yamutunguye. Hari hasigaye intera ngo bagere ku rutare. Intumwa imaze gutanga ubutumwa, Katabirora yumvise nta cyo bimubwiye. Ntabwo yigeze abunza imitima; ahubwo yahise ategeka ko bajya mu rutare, anategeka ko nyina azamuka agategura igikoma Katabirora ari bwihembe amaze kwica Ruganzu. Nyina wa Katabirora yahise azamuka aza mu rutare aho kwa Katabirora n'abagaragu be b'ibyegera. Kwa Katabirora bacanira amacumu n'imyambi byose, biratukura biba umuriro kugira ngo uwo aza kubyoherezaho n'ibimuhamya bimuhitane ntakabuza.*

*Umwami yaje kumanuka agera hafi y'urutare rwa Katabirora n'Ibisumizi bye ariko kubera ko hari hacuramye yabuze ukuntu ajya imbere y'urwo rutare, atuma kuri Katabirora ngo aze barwane. Hagati y'aho ibitare byari biri n'aho Ibisumizi n'umwami bari bahagaze hari nka metero 40. Katabirora yasohotse imbokoboko nta kintu afashe mu ntoki. Ruganzu yaramubonye biramutangaza, arebye ukuntu kangana, indeshyo yako n'ukuntu katinyutse kumutumaho ayo magambo, umwami abwira Katabirora ati: "Ngaho mbanza". Katabirora asubiza Ruganzu ati: "Ntabwo nabanza Muhurira y'i Rwanda". Bivuga ngo ntabwo yabanza umukuru w'u Rwanda. Katabirora abwira umwami ati: "Ngaho mbanza ari wowe". Umwami aramusubiza ati: "Ntabwo nabanza imbwa y'umushi"! Katabirora aramubwira ati: "Ubu rero itegure ngiye kukubanza". Katabirora yigiye inyuma bamuhereza icumu ryaka umuriro ahita arikabukira Ruganzu atabyiteguye rimukubita igitsiburira rimuciye ku mutwe, Ruganzu yikubita hasi, Ibisumizi n'ubwoba bwose bimwikubita hejuru, ibindi hirya ibindi hino! Rya cumu ryarambutse, ritwika ishyamba, ritangira gushya ikijyaruguru.*

*Umwami n'Ibisumizi bamaze kwitura hasi, Katabirora yahise yibwira ko umwami ibye byarangiye, noneho abwira nyina ngo namuhe ibikoma yihembe kuko amaze kwica umwanzi we. Nyina Nyirarubindankima amuhereza igikoma, Katabirora akinywa yivuga mu Gihavu ati "Ari mari we, ari Nyiramudwengedwenge, ari nicishe umukarifunda, ari niba mugira ngo ndabeshya umugabo ni Nyirabiyora umugabo wa Nyiramudwengedwenge". Iyi ni imandwa y'iwabo baterekereraga, umutware w'amashitani y'iwabo. Ati: "Rero umwami narangije kumwivugana, ibye byarangiye, niba mugira ngo ndababeshya namwe muze mubirebe".*

*Mu gihe Katabirora yagotomeraga icyo gikoma yivuga gutyo, Muvunyi yahagurutse aho yari ari na Bumva, aragenda ahagarara ahantu Katabirora atamureba. Afata icumu arariligisa ashyiramo imbaraga zose ararikabukira, rifata Katabirora mu mutima rirasatura rimuhitana na cya gikoma atakimaze. Muvunyi yahise abwira umugaragu we Bumva ati: "Mbe Bumva aho wumvise"? Ati: "Numvise"! "Nonese wumvise ngo iki"? "Uravuze ngo nimfate intambi maze nshahure imbwa y'umushi". Ati: "Ngaho bikore". Arangije ibinyita bya Katabirora Bumva abishyira mu ruhago; bigumira hahandi ngo barebe uko biri bugende.*

*Bamaze gushahura umushi Katabirora, ya mikoba yari iziritse cya gitsina cye uko yari yarabiteguye, yahise igenda igwa mu gituza cya nyina. Ubwo nyina n'abo bari kumwe mu rutare, bagize ubwoba bagumamo, ntawashoboraga gusohoka. Umwami yaje gutsimbuka, ariko mu gutsimbuka kwe atsimbukira rimwe n'Ibisumizi. Yitegereje asanga Katabirora aho ari ashahuye. Aba ahamagaye Ibisumizi bye mu byivugo byabyo ati: "Mbe Rwoga rwa Mabavu, nyir'umuheto w'icyuma ubangishije ikindi cyuma, inkuba yo hejuru yaza iyo hasi mugahuza ibaba, waba ari wowe wishe imbwa y'umushi"? Ati: "Nyagasani burya wari wibikiriye nanjye rero nari nkwibikiriyeho". Ati: "Mbe Cyaruhinda kiririwa gihinda nk'imvura y'umuhindo itari bugwe kandi itari bupfe, bwakwira ukegeka umugabo ku nunga y'icumu rye, yaba ari wowe wishe imbwa y'umushi'? Ati: "Nyagasani burya wari wibikiriye nanjye nkwibikiriyeho". Nuko umwami akomeza guhamagaza ibisumizi mu byivugo byabyo icyo abajije ati: "Waba ari wowe wishe imbwa y'umushi", kikamusubiza kiti: "Wari wibikiriye nanjye nkwibikiriyeho".*

*Nuko Muvunyi ahaguruka aho yari ari aza imbere y'Umwami Ruganzu amukina ku mubyimba ku bw'indahiro bari bateze; abwira Umwami Ruganzu ati: "Wihogora Nyagasani ni njye Muvunyi wa Karema, Ishyogo rya Karema, Sebitanamugabo wa Rwitega, wakubise igogo uruguma, Ibiguzi na Mwito nkabarusha, mu Tumirankoni twa Nyagatare nkabarusha, mu Ishishi nkabarushiriza", ati: "Noneho nabarushije"! Ati: "Ni njye nyiri ubuhanga bucyuye bene Ndahiro ubuhoro".*

*Umwami yibutse uko bateze, asanga nta kundi byagenda, arihangana bya kigabo, abwira Ibisumizi bye ngo bavundure noneho batahe. Muvunyi abonye ukuntu*

*umwami yarakaye cyane ntiyajyana na we, ahubwo arakata yigira kwa se. Agezeyo amutekerereza ukuntu byose byagenze: ukuntu yahageze n'umugaragu we Bumva; ategereza uko biri bugende umwami ahageze; ukuntu Katabirora yabanjije Umwami Ruganzu, yamutera icumu ryaka umuriro rikamunyura ku mutwe, rikamukubita igitsiburira agahita yikubita hasi igihumure, ibisumizi bye bikamwikubitaho; ukuntu ryatwitse ishyamba; uko Muvunyi ari we wishe umushi; n'ukuntu Ruganzu amaze kumenya ko umushi yishwe na Muvunyi byamubabaje, akabona atajyana na we ngo bitamuviramo kuhasiga ubuzima.*

*Karema abwira umuhungu we amushima ati: "Wakoze, ibindi nanjye nzabyikemurira". Muvunyi agumana na se, naho umwami ageze iwe n'agahinda kenshi ntiyaha inzoga ingabo ze, ahita ajya mu buriri. Bagiye kuzana ingoma ngo bamuvugirize arahakana ati: "Ingoma ziravugirizwa Muvunyi wa Karema". Ibisumizi birikubura biirataha. Kubera ko Karema yari yarabaye ingabo ya Ndahiro se wa Ruganzu, ibwami yari ahafite abantu b'inkoramutima ze. Yatangiye gushyiraho abamunekera ngo yumve imigambi Ruganzu yaba afite ku muhungu we Muvunyi. Karema yigiriye inama ati: "Reka njye kwurura Umwami Ruganzu ye kurakarira umwana wanjye wamwiciye umubisha ahubwo amugororere". Ateganya ibintu ari bujyane ibwami, ateganya inka nziza y'imbyeyi n'iyayo, arangije atekesha ibyo azajyana byo kwicisha bugufi. Arashisha amaraso y'inka bamutekera ikiremve, barangije bateka amasaka y'impengeri, basoroma n'imboga z'isogi, ibyo byose abishyira mu kibo kimwe, abwira abagaragu be babiri b'inkoramutima ngo bamuherekeze noneho nibagera ibwami abereke aho bikinga baze gukurikira bamenye amateka ye n'Umwami Ruganzu.*

*Baragiye bageze hafi y'ibwami, uwabonye Karema mbere yahise ajya kubwira ibwami ko Karema azanye amaturo. Umwami akimara kubyumva yategetse ko bashyira intebe mu muryango w'inzu nini. Nuko intebe amaze kuyicaraho ategeka ko bamuhereza imyambi n'umuheto, atangira kurasa. Umwambi wa mbere Karema arawufata, akomeza kuza asatira umwami, ya nyana iri ku bitugu nyina imukurikiye. Umwami yohereza umwambi wundi na wo Karema arawufata, arinda agera imbere y'umwami ataramuhamya.*

*Ubwo Karema yahise ashyira ya nyana hasi, nyina yegera iwumera. Karema atereka cya kibo hasi akoma yombi avuga ati: "Gahorane amata n'ingoma Nyagasani". Ati: "None nyagasani umwana yakubereye intwari akwicira umwanzi". Akora muri cya kibo afata ikiremve aratamira abwira Ruganzu ati: "Aho wabereye wari wabona umwami arya ikiremve"? Arongera afata amasaka y'impengeri aratamira ati: "Wari wabona aho umwami arya amasaka y'impengeri"? Afata n'imboga z'isogi aratamira ati: "Wari wabona umwana w'umwami arya imboga z'isogi? None rero nyagasani umwana mugororere, maze wowe uvugirwe n'ingoma. Nyagasani umwana wanjye ntabwo yigeze ashaka ubwami bwawe kuko iyo abushaka igihe wari ugaramye n'Ibisumizi byawe aba yarakwishe akica n'intwari zawe, abandi akabagira ingaruzwamuheto, ubwami akabufata. Ntabwo ari cyo yari agamije ahubwo yashakaga kurangiza intego mwari mwateganye".*

*Ruganzu abitekereje asanga ni ukuri koko, aramubwira ati: "Ese mubyeyi Karema, ko ari umwana wawe urabona namugororera iki gikwiye ubutwari yakoze"? Karema abwira umwami ati: "Muvunyi kuko ari ingaragu, mugire umukwe wawe umuhe mu bakobwa bawe atoranyemo umubera umugore, umuhe n'amashyo y'inka, umuhe n'imisozi agutegekere". Umwami yumva aranyuzwe, abwira Karema ati: "Ngaho umwana wawe mutumeho yitegure aze ibyo byose uvuze mbimukorere". Icyo gihe Ruganzu atumiza ku batware bari bahari mu gihe yahigaga na Muvunyi, bamaze kuhagera bafata ijambo ryo gushimira ubutwari bwa Muvunyi wamaze kwica Katabirora, agaha umwami umudendezo, ko iyo ashaka aba yaranamwishe ubwami akabufata. Umwami ati: "Kubera izo mpamvu ngiye kumugira umukwe wanjye, ngiye kumushyingira umwe mu bakobwa banjye, arobanure uwo yishakiye". Amuha n'inka nyinshi amugira umutegetsi wa kabiri ku mwami avuga ati: "Aho umwami atari Muvunyi niwe ugomba kuba mu cyimbo cy'umwami". Ibirori birakorwa biratungana noneho kuva icyo gihe umwami Ruganzu n'umukwe we Muvunyi babana neza, barangiza ubuzima bwabo bwo kuri ino si nta we uhemukiye undi".*

Ubundi Akabira kabi ka Syiki ni ahantu hagoranye cyane kugera, dore ko ari mu manga ihanamiye ikiyaga cya Kivu. Mu bimenyetso bikigaragara aho mu Kabira kabi ka Syiki hari ikivumu bivugwa ko ari icyahoze ku rugo rwa Katabirora; hari ubuvumo bubiri bivugwa ko bwabayemo Katabirora na nyina; hagaragara kandi urutare ruriho ibimenyetso byitirirwa Ruganzu bivugwa ko yaba yarabihasize igihe yateraga Katabirora. Muri byo twavuga nk'amajanja y'imbwa ze, ndetse n'aho Ruganzu II Ndori yicaye aruhuka.

Uretse iki gitekerezo cy'umushi Katabirora, hari izindi nyandiko zivuga ko aha mu i Syiki ari ho Umwami Ruganzu II Ndori yaba yarategewe igico cyamuhitanye (Kagame 1962: 60). Ubwo yari avuye kugaba igitero muri aka karere, Ruganzu yarashwe umwambi w'ingobe mu jisho, maze ingabo bari kumwe zo mu mutwe wa Nyantango bagerageza kumuhandura uwo mwambi birabananira. Kuva ubwo ni ko kwita "*Abakuro*" iryo torero ryo mu mutwe w'ingabo za Nyantango,

kuko bakuye umwami umwambi.



*Akabira kabi ka Syiki mu ijoro (Iyi foto ubu ntitambitse aho guhagarara?)*

### 2.8. Rubi rw'i Nyundo

Rubi rw'i Nyundo iherereye mu Mudugudu wa Bushyogero, Akagari ka Cyahafi, Umurenge wa Bwira, Akarere ka Ngororero, mu Ntara y'Uburengerazuba. Kuva kera n'u Rwanda rutarahigarurira kugeza mu mpera z'ubukoroni, agace Rubi rw'i Nyundo iherereyemo kitwaga Cyingogo. Umusozi Rubi rw'i Nyundo iriho ubusanzwe witwa Rugarama. Nyundo akaba ari "agasozi gatoya kihekeje kuri Rugarama, gasa n'agapfupfu kayo" nk'uko Alexis Kagame yabaye nk'ubishushanya mu *Nganji Karinga* (Kagame, 1959: 159).

Rubi rw'i Nyundo ni ahantu ndangamurage h'amateka kubera ko ari ho Umwami Ndahiro II Cyamatare yaguye. Nyamabumba Evariste ni umwe mu bahaturiye wasiganuje amateka y'itanga ry'uwo mwami. Yatweretse ahantu hahoze igiti cy'umwumba, bivugwa ko munsi yacyo ari ho Umwami Ndahiro II Cyamatare yashiriyemo umwuka. Uwo musaza wavutse mu w' 1952 avuga ko icyo giti yagisanze. Ahagana mu w' 1997 ngo nibwo batangiye kugihinga iruhande. Abagenzi bakundaga kugicaho inkoni, n'abahigi bakagicaho imijugujugu! Ubu nta gisigisigi cy'icyo giti cy'umwumba kikiharangwa; ariko Nyamabumba yerekana neza aho cyari kiri. Ubu ni mu isambu y'uwitwa Rugugura.

Iyo uhagaze aho hantu, uba witegeye agasozi kari hakurya kitwa Ntaganzwa. Ibumoso bwako hakaba akitwa ku Kibya; ngo abagore bakunze gutsinda bakakita ku Kimasa! Naho iburyo bwa Ntaganzwa hari akandi gasozi gafite isunzu risongoye kitwa Suti, gateganye na Kageyo. Ukebutse hakuno mu cyerekezo cya paruwasi gatorika ya Muhororo n'aho umurenge wa Bwira wubatse, ukamanuka gato nyuma ugatambika nka metero magana atatu, ugera ahitwa ku Muko. Aha ngo hahoze igiti cy'umuko Umwami Ndahiro II Cyamatare yaba yarugamyemo izuba amaze gukomereka, mbere yo gukomereza hakurya ku giti cy'umwumba aho yatangiye. Aho icyo giti cy'umuko cyahoze na ho harigaragaza. Ngo ni ho abaturage boheraga ibikoresho bishaje nk'amasekuru, ibibindi n'ibisabo. Ngo cyaraziraga kujya gutashyayo inkwi! Nyamara uwitwa Mwambari Gratiani yaje guhinyuza iyo miziro; umuko aza kuwurandura arawucana! Mwambari ubu (2017) afite imyaka 80!

Iyo uhagaze aho ku Muko, uba witegeye akandi gasozi na ko gafatwa nk'ahantu ndangamurage ushingiye ku muco. Ni agasozi kitwa Ngurugunzu. Hari igitekerezo kuri ako gasozi kizwi cyane n'Abanyarwanda kivuga ngo "Nzashira i Ngurugunzu nkiri Ngagi". Amakuru arambuye kuri Ngurugunzu, ndetse n'icyo gitekerezo kuri Ngagi bizasohoka mu yindi nyandiko. Reka ahubwo tugaruke kuri Rubi rw'i Nyundo, dusoze tubasubiriramo mu buryo burambuye amateka y'iyima n'itanga rya Ndahiro II Cyamatare nk'uko byanditse mu *Nganji Karinga* (Kagame, 1959: 156-159):

*"Yuhi II yamaze gutanga, abiru be bimika umuhungu we Cyamatare, yitwa Ndahiro II. Aliko bene se bamwe banga kumwemeraho Umwami, bimika mukuru wabo Juru: izina yitwaga ly'Ubwami ntabwo twalibwiwe. Abo umuntu yavuga bali kumwe nawe neza, ni Mutezi na Bamara. Barwanira ingoma rero birabulirana. Ndahiro yali afite intore ze babyirukanye zitwaga Ingata, n'izindi zitwaga Abahunga n'izitwaga Inkindi. Abana be tuzi ni babili: Ndori na Kibogo.*

*Ubwo bali ku Mukingo, igihugu kimeze nabi rwose, bajya inama yo guhungisha bene Ndahiro II, kugira ngo ejo batazagilira ibyago limwe; uwo tuzi ko yahunze ni Ndori bohereje kwa nyirasenge Nyabunyana, I Karagwe kwa Karemera-Ndagara ya*

*Ruhinda. Bamaze kumwoherezayo,Ndahiro II akomeza kurwanya Juru. Umutasi we yali Minyaruko ya Nyamikenke, Umuvubyi w'i Busigi. Minyaruko uwo yajyaga kwa Juru, bakabona ko ari umuyoboke cyane, aliko byarangira akaza gutuma kuli Ndahiro II, akamubwira ibyo kwa Juru: bagashaka uko bazamushyikira.*

*Limwe Minyaruko atuma ko Juru agiye gutanga ibibanza i Gitambi, ho mu Buriza, hateganye n'i Gasabo. Ndahiro II Cyamatare ahaguruka ubwo, Juru aje mu bibanza Ndahiro II amutsinda aho. Igikuba kiracika, ingabo ziravangura: bararasana cyane. Aba Ndahiro II baraneshwa, bagumya kurasana bahunga. Aho bageze, Mutezi wa Yuhi II ahamagara mu ba Ndahiro II, ati: "Nimwishakemo umuntu uza duhûre twembi. Unêsha undi, araba atsindiye ababo. Abasigaye b'unêshejwe bayoboke Umute- geka w'unêsheje". Mu ba Ndahiro II hagenda Mugobe wa Ngwije, wali utuye mu Museke. Yica Mutezi, aliko aba Juru ntibêmera lya sezerano lya Mutezi: baragumya bararwana, bakiranurwa n'ijoro. Mu cyimbo cya Juru bimika Bamara ba Yuhi II. Aliko rero sinzi uko byagenze, kuko Juru yari asize abana batatu: Muyogoma na Cyankumba na Kinanira, bamwe bavugwa mu Bucura-bwenge; (reba IV, N° 8,11,12,13), keretse rero niba Bamara yarashatse kwiyimika akabanza kubîkiza na we.*

*Bamara amenye ko Ndahiro II yahungishirije Ndori i Karagwe, agerageza kumwica: yoherezayo Bwimba bwa Yuhi II, yiyita intumwa ya Ndahiro; ali agushaka ko aza kubona icyanzu cyo kumwica. Aliko rero ntibyashoboka, kuko Ndahiro II yali yarabitekereje. Yali yarasezeranye na Nyabunyana, ati: "Nihagira umuntu uturuka mu Rwanda, agira ngo ni jye wamutumye, ashaka kubonana na Ndori", ujye umubaza uti: "Mbese duherukana lyali nyine"? Nagusubiza ati: "Duherukana twicaye ku karago hejuru y'ibuye lishashe", ujye umenya ko ali jye wamwohereje koko. Naho nayoberwa ilyo jambo, ujye umenya ko ali umugome". Bwimba rero agezeyo, abanza kuramukanya na mushiki we, aliko ntiyamubwira kwakundi kw'isezerano. Nyabunyana aramuhakanira ati: "Ndori ntabwo ali ino. Genda ubibwire se: namwohereje kure". Igihe Bwimba ageze mu nzira ataha, kwa Karemera-Ndagara bamukulikiza ingabo ziramwica: ahera i Karagwe atyo.*

*Igihe rero bikibangiranye bityo, Nsibura arâduka. Uwo Nsibura yali wawundi mwene Muhoyo twavuze mbere, (reba N° 40). Yamaze kwima mu Bunyabungo, ayobora ibyo bihugu byose byo hakulya ya Rusizi, no mw'Itambi, no kw'Ijwi; bukeye yibuka ibyo Abanyarwanda bali baragiriye se: yambuka Rusizi afite ingabo ishyano lyose. Amenye ko mu Rwanda bali barasubiranyemo, atuma kuli Bamara ati: "Ngaho duhane amaboko, dutsinde Ndahiro". Ibyo na none Nsibura yabigiliraga gutsinda uwali ufite ingoma y'Ingabe. Bamara yatwaraga mu bihugu byo hakulya ya Nyabarongo, by'u Buriza, n'u Bwanacyambwe n'u Bumbogo n'u Busigi; na we Ndahiro II akayobokwa n'i Nduga, n'ibihugu by'inkiga byegamiye ishyamba, byali byaragaruwe na se. Bamara rero yemera gutabarana na Nsibura. Batuma no kuli Nzira ya Muramira, Umwami w'u Bugara, yohereza ingabo ze zitwaga Abakongoro. Ubwo Ndahiro II yali yahagurutse ku Mukingo ho mu Nduga, ajya kwubaka i Gitarama cya Bugamba, muli Provinsi y'ubu ya Cyingogo. Ubwo yali kumwe n'umugabekazi n'abagore be bose, balimo Nyabacuzi, nyina wa Ndori.*

*Aho Ndahiro II yali atuye, na n'ubu hitwa ku Mana za gitarama, kuko yali yahabyaliye ibimana; aliko ubu byaracitse. Ingabo za Bamara, n'iza Nsibura, n'iza Nzira, zimuterera limwe ku mugambi. Ndahiro II aneshwa kuli Gitarama, barayururuka, bageze mu kabande kayo, ku nkombe y'umugezi wa Kibilira, arakomereka ubwe, kuko yali yibereye ku rugamba ubwe. Byali ibintu bicika! Aho yakomerekeye na n'ubu hitwa mu Irasaniro. Avuye mw'Irasaniro, yambuka umugezi wa Kibilira: kuva ubwo, uwo mugezi ni umuziro w'Abami. Nta Mwami wawambukaga, kuko wali waranyoye amaraso ya Ndahiro II. Umwami wajyaga muli ibyo bihugu, yagombaga kuzenguruka, akawunyura ruguru cyane. Ndahiro II rero amaze kwambuka Kibilira, afata ku musozi witwa Rugarama, aba ali ho agwa: yaguye mu muheto w'Abakongoro."*

## 2.9. Imiko y'abakobwa

Imiko y'abakobwa iherereye mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Ngororero, Umurenge wa Kageyo, Akagari ka Mukore, Umudugudu wa Rusenyi. Iri ku musozi wa Kageyo hepfo y'ahahoze ingoro y'Umwami Kigeri IV Rwabugiri. Uturutse aho ku Mukore wa Rwabugiri ni muri kirometero imwe na metero 355 ukurikiye umuhanda werekeza ku biro by'Akarere ka Ngororero. Kera hari mu Cyingogo.

Imiko y'abakobwa ni ahantu ndangamurage h'amateka kuko ari ho hiciwe umugabekazi n'abamikazi bose mu itanga ry'Umwami Ndahiro II Cyamatare. Dore uko Alexis Kagame (1959 : 160) asobanura amateka yaho mu *Nganji Karinga*:

*"...mu ipfa rya Ndahiro II, umugabekazi Nyirandahiro II Nyirangabo afatanwa n'Abamikazi bose. Abanyabungo bababambira ahantu ho mu Cyingogo hitwa mu MIKO Y'ABAKOBWA; ubundi hakitwa no ku Rwegekangabo".*

Uretse aya mateka yo ku ngoma ya Ndahiro II Cyamatare abaturage benshi bagaragaza ko batazi neza, hari ibindi bisobanuro (legends/

légendes) ku Miko y'Abakobwa usanga ari byo byabaye uruhererekane mu bahaturiye, kurusha amateka yaho nyakuri. Igisobanuro cya mbere twahawe n'uwitwa Makinarodi Théophile[40] avuga ko akomora ku mubyeyi we n'abari urungano rwa se, ni ikivuga ko ngo Umwami Kigeri IV Rwabugiri yaba yarahazanye abakobwa umunani, bose bizeye ko azabarongora. Nuko ahageze ngo ahitamo umwe aba ari we arongora, abandi barindwi ategeka ko bababubakira hamwe. Abo barindwi ngo babonye ko atabarongoye, bariyahura, babashyingura ahaje kwitwa mu Miko y'abakobwa, banahatera umuko.

Igisobanuro cya kabiri twahawe n'uwitwa Niyitegeka Alphonse[41], na we avuga ko yumvanye abantu benshi, ni ikivuga ko abakobwa bakundaga "kuhacira imyeyo", bukeye baza kurigita; bivuze ko hashobora kuba harimo iriba! Aho hantu ubu harangwa n'agahuru, kera ngo habagamo umunyana, agasimba bivugwa ko iyo ukabonye ntugire uwo ubibwira, biguha kuramba!

Umuko witiriwe aho hantu ubu ntukigaragara, cyeretse ibishibuka byawo. Abahaturiye ariko bemeza ko bawusanze, igihe kiza kugera abantu bakavuga ko babona usa n'uwika, urigita. Hashize igihe ngo baza kuwubura burundu. Kubera ko ari ahantu hakikijwe n'agahuru katinjirwagamo, ntibashoboraga gusobanukirwa neza iby'uwo muko. Ubu kubona hari ibishibuka byawo birabatangaza. N'abahigi bo hambere bemeza ko ari imbwa zabo, ndetse n'inyamaswa bahigaga, byose byakikiraga ako gahuru ntihagire igihirahira ngo kinjiremo.

Muri iki gihe bigaragara ko ako gahuru kagabanutse cyane, nubwo ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bwatangiye kuhakoma no kuharinda ibihangiza. Ubu aho mu Miko y'Abakobwa ni umurima wa mpande eshatu urimo agahuru gafite ubuso bwa are enye, kagizwe n'amoko atandukanye y'ibyatsi n'ibiti, harimo imihokoro; manayeze; imikeri; umuhanda (babohesha inkoko); isagara; umushishiro; icyatsi kivura amakore y'inka; urukarara; umukondogoro; umurara; umunkamba; umwungo (babazamo inanga); umukuzanyana; umutisyi; umubirizi; inturusu iteye ku Igongo (reba inkuru iri ku rupapuro rwa...); n'imiko y'imishibuka.

40 . *Ikiganiro na Makinalodi Théophile, Ngororero (mu Miko y'Abakobwa), tariki 15/01/2017.*
41 . *Ikiganiro na Niyitegeka Alphonse, Ngororero (mu Miko y'Abakobwa), tariki 15/01/2017*

## 2.10. Ku Mukore wa Rwabugiri i Kageyo

Kageyo ni umusozi wirengeye uri mu mudugudu wa Nyamatanga, Akagari ka Mukore, Umurenge wa Kageyo, Akarere ka Ngororero, mu Ntara y'Uburengerazuba. Mu Rwanda rwo hambere, hari mu Cyingogo. Mu mpinga y'uwo musozi hari hubatse umurwa w'Umwami Kigeri IV Rwabugiri.

Ahahoze ingoro ya Rwabugiri i Kageyo ni ho hitwa ku Mukore wa Rwabugiri kubera igiti cy'umukore cyahabaga. Abakuze batuye aho ngo uwo mukore barawusanze. Warashaje uza kwigusha ahagana mu wa 1978 nk'uko bitangazwa na Munyentarama Alphonse[42]. Mu Rwanda rwo hambere, iki giti ngo cyari gifite akamaro kanini : amababi yacyo ni bimwe mu byakoreshwaga mu gupfundikira amata mu byansi; naho mu ngo cyane cyane iz'abakomeye, ayo mababi ngo yifashishwaga nk'ibikoresho by'isuku mu mwanya w'impapuro z'isuku z'ubungubu.

Umukore wa Rwabugiri umaze kwigusha, ngo waje gututirwa n'uwitwa Hakizimfura bakundaga kwita Kizizi, aragenda arawasa arawucana. Akimara kuwasa, Hakizimfura ngo yahise afatwa n'ikibyimba mu kaguru, ikibyimba kigenda kimuka kiza kugera mu kibero. Habanje gukekwa ko yaba yararwaye amasazi, bageze aho bati: "Ni intongi." Nyuma bati: "Ni kanseri". Iyo ndwara ngo yagiye kuyivuza ku Muhororo birananirana, bamujyana kuri Shyira biranga, ndetse no mu bitaro byo mu Ruhengeri, ariko biba iby'ubusa, aza kugwa iwe mu rugo azize icyo kibyimba. Benshi mu batuye aka gace bakemeza ko ubwo burwayi bwahitanye Hakizimfura bwaba bufitanye isano no kuba yaracanye umukore wa Rwabugiri![43]

Ahahoze uwo mukore wa Rwabugiri hatewe ikindi giti cy'umukore muri za 1997 nubwo kugeza ubu kikigaragara nk'aho kikiri gito. Aha i Kageyo kandi kuva mu mwaka wa 2008 Akarere ka Ngororero, ku bufatanye n'Ikigo cy'Ubutwererane cy'Abadage, kahubatse inyubako zitandukanye.

42 *Ikiganiro na Munyentarama Alphonse, Ngororero, 15/01/2017.*
43 *Ikiganiro na Munyentarama Alphonse, Ngororero, 15/01/2017.*

Muri zo hari urugo rwa Kinyarwanda rushushanya ingoro y'Umwami Rwabugiri yahahoze, hari icyumba cy'inama, amacumbi ashobora kwakira abantu 30 icyarimwe, ibikoni n'ibindi, byose byubatswe hagamijwe guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku muco.

Hari impamvu eshatu z'ingenzi zituma Kageyo ifatwa nk'ahantu ndangamurage ushingiye ku mateka. Iya mbere ni uko Kageyo yari imwe mu ngoro z'Umwami Rwabugiri, wayoboye u Rwanda kuva mu wa 1853 kugeza mu wa 1895. Ubushakashatsi bwakozwe na Alexis Kagame (1975) bwerekanye ko abami b'u Rwanda bose hamwe batuye mu ngoro zigera ku 124, Rwabugiri ubwe akaba yarabaye mu zirenga 30 harimo n'iyi ya Kageyo.

Impamvu ya kabiri ni uko mu ngoro ze zose, iy'i Kageyo ari yo Rwabugiri yahisemo akahagenera amashyo y'inka ze bwite, by'umwihariko ayakomotse ku bucuruzi bw'imyenda. Aha twakwibutsa ko Rwabugiri na Rudahigwa ari bo bami bonyine bagize amashyo y'inka zabo bwite mu mateka y'u Rwanda (Nkurikiyimfura 1994: 26). Ku ngoma ya Rwabugiri rero, u Rwanda rwakuraga imyenda mu mpugu zigize Tanzaniya y'ubu, ruyiguranye amahembe y'inzovu, yagera mu Gihugu ikaguranwa inka; izo nka zikaba umutungo w'ingoro y'i Kageyo. Ubwo bucuruzi bw'imyenda bwayoborwaga n'Umwami Rwabugiri ubwe (Kagame 1975: 92).

Impamvu ya gatatu ari na yo yatumye hamenyekana cyane, ni uko i Kageyo ari ho Umwami Rwabugiri yakiriye umunyaburayi wa mbere bahuye, Umudage Gustav Adolf Comte Von Gotzen. Uyu yaje mu Rwanda aturutse muri Tanzaniya, ageze i Rwamagana yakirwa n'igikomangoma Sharangabo cyamuherekeje kugera kuri se Rwabugiri wari waje i Kageyo avuye i Nyamasheke kuko indagu z'ibwami zari zarerejе ko ari ho agomba kwakirira umuzungu bwa mbere (Kagame, 1975 : 96). Von Gotzen yageze i Kageyo ku itariki ya 29 Gicurasi 1894, ahava ku ya 2 Kamena 1894 yerekeza iy'u Bugoyi na Kongo.

Mu myaka ya za 1980, Musenyeri Aloys Bigirumwami wari umushumba wa Diyosezi gatorika ya Nyundo yaje i Kageyo, ageze aho Von Gotzen yaciye ingando asaba abaturage babiri kuzahatera igiti cy'umuvumu nk'urwibutso rwo guhura bwa mbere k'umwami w'u Rwanda n'umuzungu. Icyo giti cyaje kurandurwa mu gihe cy'inkubiri yo kwibasira Abatutsi muri za 1990, ngo bavuga ko hashobora kuba hahishemo amasasu[44] !

Inkuru y'uko Von Gotzen yakiriwe i Kageyo n'Umwami Rwabugiri yanditsweho n'abatari bake, ariko hano turifashisha Padiri Alexis Kagame (1970; 1975), Gudrun Honke (1990), ndetse na Reinhart Bindseil (1992). Von Gotzen ni we wabaye Guverineri Jenerali wa mbere w'igice cya Afurika y'iburasirazuba cyari cyareguriwe Ubudage mu nama y'i Berlin yateranye muri 1884-1885 ikagabanya Afurika ibihugu by'i Burayi. Yaje mu Rwanda agamije kumenyesha Umwami warwo ko igihugu cye kiri mu bice bya Afurika bitegekwa n'Ubudage.

Abanyaburayi bari barageze mu karere mbere ye ariko bari baranditse byinshi ku Rwanda barugaragaza nk'igihugu kitavogerwa; kiyoborwa n'umwami w'igihangange (Bindseil, 1992:42-81). Ibi byatumye Von Gotzen aza yiteguye kwereka Rwabugiri ko afite imbaraga zirenze ize. Yinjiye mu Rwanda ayoboye itsinda ry'abantu 362 barimo bagenzi be babiri b'abazungu, abasirikari 43 b'abirabura, n'abikorezi 240. Abonye ukuntu bamwakiriye nk'inshuti yabaye nk'uwicuza agira ati: « Ukuntu twari dufite imbaraga, tumeze neza mu mubiri dufite n'intwaro zikenewe, byari kuba byiza iyo duhangana n'umwanzi ukomeye" (Honke, 1990 : 85).

Ku ruhande rw'u Rwanda nyamara, Rwabugiri yari yaragiriwe inama n'Umwami Rumanyika w'i Karagwe ko atagomba kurwanya abazungu; ko ahubwo iyo ubakiriye nk'inshuti muyoborana, washaka kubarwanya bakakunesha byoroshye kubera intwaro zabo zikomeye, kandi bagasenya burundu ubwami bwawe (Kagame, 1975 :94). Rwabugiri kandi yari asanzwe yifuza ko abazungu baza mu Rwanda bakamubera abagaragu akabagabira imisozi, na bo bakajya bamukorera imyenda. Ni muri urwo rwego yigeze kohereza Umwami Gashururu w'u Bujinja muri Tanzaniya intumwa ebyiri z'inkoramutima amusaba kumwohereza abazungu babiri yari yamenye ko bari iwe, ariko ntibashobora kuza (Kagame, 1975 : 93).

Birumvikana rero ko Rwabugiri yari yiteguye kwakira neza Von Gotzen amutezeho cyane cyane izo nyungu z'ubucuruzi, harimo n'ubw'intwaro

44 *Ikiganiro na Munyentarama Alphonse, Ngororero, 15/01/2017.*

(Honke, 1990 : 87). Icyo gihe Rwabugiri yari atunze imbunda z'abarabu zitwa Makoba zigera kuri 60, ariko yarazigeneye umuhigo gusa kubera gusuzugura imikoreshereze yazo ku rugamba (Kagame, 1975: 92). Bari baramubwiye Umuzinga (*canon*), akaba yarifuzaga kuwutunga mu ntwaro ze kimwe n'izindi mbunda za kizungu zari zigezweho.

Nta mpungenge kandi Rwabugiri yari afite z'uko uwo mudage azaza arwana, kuko icyo gihe mu Rwanda bemeraga indagu cyane, kandi zikaba zari zereje ko uruzinduko rw'umuzungu wa mbere ibwami ruzaba ruhire ndetse zikagena n'aho azakirirwa i Kageyo.

Biragaragara rero ko bajya guhura, Rwabugiri na Von Gotzen bari bafite imyumvire itandukanye cyane. Umunyaburayi yumvaga agomba kwerekana ubuhangange bwe agaragaza agasuzuguro nk'umuzungu wemera ko muri kamere ye asumbye umwirabura, kandi agakangata arashisha imbunda zikomeye kurusha izo Abanyarwanda bari bafite icyo gihe. Yageze i Kageyo bamwereka aho aca ingando n'abamuherekeje, bamuha amazimano, bamubwira ko azamenyeshwa igihe umwami azamwakirira. Uko ni ko byari bisanzwe bikorwa ibwami. Bukeye umuzungu ntiyategereje ko bamutumaho; ngo yumvise arambiwe, ashyira abasirikare imbere ye mu mirongo ibiri, abwira bagenzi be b'abazungu baraboneza bajya ibwami.

Umutware Nkwaya yoherejwe kubatangira, yereka Von Gotzen ubutaka akoresheje inkoni amutegeka guhagarara. Umudage wagenderaga ku ndogobe yaranze arakomeza, bituma Nkwaya akubita ya ndogobe kugira ngo arebe ko bahagarara. Ibi byatumye Von Gotzen yururuka, ahurutura inkoni bayoboresha indogobe ayikubita Nkwaya, umutware yiruka asubira mu nzu. Iby'uko yakubise umutware w'umwami ntabwo Von Gotzen abivuga mu nyandiko ze. Ahubwo avuga ko Nkwaya yirutse ngo kubera ko abaherekeje Umudage basetse cyane, ngo akaba yari agiye kubwira shebuja Rwabugiri uko « uwo munyamahanga yasuzuguye itegeko rye ».

Von Gotzen akomeza avuga ko binjiye mu rugo ibwami bakicara hanze ku ntebe zabo bari bitwaje, bagatungurwa no kuba nta ngabo bahasanze. Nkwaya yaje gusohoka mu nzu n'undi mugenzi we babaramutsa ngo bafite ubwoba intoki zititira. Umuzungu na bene wabo ngo baratangaye, umwanditsi Honke akibaza niba gutangara kwabo kwaraterwaga n'uburebure budasanzwe bw'abo batware b'ibwami cyangwa kubusana kw'igihagararo cyabo n'ubwoba bukabije bw'abo batware bamenyereye amategeko avuye ibukuru batunguwe no kubona abanyamahanga batitaye na gato ku gaciro kabo (Honke, 1990 : 86). Von Gotzen avuga kandi ko mu nzu haje gusohokamo abandi batware, nyuma hakaza kuza Rwabugiri ubwe ngo ubona ashidikanya kandi afite isoni.

Nyuma y'ibiganiro bye n'Umwami, Von Gotzen yaje kugaragaza ko yagaye amazimano ibwami bamwakirije akihagera y'ibibindi birindwi by'inzoga n'ihene 44 ; amazimano avuga ko yari makeya ugereranyije n'ubukire bwa Rwabugiri. Iryo joro umwami yarabasuye mu ngando yabo. Umudage yatekereje ko kugira ngo ahabwe amazimano ahagije ari uko yakwereka Rwabugiri imbaraga zikomeye za gisirikare. Barashe kabiri ibirimi by'umuriro mu kirere -«*fusées lumineuses*»-, ngo bukeye intumwa za Rwabugiri ziza kubagusha neza zibasezeranya kuzabaha ibiribwa n'abikorezi. Bivugwa ko n'ibimasa bazimaniwe nyuma babyishe babirashe, mu rwego rwo kwerekana ububasha bw'intwaro zabo. Von Gotzen avuga ko Umwami ngo yari afite amatsiko nk'ay'umwana ubwo yamusuraga mu ngando ye; akanongeraho ariko ko Rwabugiri yabavugiragaho neza abamugaragiye bagaseka, ibitwenge Von Gotzen yemeza ko bitari iby'ukuri, ko ngo babiterwaga no gutinya umwami ! (Honke, 1990 : 86).

Uruzinduko rwe i Kageyo Von Gotzen arusobanura mu ndorerwamo y'agasuzuguro no gushaka gucisha bugufi cyane Abanyarwanda n'Umwami wabo. Aba nyamara nubwo bari bagennye kumwakira neza, ntibigeze bamufata nk'umuntu ubasumbye cyangwa ngo bate agaciro imbere ye. Ahubwo batunguwe no kubona umushyitsi w'imena bari biteguye agaragaza ubunyamusozi n'ubunyamaswa batashoboraga kumukekera. Byaberetse ko aho aturuka batagira umuco n'uburere (Honke 1990 : 86). Umuzungu yinjiye atunguranye, Umwami Rwabugiri bari kumwambika imyenda y'ibirori. Byabaye ngombwa ko asubika ibyo yari agiyemo kugira ngo yakire uwo mushyitsi w'ikinyabupfura gike.

Von Gotzen ubwe ariko yivugira ko we na bagenzi be bategereje umwanya batuje, Rwabugiri agafata ikicaro, bakamuzanira inzoga akabanza agasoma mbere y'uko batangira ibiganiro. Rwabugiri

kandi yabakiriye uko baje; nk'abantu badafite ikinyabupfura, bituma adaha agaciro cyane ibiganiro bagiranaga. Ahubwo yigiriye amatsiko yo kumenya niba ibara ry'uruhu rwabo ari rimwe ku mubiri wose no mu mavi, ari na ko abavugiraho neza! Umwami ntiyashatse gusubiza ibibazo byinshi Umudage yari afite. Na bike yamushubije yaramurindagizaga nk'uganira n'umuntu yacishijemo ijisho. Ni yo mpamvu yamubwiye ko afite abana 90; ko ariko nta n'umwe muri bo azaraga ingoma, ko abo aha amahirwe ahubwo ari abavandimwe be Rubaga na Rutabagisha bari bamwicaye iruhande! Nyamara byari bizwi ko Rwabugiri atari afite abana bangana batyo, kandi ko icyo gihe umwe mu bana be, -Rutarindwa-, yari yaramaze kumwimika muri 1889 nk'uzamusimbura ku ngoma!

Umwami n'ibyegera bye ntibigeze bakangaranywa n'uwo muzungu nk'uko we yari abyiteze. Abonye ukuntu Umudage yasirisimbye inshuro nyinshi asaba ko bamwongerera amazimano y'ibiribwa, Rwabugiri yamwohereje ubutumwa bumusubiza ko ubusanzwe amenyereye ko abashyitsi baje bamugana ari bo babanza kumuha impano, na we akabona kugira ibyo abaha! (Honke, 1990:86). Ibwami baje kumwongera amazimano, ariko Sharangabo yabanje kujya gusuzuma impano Von Gotzen yari yateguriye Umwami Rwabugiri (Honke, 1990: 86).

Igihe yari amukuye i Rwamagana amushyiriye se i Kageyo yanamushakiye abamwikorerera imitwaro, Sharangabo yabwiye Von Gotzen kubuza abasirikare be gukubita abaturage b'Abanyarwanda bari bamutwaje (Honke, 1990: 91). Bavuye i Kageyo berekeza i Kongo, abadage bageze mu Bugoyi babwira umutware Bisangwa kubaha amato ngo bajye mu kiyaga cya Kivu bari babonye ubwa mbere, arayabima. Yagombaga guhita ayohereza Umwami Rwabugiri wari wasubiye i Nyamasheke aho yateguraga igitero ku Bunyabungo ( Kagame, 1975:97).

Biragaragara rero ko ibwami batigeze bakangwa n'uwo mudage nk'uko we yifuza kubyerekana mu nyandiko ze. Rwabugiri yatanze atamenye ubukoroni, kuko bwatangiye ku mugaragaro mu wa 1897 ku ngoma ya Yuhi V Musinga (Honke, 1990:114).

Twarangiza twibutsa ko von Gotzen atari we muzungu wa mbere wari winjiye ku butaka bw'u Rwanda, nubwo ari we wabaye uwa mbere wakiriwe n'umwami. Kagame (1975), Honke (1990: 82), Chrétien (2003) ndetse n'abandi bavuga ko umuzungu wa mbere winjiye ku butaka bw'u Rwanda ari Oscar Bauman aturutse i Burundi ari na ho yasubije ataha. Yinjiye mu Rwanda ku itariki ya 11 Nzeri 1892 ahava ku wa 15 z'uko kwezi.

Abanditsi benshi barimo Mbonimana (1986:106), Ntezimana (1986:66) na Honke (1990: 82) bavuga nyamara ko Henry Morton Stanley yari yarageze ku kiyaga cy'Ihema ku wa 10/03/1876, ndetse akarara ku kirwa kiri muri icyo kiyaga. Stanley yashatse kwambuka ngo yinjire mu Gisaka ariko ntibyamukundira, kuko yasubijwe inyuma n'abaturage bo ku gasozi yari atungukiyeho bafoye imiheto ngo bamurase. Kuba atarashoboye gukandagira kuri ubwo butaka bishobora kuba ari yo mpamvu kugeza ubu nta mwanditsi umufata nk'umuzungu wa mbere winjiye mu Rwanda, nubwo yari yarageze mu kiyaga cy'Ihema.

### 2.11. Igongo

Igongo ni inzira banyuragamo bahetse umwami. Iyo twabonye turi i Kageyo igaragazwa n'umurongo muremure w'inturusu zigiye umujyo umwe bivugwa ko zatewe mu gihe cy'ubukoroni bw'Abadage, kugira ngo zizatange igicucu ku ngobyi y'umwami. Izo nturusu zatewe guhera muri Nyakabanda (Muhanga); ukambuka Nyabarongo ugafata Ngororero ku Kumwali; Satinsyi; ugakomereza ku ruganda rw'ikawa; ukanyura ku Miko y'abakobwa; ugafata ku Mukore wa Rwabugiri; ugakomeza mu ishyamba rya Rutega-masunzu; Ukanyura i Rushingabiti (mu Kageshi); ugakomereza i Murinzi; Nyabarinda; Mwendo (ku ibuye rya Bagabo); ukagera mu Bushiru (Nyabihu).[45]

Igongo rero rigaragara mu turere twa Muhanga, Ngororero na Nyabihu; mu bice byahoze ari Nduga, Ndiza, Cyingogo na Bushiru mu Rwanda rwo hambere. Inturusu zimwe bigaragara ko zagiye zitemwa ndetse zikanarandurwa; ariko hari nyinshi zigihagaze zigaragaza uko uwo murongo wari uteye.

45 . *Ikiganiro na Munyentarama Alphonse na Niyitegeka Alphonse, Ngororero, tariki ya 15/01/2017*

### 2.12. Kwa Nyiransibura

Ahavugwa ko hahoze ingoro y'umuhinzakazi Nyiransibura haherereye mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Rutsiro, Umurenge wa Manihira, Akagari ka Muyira, Umudugudu wa Rutare. Kera hahoze ari mu Budaha. Ni ku gasongero k'agasozi gateyeho ibiti bya *pinus*, muri metero nkeya (nka 50) haruguru y'ahitwa ku Rutare rw'Abakobwa.

Kwa Nyiransibura ni ahantu ndangamurage h'umuco, kuko ibihavugwa byose bidashingiye ku mateka nyakuri y'ibyabayeho, ahubwo byinshi bishingiye ku migani n'ibitekerezo byamamaye cyane mu muco w'Abanyarwanda.

Kabera André, umusaza wavutse muri 1936, avuga ko Nyiransibura yahoze atuye aho hantu, akaza gusenyerwa n'Umwami Ruganzu Ndori. Nyiransibura ngo yari afite akaâbya.

Mu gihe ingabo za Ruganzu zari zimwokeje igitutu, ka kaâbya karacubanganye, aho gacubanganiye hahita havuka "akavo ka Nganzo" (ni ukuvuga ikiyaga gito cya Nganzo).

Iyo uhagaze ahahoze ingoro ya Nyiransibura, uba ureba Nganzo hepfo mu kabande, hafi y'amashuri abanza ya Byeru. Na ho ni mu Karere ka Rutsiro, Umurenge wa Gihango, Akagari ka Mataba, Umudugudu wa Kabeza. Kera ariko habarizwaga mu kitwaga u Bwishaza.

"Akavo ka Nganzo" ubu ntakakiharangwa. Amazi yako yaje gukama, nubwo Kabera yemeza ko gakamye vuba, kuko we ngo yakuze abona icyo kiyaga gito.

Nyiransibura rero ngo yavuye mu Nganzo, arakomeza ariruka ingabo za Ruganzu zimwokeje igitutu, aza kugera mu Murenge wa Musasa, rwa rwabya rwe arutura hasi; nuko ikiyaga cya Kivu kivuka ubwo! Umwami Ruganzu abonye ko amazi y'ikiyaga agiye kumurengera we n'u Rwanda rwe rwose, ahita atera imivumu ari yo yaje kuba imbago z'ikiyaga cya Kivu.[46]

Iki gitekerezo cya Nyiransibura, Ruganzu, n'inkomoko y'ikiyaga cya Kivu gisanzwe kizwi n'Abanyarwanda benshi; ndetse hari n'aho cyagiye gishyirwa mu nyandiko n'abahanga. Urugero ni icyo Mushamuzi Stephane, wo muri Gafunzo mu cyahoze ari Impara, yatekerereje uwitwa Pierre Smith (1975: 314-319) akaza kugitangaza mu gitabo mu wa 1975.

Muri iki gitekerezo, Mushamuzi avuga ko Nyiransibura yabanje guhakwa kwa Ruganzu, akaza kuhatwarira inda y'indaro. Akimara gusama iyo nda yaje kuvukamo Nsibura Nyebunga waje kuba umwami w'Ubunyabungo, ngo hagiye haboneka ibimenyetso bidasanzwe bituma abajyanama ba Ruganzu ndetse na we ubwe bagira amakenga, nuko Ruganzu afata umugambi wo kuzica uwo mwana avutse, yarangiza akica na nyina.

Nyiransibura amenye uwo mugambi, yumvikanye n'umugabo wamuteye iyo nda ko bahita bahunga. Banyura ahitwa mu Bwotsa, bageze ahitwa Shasha umugore abyara Nsibura. Bakomeza urugendo bageze mu ishyamba rya Nyamushishi, Nyiransibura afata icyemezo cyo kuhubaka ingoro ye, akaba "umwami".

Ibyo ngo byabaye Ruganzu yaragiye mu Gisaka. Ariko aho Nyiransibura abyariye, Ruganzu arabimenya, ahita anatangira kumuhiga. Umwami ageze i Rubengera, atangiye kwibaza aho ari bunyure kugira ngo amufate, Nyiransibura afata ikinyankari, agikubita ahitwa i Sake, ikiyaga cya Kivu kivuka ubwo.

Kugira ngo ikiyaga cya Kivu kitamumaraho igihugu, Ruganzu yigiriye inama yo gutera imijugujugu yo kugihagarika. Umujugujugu wa mbere yawuteye i Rubengera ahagaze mu mpinga ya Karongi, ikivu kigarukira aho; uwa kabiri awuterera ku Ntumba, ahagaze mu mpinga ya Nduba, ikivu cyari kimaze gusatira Muramba, Kirimbi na Shara gihagararira aho. Umujugujugu wa gatatu n'uwa kane yayiteye ahagaze mu mpinga ya Gataka ka Mubumbano. Umwe awutera i Cyibumba uhagarika ikiyaga cyari kimaze kurenga Nyamirundi kigeze mu Mana za Cyibumba; undi awutera ku Ntango ahita ku Ntango ya Ruganzu.

Umwami arakomeza ageze mu mpinga ya Nyarushishi, asanga i Kivu kirashaka gusumba u Bunyabungo n'u Rwanda; aramanuka ageze muri Nyamwishyura, akura inkota ye y'uruhuga, ayikubita kuri Nyamwishyura agira ati: "Nta ruzi rutagira umugende", ubwo Rusizi na yo iba iravutse! Ruganzu arakomeza ageze mu Marimba, aravuga ati: "Nta ruzi rutagira aho bavogera", ahatambuka n'amaguru;

46 . *Ikiganiro na Kabera André, Rutsiro, tariki 17/01/2017*

aravuga ati: "Iyi nzira, ni yo izatsinda Ubunyabungo, igacyura ibintu i Rwanda."

### 2.13. Urutare rw'abakobwa

Urutare rw'abakobwa ruherereye mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Rutsiro, Umurenge wa Manihira, Akagari ka Muyira, Umudugudu wa Rutare. Ni mu cyahoze ari u Budaha. Ni ahantu h'urutare rw'imanga rushinze, rufite uburebure bwa metero zirenga 30 n'ubugari bwa metero hafi 15. Ruri ku muhanda uva mu Murenge wa Manihira werekeza mu Mirenge ya Gihango na Musasa, nko muri metero 10 hirya y'umuhanda mu kuboko kw'iburyo; munsi gato y'ahavugwa ko hari kwa Nyiransibura.

Ku Rutare rw'abakobwa ni ahantu ndangamurage hashingiye ku umuco, kuko ibihavugwa byerekana imico n'imigenzereze y'Abanyarwanda bo hambere ku bijyanye n'abakobwa babaga batwaye inda z'indaro.

Bivugwa ko mu gihe cya kera, umukobwa wabaga yatwaye inda y'indaro muri ako karere bazaga kumwohera ku Rutare rw'abakobwa. Ngo bamugezaga hejuru y'urwo rutare bakamuhirikira mu manga agahita apfa. Ukwo kuroha abakobwa batwaye inda z'indaro byababaga bishingiye ku myumvire y'uko byari amahano; kandi bishobora kugira ingaruka mbi ku muryango. Icyo cyemezo gikarishye cyo kohera rero cyababaga kigamije kurwanya ingeso mbi no gukumira ibyago ku miryango.

Ku Rutare rw'abakobwa ubu hakikijwe n'inturusu ubona zikiri ntoya (muri 2017), hejuru gato hakaba ishyamba rikuze rya *pinus* ari na ryo ririmo ahavugwa ko hahoze ari kwa Nyiransibura. Ni mu gace k'imisozi myiza n'imirambi biri inyuma y'Isunzu rya Kongo Nili (Crête Congo Nil), ahantu harangwa n'umuyaga mwinshi. Ku baba barageze muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, wahagereranya n'ahitwa za Kilolirwe na Rushinga muri Masisi!

### 2.14. Icyahoze ari hoteri *La Michaudière*

Inyubako yahoze ari hoteri *la Michaudière* ku gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi iri mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Rubavu, Umurenge wa Gisenyi, Akagari ka Gisenyi. Ni inzu nini iri mu isambu ngari, ku muhanda munini ugana kuri *Grande barrière*, muri metero nka 70 uvuye ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu. Yubakwa hari hakitwa mu Bugoyi.

Ni ahantu ndangamateka kuko yari hoteli ikomeye igenewe abazungu gusa mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi. Bivugwa ko na Rezida (*Résident*) w'u Rwanda ari ho yakundaga gucumbika iyo yabaga yavuye i Kigali yagiye kuruhukira muri ibyo bice.

Ni imwe mu nyubako nkeya zisigaye mu Rwanda zitigeze zivugururwa ngo zite umwimerere wazo w'imyubakire y'igihe cya gikoroni cy'Ababirigi (*maison de style colonial*).

Ubu iyo nzu yitwa "*Discover Rwanda*". Yaguzwe muri cyamunara n'umuntu wikorera; akomeza kuyikoreramo ubucuruzi bujyanye n'amahoteri n'ubukerarugendo, ariko nta cyo ahungabanije ku miterere n'imyubakire yayo ya mbere.

### 2.15. Ibere rya Bigogwe

Ibere rya Bigogwe riri ahitwa mu Bigogwe, mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Rubavu, Umurenge wa Kanzenze, Akagari ka Nyamirango, Umudugudu wa Marero.

Ni ahantu ndangamurage kamere. Iyo uri mu muhanda munini wa kaburimbo uva i Kigali ujya i Rubavu, Ibere rya Bigogwe uribona mu kuboko kw'ibumoso ukirenga Umurenge wa Bigogwe mu Karere ka Nyabihu. Ni agasozi kagizwe n'igice kinini cy'urutare rwanamye ku ruhande rwerekeye ahubatse urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kanzenze; ku gasongero k'ako gasozi hakaba hateye inturusu.

Iyo witegereje ako gasozi, usanga koko gateye nk'ibere! Inkomoko y'iryo zina ivugwaho ibintu bitandukanye. Nkunzinka Daniel[47] yemeza ko izina "Ibere rya Bigogwe" ryahimbwe n'abasirikare bo mu mutwe w'aba *Commandos* bahakoreraga imyitozo iyobowe n'ingabo z'Ababirigi guhera ku gihe cya Perezida Gerigori Kayibanda. Kubera ko ako gasozi bakamanukaga bakanakazamuka buririra ku migozi, bagiye baharura uwo musozi kugeza igihe hasigaye urutare runini rwanamye, ari na rwo rufite imiterere nk'iy'ibere. Mbere y'uko urwo

47 . *Ikiganiro na Nkunzinka Daniel, Rubavu, tariki 12/01/2017*

rutare rwanamye ruboneka, ngo ntabwo izina "Ibere rya Bigogwe" ryabagaho; ryahimbwe n'abasirikare bahakoreraga imyitozo, bamaze kureba imiterere y'agasozi, ariko cyane cyane y'iryo buye ryanamye.



*Ibere rya Bigogwe*

Abandi baturage bahamaze imyaka myinshi na bo bemeza ko mbere y'uko aba *Commandos* batangira kuhakorera imyitozo, ruriya rutare rutagaragaraga. Ahubwo ngo hari umurima usanzwe, wahingwagamo imyaka nk'ibirayi; amajeri (amashaza) n'ibishyimbo[48].

Uretse iki gisobanuro cy'inkomoko y'izina "Ibere rya Bigogwe" gishingiye ku busesenguzi wumva bufite ireme, hari n'ibindi bisobanuro by'ibitekerezo bitandukanye. Hari abavuga ko "Ibere rya Bigogwe" bituruka ku mukobwa witwaga Nyirabigogwe wakundaga kuragira inyana kuri uwo musozi, ngo akaba yari afite amabere ateye nka wo. Hari indi nkuru na none ivuga ko kuri uwo musozi habagaho umuzimu "wakamiraga amabere ye ku mabuye ndetse ngo akaba yari umugore wonsaga kandi afite amabere manini" (*Imirasire*, 22/12/2014). Inkuru ya nyuma n'iyo twabwiwe n'abana bakiri bato ubwo twahasuraga; ivuga ko kera ku ishuri bababwiraga ko "mu musozi imbere habamo umukobwa ufite ibere rimwe, inka imwe n'igisabo", ngo ku buryo hagize uhakubaganya umusozi waturika hakaba amakuba akomeye ku bahaturiye. Dukeka ko ibyo babibabwiraga kugira ngo babatere ubwoba ntibegere urwo rutare ruhanamye hato batava ho bahavunikira.

### 2.16. Ubuvumo bwa Nyaruhonga

Ubuvumo bwa Nyaruhonga buri mu hahoze ari u Buhoma, ari ho hahindutse Buhoma-Rwankeri mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi. Muri iki gihe buherereye mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Nyabihu. Ni ubuvumo bune, ariko bumwe ni bwo bufite ubwinjiriro bugari n'igisenge kiri hejuru ndetse n'imfuruka ebyiri ngari. Imwe muri izo mfuruka igarukira nko muri metero 30, indi bakeka ko ikomeza ikaba ishobora kugera mu kirunga cya Karisimbi. Iyo winjiyemo imbere usanga hasi harimo ikizenga cy'amazi abana bo mu ngo z'aho hafi bakunze kuvomamo.



*Ubuvumo bunini bwa Nyaruhonga*

48 . *Ikiganiro na Mugemana Pierre, Nyirabuguzi Esther na Hitimana Stephano, Rubavu, tariki ya 12/01/2017.*

Ubundi buvumo bubiri buri hafi y'ubwo bunini mu byerekezo bibiri biteganye; naho ubwa kane bwo buri ruguru mu rugano rwa Pariki y'Ibirunga. Ubwo buvumo bundi uko ari butatu bufite ubwinjiriro buto, ku buryo n'umuntu umwe yinjiramo bigoranye.

Ubuvumo bwa Nyaruhonga ni ahantu ndangamurage kamere hakaba n'ahantu ndangamurage h'amateka: mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, ubu buvumo ngo bwajugunywemo abantu benshi. Imirambo yavanywemo kugeza muri 2017 kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro ni 137[49].

### 2.17. Urutare rwa Nkuri

Urutare rwa Nkuri ruri mu hahoze ari u Buhoma. Ubu ni mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Nyabihu, Umurenge wa Mukamira, Aakagari ka Rurengeri, Umudugudu wa Kibugazi. Ni urutare rugize igice kinini cy'umusozi wa Nkuri (rugize hafi hegitari 5), uteganye neza n'ahubatse ibiro by'Akarere ka Nyabihu. Rugaragara mu gice giteganye n'umuhanda munini wa kaburimbo, ndetse no mu ibanga ry'ibumoso ry'uwo musozi aherekeza i Musanze. Ni ahantu ndangamurage kamere.



*Urutare rwa Nkuri*

49 . *Ikiganiro na Juru Anastase, Nyabihu, tariki ya 11/01/2017*

Abahaturiye bavuga ko kera uru rutare rutagaragaraga, ko ahubwo umusozi wari utwikiriwe n'igitaka n'ibiti n'ibyatsi byiganjemo ibyitwa umunigi. Uwo musozi ngo ukaba wararishwagaho n'inka nyinshi cyane zikurikiranye utwo twatsi tw'umunigi ngo twanifashishwaga no mu gusakara inzu za kinyarwanda.[50]

Muri za 1960 ku ngoma ya Kayibanda, nibwo uyu musozi watangiye gukorerwaho imyitozo n'abasirikare bo mu mutwe w'aba *commandos* bahamanukiraga ku migozi, ku bw'umuzungu witwa Rocher[51] wari ufite ipeti rya *capitaine*, wayoboraga ikigo cya gisirikare cya Bigogwe. Birashoboka ko iyo myitozo ya gisirikare ari yo yatumye uwo musozi wanama igice kinini cyawo kigasigara ari urutare nkuko bigaragara ubu.

Nk'uko twabitangarijwe na Rwaramunaniye Ezechiel wavutse muri 1937, uyu musozi kuri ubu uzwi ku izina ry'urutare rwa Nkuri ubundi witwaga umusozi wa Byingingo. Byingingo yari umukurambere we wo mu bwoko bw'Ababanda, wahimukiye ku ngoma ya Rwabugiri aturutse i Nyakinama. Ahageze yakonze uwo musozi awugira uwe, akaba yari umutunzi n'umuvumvu. Mu ibanga ry'uyu musozi mu gice kireba i Musanze, haracyagaragara ahantu hasa n'ubuvumo buteyeho umuvumu hejuru, hakorerwaga imihango yo guterekera, na n'ubu hakaba hitwa ku Musezero wa Byingingo.[52]

### 2.18. Imva y'umusirikare w'Umudage

Imva y'umusirikare w'Umudage iri mu hahoze ari u Bugoyi. Kuri ubu ni mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Rubavu, Umurenge wa Gisenyi, Akagari ka Nengo, Umudugudu wa Nyaburanga. Ni ahantu ndangamurage h'amateka.

Ni imva bigaragara ko ishaje. Ahagana muri za 1980 ku bwa Perefe (*Préfet*) Nshunguyinka François, iyo mva yigeze gucukurwa n'abagizi ba nabi bashakamo ubutunzi.

50 . *Ikiganiro na Rwaramunaniye Ezechiel na Kamanutsi Jean Marie Vianney, Nyabihu, tariki ya 11/01/2017*

51 *Rwaramunaniye Ezechiel waduhaye amakuru yemeza ko imyitozo yayoborwaga n'umuzungu witwa Rocher wari ufite ipeti rya kapiteni akaba ari nawe wayoboraga ikigo cya gisirikare cyo mu Bigogwe. (ibi ariko byanditse mu mwandiko aha hejuru si ngombwa kubigarura hano)*

52 . *Ikiganiro na Rwaramunaniye Ezechiel, Nyabihu, tariki ya 11/01/2017*

Muri iyo myaka hariho inkubiri (mu Gihugu no mu karere) yo kumena amashusho n'ibindi bikoresho cyangwa ibibumbano byasizwe n'abazungu. Abakoraga ubwo bugizi bwa nabi ngo babaga bashakamo zahabu, merikire *(mercure)* n'ubundi butunzi bushobora kuba bwarasizwemo n'abazungu.

Iyo mva rero ngo yaje kongera gusanwa bikoreshejwe n'umuzungu w'umu Suwisi wayoboraga sosiyete ya Rwandex muri Gisenyi y'icyo gihe.[53] Itaracukurwa, iyo mva ngo yari yanditseho ko ishyinguyemo uwitwaga Sergent Johannes Plaen, wapfuye mu wa 1912[54].

Ubu iyo mva iri mu murima uhingwa n'abaturage; hafi y'umuhanda wa kaburimbo ujya kuri petite bariyeri (Petite barrière). Amakuru amwe avuga ko uwo murima ari igisigara cya Leta, andi akavuga ko waba waragurishijwe mu cyamunara.



*Imva y'umusirikari w'umudage*

## 2.19. Inzu y'ubuvuzi bw'amatungo yubatswe n'Abadage

Iyo nzu yubatswe ku bw'Abadage iri mu hahoze ari u Bugoyi. Ubu ni mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Rubavu, Umurenge wa Gisenyi, Akagari ka Nengo, Umudugudu wa Nyaburanga. Muri iki gihe, ikoreramo ishami rya raboratwari y'ubuvuzi bw'amatungo *(Laboratoire Véterinaire)* ya RAB (Rwanda Agricultural Board) rishinzwe Intara y'Uburengerazuba.

53 . *Ikiganiro na Sentibagwe Gilbert, Rubavu, tariki ya 14/01/2017*
54 . *Ikiganiro na Muvunyi Manasseh, Rubavu, tariki ya 12-13/01/2017.*

Ku gihe cy'Abadage, iyo nzu n'ubundi yubatswe hagamijwe gutangiramo serivisi zitandukanye zijyanye n'ubuvuzi bw'amatungo. Ku ngoma ya gikoroni y'Ababirigi, iyo nzu yakoreshejwe guhera muri 1920 nka raboratwari y'inkingo z'amatungo "*Laboratoire de bactériologie vétérinaire*" ya Ruanda-Urundi, ikorerwamo inkingo z'indwara z'amatungo (Inforcongo, 1959). Ababirigi baje kureka gukorera muri iyo nzu aho bujurije Raboratwari y'Igihugu y'Ubuvuzi bw'Amatungo "*Laboratoire Vétérinaire National*" i Astrida (Huye y'ubu). Hagati ya 1974 na 1980, iyi nzu yubatswe ku bw'Abadage yongeye gukorerwamo n'umushinga wa FAO (*Food and Agriculture Organization of the United Nations*) wigaga ku ndwara y'uburondwe.



*Inzu y'ubuvuzi bw'amatungo yubatswe ku bw'Abadage*

"*Laboratoire Vétérinaire National*" yari yarubatswe i Huye yaje guhindurwa raboratwari y'ubuvuzi bw'abantu, kugeza igihe hongeye kubonekera indi raboratwari y'ubuvuzi bw'amatungo ku rwego rw'Igihugu yubatswe i Rubirizi (muri Kicukiro y'ubu) mu wa 1985 ku nkunga y'Abahorandi.[55] Ubu iyo raboratwari y'i Rubirizi ni yo yagabye amashami ane, harimo n'irya Rubavu rishinzwe Intara y'Uburengerazuba, rikaba rikorera muri iyi nzu ya kera yubatswe n'Abadage; bigaragara ko ari na yo yonyine yo muri icyo gihe isigaye muri aka karere ka Rubavu. Nubwo bigaragara ko yigeze kuvugururwa, ni inzu ishaje ariko igikomeye,

55 . *Ikiganiro n'umuyobozi wa RAB mu Ntara y'Uburengerazuba, Rubavu, tariki ya 14/01/2017*

ifite inkuta ngari cyane, yubakishije amabati, amatafari, amabuye, umucanga n'isima.

### 2.20. Umusozi wa Nengo

Umusozi wa Nengo uri mu hahoze ari u Bugoyi. Ubu ni mu Ntara y'Uburengerazuba; mu Karere ka Rubavu; Umurenge wa Gisenyi; Akagari ka Rubavu; Umudugudu wa Kamayugi.

Ni umusozi uri mu kuboko kw'iburyo bw'umuhanda munini wa kaburimbo uva mu mujyi wa Rubavu werekeza ku Nyundo; mu kuboko kw'ibumoso k'umuhanda wa Kaburimbo uva i Rubavu werekeza kuri Bralirwa. Uhanamiye umugezi wa Sebeya hejuru y'ikiyaga cya Kivu.

Umusozi wa Nengo ni ahantu ndangamurage h'amateka. Uzwi kubera ko hejuru yawo ari ho hari ibirindiro by'ingabo z'Abadage mu Ntambara ya Mbere y'Isi. Ni ho hari imbunda nini zabo n'abasirikare barasanaga n'ab'Ababirigi bari hakurya i Kibati muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo y'ubu.

Ingabo z'Abadage icyo gihe zafashwaga n'iz'Abanyarwanda zitwaga *Indugaruga*. Izi *Ndugaruga* zari ingabo zikomoka mu mitwe ibiri y'ingabo z'ibwami ari yo *Iziruguru* n'*Indengabaganizi*. Aba bari barigishijwe imbunda n'Abadage mu ishuri ry'abana b'abatware (*Ecole des fils de chefs*) ryashinzwe i Nyanza mu wa 1907. Ingabo z'Ababirigi na zo zafashwaga n'abasirikare b'Abanyekongo. Alexis Kagame (1975: 171) avuga ko Indugaruga zagaragaje ubutwari bwinshi ku rugamba rw'i Gisenyi, nubwo aterekana ibigwi byazo mu magambo arambuye.

Abanyarwanda bamwe basheshe akanguhe n'abandi bashoboye kuganira n'abahoze mu Ndugaruga hari inkuru bakunze guhurizaho: bagendeye ku mategeko asanzwe agenga intambara iwabo i Burayi, Abadage n'Ababirigi ngo bagiraga amasaha bumvikanyeho yo guhagarika imirwano. Ibi rero ngo byatangaje cyane Indugaruga zitiyumvishaga ukuntu wumvikana igihe n'umwanzi, kandi ahubwo wakagombye kumutungura. Umunsi umwe rero impande zombi zari mu masaha y'ikiruhuko, nuko Indugaruga zirambuka zitera Ababirigi muri Kongo zitabanje kumenyesha abagaba bazo b'Abadage. Zigezeyo zirica zirararika, kera kabaye zitahuka zivuga ibigwi. Abadage ngo bababone barumirwa; batungurwa kandi bababazwa n'iyo myitwarire itubahiriza amategeko. Abanyarwanda na bo bakomeza kubaseka no kunegura ayo mategeko y'Abazungu yo gusezerana ibihe n'umwanzi!

Iyo uri hejuru ku musozi wa Nengo, uba witegeye neza umujyi wa Gisenyi n'uwa Goma n'uduce tuwukikije. Byari bigoranye rero cyane ku ngabo z'Ababirigi, kwinjirana Abadage kandi bafite ibirindiro ahantu hirengeye nk'aho. Ni yo mpamvu Ababirigi bahisemo kuzenguruka bakebereje ku musozi wa Rubavu, barasa Abadage basa n'ababaturutse inyuma ahitwa i Kizi. Aha ni na ho barasiye Katedarari (Cathédrale) ya Nyundo isenyuka igihande cyose cy'imbere.

Kubera ko bari bahawe amakuru y'uko ahandi hose ku isi Ubudage bwarwanaga bwari bwatsinzwe intambara, abasirikare b'Abadage n'Indugaruga zabafashaga bahise bahunga berekeza iya Nduga, bakomezanya za Bwanamukari berekeza iya Tanzaniya. Ni na ho basize Indugaruga za nyuma zari zabaherekeje. Inyinshi mu Ndugaruga ariko zari zakusanyirije intwaro ahitwa i Buhimba hafi ya Nyanza, Umwami Musinga aziha imyenda y'ibitenge (*pagnes*) isimbura imyenda ya gisirikare kugira ngo ingabo z'Ababirigi zari zageze i Nyanza zitabamenya.

Uwari uyoboye ingabo z'Abadage, Bwana Tembasi (Wintgens) wari waciye i Nyanza ahunga, yari yasigiye Umwami Musinga ibendera ry'umweru, amubwira ko bazarimanika Ababirigi bageze hakurya ya Nyanza, kugira ngo batamurasira umurwa. Iryo bendera ryazamuwe mu mvura y'amasasu; mu gihe umutware Senyakazana ka Mushyo na we yagendaga azunguza irindi bendera ry'umweru mu masasu menshi, akarishyikiriza uwari uyoboye ingabo z'Ababirigi amwizeza ko nta Badage bakirangwa i Nyanza. Ubwo nibwo kurasa byahagaze (Kagame, 1975: 172).



*Imwe mu ndaki z'Abadage iri ku musozi wa Nengo*

Muri iki gihe ku musozi wa Nengo ni ahantu abaturage bihingira imyaka itandukanye nk'ibishyimbo, ibigori, imyumbati, ubunyobwa, n'ibiti by'inturusu. Ikintu kihasigaye cyibutsa ibyo bihe by'Intambara ya Mbere y'Isi ni impoma (indaki/*tranchées*) enye Abadage bari baracukuye mu buryo bwo kwikingira amasasu y'abanzi babo barasiraga hakurya muri Kongo. Kugeza mu myaka ya za 1970-1980 ngo habaga n'imbunda nini Abadage bahasize, iza kwangizwa ku gihe cya Perezida Habyarimana.

Ikindi kintu abahaturiye bavuga ko cyahakuwe mu bihe bya vuba, ni umusaraba munini w'igiti wari ushinze kuri imwe mu mpinga eshatu zigize umusozi wa Nengo. Ngo hari n'ikintu kimeze nk'isaha cyari kiziritseho umugozi w'icyuma (*chaîne*) gifashe mu rutare ku ruhande rw'impinga y'umusozi ireba mu mujyi wa Rubavu. Ngo hari isaha yageraga ku manywa icyo kintu kikarangira (*sonner*). Mu myaka ya za 1980, hari umuzungu w'Umutariyani wakoreraga sosiyete yigenga muri Gisenyi y'icyo gihe wazamukaga buri munsi ku musozi wa Nengo bigana ayo masaha icyo cyuma cyarangiragaho. Abaturage bamubonaga azamuka bakongera kumubona amanuka nka nyuma y'amasaha abiri, ariko ntibasobanukirwe imihango yahakoreraga!

## 2.21. Mu Mariba ya Bukunzi

Ahitwa mu Mariba ya Bukunzi ni ho hari ivubiro rya Ndagano wategekaga u Bukunzi ku mwaduko w'abazungu. Bukunzi yari ihereréye mu majyepfo y'uburengerazuba bw'u Rwanda, ihana imbibi n'uturere tw'u Busozo, i Cyesha, Impara, na Biru ndetse n'igihugu cy'u Burundi.

U Rwanda rwigarurira i Kinyaga mu kinyejana cya 18, u Bukunzi bwari mu gice cyafashwe n'umutwe w'ingabo z'Impara, ari na cyo cyatumye aho hantu hose hitwa Impara. Mu mpera z'icyo kinyejana, Umwami Kigeri III Ndabarasa yategetse umutware w'Impara, Rwanteri, kugabira u Bukunzi umuvubyi witwaga Kija. Kuva ubwo u Bukunzi bwabaye impugu yigenga itegekwa n'abami b'abavubyi bakomoka kuri Kija; bagatura ikoro umwami w'u Rwanda ndetse n'umutware w'Impara.

Abanditsi b'amateka bavuga ko Kija yageze mu Bukunzi akomotse i Rwingi[56] hakurya ya Rusizi. Kubera ubuhanga yari afite bwo kuvuba imvura, uwo muvubyi ntiyatinze kumenyekana no kuba ikirangirire mu Rwanda. Umwami amumenye amugabira u Bukunzi kugira ngo ajye amuvubira imvura igihe yabuze (Historique et chronologie du Ruanda, 1954:98).

Uko imigenderanire hagati y'abami b'u Rwanda n'ab'u Bukunzi yarushagaho kuba myiza, abami b'u Rwanda babagabiraga indi misozi; u Bukunzi buraguka buba impugu nini igizwe n'imisozi ya Nyamubembe, Mutare, Nkungu, Nyakabuye, Karambo, Mwezi, Karengera, Kanyinya, Gitambi, Cyingwa, Rubona, Kaboza, Mahonga, Cyimpundu, Kigurwe, Mwiyando, Mubori, Rwintare, Rurama, Wanyangura, Rwinkuba, Kibazi, Gaseke, Matyazo na Rwabidege (ibid, 98-99).

Abatware ndetse n'umwami w'u Rwanda baturaga abami bo mu Bukunzi kugira ngo babagushirize imvura mu Gihugu. Buri gihe uko umwami asabye imvura ikagwa, yahaga umuvubyi inka nibura eshanu ndetse n'impfizi yazo[57]. Uretse kuvuba imvura, abami bo mu Bukunzi ngo bari bafite ububasha budasanzwe bwo kwirukana inzige n'utundi

56 *Rwingi ubu iri mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo muri Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo*
57 *. Ikiganiro na Nzivugira Benedicte, Rusizi, ku wa 11/01/2017.*

dukoko twangiza imyaka, bakarumbura imirima, bakavura inka ndetse bagatuma zigira imitavu myiza.

Kuva u Bukunzi bubaye impugu yigenga kugeza igihe yavaniweho n'abakoroni b'Ababirigi mu w'1925, yategetswe n'abami barindwi kandi bose bari abavubyi. Abo ni Kija I Gisuma, Ngoga, Kabeja, Ruzigamanzi, Kija II, Ndagano Ruhagata na Ngoga Bihigimondo (Historique et chronologie du Ruanda 1954:100).

Buri gihe uko umwami w'u Rwanda yatangaga hakima undi, impugu y'u Bukunzi yatangaga abantu babiri bagapfa, bakaba « imisego y'umwami". Hatangwaga umuhungu n'umukobwa; umuhungu akajugunywa mu gishanga cya Nyagafunzo kiri hafi yo ku Karambo, naho umurambo w'umukobwa bakawohereza i Bumbogo.

Umwami Ruganzu II Ndori ngo ni we wategetse abanyabukunzi kujya batanga imisego y'umwami. Umunsi umwe Ruganzu arambagira Igihugu, yageze mu Bugarama imwe mu mpfizi ze iva mu zindi irarorongotana igera ku mugezi w'amashyuza. Abacuku – umuryango w'Abacuku – bayibonye barayifata. Ruganzu yakurikiye ikirari cyayo, ageze aho asanga barangije kuyibaga. Abasaba ku nyama zayo, izo bamuhaye azitunga ku icumu rye, azamuka iya Bukunzi. Ageze i Nyamubembe, ahura n'umugabo wo mu bwoko bw'Abayombo, aramuhagarika amwaka za nyama. Ruganzu abonye ibimubayeho ariyamira ati: « Mwa banyabukunzi mwe, mugize kumbagira impfizi, none munyaze n'inyama zayo"! Ruganzu arumirwa, ngo ni ko kuvuga ati: « Uko umwami yimye i Rwanda, mujye mutanga igitambo cy'umukobwa w'Umucuku n'umuhungu w'Umuyombo" (Ibid.p.99). Ngiyo inkomoko y'imisego y'umwami yaturukaga mu Bukunzi!

Mu myaka ya nyuma y'ingoma y' u Bukunzi, uwamenyekanye cyane ni umugabekazi Nyirandakunze. Uyu mugabekazi yari umugore wa Ndagano, akaba nyina wa Ngoga Bihigimondo, umwami wa nyuma wa Bukunzi. Nyirandakunze yavukaga mu Busozo, akaba igishegabo, ndetse ngo ni we wategekeraga umuhungu we.

Nk'uko bivugwa n'abatuye ahahoze ari mu Bukunzi ndetse barimo n'Umushambo witwa Bazakiruru Innocent ukomoka kuri Ndagano, ngo Ndagano yubatse inzu nziza cyane y'umuratwa, ifite igisenge kiboshye nk'ikibo, ashaka kuyirongoreramo undi mugore kuko yabonaga Nyirandakunze ari igishegabo gikabije. Umwamikazi agira ishyari aritewe n'uko agiye guharikwa, ndetse ababazwa n'iyo nzu atazaturamo. Ikindi kandi na we yashakaga ko umuhungu we ari we uzasimbura se ku ngoma y'u Bukunzi. Ibyo byose ngo byatumye acisha amarozi, yica Ndagano akiri muto. Bavuga ko yamutunze inkaka y'ingona ikamukenya[58]!

Nyuma y'urupfu rwa Ndagano rwabaye ku wa 30 Werurwe 1923 (CNUR 2011:263), Nyirandakunze yimukiye muri ya nzu y'umuratwa[59], yimana ingoma n'umuhungu we Ngoga Bihigimondo. Kuko Ngoga yari akiri muto, yategekerwaga na nyina hamwe na se wabo witwaga Bigirumwera. Ubutegetsi bw'abakoroni b'Ababirigi bwafataga ubwami bwa Bukunzi nk'ubwigometse kuko bwanze kubayoboka ngo butange imisoro n'abantu bo gukora imirimo ya teritwari. Ibyo byatumye adiminisitarateri wa teritwari ya Cyangugu witwaga Bwana Keyser[60] ategura igitero cyo guhirika ingoma y'u Bukunzi.

Bigirumwera amenye ko u Bukunzi bugiye guterwa yasabye padiri mukuru wa Mibirizi witwaga P.Knoll kumuhuza n'Ababirigi; arabikora ariko biranga biba iby'ubusa.

Ubutegetsi bw'Ababirigi bufatanyije na Rwagataraka wategekaga i Kinyaga bwagabye ibitero bitatu mu Bukunzi. Icya mbere cyagabwe muri Mata 1923, kigabwa n'abasirikare boherejwe na Keyser; kiratsindwa. Icya kabiri cyagabwe n'ingabo zoherejwe na adiminisitarateri Fiolle ku wa 12-14 Werurwe 1924, ibwami barahunga. Icyo gihe ngo Nyirandakunze yahungiye mu ishyamba cyimeza rya Cyamudongo aribamo umwaka wose[61]. Iryo shyamba Nyirandakunze yahungiyemo ubu ni igice cya Pariki y'Igihugu ya Nyungwe, ariko abaturage barituriye baryita Ishyamba rya Nyirandakunze cyangwa mu Ryanyirandakunze.

58 . *Ibiganiro n'abasaza bo mu Bukunzi: Nyagashuguri Cléophas, Nzizugira Benedict na Bazakiruru innocent, Rusizi, tariki ya 11/01/2017*

59 . *Aho inzu yubatswe na Ndagano yari iherereye, ari na ho Nyirandakunze yari atuye, ubu ni haruguru ya "centre" ya Mataba, mu Mudugudu wa Ruwanaraba, mu Kagari ka Mataba, mu Murenge wa Nkungu.*

60 . *Keyser yabaye adiminisitarateri wa Teritwari ya Cyangugu guhera ku wa 10.10.1921 kugera ku wa 15.02.1924.*

61 . *Ibiganiro na Nzizugira Benedict, Rusizi, tariki ya 11/01/2017.*

Igitero cya nyuma ari na cyo cyatsinze u Bukunzi cyagabwe ku wa 09/03/1925. Aho umwami n'umugabekazi bihishe hari hamenyekanye bahatera mu ijoro ryo kuri iyo tariki, Nyirandakunze baramurasa kuko yarwanyije abaje kumufata; Ngoga arakomereka arafatwa ajya gufungirwa i Kigali ari na ho yaguye mu Ukwakira 1925; naho Bigirumwera aracika ahungira muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (CNUR, 2016:256-257). Ingoma y'u Bukunzi ihera ityo!

Aho amavubiro ya Ndagano yahoze hitwa mu Bwiza bwa Bweramvura ya Mataba. Ubu ni ku nkengero z'ishyamba rya Cyamudongo, mu Mudugudu wa Rwamaraba, Akagari ka Mataba, mu Murenge wa Nkungu, Akarere ka Rusizi; ku muhanda uva i Nkungu ujya mu Mataba. Ni agashanga gato karimo amazi menshi, gafite ubuso nk'ubwa metero kare ($m^2$) 150, karimo ibyatsi by'imigugu babohesha ibirago, igiti cy'umugano, igihondohondo n'imizibira. Ako gashanga gakikijwe n'imirima bahingamo ibigori, ibisheke, n'ibindi.



*Mu Bwiza bwa Bweramvura ya Mataba, ahahoze amavubiro ya Bukunzi*

Muri ako gashanga ngo kera harimo amahembe Ndagano yavubishaga. Abahatuye bavuga ko yari amahembe abiri y'inzovu: iry'ingore n'iry'ingabo. Ku ngoma ya Kayibanda, umutwa witwaga Rwibasira ariko we akiyita *Rwibasira gusiga umwami wo mu Mataba*, ngo yakuyemo ihembe rimwe arishyira bene Ndagano aho bari barahungiye i Murenge[62].

Irindi hembe ngo riracyarimo kugeza magingo aya, akaba ari yo mpamvu abahahinga n'abahaturiye birinda kunywa amazi yaho, dore ko ngo n'iyo bahahinga babona igishanga gitigita!

Mu Bwiza bwa Bweramvura ya Mataba hahanamiwe n'agasozi ka Rwamaraba, ngo akaba ariko Ndagano yicaragaho avuye kuvuba ari kumwe n'umutwa witwaga Rudakemwa wamutwazaga ingoma na yo yakoreshwaga muri iyo mihango[63].

## 2.22. Misiyoni ya Mibirizi

Umusozi wa Mibirizi uherereye mu majyepfo y'uburengerazuba bw'u Rwanda, mu gace kitwaga Kinyaga mbere y'umwaduko w'abazungu. Uwo musozi wamenyekanye cyane mu mateka y'u Rwanda kubera impamvu ebyiri z'ingenzi. Iya mbere ni uko hashinzwe imwe muri misiyoni za mbere; iya kabiri ni uko ariho hahinzwe igihingwa cya kawa bwa mbere mu Rwanda.

### Ishingwa rya Misiyoni ya Mibirizi

Misiyoni ya Mibirizi yashinzwe mu Ukuboza 1903. Yashinzwe n'Abapadiri Bera barimo Xavier Zumbiehl (Abanyarwanda bamwitaga Sumbiri) na Emile Verfurt. Iyo misiyoni ya mbere mu Kinyaga, yari iya gatanu mu Rwanda nyuma ya Save, Zaza, Nyundo na Rwaza.

Abapadiri Bera bakigera mu Rwanda hari ibintu bibiri bibandagaho mu guhitamo ahantu bashinga misiyoni. Icya mbere, bashakaga ahantu hatuwe kugira ngo bahatange abaporotesitanti. Icya kabiri bitagaho ni ukuba ari ahantu hafite akamaro gakomeye mu birebana n'ubutegetsi cyangwa ubukungu (CNUR, 2016:205). Mibirizi rero yari ibyujuje byombi kubera ko Kinyaga yari kamwe mu duce tw'u Rwanda dutuwe cyane, ndetse ari ikigega cy'Igihugu kuko hatakunze kurangwa amapfa.

62 . *Muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.*
63 . *Ikiganiro na Nzivugira Benedict, Rusizi, tariki ya 11/01/2017.*



*Misiyoni ya Mibirizi*

### Umwaduko wa kawa mu Rwanda

Amateka avuga uko igihingwa cya kawa cyatangiye guhingwa mu Rwanda yanditswe n'Ikigo cy'Ubuyapani Gishinzwe Ububanyi n'Amahanga « Japan International Cooperation Agency: JICA" mu nyandiko yacyo « *The socio-economic impact of Rwandan indigenous coffee variety* (Bourbon Mibirizi)" yakozwe n'umushakashatsi Maurice Mugabowagahunde mu wa 2016.

Iyo nyandiko ivuga ko abamisiyoneri ari bo badukanye kawa mu Rwanda, bayihinga i Mibirizi mu wa 1904. Kawa bayihinze mu Rwanda bayikuye muri Tanzaniya, aho yari yaragejejwe n'abamisiyoneri ngo bayikomoye muri Guatemala. Iyo kawa y'i Mibirizi ni yo yaje gusakara mu Rwanda no mu Burundi (JICA, 2016:26).

Kawa igera i Mibirizi hari Abapadiri Bera barimo Sumbiri, Emile Verfurt, Nicolas Cunrath, na Eugène Desbrosses. Abasheshe akanguhe bo muri ako karere bavuga ko by'umwihariko Sumbiri ari we wazanye kawa, bakibuka ko ngo yafumbiraga ingemwe akaziha abasore n'abatware ngo bajye kuzitera, ndetse akabasobanurira ko zizabagirira umumaro (JICA, 2016:28).

Nubwo Sumbiri ndetse n'abandi bamisiyoneri b'i Mibirizi bashishikarizaga abanyakinyaga muri rusange n'abayoboke babo by'umwihariko guhinga kawa, bakabigisha uko isasirwa n'uko isarurwa, babimye amatwi. Abenshi bayihinze guhera mu w'1933 igihe abategetsi b'Ababirigi babigiraga itegeko, ariko n'ubundi Abanyarwanda bari batarumva neza akamaro kayo. Abaturage batangiye kubona ibyiza bya kawa nyuma ya 1950 kuko ari yo yatumaga babona amafaranga, bakikenura. Kawa y'i Mibirizi yari iyo mu bwoko bwa Arabica ngo yagurishijwe hanze y'u Rwanda bwa mbere mu wa 1917 (JICA, 2016:30) ; ariko nyuma haje kuza n'ubundi bwoko bwa Robusta, none ubu kawa ni kimwe mu bihingwa ngengabukungu byinjiriza u Rwanda amadovize menshi.

Inyubako ya misiyoni ya Mibirizi yubatswe n'abazungu ntigihari, yarashenywe hubakwa inshya ihari muri iki gihe. Hafi yayo (mu murima wa paruwasi) ni ho hatewe kawa bwa mbere. Mu rwego rwo kubungabunga uwo murage, paruwasi yateye igipimo cya kawa muri uwo murima, ndetse bigaragara ko zimazemo igihe kirekire n'ubwo atari zo zahatewe mu wa 1903. Ahari ibimenyetso by'ayo mateka ya Mibirizi, ubu ni mu Mudugudu wa Mibirizi, Akagari ka Karemereye, Umurenge wa Gashonga, Akarere ka Rusizi.

### 2.23. Nyamirundi (Ntango, ku Macukiro na Kayenzi)

Nyamirundi ni umwigimbakirwa mugari uri mu kiyaga cya Kivu, mu hahoze ari Ikinyaga, ahitwaga mu Mpara. Ubu ni mu Murenge wa Nyabitekeri, mu Karere ka Nyamasheke, mu Ntara y'Uburengerazuba. Nyamirundi yamenyekanye cyane mu mateka y'u Rwanda ku ngoma y'Umwami Kigeri IV Rwabugiri, ubwo we n'ingabo ze bahacaga ingando ndetse bakahamara igihe bitegura kugaba igitero cya mbere cyo ku Ijwi. Ingabo z'u Rwanda zica Kabego, igitero cyari giturutse i Nyamirundi. Rwabugiri n'ingabo ze bari i Nyamirundi, umwami yaciye ingando ahitwa ku Bunyenga, aho yatekaga ijabiro kuva icyo gihe bahise mu Kigabiro kugeza magingo aya. Ubu ni mu rugabano rw'Imidugudu ya Rweru na Bunyenga, mu Kagari ka Kigabiro, mu Murenge wa Nyabitekeri.

### a) Ku Ntango

Rwabugiri atetse ku Bunyenga, ingabo zaciye ingando hepfo yaho, ubu hitwa ku Ntango, aho zari zitegeye Rujyo na Rugendo, imisozi iri muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Ntango iri mu Mudugudu wa Nyamirundi, mu Kagari ka Ntango, mu Murenge wa Nyabitekeri. Aho ku Ntango ni ho ingabo zari zaciye ingando zitegereje kwambuka ngo zijye kurwana n'iza Kabego ku Ijwi. Ubundi mu rurimi rw'Ikinyarwanda, intango ni ikibindi kinini cyane akenshi banyweragamo inzoga y'imihigo ingabo zitegura gutabara cyangwa se zivuga amacumu zitabarutse. Aho ku Ntango rero ngo ni ho ingabo za Rwabugiri zahigiraga zitegura gutabara ku Ijwi. Ahaterekwaga intango y'abahizi hahoze ikivumu kinini kigwa hasi kubera gusaza mu myaka ya za 2000[64] ; ubu nta kimenyetso kikiharangwa.



*Ku Ntango, aho ingabo z'Umwami Kigeri IV Rwabugiri zahigiye zitegura kugaba igitero cya mbere ku Ijwi*

### b) Ku macukiro

Umwami Kigeri IV Rwabugiri n'ingabo ze bari barajyanye ingishywa zabakamirwaga, urwuri n'ibuga ryazo biri ku mwaro wa Nyamitaka. Ubu ni mu Mudugudu wa Nyamirundi, Akagari ka Ntango, mu Murenge wa Nyabitekeri. Kuko iryo shyo ryahamaze igihe, ryahasize amacukiro menshi, guhera ubwo urwo rwuri rwitwa Ku Macukiro. Aho Ku Macukiro hari ubutaka bw'umukara kandi harera cyane kubera ifumbire (*amase n'amaganga*) ikomoka kuri izo nka. Abafite imirima hafi yaho baza kuyora ubwo butaka bakabufumbiza imirima itakera.[65] Ku Macukiro hasigaye igiti kimwe cy'umuvumu munini, ariko na cyo kigiye kwikubita hasi kuko abahashaka ifumbire bacukura mu mpande zacyo imizi myinshi igasigara hejuru.



*Ahahoze amacukiro y'ingishywa zakamirwaga Rwabugiri n'ingabo ze bitegura kugaba igitero cya mbere ku Ijwi*

### c) Kayenzi

Igitero cya mbere Umwami Kigeri IV Rwabugiri yagabye ku Ijwi cyambukiye ku Kayenzi ka Nyamirundi; ariko bambuka bigoranye kuko ingabo za Kabego zari zabimenye zishinga ibirindiro i Nyakarengo zitegeye Kayenzi zitegereje ko Abanyarwanda bambuka zikabarwanya bataromoka.

Rwabugiri abonye Abanyejwi banze kuvirira, ingabo yari afite yaziciyemo ibice bibiri: zimwe zisigarana na we ku Kayenzi, izindi zica ruhinga nyuma zisubiza iya Mwaga, zigenda Bitare yose na Rwamatamu zambukira i Mpembe zitera Ijwi ziriturutse mu gice cya

64 *Ikiganiro na Kajeiga Désiré, Nyamasheke, tariki ya 15/01/2017.*

65 *Ikiganiro na Kajeiga Désiré, Nyamasheke, tariki ya 15/01/2017.*

ruguru. Ubu Kayenzi iri mu Mudugudu wa Kayenzi, mu Kagari ka Ntango, mu Murenge wa Nyabitekeri.



*Ku Kayenzi, aho Umwami Kigeri IV Rwabugiri yambukiye agabye igitero cya mbere ku Ijwi*

Ingabo zasigaranye na Rwabugiri ku Kayenzi zacanye umuriro mwinshi zikomeza kujijisha Abanyejwi, zitegereje ikimenyetso kizigaragariza ko abanyuze i Mpembe bambutse. Rwabugiri yari yababwiye ko nibagera ku Ijwi bazatwika amazu, ingabo za Kabego zigatabara na we akambuka. Abanyarwanda bageze ku Ijwi, batangiye gutwika amazu, inkuru igeze kuri Kabego ategeka ingabo kuva mu birindiro zari zashinze i Nyakarengo zikajya kurwana n'ingabo za Rwabugiri kuko yumvaga ko yamujijishije akamutera aturutse ruguru.[66] Kabego n'ingabo ze bakiva mu birindiro byabo, Rwabugiri n'ingabo ze bahise bajya mu mato bambukira mu Gahengeri ka Kona batera Ijwi, ingabo za Kabego bazigotera hagati. Icyo gihe urugamba hagati y'ingabo za Rwabugiri n'iza Kabego ngo rwaroteye mu Bukomane bwa Nyakarengo[67].

Umuhanga mu mateka y'u Rwanda Alexis Kagame (1975:26-28 ; 50-53) na we yanditse ku ntambara Rwabugiri yarwanye ku Ijwi, kandi inkuru ye yuzuza neza ibyavuzwe n'abasheshe akanguhe twanditse mu bika byo hejuru.

Uyu mwanditsi avuga ko Rwabugiri yagabye ibitero bibiri ku Ijwi. Icya mbere cyayobowe na Nzirumbanje wa Mitari, kandi umwami ubwe n'Umugabekazi Nyirakigeri Murorunkwere batabaranye n'ingabo, ari yo mpamvu bakita igitero cya Nyirakigeri (Kagame 1975 :27). Kuri iyi nshuro, umwami, umugabekazi n'ingabo ngo bamaze igihe kirekire i Nyamirundi koko; ariko nyuma ingabo ziza kwambuka zitera Ijwi zibifashijwemo na Ntsibura, umuhinza wo ku Itambi.[68] Icyo gihe Abanyarwanda baratsinze ariko ntibica Kabego kuko yahungiye ahitwa ku Gishushu. Ingabo zitabarutse, amacumu yavugiwe mu rugo rw'umwami rwari i Giseke (Kagame 1975:28).

Igitero cya kabiri cyayobowe na Ndibyariye wa Mbagariye wajyanye ingabo zatoranyijwe mu mitwe itatu ari yo Inganzurarugo, Inshozamihigo n'Urwiririza. Zahagurukiye i Rubengera zirara ku kirwa cya Iwawa, muri iryo joro zitera Ijwi ziriturutse ruguru ahitwa ku Mukondo. Icyo gihe Rwabugiri ntiyajyanye n'ingabo ku ikubitiro, ahubwo yaje kuzazisangayo nyuma aciye i Nyamirundi yomokera i Nyakarengo ari na ho yahuriye n'ingabo ze ngo baharema urugamba rukomeye! Icyo gitero ni cyo Kabego yaguyemo, yivuganywe na Rwanyonga rwa Mugabwambere amutsinze ku Gishushu aho yari yahungiye n'ubundi (Kagame 1975 :52).

Rwabugiri amaze kwigarurira Ijwi yarigabanyijemo ibice bibiri, icya ruguru kitwa Marambo agiha Kamaka ka Gasindikira; naho icy'epfo kitwa Bweru agiha Mbwana ya Bidaga ngo agitegeke. Icyakora nubwo abo batware ari bo biheraga Rwabugiri amakuru nta wundi bayacishijeho, Ijwi ryose yarihaye Nkundiye ngo aribere umwami; uyu akaba ari umuhungu wa Kabego utarumvikanaga na se mbere yo kwicwa. Umwami akubutse ku Ijwi Abanyarwanda barishimye cyane, abasizi babigaragariza mu bisigo bamutuye birimo ikitwa *Runyurabagabo* cya Ritararenga rya Ruhwehwe; *None Imana iduhaye kwuza impundu* cya Nyakayonga ka Musare; ndetse n'inanga y'*Inkuru nziza yabaye* yacuranzwe na Mucuma (Kagame 1975:52-53).

## 2.24. Ibigabiro bya Rwabugiri i Nyamasheke

Umwami Kigeri IV Rwabugiri wategetse u Rwanda guhera mu wa 1853 kugeza mu wa 1895 yari afite imirwa myinshi mu Gihugu. Imwe muri iyo mirwa yari yayubatse ku nkiko z'Igihugu kugira ngo ahategurire urugamba rwo kwagura Igihugu. Umwe mu mirwa ya Rwabugiri yo ku

66 *Ikiganiro na Abimana Mathieu, Karongi, tariki ya 16/01/2017.*
67 *Ikiganiro na Kajuiga Désiré, Nyamasheke, tariki ya 15/01/2017.*

68 *Itambi: akarere kari ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu hakurya ya Nyamirundi kategekwaga na Ntsibura. Ubu gaherereye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.*

nkiko wari wubatse mu Kinyaga ahitwa mu Mataba ya Nyamasheke, akaba yarahubatse ashaka gutera Ijwi n'u Bunyabungo. Ahahoze urwo rugo rw'umwami ubu ni mu Mudugudu wa Gikuyu, Akagari ka Ninzi, Umurenge wa Kagano, mu Karere ka Nyamasheke.



*Ibigabiro biri ahahoze urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri i Nyamasheke*

Mu ngo za Rwabugiri, urw'i Nyamasheke ruzwi cyane cyane kubera impamvu ebyiri:

- Igihe Umudage Comte Von Gotzen yazaga mu Rwanda bwa mbere, Rwabugiri yari i Nyamasheke ahava ajyanywe no kumwakirira i Kageyo (mu Ngororero) muri Gicurasi 1894. Nyuma y'urwo ruzinduko Rwabugiri yagarutse i Nyamasheke ahakorera imihango y'umuganura muri Kamena 1894, birangiye atabara i Bunyabungo.
- Umugogo wa Rwabugiri womokeye i Nyamasheke mbere yo kumutabariza i Rutare (Gicumbi). Umunsi umwe ari mu nzira atabaye i Bunyabungo nk'uko yari asanzwe ahatera, Rwabugiri yarogewe ku kirwa cy'Ibinja. Bikimenyekana abasare bamushyize mu bwato bamugarura mu Rwanda, ariko atangira mu muhengeri ataromoka (Kagame 1975:103). Ku birebana n'iri tanga, n'ubwo nta gihamya batanga, hari abanditsi bakeka ko n'ubwo Rwabugiri yarogewe i Bushi, Kanjogera ubwe n'abandi bakomeye bo mu muryango we babigizemo uruhare ruziguye kuko, nyuma yo kuvuga ko Rutarindwa ari we uzamusimbura ku ngoma, bifuzaga ko Rwabugiri atanga vuba bakimika Musinga - umuhungu wa Kanjogera -; bityo Abega bagasubirana ijambo mu butegetsi bw'Igihugu (Honke,1990:78).

Hafi y'ahari urugo rwe i Nyamasheke ubu hagaragazwa n'ibigabiro binini by'imivumu biri hepfo ya Misiyoni ya Nyamasheke imbere y'Ikigo cy'amashuri yisumbuye cya St Joseph, hari umwigimbakirwa muto witwa Murwa waragirwagaho amashyo ya Rwabugiri.[69]

### 2.25. Mu bigabiro bya Rwabugiri i Rubengera

Rubengera iherereye mu Karere ka Karongi, mu burengerazuba bw'u Rwanda. Mu Rwanda rwo hambere, Rubengera cyari igice cy'Ubwishaza. Ako karere kamenyekanye cyane mu mateka y'u Rwanda guhera mu kinyejana cya 19, ubwo Umwami Kigeri IV Rwabugiri yahashingaga umurwa mu wa 1874 atabarutse i Butembo (ubu ni muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo), ahatuye Abatembo mu nce za Bunyakiri, hafi ya Bukavu.

Abasiganuzi b'amateka barimo n'umwanditsi Alexis Kagame (1975) bavuga ko impamvu zatumye Rwabugiri ashinga umurwa i Rubengera ari ebyiri. Iya mbere ni uko ari igihe yaguraga u Rwanda, Rubengera ikaba ibirindiro bye yateguriragamo ibitero yagabye ku ijwi. Iya kabiri ni uko hari ahantu heza ingabo zarindira inkiko z'Igihugu. Ibirindiro byazo byari ku gasozi gahanamiye ikiyaga cya Kivu, kuva icyo gihe hitwa ku Nteko (soma andi mateka yo ku Nteko ku rupapuro rwa....). Naho aho urugo rw'umwami rwari rwubatse ubu hitwa mu Bigabiro bya Rubengera. Ni mu Mudugudu wa Kigabiro, Akagari ka Gisanze, Umurenge wa Rubengera, mu Karere ka Karongi. Ibigabiro byaho byarashaje ubu hasigaye kimwe cy'igihondohondo na cyo kiri mu marembera.

69 . *Ikiganiro na Rwicaninyoni Pascal, Shangi, tariki ya 14/01/2017*



*Itaba ryahozemo urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri i Rubengera*

Rubengera kandi ni wo murwa umwami yizihirijemo imihango y'umuganura inshuro nyinshi – inshuro ndwi. Uwo muhango wahabereye mu wa 1874, 1875, 1879, 1880, 1881, 1891, no mu wa 1892 (Kagame, 1975). Uko umuhango w'umuganura wakorwaga twabisobanuye mu nkuru ivuga kuri Huro (reba ku rupapuro rwa....).

### 2.26. Musaho

Musaho ni ikigobe kiri ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu hagati y'umusozi wa Suri n'umwigimbakirwa wa Nteko (soma amateka ya Nteko ku rupapuro rwa...). Iki kigobe giherereye mu Mudugudu wa Fumbezi, Akagari ka Mataba, Umurenge wa Rubengera, Akarere ka Karongi, Intara y'Uburengerazuba. Aho hahoze ari mu karere kera kitwaga u Bwishaza.

Kimwe mu byatumye Musaho imenyekana mu mateka y'u Rwanda ni uko hahoze amazu y'abakoroni b'abadage[70], kandi ni ho igikomangoma cy'Ububirigi Léopold yomotse aturutse muri Kongo igihe yazaga mu Rwanda bwa mbere mu wa 1925. Icyo gihe yakiriwe na Bwana Mortehan wari Rezida w'u Rwanda ndetse na Montenez wari adiminisitarateri wa teritwari ya Kibuye, bari baje kuhamutegerereza (Historique et chronologie du Rwanda, 1954:117).

Avuye mu Musaho, Léopold yasuye misiyoni y'abaporotesitanti ya Rubengera ndetse anahabonanira n'umupasitoro wayiyoboraga witwaga Durand. Twibutse ko iyi misiyoni yashinzwe mu wa 1908, ishingwa na pasitoro Rohl. Nyuma yo gusura misiyoni ya Rubengera, igikomangoma Léopold yabonanye n'Umwami Yuhi V Musinga bahurira i Nyabitare mu Marangara. Kuva yashinga umurwa we i Nyanza mu wa 1899, iyo ni yo yari inshuro ya mbere Musinga ahahaguruka akarambagira Igihugu nubwo atari yo mpamvu yari yamuhagurukije.

Mbere yo gusubira muri Kongo n'ubundi yambukiye mu Musaho, igikomangoma Léopold yabanje gusura misiyoni ya Kabgayi nyuma yo kubonana na Musinga (Historique et chronologie du Rwanda 1954: 117). Icyo gihe umushumba w'iyo misiyoni – ari na cyo cyari ikicaro gikuru cya *Vicariat Apostolique du Ruanda* – yari Musenyeri Hirth wahabaye guhera ku wa 14 Gashyantare 1905 kugeza apfuye ku wa 6 Mutarama 1931.

Amazu y'abakoroni b'Abadage abaturage bavuga ko yahoze mu Musaho ubu ntagihari, ahubwo hari inyubako zakorerwagamo n'uruganda rwa kawa rwahubatswe mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi. Nk'uko Ntagwabira Paul[71] wakoraga muri urwo ruganda yabibwiye abashakashatsi b'Inteko y'Umuco, uruganda rwa kawa rwo mu Musaho ni rwo rwubatswe mbere muri ako karere k'u Bwishaza. Rwubakishijwe n'umutariyani witwaga Olandine mu wa 1954, akaba na nyirarwo. Uru ruganda rwatonoraga kawa, rukayumisha ikajya kugurishwa mu mahanga. Olandine yaje kugurisha urwo ruganda rugurwa n'undi mutariyani witwaga Colis.

Colis n'abandi bazungu bakoranaga mu Musaho birukanywe mu Rwanda n'abayobozi ba Repubulika ya kabiri. Kuva icyo gihe kugeza magingo aya urwo ruganda rwarafunzwe, imashini zarwo zihabwa Rwandex.[72]

Intandaro yo kubirukana mu Rwanda ni uruhare bagize mu ntambara Maj. Jean Schramme[73] - Abanyarwanda bita Shikaramu – yarwanye n'igihugu cya Kongo cyayoborwaga na Mobutu Sese Seko. Iyo ntambara yatangiriye i Katanga ku wa 3/7/1967, ingabo za Mobutu zitsinda

70 . *Ikiganiro twagiranye na Ntagwabira Paul, Musaho, tariki ya 18/01/2017.*

71 . *Ikiganiro na Ntagwabira Paul, Musaho, tariki ya 18/01/2017.*

72 *Ibid.*

73 . *Maj. Jean Schramme yari umucanshuro w'Umubirigi warwanije ingabo za Kongo mu majyepfo y'uburasirazuba bw'igihugu Mobutu amaze gufata ubutegetsi.*

iza Schramme ku wa 29/10/1967. Bamaze gutsindwa, Schramme n'ingabo ze bavuye i Bukavu bahungira mu Rwanda mbere y'uko Schramme asubira mu Bubirigi. Icyo gihe Kongo yasabye u Rwanda kubima inzira ariko Kayibanda ntiyabyemera, Mobutu ararakara cyane ndetse biba impamvu yatumye ibihugu byombi bitumvikanaga ku ngoma ya Kayibanda.[74]

Umunsi umwe rero abarobyi baroba mu Musaho, urushundura rwabo rwafashe imbunda urwego rw'ubutasi bwa gisirikare rwari ruyobowe na Majoro Lizinde Théoneste rwemeza ko ari imwe mu zakoreshejwe n'abasirikare ba Schramme ndetse akaba ari bo bayiroshye mbere yo kuva mu Rwanda. Icyo ngo cyari ikimenyetso kidashidikanywaho kigaragaza ko Colis yari ashyigikiye Schramme mu ntambara na Kongo; ndetse bagakeka ko yanamucumbikiye ageze mu Rwanda. Kuri Habyarimana rero wari inshuti ya Mobutu, icyo cyabaye icyaha gikomeye ndetse gituma Colis n'abandi bazungu bakoranaga birukanwa mu Rwanda uruganda rwe rurafungwa.[75]

Mu Musaho aho urwo ruganda rwari ruri ubu habaye itongo, amazu yarasenyutse hasigaye ibikuta byayo gusa ndetse n'ibikwa yari asakariyeho. Hafi y'ayo mazu hari urukangaga rwinshi rumera ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu kuko amazi yacyo agenda agabanuka.



*Ahahoze uruganda rwa kawa mu Musaho*

74 . *Inkuru ya Athanase Karayenga mu kinyamakuru Iwacu, Les voix du Burundi, ku wa 8/4/2018.*
75 . *Ikiganiro na Ntagwabira Paul, Musaho, tariki ya18/01/2017*

Iby'uko zimwe mu ngabo za Schramme zaba zaranyuze mu Rwanda zihunga binumvikana mu nkuru ivugwa n'umusaza Rwicaninyoni Pascal[76] utuye mu Karere ka Nyamasheke. Uwo mukambwe yatubwiye ko igihe intambara ya Schramme yari irimbanyije muri Kongo, hafi y'umuhana w'iwabo ahitwa mu Rubanda – ubu ni mu Mudugudu wa Rukohwa, Akagari ka Burimba, Umurenge wa Shangi, Akarere ka Nyamasheke – haciye abagabo babiri b'Abalega[77] batwaye imifuka ibiri minini cyane yuzuye amafaranga. Nyuma y'iminsi mike inkuru y'abo banyamahanga imaze kuba kimomo, igisonga cyategekaga umusozi wa Mugera ari we Sebarwanyi yohereje intumwa ziza kubafata.

Uwo mutware ngo na we yari yabitegetswe na Adiminisitarateri wa Shangugu Abanyarwanda bitaga Kurimpuzu.[78]

Abo Sebarwanyi yohereje gufata abo bagabo ni Kabaya, Ntare na Nyabagera ariko ntibyaboroheye kubera kutamenya ururimi rw'Igiswayire kandi bo ari rwo bavugaga. Bageze aho bari basanze barya, ndetse babasaba gusangira na bo ariko Abanyarwanda baranga ahubwo biyamirira bavuza induru bahamagara rubanda ngo ize yirebere aho abagabo barya ibimonyo! Ibyo bitaga ibimonyo byaje kuzamenyekana ko wari umuceri.

Guhururizwa byateye abo banyamahanga ubwoba, bafata make mu mafaranga bari batwaye mu mifuka bayaha abaje kubafata kugira ngo babihorere. Ariko kubera kutumvikana mu rurimi; kandi inoti zari zizwi mu Rwanda ari iza 5, 10 na 20 gusa; byatumye abari aho barushaho kuvuza induru, batabaza bavuga ngo noneho ba bagabo barabatunga ibipapuro!

76 . *Ikiganiro na Rwicaninyoni Pascal kuri telephone, tariki ya 29/10/2018*
77 *Abalega: Ni bumwe mu moko atuye muri Kongo, tukaba dukeka ko abo bagabo bari mu basirikari b'Abanyekongo barwanye ku ruhande rwa Schramme.*
78 . *Kubirebana n'amazina y'abayobozi b'icyo gihe, inyito zabo ndetse n'iz'aho bayoboraga, birumvikana ko umutangabuhamya atakiyibuka neza kuko uwitwaga Kurimpuzu ni Adiminisitarateri Antonissen wayoboye Teritwari ya Shangugu kuva ku wa 10.05.1943 kugeza ku wa 27.01.1944 (Historique et chronologie du Rwanda 1954: 105). Ikindi kandi intambara ya Schramme yabaye u Rwanda rwarabonye ubwigenge, Teritwari ya Shangugu yarahindutse Perefegitura ya Cyangugu itegekwa na Perefe Mpamo wasimbuye Munyaneza kuri uwo mwanya, ndetse n'ibisonga bitakibaho ahubwo hari abakonseye (conseillers communaux) na ba burugumesitiri (Bourgmestres). Uku kwibeshya rero kuramutse kutaratewe no kwibagirwa kubera imyaka ishize, kwaba kwaratewe n'uko humbere rimwe na rimwe hari impinduka abaturage bamenyaga impitagihe bitewe n'uburyo bwakoreshwaga mu guhanahana amakuru cyangwa se bagahitamo gukomeza kwikoreshereza amazina ya kera bari bamenyereye nk'umutware, igisonga, n'ayandi.*

Icyakora ngo umuturage umwe mu bahuruye witwaga Sembeba Andereya ni we wari uzi Igiswayire gike, avugana na bo bamuha amafaranga make akora ubusemuzi hagati yabo n'abaje kubafata. Baharaye iryo joro, bukeye basubiza iya Bitare berekeza ku Kibuye.

### 2.27. Nteko

Nteko ni umwigimbakirwa wo mu kiyaga cya Kivu, uri hagati y'umusozi wa Kabahizi na Suri hafi y'ikigobe cya Musaho. Nteko izwi cyane mu mateka y'u Rwanda ya mbere y'ubukoroni kuko habaga ibirindiro by'ingabo za Rwabugiri, zikahagandika zitabarutse cyangwa se zitegura gutabarana na we ateye ku Ijwi. Iyo ni yo mpamvu yatumye bahita ku Nteko kugeza magingo aya!

Uretse kuba hari ibirindiro by'ingabo za Rwabugiri, ku Nteko ngo ni na ho Umwami Ruganzu II Ndori – *basingizaga Rugambirirabahunde, Cyitatire cya Mutabazi, umugabo witatiye agatera, agatera Nzira na nyina Nyiranzira, agatera Katabirora ka Kabibi ka Mirogoso mu Kabira kabi ka Syiki* – yarasiwe n'uwitwa Bitibibisi. Uyu Bitibibisi ngo yamurashe umwambi w'ingobe awumuhamya mu jisho ry'iburyo na we ahita yiroha mu Kivu; Ibisumizi[79] biramwogera, biramugarura biramwica.[80]



*Umwigimbakirwa wa Nteko*

79 . *Ibisumizi byari umutwe w'ingabo za Ruganzu II Ndori.*
80 . *Ikiganiro na Abimana Mathieu i Karongi, tariki ya 16/01/2017.*

Ruganzu amaze gukomereka, ingabo ze zaramuhetse zisubiza iya Rubengera, Bizu na Rugabano, atanga bageze ku Muciro wa Rusenge. Aho ku Muciro hari hatuye umutware witwaga Rusenge, ingobyi igeze iwe batumaho abakuro bakuraga imyambi yaheze mu bantu, bakuruye uwo mwambi ukukana n'amaso, Ruganzu araca! Kuba ari ho umwami yaciriye ngo ni byo byatumye bahita ku Muciro wa Rusenge, kandi ni ko hitwa kugeza magingo aya! Aho hantu ubu haherereye mu Murenge wa Murambi, hafi y'i Kirinda, mu Karere ka Karongi.[81]

Icyakora ku bijyanye n'imitangire ya Ruganzu, Kagame (1972:106-107) we avuga ko ubwo yari akubutse mu Kinyaga, yaguye mu gico cy'abanzi ageze mu Rusenyi, bamurasa umwambi w'ingobe mu jisho. Ingabo za Ruganzu zahise zimuheka ariko biranga atanga bageze mu Nyantango ahitwa mu Matyazo. Aho yaciriye Kagame (1972:106) ahita ku Gaciro, ndetse na Murihano (1980:77) akabisubiramo. Ariko mu by'ukuri hitwa ku Muciro kandi ni na yo nyito igikoreshwa kugeza ubu. Kagame akomeza avuga ko umwe mu bagaragu be bari aho yababajwe n'urwo rupfu ahita yiyahura; nyuma ibwami bategeka ko aho yiyahuriye ari na ho umwami yaciriye kuva ubwo hitwa i Rusenge!

Muri iki gihe umwigimbakirwa wa Nteko utuweho n'abantu bake dore ko impande zawo zombi zihanamiye amazi y'ikiyaga cya Kivu kandi igice kinini kikaba ari umukenke wameze ku mabuye. Uyu mwigimbakirwa uri mu Mudugudu wa Fumbezi, Akagari ka Mataba, Umurenge wa Rubengera, Akarere ka Karongi, Intara y'Uburengerazuba.

### 2.28. Shangi

Shangi ni umusozi w'igitwa uherereye ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu. Mu Rwanda rwo hambere, Shangi yari mu karere k'Impara. Ako karere hamwe n'akitwaga Biru ni two twari tugize i Kinyaga. Ruganzu II Ndori ni we mwami w'u Rwanda wafashe Kinyaga bwa mbere ayambuye abahinza; ariko nyuma y'itanga rye abami bamukurikiye ntibashoboye kuyigumana. Nyuma yaje komekwa ku Rwanda iba igice cyarwo burundu mu mpera z'ikinyejana cya 18 ku ngoma ya Kigeri III Ndabarasa. Imitwe y'ingabo yafashe ako karere ni Impara wari uyobowe na Rwanteri ndetse n'Abiru bari bayobowe na Rukoro. Kuko iyo mitwe yombi yahagumye, kuva ubwo aho Impara zafashe hitwaga

81 . *Ibid.*

Impara, aho Abiru bafashe na ho hakitwa mu Biru (Historique et Chronologie du Ruanda 1954: 95). Kugeza magingo aya bamwe mu basheshe akanguhe batuye muri ako karere baracyakoresha ayo mazina.

I Shangi niho Dr Richard Kandt – Umudage wabaye Rezida wa mbere w'u Rwanda – yatuye bwa mbere akigera mu Gihugu. Aho ni ho kandi abapadiri bera (*Pères Blancs*) bahingukiye baje gushinga kiriziya mu Rwanda, mbere yo kwerekeza i Nyanza kubonana n'Umwami Yuhi V Musinga.

Richard Kandt yageze mu Rwanda mu wa 1898 ashakisha isoko y'uruzi rwa Nile. Mu wa 1899 yubatse i Shangi ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu, inzu ye ayita *Bergfrieden* bisobanura ngo «*Umusozi w'Amahoro*». Abamisiyoneri b'Abapadiri Bera bagera mu Rwanda ni ho bamusanze hamwe na Kapiteni Von Bethe.

Ubutaka Kandt yari atuyeho i Shangi ubu buherereye mu Mudugudu wa Gasharu, Akagari ka Shangi, Umurenge wa Shangi, mu Karere ka Nyamasheke, Intara y'Uburengerazuba. Ubwo butaka yabuhawe n'Umwami Yuhi V Musinga. Avuye i Shangi yimukiye i Kigali mu wa 1906 amaze kuba Rezida w'u Rwanda. Uretse kuba ari ho Kandt yatuye akigera mu Gihugu ndetse akaba ari na ho hasomewe misa bwa mbere ku butaka bw'u Rwanda, i Shangi ni na ho komisiyo ihuriweho (*Commission mixte)* yakemuraga ikibazo cy'umupaka hagati ya Kongo-Mbirigi na Rwanda-ndage yatangiriye imirimo yayo.

Mwakwibaza muti: "Iyo komisiyo yaje ite"? Ibihugu by'ibihangange ku isi bigabana Afurika mu nama yabereye i Berlin hagati ya 1884 na 1885, u Rwanda rwahawe u Budage, Kongo ihabwa Umwami w' Ububirigi. Muri iryo gabana, umupaka ugabanya ibyo bihugu byombi ntiwagaragajwe neza, ikibazo nk'icyo kikaba cyaragaragaraga no mu bindi bihugu. Kandt akigera mu Rwanda rero yasanze Ababirigi bategekaga Kongo baravugaga ko na Kinyaga ari iyabo, dore ko bari banahashinze ibirindiro bya gisirikare (*camp militaire*). Ibirindiro byabo byari i Shangi n'i Nyamasheke. Akibimenya, Kandt yihutiye gusaba ko hashyirwaho komisiyo ihuriweho n'Abadage n'Ababirigi (*Commission mixte de délimitation*) kugira ngo igaragaze umupaka neza. Iyo komisiyo yashyizweho koko, itangira kugaragaza umupaka guhera mu wa 1899 abayigize batuye i Shangi kwa Kandt.

Mu wa 1902 – ubwo Kandt na we yari asubiye iwabo mu biruhuko, iyo komisiyo yimukiye i Mubumbano (hafi y'ahaje kubakwa Misiyoni ya Nyamasheke) ikomeza gukora igana mu majyaruguru. Akazi kayo karangiye mu wa 1910 hemejwe ko ikiyaga cya Kivu n'umugezi wa Rusizi ari wo mupaka ugabanya u Rwanda na Kongo. Icyakora icyo gihe ingabo z'Ababirigi ntizahise ziva mu Kinyaga, zahavuye mu wa 1912. Zongeye kuhagaruka muri Gicurasi 1916 zirwana n'iz'Abadage mu Ntambara ya Mbere y'Isi (Historique et Chronologie du Ruanda 1954: 95).

Komisiyo y'imipaka ikiri i Shangi mu wa 1900, ni ho Abapadiri Bera ari bo Brard, Barthélemy ndetse na Furere Anselme bari bayobowe na Musenyeri Hirth bahageze baturutse i Bujumbura. Baciye mu Cibitoki, bambuka Rubyiro bagenda Bugarama yose, bageze kuri Shangazi baboneza iya Bushenge bamanuka Shangi bataha kwa Kandt mu Kigaga. Aho mu Kigaga barahacumbitse ndetse bahasomera misa ya mbere yari isomewe ku butaka bw'u Rwanda. Nubwo batari bahuje ukwemera kuko bamwe bari Abagatorika (intumwa z'u Bubirigi) abandi ari Abaporotesitanti (intumwa z'u Budage), abari bagize iyo *Commission mixte de délimitation* bose bitabiriye iyo misa. Aho yasomewe ubu hari imigano y'inganzamarumbo. Nyuma y'iminsi mike bamaze i Shangi, abo bapadiri bakomeje urugendo rwabo bajya i Nyanza guhura n'Umwami Yuhi V Musinga.

Mbere y'uko Dr Richard Kandt agera mu Rwanda, i Shangi habereye intambara ikomeye yashyamiranyije ingabo z'u Rwanda n'iz'u Bubirigi zari zarahashinze ibirindiro ziturutse muri Kongo. Ingabo z'u Bubirigi ziyobowe na Liyetona (Lieutenant) Sandrart zashinze ibirindiro byazo i Shangi mu wa 1896. Umwami Mibambwe IV Rutarindwa abimenye yohereje ingabo ziyobowe na Bisangwa bya Rugombituri ndetse na Muhigirwa ngo zijye gukumira abo banyamahanga bari bavogereye Igihugu. Icyo gitero nticyahiriye u Rwanda kuko ingabo zarwanaga zarushanyaga imbaraga zishingiye ku bikoresho. Abanyarwanda bakoreshaga intwaro gakondo zirimo imyambi, amacumu n'imiheto; mu gihe Ababirigi bakoreshaga imbunda zirasa amasasu. Muri icyo gitero haguye ingabo zigera kuri 50 ku mpande zombi harimo na Bisangwa bya Rugombituri (Historique et Chronologie du Ruanda

1954: 95; Kagame, 1975). Nyuma y'igitero cy'i Shangi, Ababirigi bashinze ibindi birindiro i Nyamasheke mu wa 1897.

Mu wa 1899 ni ho ingabo z'Abadage zageze i Shangi ndetse zihashinga ibirindiro. Aho ibirindiro byazo byari biri nubu haracyari amwe mu mazu y'icyo gihe kandi haracyitwa mu Nkambi. Ni ho hubatse ibiro by'Umurenge wa Shangi.

Igihe Intambara ya Mbere y'Isi yari irimbanyije, Abadage bari mu Rwanda batsinzwe n'Ababirigi mu wa 1916. Abadage basubiye iwabo, isambu ya Kandt y'i Shangi yasubiye mu maboko y'Abanyarwanda icungwa n'umutware w'Impara. Ku wa 01/04/1944 shefu witwaga Bideri yagurishije iyo sambu, igurwa n'umuzungu w'umuganga wakoreraga i Bukavu witwaga Pelas. Mu wa 1966, Pelas na we yaje kuhagurisha, hagurwa n'ikigo cyacuruzaga imiti (*Société Pharmaceutique*) cyitwaga Boucleer nk'uko twabibwiwe na Kayitarama Epimaque ndetse na Set Manfried. Iyi Sosiyete na yo yahagurishije umudage witwa Set Manfried mu wa 1992, ari na we nyiraho uhatuye kugeza ubu.



*Aho Dr Richard Kandt yari atuye i Shangi*

Aho hahoze ari kwa Kandt ubu ni isambu ingana na ha 10 – nubwo Set avuga ko yari nini kurusha aho, ahubwo ikaba yararengerewe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi –; irimo ibihingwa bitandukanye ndetse n'ubusitani bunini. Bimwe mu bihingwa byari bihari mu wa 2016 ni kawa n'insina; ariko ngo mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi hanahingwaga amacunga n'imyumbati. Iyo sambu izengurutswe n'urugo rw'ibiti binini n'ibyatsi bimera; irimo inzu imwe gusa nyirayo atuyemo. Igice cyayo kinini kigizwe n'ubusitani burimo ibiti byinshi by'inganzamarumbo biteye ku mirongo birimo ingazi na *pedocaluptus* ngo byatewe na Kandt ubwe, ndetse n'imigano. Ikindi gice kigizwe n'ishyamba ririmo ibiti bitandukanye bivugwa ko ririmo inyoni z'amoko menshi ndetse zakurura ba mukerarugendo. Icyakora kugira ngo hasurwe, ubishaka abanza gusaba uburenganzira nyiraho dore ko n'inzira yinjirayo ihora ifunze!

### 2.29. Urwibutso rwa Jenoside rwa Bisesero

Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Bisesero rukunze kuvugwa nk'urwibutso rw'intwari. Rwubatse mu Ntara y'Uburengerazuba, Akarere ka Karongi, Umurenge wa Twumba, Akagari ka Bisesero, Umudugudu wa Kibingo. Ni urwibutso rwubatswe mu wa 1998 hagamijwe kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ruherereyemo.

Bisesero ni agace gaherereye mu hahoze ari u Rusenyi. Kari gatuwemo n'Abatutsi benshi, ahanini bari batunzwe n'ubworozi. Ni akarere kagizwe n'imisozi myinshi kandi ihanamye, iy'ingenzi muri yo ikaba Kigarama, Muyira, Murambi, Gisoro, Jurwe, Kazirandimwe, Gitwa, Uwingabo na Nyarutovu. Bisesero iri hafi cyane y'ishyamba kimeza rya Nyungwe.

Mu gihe ubwicanyi bwo mu wa 1959, 1963 na 1973 bwahitanye Abatutsi bo mu bindi bice by'Igihugu, abanyabisesero bo babashije kwirwanaho. Bahungiraga ku musozi wa Muyira, bagahuza imbaraga, bakabasha kurokoka ibitero by'abicanyi. Muyira ubwayo ni agasozi gaciye bugufi ariko kitaruye, ku buryo iyo ukariho uba witegeye aho ukajeho wese yaturuka. Kuri ubu ni agasozi kadatuwe gaherereye hafi y'Urwibutso rwa Bisesero.

Mu wa 1994, abanyabisesero baketse ko bashobora kongera kwirwanaho nk'uko babikoze mbere, maze bongera guhurira kuri wa musozi wa Muyira. Abatutsi bari batuye mu yandi makomini yegereye aho na bo bahisemo kubasanga ngo bahuze imbaraga.



*Bimwe mu bimenyetso bigaragara ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Bisesero*

Birwanyeho mu gihe cy'ukwezi bakoresheje amacumu, imiheto n'imyambi, amabuye ndetse n'inkoni, kandi bahanganye n'abicanyi bitwaje imbunda n'ibindi bikoresho bikomeye bya gisirikare. Koko rero Jenoside muri aka gace yatangiye ku wa 07/04/1994 nyuma y'ihanurwa ry'indege yari itwaye Perezida Habyarimana Juvénal. Abanyabisesero bahanganye n'ibitero byababagabwagaho buri munsi kugera ku wa 13/05/1994. Kuri iyo tariki nibwo haje igitero simusiga, kiyobowe n'uwari Burugumesitiri wa Komini Gisovu Aloys Ndimbati, aherekejwe n'abaporisi, abajandarume baturutse ku Gisenyi, ndetse n'Interahamwe zuzuye amakamyo n'amabisi ziturutse i Cyangugu ziyobowe na Yussuf Munyakazi.

Iki gitero cyabanje kwifashisha intwaro ziremereye, gitera ibisasu byinshi kuri uwo musozi wa Muyira. Ibyo bisasu byahitanye abana, abagore, abasaza n'abakecuru, bitaretse n'amatungo yabo bari barahunganye.

Abicanyi babonye ko Abanyabisesero bamaze gucika intege, nibwo babahutsemo n'amasasu ndetse n'intwaro gakondo, abenshi bicirwa hejuru ku musozi, n'abagerageje guhunga bakarasirwa mu kibaya kiri munsi y'uwo musozi wa Muyira.

Mu ntwari zivugwa cyane aha mu Bisesero harimo uwitwa Birara Aminadab n'umuhungu we Nzigiye kuri ubu na bo bashyinguye mu Rwibutso rwa Bisesero. Birara uwo yari yaragiye arokokera ku musozi wa Muyira ubwicanyi bwo mu wa 1959, 1963, 1973, akaba ari we mu wa 1994 wasobanuriraga abandi uko babigenje ngo barokoke ubwo bwicanyi bwabanje; akabafasha kwiyegeranya no kumenya uburyo bwo kwirwanaho.

Kuri ubu urwibutso rwa Bisesero ni rumwe mu nzibutso zibungabungwa ku rwego rw'Igihugu ndetse zashyizwe ku rutonde rw'agateganyo rw'umurage w'isi. Bimwe mu bice bigize uru Rwibutso ni amacumu icyenda ashushanya uko Abatutsi bakoresheje intwaro gakondo birwanaho, umubare icyenda wo ukaba ugaragaza amakomini icyenda yari agize perefegitura ya Kibuye. Ibuye rinini riri hagati na ryo ni ikimenyetso cyo kwirwanaho, dore ko amabuye na yo ari mu ntwaro bakoresheje bahanganye n'abicanyi.

Aha ku rwibutso kandi hagaragara inzira izamuka umusozi, ikaba irimo amakoni, igashushanya inzira Abanyabisesero banyuze bazamuka uwo musozi wa Muyira. Muri iyo nzira hari amabuye atatu akurikiranye, ndetse n'ibice by'amabuye biri iruhande rw'iyo nzira, bishushanya uko Abanyabisesero bahererekanyaga amabuye yo kwifashisha birwanaho.

Hejuru ku musozi hari imva rusange ishyinguyemo Abatutsi barenga 50.000 baguye mu Bisesero, ndetse n'abandi baguye mu bice bikikije Bisesero nka Mugonero, Gishyita na Mubuga. Uretse imva rusange kandi, hubatse inzu eshatu, buri imwe igizwe n'ibyumba bitatu bishyinguyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi.

Inzu yakirirwamo abashyitsi kuri uru rwibutso yubatse nk'agaseke katagira umutemeri. Mu bisanzwe agaseke ni kimwe mu bimenyetso by'ubumwe. Kuba aka kadafite umutemeri bigaragaza ko igihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994, bwa bumwe bwabuze mu Banyarwanda.



# AMAJYARUGURU



# UMUTWE WA GATATU: AMAJYARUGURU

### 3.1. Rutare

Umusozi wa Rutare uherereye mu Kagari ka Nyakavunga, mu Murenge wa Rutare, mu Karere ka Gicumbi, mu Ntara y'Amajyaruguru. Mu Rwanda rwo hambere, aho hahoze ari mu Buganza.

Mbere y'umwaduko w'abazungu, Rutare yatabarizwagaho abami n'abagabekazi batanze badafite ibisare. Imihango yo kubatabariza yayoborwaga n'abiru b'abanyamugogo bakomoka mu bwoko bw'Abatsobe. Abiru b'Abatsobe bari mu biru bayoboraga imihango ikomeye y'ibwami. Uretse i Rutare, ahandi hatabarizwaga abami n'abagabekazi ni i Remera y'Abaforongo, i Butangampundu ho mu Buriza, ndetse n'i Kayenzi (Ruhanga) mu Busigi (D'Hertefelt & Coupez 1964: 363).

Abiru b'abanyamugogo bari batuye i Rutare baturutse i Gaseke (ubu ni mu Karere ka Kamonyi, hafi ya Paruwasi ya Cyeza). Bakomoka kuri Birya bya Rucura. Yageze i Rutare aje gutabariza Mutara I Semugeshi ahita anahatura. Birya yari afite ingoma y'ingabe yitwaga Rwuma, ashaje ayisigira umuhungu we Muhunde na we wayisigiye abamukomotseho. Umwiru w'umunyamugogo wa nyuma wari utuye i Rutare yitwaga Sebahutu ba Rwamakombe, yapfuye muri 1968. Uretse kuba yarabwiye Padiri Alexis Kagame amwe mu makuru y'ubwiru, Sebahutu ni we weretse umushakashatsi Van Noten (1983) ahari imisezero ya Kigeri IV Rwabugiri n'umugabekazi Kanjogera. Mu mateka y'abami b'u Rwanda, Mutara I Semugeshi yibukirwa cyane ku mpinduka yazanye mu itonde ry'abami, inshingano no gutabarizwa kwabo.

### Itonde ry'abami n'inshingano zabo

Mutara I Semugeshi yavuguruye itonde ry'abami, akuraho amazina atatu yari afite inenge n'ibisare, hasigara amazina atanu kandi na yo agena uko azajya asimburana bitewe n'inshingano za buri mwami. Amazina yakuweho ni Ndahiro, Nsoro na Ruganzu yose asimbuzwa irya Mutara dore ko ari na ryo yari yahawe. Icyatumye izina Ruganzu rikurwa ku itonde ry'amazina y'abami b'u Rwanda ni uko Ruganzu I Bwimba na Ruganzu II Ndori bose bishwe n'abanzi. Bwimba yabaye umucengeri (umutabazi) yicwa n'Abanyagisaka bamutsinze i Nkungu. Ruganzu II Ndori we yaguye mu Bwishaza akubutse mu Kinyaga. Yaguye mu gico cy'abanzi barimo uwitwaga Bitibibisi wari wuriye igiti yihisha mu mashami yacyo; Ruganzu akigeze munsi areba hejuru Bitibibisi aherako amurasa umwambi w'ingobe mu jisho waje kumuhitana (Kagame 1972:106-107).

Igisare ku izina rya Ndahiro ni uko Ndahiro II Cyamatare na we yishwe n'abanzi. Ku ngoma ye, ingabo za Nsibura Nyebunga, umwami w'u Bunyabungo zateye u Rwanda Ndahiro II Cyamatare agwa i Rubi rw'i Nyundo – ubu ni muri Ngororero – hakurya y'umugezi wa Kibirira; ndetse u Rwanda ruratsindwa Abanyabungo batwara ingoma y'ingabe yarwo yitwaga Rwoga (Andi makuru ku itanga rya Ndahiro II Cyamatare, soma inkuru kuri Rubi rw'i Nyundo ku rupapuro rwa ......). Izina rya gatatu Semugeshi yavanye ku itonde ry'abami ni irya Nsoro kuko na ryo ryari iry'umwanzi. Abami bo mu bihugu bimwe byahoraga birebana ay'ingwe n'u Rwanda nk'u Bunyoro, u Bushubi n'u Bugesera na bo bitwaga ba Nsoro.

Amazina atanu yasigaye ni Mutara, Kigeri, Mibambwe, Yuhi na Cyirima. Mutara I Semugeshi yagennye inshingano z'abami bayitwa ndetse agaragaza n'uko bagomba gukurikirana. Kigeri na Mibambwe bari abami b'intambara bagomba kwagura Igihugu ndetse bakarinda inkiko zacyo. Mutara na Cyirima bari abami b'inka bagomba kuzongera mu Gihugu. Yuhi we yari umwami w'umuriro. Yagombaga gucana umuriro uhoraho ukaba ikimenyetso cy'ingoma nyiginya idahanguka.

Mu misimburanire y'abami, Semugeshi yagaragaje uko bakurikirana mu byiciro bibiri. Ikiciro cya mbere cyari icya Mutara – Kigeri – Mibambwe – Yuhi; icya kabiri ari Cyirima – Kigeri – Mibambwe – Yuhi. Nk'uko bigaragara, buri kiciro cyagombaga gutangirwa n'umwami w'inka kigasozwa n'umwami w'umuriro.

## Impinduka Semugeshi yazanye zirebana no gutabariza abami

U Rwanda ntirwashoboraga kubaho rudafite umwami w'inka. Ni yo mpamvu Mutara I Semugeshi yategetse ko umwami w'inka natanga atazajya atabarizwa ako kanya, ahubwo yagombaga koswa akazatabarizwa n'undi mwami w'inka uzamukurikira. Iri teka ryarebaga Mutara na Cyirima boserezwaga i Gaseke (Reba inkuru kuri Gaseke ku rupapuro rwa....... ). Iyi ni na yo mpamvu na we ubwe amaze gutanga, Mutara I Semugeshi yosherejwe i Gaseke; ndetse n'Umwami Cyirima II Rujugira watanze mu ntangiriro z'ikinyejana cya 18 agatinda gutabarizwa kugeza mu w'1931 igihe Musinga yavanwaga ku ngoma n'abazungu. Iby'umugogo wa Rujugira n'itabarizwa rye turabigarukaho mu nkuru ivuga kuri Gaseke.

Ku birebana n'imisezero yabo, Kigeri, Mutara na Cyirima batabarizwaga i Rutare; Yuhi agatabarizwa i Kayenzi; naho Mibambwe agatabarizwa i Remera y'Abaforongo. Mbere y'uko izina Ruganzu rikurwa ku itonde ry'abami, abaryitwaga bo batabazizwaga i Ruhanga muri Kayenzi. Icyakora umwami wabaga afite ibisare wese (yiciwe ku rugamba cyanga yiyahuye) we yatabarizwaga i Butangampundu. Haba i Kayenzi, i Remera n'i Butangampundu, hose ubu haherereye mu Karere ka Rurindo.

Mutara I Semugeshi yari afite urugo i Musumba (ubu ni mu Karere ka Muhanga). Kuko yari akuze, abiru bashatse kumenya aho yifuza kuzatabarizwa, ni ko kumubaza bati: «Nyagasani ko tubona ugiye kwimuka, nuva i Musumba uzimukira he?». Arabasubiza ati: «Ninimuka i Musumba nzajya i Rutare rwa Nyansenge». Bati «Nuva i Rutare rwa Nyansenge se uzimukira he?». Ati «Nzajya i Rutare rwa Munanira». Barongera bati: «Ese ho nuhimuka uzajya he?». Arabasubiza ati: «Aho umugabo yatuye kera, arahatabarizwa». Aho yabumvishaga ko nasaza bazamutabariza i Rutare.

Uretse kuba hari imisezero yabo, i Rutare hanatuye bamwe mu bami n'abagabekazi b'u Rwanda. Abo ni Mutara I Semugeshi wari ufite urugo ku Rurembo hafi ya Nyansenge harebana na Muhazi, ari na ho yatangiye. Undi mwami watuye i Rutare ni Kigeri III Ndabarasa. Uyu mwami amaze kwigarurira Ndorwa (dore ko ari na ho yimiye-CNUR:2011:105) yimukanye n'umugabekazi Rwesero ndetse n'umwamikazi Nyiratamba, bava hakurya ya Nyabarongo batura i Rutare. Ibigabiro byabo ubu biherereye hafi y'Ivuriro rya Rutare (Rutare Health Centre). Ingabo za Ndabarasa zitwaga Ababito, zitiriwe agasozi zakambikagaho i Rutare. Ako gasozi kitwa ku Kababito. Urugo rwa Ndabarasa rwari ruri mu itaba rigari cyane, ubu riri hafi y'ikibuga cy'umupira w'amaguru. Ikimenyetso kihasigaye ni ikigabiro kimwe kigizwe n'igiti cy'umuvumu munini cyane.

## Aho imisezero y'abami n'abagabekazi iherereye i Rutare

I Rutare hatabarijwe abami batandatu n'abagabekazi bane. Umwami wahatabarijwe bwa mbere ni Kigeri I Mukobanya; atabarizwa ahitwa i Nyansenge hafi ya Rwesero ku kiyaga cya Muhazi. Umusezero we ubu nta kimenyetso kiwuranga kuko n'ishyamba ry'urugege ryari rihari ryacitse kubera kuhahinga. Uwa kabiri ni Mutara I Semugeshi watabarijwe ahitwa ku Rurembo. Kugeza muri za 1960, ku musezero we hari ibiti by'imivumu n'ibihondohondo, ariko ubu ntabigihari. Ubwo bazanaga umugogo w'uyu mwami i Rutare, abaremerewe basanze Mwange (umugezi ugabanya Gicumbi na Rurindo) yuzuye babura aho bambukira bacumbika i Gitambi. Ku munsi ukurikiyeho, bavunje urufunzo bashaka ikirari, aho bambukiye bahita ku cyambu cya Mutara. Aho hantu hakomeje kwitwa ku Cyamutara kugeza ubu.

Uwa gatatu ni Kigeri II Nyamuheshera. Yari yatabarijwe i Burenganasayo (muri Rurindo), ariko Kigeri III Ndabarasa amaze

kwima ategeka ko na we bamujyana i Rutare. Yatabarijwe i Nyansenge hafi ya Kigeri I Mukobanya. Umwami wa kane watabarijwe i Rutare ni Kigeri III Ndabarasa watabarijwe ahitwa i Kayenzi, mu Kagari ka Munanira. Ku musezero we ubu hasigaye igiti kimwe cy'umuvumu gishaje cyane. Undi ni Mutara II Rwogera. Yatabarijwe ahitwa i Rambura. Nubwo ku musezero we nta kimentetso kikiharangwa, muri za 1960 hari ibivumu; none ubu hafi yaho hubatswe kiriziya gatorika n'amashuri abanza. Umwami watabarijwe i Rutare bwa nyuma ni Kigeri IV Rwabugiri. Umusezero we uri mu Mudugudu wa Nyakavunga, mu Kagari ka Kigabiro, kandi urubakiye.



*Umusezero w'Umwami Kigeri IV Rwabugiri i Rutare*

Mu bagabekazi, uwatabarijwe i Rutare bwa mbere ni Nyirakigeri I Nyanguge, nyina wa Kigeri I Mukobanya. Yatabarijwe i Nyansenge hafi y'umusezero w'umuhungu we. Uwa kabiri ni Nyirakigeri III Rwesero, nyina wa Kigeri III Ndabarasa. Bamutabarije hafi y'aho yari atuye. Ubu ni muri «*centre*» ya Rutare imbere y'ikigo nderabuzima « Rutare Health Centre ». Undi ni Nyiramibambwe III Nyiratamba, nyina wa Mibambwe III Sentabyo. Yatabarijwe i Gatwaro, ahubatswe ibiro bya mbere by'iyahoze ari komine Rutare. Bariho basiza ikibanza cy'ahazubakwa iyo komine, bataburuye umugogo wa Nyiratamba, bawimurira imbere ya komine. Umugabekazi wa nyuma watabarijwe i Rutare ni Nyirayuhi V Kanjogera watangiye i Kamembe mu 1933. Yatabarijwe i Munanira hafi y'umusezero w'umugabo we, Kigeri IV Rwabugiri. Iyo misezero yombi itandukanyijwe n'umuhanda, uwa Kanjogera uri munsi y'uwo muhanda, mu Mudugudu wa Mataba, mu Kagari ka Munanira. Nyuma yo gucukurwa n'umushakashatsi Van Noten mu wa 1968 na 1972, ikimenyetso gisigaye ahari iriba rya Kanjogera ni igiti cy'umuhati.



*Agasozi ka Ntagara kaguyeho Nyabingi*

## Gutabariza umwami i Rutare

Ntawavuga ku misezero y'abami n'abagabekazi iri i Rutare ngo yibagirwe kuvuga uko uwo muhango wagendaga. Incamake y'uyu muhango twayibwiwe n'abasaza b'i Rutare twaganiriye harimo n'ukomoka mu muryango w'abiru b'Abanyamugogo, ariko n'abashakashatsi D'Hertefelt na Coupez (1964) bawanditseho mu gitabo cyabo kirimo inzira z'ubwiru. Umwami amaze gutanga, i Rutare bahubakaga urugo azatabarizwamo rurimo kambere ndetse n'inzu nto zo mu gikari. Abiru bakaza kurubamo, bagatungwa n'ingishywa zibakamirwa ndetse n'amaturo yazanwaga n'abaje gushengerera umwami. Urwo rugo rumaze kuzura, umugogo wazaga i Rutare ukoserezwa mu nzu yo mu gikari, hashira amezi ane agatabarizwa. Iriba (imva) atabarizwamo ryacukurwaga muri iyo nzu. Ryamara kwera, bakaricamo impuzo, bakayubakamo urutara barambikaho umugogo w'umwami. Ibyo birangiye, impuzo yakingishwaga ibiti, iriba

rigatabwa n'inzu igakingwa. Iruhande rw'iyo nzu bahateraga ibimana (umutaba n'umuko) bakurikije aho umwami yerekeje uruhanga kugira ngo hatazibagirana.

Abiru batabarije umwami babaga 14 bakaguma muri urwo rugo bahakora imihango, bakazatabaruka hashize imyaka ine ya nzu bamutabarijemo imaze gushanguka. Batabarutse, bagororerwaga ibikingi ariko ntibagere ibwami kugira ngo badakenya umwami uriho.

Imihango yo gutabariza umugabekazi yari kimwe n'iyo gutabariza umwami, itandukaniro ni uko we bamwiraburiraga amezi abiri mbere yo kumutabariza; na nyuma abaja 12 akaba ari bo baguma ku musezero we bakahamara imyaka ibiri. Umugabekazi yatabarizwaga hafi y'umugabo we, ariko kure y'umuhungu we bategekanye (D'Hertefelt & Coupez, 1964:366).

### 3.2. Ntagara

Ntagara ni agasozi gato kari hagati y'umusozi muremure wa Kajerijeri na Kabona hafi y'ikiyaga cya Burera, ahahoze ari u Bugara. Ubu ni mu Mudugudu wa Ntagara, Akagari ka Kabona, Umurenge wa Rusarabuye, Akarere ka Burera, mu Ntara y'Amajyaruguru. Aka gasozi kazwiho kuba ari ko Nyabingi[82] yaguyeho, ndetse n'ubu kariho indaro bakimwambarizamo.

Ubundi Nyabingi ngo yari umwamikazi wa Ndorwa wagwaga neza cyane, ibyo bikaba byari byaratumye abantu benshi bamuyoboka. Nzira ya Muramira wari utuye mu mazinga y'ikiyaga cya Burera, agategeka u Bugara bwahanaga imbibi na Ndorwa, amugirira ishyari ashaka kumwica. Nuko amutumaho ngo aze bahure, Nyabingi ava aho yari atuye mu Kagarama – ubu ni muri Uganda – ageze ku Ntagara ahahurira n'ingabo za Nzira, zimutsinda aho n'ibyegera bye. Abacitse ku icumu bakwiriye imishwaro, ariko ntibasubira iwabo. Batuye mu Bugara hafi yo ku Ntagara, bakajya bahakorera imihango yo kwibuka no kwambaza nyirabuja bakundaga cyane. Umuhango wo kwambaza Nyabingi warakomeje ukwira henshi mu Rwanda – by'umwihariko mu majyaruguru – ndetse no mu bihugu bihana imbibi na rwo[83].

Uwambazaga Nyabingi yabaga afite ikibazo kiri mu muryango, - nk'umwana we yarwaye, cyangwa se ikindi cyose – akabikora agira ngo Nyabingi amufashe kukibonera igisubizo. Umwambaza yajyaga kureba umugirwa[84] akamubwira ikibazo afite, na we akakimugereza kuri Nyabingi. Nyabingi ngo yamenyaga igitera icyo kibazo ndetse agatanga intsinzi. Kugira ngo ushaka intsinzi ayihabwe, yazaniraga umugirwa amaturo arimo inzoga, ihene cyangwa inka akayamusohoreza kuri Nyabingi, na we akamugushiriza abazimu neza.

Uretse ibinyobwa, ibiribwa cyangwa ibitungwa, mu byaturwaga Nyabingi harimo n'abana, abakobwa n'abahungu. Umwana utuwe Nyabingi yarerwaga n'umugirwa akamugiraho uburenganzira bwose. Iyo yabaga ari umukobwa, umugirwa yashoboraga kumurongora we ubwe, kumushyingira umuhungu we, cyangwa akamukosha akamushyingira ahandi. Iyo yabaga ari umuhungu, yaramwubakiraga akamushingira urugo[85].

N'ubwo muri iki gihe benshi bazi ko kwambaza Nyabingi byacitse kubera iyobokamana ryazanywe n'amadini ya kizungu, ntibyacitse burundu kuko hari abantu bake bakimwambaza nubwo babikorera mu rwihisho. Aha twavuga nka Ngirumpatse Anastase utuye mu mpinga ya Ntagara hafi y'amashuri abanza ya Bisayo uhafite indaro ebyiri zambarizwamo Nyabingi. Ubwo abashakashatsi b'Inteko y'Umuco basuraga uwo mugirwa mu wa 2016, ntibabonanye na we kuko yari mu ruzinduko; ariko bavuganye na bamwe bo mu muryango we ugizwe n'abagore barindwi, abana n'abuzukuru be. Uyu muryango wo ntuhisha ko wambaza Nyabingi benshi bita Nyiramubyeyi, dore ko ari na wo utuye igice kinini cya Ntagara, agasozi yaguyeho.

Nubwo imyemerere ya Nyabingi yari imwe mu Rwanda, inkomoko y'uwo mukobwa ntivugwaho rumwe. Bamwe bavuga ko yari Umushambo, akaba umukobwa wa Nyakajunga na Nyabunyana. Nyakajunga ni we sekuru wa Gahaya ka Murari, umwami wategetse Ndorwa bwa nyuma mbere yo kwigarurirwa n'u Rwanda.

82 *Izina Nyabingi ngo rikomoka ku ijambo ry'Igihima «bingi» risobanura «byinshi» mu Kinyarwanda. Nyabingi rero bivuga umuntu utunze byinshi. Mu myemerere yo hambere, Nyabingi yari umwe mu bazimu bambazwaga mu Rwanda ndetse no mu karere ruherereyemo.*

83 *Ikiganiro na Mbarukuze Vincent, Burera, tariki ya 02/11/2016.*

84 *Umugirwa: umuhuza wa Nyabingi n'abamwiyambaza*

85 *Ikiganiro na Mbarukuze Vincent, Burera, tariki ya 02/11/2016.*

Abandi bavuga ko Nyabingi atari umukobwa w'umwami wa Ndorwa ahubwo yari umuja waturutse mu Rwanda ahunze bagiye kumuroha kuko yari yarasamye inda y'indaro, ageze i Ndorwa yigira ibwami. Icyakora ngo ntiyigeze ashaka kuko yari umukobwa w'impenebere, kandi yapfuye akecuye (Pauwels, 1958:220).

Iyo bavuga amateka y'umuryango wabo, abagirwa bo mu bwoko bw'Abazigaba ngo bakomoka ku Bahinda b'i Karagwe muri Tanzaniya, – ubu batuye mu Murenge wa Butaro, Akarere ka Burera, Intara y'Amajyaruguru – bo bavuga ko imyemerere ya Nyabingi ikomoka kuri Nyampundu. Umukurambere wabo witwa Nkara ngo ni we wazanye na Nyampundu mushiki wa Ruganzu II Ndori bavuye i Karagwe. Uhereye kuri uwo mukurambere ukageza ku witwa Munyankuge ukiriho kugeza ubu, ibisekuru by'abo bagirwa ngo bikurikirana bitya: Nkara – Gahu – Gasabo – Rutabuza – Bujune – Ntenderi – Kazoba – Bicundiro – Mugara – Rwema – Sentabire – Gahuru – na Munyankuge. Mbere yo kugera i Butaro ukomotse i Karagwe, uyu muryango watuye i Mpimba muri Uganda, i Kirambo hafi y'i Bunagana muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, ndetse n'i Muganza ya Bufumbira hafi ya Kisoro muri Uganda[86].

### 3.3. Ishyamba rya Buhanga

Ishyamba rya Buhanga riherereye mu Mudugudu wa Barizo, mu Kagari ka Bikara, Umurenge wa Nkotsi, Akarere ka Musanze, mu Ntara y'Amajyaruguru. Rifite ubuso buyingayinga hegitari 30. Iri shyamba riri aho Gihanga wahanze u Rwanda yari atuye, akaba ari na yo mpamvu ryakorerwagamo imwe mu mihango y'ibwami.

Guhera ku ngoma ya Yuhi II Gahima, mbere yo kwima, abami b'u Rwanda bagombaga kujya muri iryo shyamba kuko ari ho haberaga imihango ya nyuma yo kubimika. Kubera kuritinya no kuryubahira ayo mateka, ishyamba rya Buhanga ntiriratemwa kugeza magingo aya. Uhageze uhasanga ubuvumo n'ibigabiro by'inganzamarumbo biri ahahoze inzu abami batandukanye bimiyemo. Ku rwinjiriro rw'ishyamba, hari iriba rya Nkotsi na Bikara bavomagamo amazi umwami uje kwima yakarabaga. Kugeza ubu bivugwa ko ishyamba rya Buhanga ribamo inzoka nini y'uruziramire ari na yo murinzi waryo.

86 . *Ikiganiro na Buhenderi Yohani, Butaro, tariki ya 25/01/2017*



*Ishyamba rya Buhanga Umwami Gihanga yari atuyemo*

### 3.4. Mbirima na Matovu

I Mbirima na Matovu haherereye mu Kagari ka Mbirima, mu Murenge wa Coko, mu Karere ka Gakenke, mu Ntara y'Amajyaruguru, ahahoze ari mu Bumbogo. Aho i Mbirima na Matovu ku musozi muremure wa Buzinganjwiri hari hatuye Umwami Mibambwe III Sentabyo wabayeho mu kinyejana cya 18, rubanda rumwita Rugabishabirenge kubera ubuntu yagiraga. Uhagaze i Buzinganjwiri aba yitegeye igice kinini cy'u Rwanda. Ibirindiro by'umutwe w'ingabo warindaga ibwami byari biri mu mpinga ya Buzinganjwiri, urugo rw'umwami rukaba mu ibanga ry'uwo musozi ariko ahagana haruguru mu gahinga.

Uretse kuba haratuwe na Mibambwe Sentabyo, i Mbirima na Matovu hamenyekanye cyane igihe hicirwaga Umugabekazi Nyirakigeri IV Murorunkwere wari nyina w'Umwami Kigeri IV Rwabugiri. Nk'uko Padiri Alexis Kagame abivuga (Kagame 1975:28-40), nyuma y'igitero cy'i Mirama Rwabugiri yagabye mu Ndorwa, umuhima witwaga Gisiribobo yabonye Abanyarwanda ari abanyamaboko yigira inama yo kuyoboka Rwabugiri kugira ngo nibongera gutera Ndorwa inka ze ntizizanyagwe. Azana ishyo ry'inyana 30 z'urwirungu azitura Rwabugiri. Nkoronko wari igikomangoma asaba Umugabekazi Murorunkwere izo nka, arazimwima aziha Seruteganya, ubundi wari umukannyi w'ibwami, aba umutahira wazo. Nkoronko biramubabaza cyane ndetse atekereza kuzicisha Seruteganya.



*Umusozi wa Mbirima na Matovu*

Nkoronko n'abandi batware bakomeye bari abatoni ibwami bagiye umugambi wo kubeshyera Murorunkwere ko atwite kandi ko inda yayitewe na Seruteganya. Kuko byari amahano, bari bazi ko Rwabugiri nabyumva azaherako atanga Seruteganya, bakazamubwira ukuri ariko we yarapfuye. Uko bakekaga si ko byagenze, ahubwo Rwabugiri abyumvise yarababaye asiga Murorunkwere aho bari bari i Giseke mu Bwanamukari, ategeka abagaragu be kumukurikira bambuka Nyabarongo bajya hakurya yayo, abuza abasare kwambutsa Murorunkwere mu gihe yamukurikira.

Hashize iminsi ibiri, Murorunkwere utari wamenye icyatumye Rwabugiri amusiga, yaramukurikiye, ariko abura umusare umwambutsa Nyabarongo hamwe n'abo bari kumwe barimo Seruteganya n'abahungu be. Kera kabaye bageze i Nketsi, babonye ubwato barambuka barara i Mbirima na Matovu. Kuko Murorunkwere yari yamaze kumenya icyatumye Rwabugiri amusiga, yashakaga ko babonana bakaganira. Umwami amenye ko Umugabekazi ari i Mbirima na Matovu, yatumye ingabo n'abatware be b'ibyegera barimo Nkoronko, Rwampembwe na Nyamushanja ngo bagende bafate Seruteganya n'abahungu be babice ubundi bamuzanire Umugabekazi.

Bakiri mu nzira, Nkoronko na Rwampembwe batekereje ko nibafata Seruteganya bakamwica Umugabekazi azamuhorera kuko yari umutoni we w'akadasohoka. Bigira inama yo gutera urwo rugo bari barimo kugira ngo Seruteganya nasohoka arwana ku mugabekazi bamwice, bityo Murorunkwere ntazamenye uwamwishe. Igitero kigeze i Mbirima, Seruteganya yabonye ko ari we gishaka n'abahungu be, asaba Umugabekazi gusohoka agasanga ingabo z'ibwami kugira ngo atagwa aho. Umugabekazi agisohoka, umuhungu wa Seruteganya witwaga Murangira yahereye ko amutera inkota arapfa amuziza ko umuhungu we Rwabugiri ari we wabatanze. Umugabekazi amaze gutanga ingabo zatwitse urwo rugo, Seruteganya n'abahungu be bapfiramo. Rwabugiri akimenya iyo nkuru mbi yarababaye cyane, ava ku musozi wa Kigali (*Mont Kigali*) aho yari ari ajya kwigunga i Rwankuba hafi y'i Batsinda ahiraburira amezi ane. Akiri aho yohereje abagore rwihishwa bajya gusuzuma koko niba Murorunkwere yari atwite. Bagarutse bamubwira ko atari atwite, agira agahinda kenshi kamuteye guhorera umubyeyi we mu myaka yakurikiyeho.

### 3.5. Urugezi

Igishanga cy'Urugezi giherereye mu Karere ka Burera, ahahoze ari agace k'u Buberuka kari gakikijwe na Ndorwa, kagahana imbibi n' u Rukiga ndetse n'u Bufumbira byombi ubu biherereye mu gihugu cya Uganda.



*Igishanga cy'Urugezi*

Urugezi ni igishanga kinini, ahanini kigizwe n'urukangaga ndetse n'urufunzo, ubu hakaba hari n'ibiti byahatewe n'ubuyobozi mu rwego rwo gufata neza. Ibi biti byatewe ngo bikingire Urugezi, iyo ubyitegereje usanga biteye nk'umukandara uruzengurutse rwose.

Mu mateka y'u Rwanda, Urugezi ruzwi cyane nk'aho Basebya ba Nyirantwari yigomekeye ku butegetsi bw'Umwami Yuhi V Musinga. Nyirantwari bivugwa ko yari umukobwa ukomoka mu miryango ikomeye waje gutwara inda y'indaro, umuryango we ufata umwanzuro wo kumuroha ahitwa Nkondo, akaba ari umusozi uhanamiye Urugezi. Uyu musozi wa Nkondo uriho urutare runini, bikaba bivugwa ko aha ari ho hoherwaga abakobwa batwaye inda z'indaro.

Nyirantwari amaze gutwara inda y'indaro yahawe abatwa ngo bajye kumuroha kuri Nkondo. Abo batwa baramuzanye, bageze ahitwa Rutangira, mu nkengero z'Urugezi, bahasanga abandi batwa bagenzi babo. Abo bahasanze bababwiye ko Nkondo ari kure batahagera uwo mugoroba, ko ibyiza bacumbika. Mu gitondo abo batwa bari batuye kuri Rutangira, bayobowe n'uwitwa Kiroha, babwiye abandi bati: "Mwakwisubirirayo mugahembesha, uyu mukobwa tuzamubarohera". Abari baje kohera Nyirantwari batashye, Kiroha yahisemo kurongora Nyirantwari. Inda Nyirantwari yari atwite ni yo yavutsemo Basebya, kandi bivugwa ko nta wundi mwana yabyaye nyuma ye.

Ibi byakozwe n'Abatwa bo kuri Rutangira si umwihariko wabo, kuko hazwi izindi ngero mu Gihugu aho Abatwa bagiye batabara abantu babaga baciriwe urwo gupfa. Urugero rundi twatanga ni urwa Busyete wahishe Kirongoro nyina wa Cyirima II Rujugira, akamuhisha mu Bumbogo (Kagame 1972: 130).

Basebya rero yakuriye muri uwo muryango w'Abatwa, abarusha igihagararo n'umubyimba, bigatuma bamwubaha. Yize guhiga, kumasha no guhamya intego, ariko uko akura, akabwirwa ko nyina Nyirantwari yari agiye koherwa, bituma akura ari igihararumbo! Yaje gushinga umutwe w'ingabo yise "*Ibijabura*", ahanini wari ugizwe n'abasore babyirukanye. Mu nyandiko ya Alexis Kagame (1975: 140), avuga ko iri zina "*Ibijabura*" rishobora kuba rikomoka ku kuba zarabaga muri icyo gishanga cy'Urugezi.

Nyuma y'intambara yo ku Rucunshu, mu rwimo rw'Umwami Yuhi V Musinga, Basebya n'*Ibijabura* bateje imidugararo muri ako gace kose k'amajyaruguru, cyane cyane uduce twegereye Urugezi, nko mu Buberuka, Kibari, ndetse n'u Bukonya. Babuzaga umwami guturwa amaturo akomotse muri izo nce, ndetse n'aturutse mu Ndorwa no mu Bufumbira yose bakayanyaga.

Ubusanzwe *Ibijabura* ngo byababarirwaga nko muri 60. Bitwikiraga ijoro, bagatwika, bakica ndete bakanasahura. Ibi *Bijabura* byakurikirwaga n'imbaga y'abandi baturage basanzwe na bo bashaka kwisahurira. Amazina azwi cyane mu *Bijabura* twavuga ni nka Mahingura, Karabamu, Ndarihoranye n'abandi. Basebya ariko yirindaga cyane kwegera ahari hatuye abatware b'umwami cyangwa se akarere k'u Bugarura aho abazungu b'abamisiyoneri bari baramaze gushinga imizi i Rwaza.

Ibwami baje gufata icyemezo cyo kumutera, ariko kuko bari bazi ko afite ingabo nke, bemeza ko umutwe w'Indengabaganizi wari ukiremwa, ari wo wakwitabazwa[87]. Uyu mutwe wahawe Ruhararamanzi wari umutware w'u Buberuka ngo abe ari we uwuyobora. Izo ngabo zagombaga kunganirwa n'imitwe yari muri ako karere iyobowe na Biganda ndetse na Gashamura. Aha hari ahayinga umwaka wa 1909. Mu ntangiriro z'urugamba ingabo za Basebya zabanje kwihagararaho ariko ziza gusumbirizwa zihungira muri Kigezi, ubu ni muri Uganda.

Hagati aho Birasisenge wiyitaga Ndungutse yaje kwaduka muri aka karere k'amajyaruguru. Ndungutse yari atuye kuri Rutangira, agace kamwe mu bigize Urugezi. Muri icyo gihe hari amakuru yavugaga ko Muserekande bitaga Muhumuza cyangwa se Nyiragahumuza, yaba yari afite abahungu babiri, Biregeya yabyaranye na Kigeri IV Rwabugiri, na Ndungutse yaba yarabyaranye na Mibambwe IV Rutarindwa. Birasisenge rero yashatse kwitwaza ibyavugwaga, yiyita Ndungutse mwene Rutarindwa, yifatanya na Basebya, barasahura kandi bagaba ibitero ku bari bashyigikiye Umwami Yuhi V Musinga muri ako gace k'amajyaruguru y'Igihugu.

87 *Indengabaganizi ni wo mutwe w'ingabo gakondo wa nyuma washinzwe mu Rwanda, hari ku ngoma ya Yuhi V Musinga (Kagame 1962: 175).*

Nibwo Liyetona (*Lieutenant*) Gudovius, Abanyarwanda bari barahimbye Bwana Lazima yaje gusaba ibwami ko bamwohereza ingabo zifasha ize bakajya guhosha imidugararo mu majyaruguru. Ibwami bamwohereje umutwe w'Iziruguru ziyobowe na Rwubusisi mwene Cyigenza.

Aba ariko aho kugira ngo bagende batera, ku mabwiriza ya Bwana Lazima, bahisemo gushinga urugerero ahitwa i Burenga hafi ya Sayo. Ubwo hari mu mwaka wa 1911. Uru rugerero rwaratinze kugera 1912, ku buryo abacuruzi b'abarabu bari barahatangije ibikorwa by'ubucuruzi. Impamvu ni uko Bwana Lazima yashakaga kugabira igitero rimwe kuri Basebya ba Nyirantwari, Ndungutse ari we Birarisenge, na Rukara rwa Bishingwe wari warigometse mu Murera ndetse amaze no kwica Padiri Loupias, Abanyarwanda bahimbaga Rugigana.

Igitero kuri Ndungutse cyagabwe ku wa 13 Mata 1912, kimutsinda aho yari mu Rugezi. Icyo gihe Iziruguru zitera Ndungutse, ingabo za Basebya na we wari utuye hafi aho mu Rugezi zakanzwe n'urusaku rw'amasasu rwakomezaga komongana hafi aho, zihitamo kuyabangira ingata. Basebya yaje gufatwa na Rwubusisi, ahita acirwa urubanza ndetse anarasirwa ahitwa ku Kajwi, ubu ni mu Karere ka Gakenke, hafi y'umusozi wa Kabuye.

Basebya yari yaragiriye nabi abantu benshi muri ako gace ka Kibari n'u Buberuka ku buryo abaturage bari bahuruye ari benshi baje kumva urubanza rwe bahise bagabana ingingo z'umubiri we ngo bajye kwerekana mu miryango yabo ko koko Basebya yapfuye. Ubwo hari ku wa 15 Gicurasi 1912 (Kagame 1975: 169).

Nyuma y'urupfu rwa Basebya na Ndungutse, ako gace karimo Urugezi karatuje, amaturo yongera guturwa ibwami, Urugezi rusigara ari agace gakorerwamo umuhigo. Abahigi bahigaga cyane ingurube z'ishyamba, ndetse n'inzobe. Haje kandi kuba ah'ubuhinzi, aho abaturage bahingaga ibishyimbo, amashaza, ibirayi ndetse n'amasaka. Abaturage kandi bajyaga mu Rugezi gushakamo urufunzo n'urukangaga byo kubohesha imisambi, ndetse iki gishanga bigeze no kujya bagitwikiramo amatafari yo kubakisha.

Nyuma y'uru rupfu kandi abari batuye kuri Rutangira bakomeje guterekera Basebya. Nk'uwitwa Rwanyanza yaramuterekereye, ndetse ingoro ye isenyutse mu myaka ya vuba. Rwanyanza uyu yari mwene Birahamye; Birahamye bya Kiroha twabonye haruguru ko ari we wari wararongoye Nyirantwari nyina wa Basebya.

Kuri ubu aho bivugwa ko Basebya yari atuye ni mu Murenge wa Rwerere, Akagari ka Buconco, Umudugudu wa Ngoma. Ni agasozi gakikijwe n'Urugezi, gateyeho ishyamba ry'inturusu. Kugera kuri ako gasozi ariko ntibyoroshye kuko bisaba gukora urugendo rw'amaguru rutari ruto. Uvuye ku nyubako z'akagari ka Ruconco umanuka umusozi, bitwara nk'iminota mirongo ine n'itanu ku maguru, ukambukiranya urufunzo kugira ngo ugere kuri ako kagezi kitwa Rutangira, bivugwa ko ari ko katangiraga abashaka gutera Basebya. Mu bindi bice by'Urugezi bizwi cyane harimo Ruhindamyambi, aho Basebya yahishaga intwaro ze.

### 3.6. Ibuye rya Bagenge

Ibuye rya Bagenge ni ibuye riherereye mu Karere ka Gakenke, Umurenge wa Gakenke, Akagari ka Rusagara, Umudugudu wa Rusayo. Iri buye kuri ubu riri hagati y'amazu akorerwamo, hagati muri santeri y'ubucuruzi ya Gakenke. Rishinze nko muri metero 300 uvuye ku muhanda wa kaburimbo Kigali – Musanze, werekeza ku bitaro na Paruwasi bya Nemba.

Kuri iryo buye hariho amajanja y'imbwa, bikaba bivugwa ko ari ay'imbwa z'Umwami Ruganzu II Ndori. Ni ibuye rinini, riri ahantu hadatwikiriye, ntiribe no mu buvumo, bituma rigerwaho n'izuba ndetse n'imvura. Abaturage begereye iri buye bakunze kuryifashisha bakaryicaraho, dore ko nubwo bagerageje kurisigira umwanya igihe bubakaga amazu, hari ibikorwa by'iterambere bikomeje kugenda birisatira. Aha twavuga nk'umuhanda Gakenke – Nemba, amazu yiganjemo ay'ubucuruzi yubakwa mu nkengero zaryo, n'ibindi bikorwa bishobora gutuma iri buye ryangirika.

Iri buye rifite impande enye; impande ebyiri ziteganye twakwita uburebure, zifite hagati ya metero imwe n'igice na metero imwe na santimetero 80 buri ruhande. Naho ubugari, aho twakwita ku mutwe

hareba mu muhanda hafite metero zigera kuri ebyiri; naho ku musozo waryo hari ubugari bwa metero imwe. Iri buye rifite ubuhagarike bwa metero imwe uvuye ku butaka, ariko abaturage barituriye bahamya ko iri buye ari rirerire cyane, ku buryo rishobora kuba rifite hagati ya metero 40 na 50 zitabye mu butaka. Ntibyoroshye ariko guhamya ibi abaturage bavuga.

Iri buye, bamwe bemeza ko ryitiriwe Bagenge kubera ko yaba ari we wariteje ngo riyogoze ako karere ka Kibari, abandi bakavuga ko Bagenge uwo yaryitiriwe kuko ryamuguye hejuru. Hari ndetse n'abavuga ko Bagenge byaba bikomoka ku bugenge bwaba bwarakoreshejwe n'Umwami Ruganzu II Ndori mu kurihagarika.

Iri buye ryadutse mu karere ka Gakenke ku ngoma y'Umwami Ruganzu II Ndori, ryaduka rikora urugomo, rikazenguruka mu kirere, ariko noneho ryagera ku bahinzi ho rikigiza nkana. Iri buye ngo ryakundaga kubungira abahinzi bari kurya impamba bapfunyitse, rikabatesha urwo ruhembo rwabo. Inkuru irakwira ko hari ibuye ryabiyogoje mu karere k'i Kibari, inkuru iza no kugera ibwami kuri Ruganzu II Ndori, iti: "*Hadutse ibuye, abahinzi bajya kurya rikabamurura ku byo bapfunyitse, mbese ryarabiyogoje*"!

Ruganzu aza atabaye, ageze mu Kibari ahura na rya buye ngo riri kuzenguruka hejuru, arikubita umugeri ryisekura hasi, ati: "*Nta buye ryemerewe kubunga mu bantu*". Rigwa hasi ubwo, arishingaho uruhembe rw'umuheto we, ndetse n'imbwa ze zirihagarara hejuru, ibuye rya Bagenge ryicara aho kuva ubwo. Kuri ubu rigaragaraho amajanja arishushanyije hejuru, bivugwa ko ari ay'izo mbwa za Ruganzu zarihagaze hejuru ubwo yari amaze kurihashyira.

Ariko se Bagenge akaba ahurira he n'iri buye rimwitirirwa? Inkuru zimwe zivuga ko Bagenge yari umuhinza muri izo nce z'amajyaruguru y'Igihugu, akaba ari we wari warifashishije imitsindo ye, akohereza iryo buye kuyogoza i Kibari. Ruganzu abimenye nibwo yaje kurirwanya, na we yifashisha imitsindo yari atunze, arikubita umugeri, aritereka aho mu Gakenke.

Hari andi makuru ariko avuga ko Bagenge yari umugaragu w'umwami Ruganzu II Ndori. Igihe rero iri buye rya Bagenge ryatangiraga kuyogoza ince z'amajyaruguru y'Igihugu, ibwami baricaye batekereza ku cyo bazakorera iri buye. Umwami Ruganzu II Ndori ategeka Bagenge gucukura umwobo munini aho iryo buye riri ubu. Igihe Bagenge yacukuraga rero, ageze hasi cyane mu bujyakuzimu, nibwo rya buye ryaje. Ruganzu yasabye Bagenge gusohoka muri uwo mwobo, ariko uyu ntiyumva. Igihe Ruganzu arikubise umugeri akaribwira ati nta buye ryo kugenda, ryahise rigwa hejuru ya Bagenge muri wa mwobo, Bagenge aheramo atyo. Ubwo nibwo baryise ibuye rya Bagenge kubera uwo Bagenge wahezemo igihe iri buye umwami yarishyiraga muri uwo mwobo.

Umwami Ruganzu II Ndori azwiho ko aho yanyuraga yahasigaga ibimenyetso, uyu akaba ari umwihariko we mu bandi bami bategetse u Rwanda. Nta gushidikanya ko Ruganzu II Ndori yari umwami w'ikirangirire wanyuraga rubanda ndetse akanashimisha ingabo ze zarimo izitwa Ibisumizi. Hari n'abadatinya kumuha ububasha bukomeye, burenze ubw'abantu basanzwe.

Ku bijyanye n'ibimenyetso bishushanyije ku mabuye bimwitirirwa, kimwe mu bisobanuro bishoboka ni uko Ruganzu II Ndori yari yararerewe i Karagwe muri Tanzaniya, akaba yari yarahigiye ubugeni, ari na byo byatumaga aho anyuze hose ahasiga ikimenyetso. Twakwibutsa gusa ko ubu bugeni bwandika ku mabuye bwari bukomeye mu bice byinshi bya Tanzaniya. Birashoboka rero ko ari ubu bugeni yaba yarifashishije mu gushushanya kuri iri buye rya Bagenge cyangwa se ikirenge cyamwitiriwe ku rutare ruri i Rurindo. Ahandi nko mu Ruhango uhasanga ibisoro bicukuye neza mu rutare, bakavuga ko ari ho yabugurizaga igihe ari kuruhuka. Hari aho usanga amajanja bakavuga ko ari aho imbwa ze zakandagiye; hari aho usanga intango zicukuye mu rutare (urugero ni kuri Nkubi), bakavuga ko ari intango yaterekagamo inzoga n'ibindi. Ibi byose Ruganzu II Ndori ashobora kuba yarabikoze yifashishije ubugeni butari bumenyerewe mu Rwanda, yigiye i Karagwe muri Tanzaniya.

### 3.7. Butangampundu

Umusozi wa Butangampundu watabarizwagaho abami n'abagabekazi bazize igisare, ni ukuvuga abami batanze bazize uruguma bakomerekejwe ku rugamba cyangwa abiyahuye. Aha hahoze ari mu Buriza, ubu ni mu Ntara y'Amajyaruguru, Akarere ka Rurindo,

Umurenge wa Burega, Akagari ka Butangampundu, mu Mudugudu wa Gashinge.

Mu bami batabarijwe i Butangampundu harimo Cyirima I Rugwe. Nubwo Rugwe atazize uruguma, ntiyanatanze azize urupfu rusanzwe ahubwo yariyahuye. Cyirima I Rugwe yari ageze mu zabukuru cyane asigaye arandatwa n'abantu atakibasha kwigenza. Ni na yo mpamvu bamwita "*Kirandatwa*". Akenshi gukura cyane bigeza aho kudashobora kwihagurutsa bishobora gutera umuntu kwanga kuruhanya, akiyahura ngo aveho, atiyahujwe n'agahinda.

I Butangampundu ni na ho hari umusezero wa Ruganzu II Ndori. Mu bisanzwe imisezero y'abami bitwa Ruganzu yari i Ruhanga mu Karere ka Rurindo, ariko kuko Ndori yazize umwambi arashwe n'umwanzi Bitibibisi, yatabarijwe i Butangampundu (reba inkuru kuri Butantsinda ku rupapuro rwa...). Aha ni na ho hakomotse insigamigani igira iti: «*Si umugabo ni Bitibibisi*».

Mu bagabekazi b'u Rwanda, i Butangampundu habanje gutabarizwa Nyiramavugo I Nyirakabogo, umugore wa Ruganzu II Ndori, kuko ubwiru bwategekaga ko abagabekazi batabarizwa hafi y'imisezero y'abagabo babo. Nyuma hatayeho Nyirakigeri II Ncenderi watanze yiyahuye. Koko rero kuva kuri Nyiraruganzu I Nyakanga nyina wa Ruganzu I Bwimba, abagabekazi b'u Rwanda ntibari bemerewe kongera gushaka nyuma y'urupfu rw'abagabo babo. Nyamara umugabekazi Ncenderi nyina wa Kigeri II Nyamuheshera yaje gusama inda bituma yiyahura, bityo atabarizwa i Butangampundu. Nyuma ye, undi mugabekazi wahatabarijwe ni Nyirakigeri IV Murorunkwere, nyina wa Kigeri IV Rwabugiri. Murorunkwere yabeshyewe ko atwite mu rwego rw'amatiriganya y'ibwami bituma yicwa (reba inkuru kuri Mbirima na Matovu ku rupapuro rwa...).

Byinshi mu bimenyetso by'ahatabarijwe abami n'abagabekazi i Butangampundu ntibigihari. Nk'uko Zaninka Madeleine abivuga, "*haje igisonga cyitwa Ndamage ya Ndutiye, atanga amashiku ibigabiro barasenya, ingoma*[88] *zari aha azishyira abazungu bari ku Karambo, umwe yari Schmidt undi ari Suarez*».[89] Uyu Zaninka Madeleine yari yarashakanye na Makizanye Joseph, umwe mu biru ba nyuma bari bashinzwe kurinda imisezero y'i Butangampundu. Ni na we kandi wadusobanuriye aho izina «*Butangampundu*» ryakomotse: «*Ikigabiro*[90] *cyarasezerwaga igihe kigeze; basezera ingoma zikavuga, abagabo bakivuga, abagore bakabaha impundu. Ni cyo hitiwe i Butangampundu; none ubu ntibigikorwa*"!



*Ibiti byashibutse ku misezero y'i Butangampundu.*

Hakurya ya Butangampundu hari agasozi kitwa ku Cyisigo, ahoserezwaga abami n'abagabekazi mbere y'uko batabarizwa i Butangampundu.

### 3.8. Rwiri-Nturo

Rwiri-Nturo havugwa kuba ari ho haramvuwe ingoma y'Ingabe Karinga. Ni ahahoze ari u Buberuka. Ubu ni mu Ntara y'Amajyaruguru, Akarere ka Rurindo, Umurenge wa Cyungo, Akagari ka Rwiri, Umudugudu wa Nturo. Umwami Ruganzu II Ndori ni we wimitse Karinga isimbura Rwoga yanyazwe n'Abanyabungo ku ngoma ya Ndahiro II Cyamatare (reba inkuru kuri Rubi rw'i Nyundo ku rupapuro rwa….). Mu rwego rwo kwirinda ko ibyabaye kuri Rwoga byakongera kuba no kuri Karinga, Ruganzu yasabye ko igiti cyaramvuwemo Karinga cyanaramvurwamo izindi ngoma eshatu z'ingabe, ku buryo mu gihe Karinga yagira ikibazo, hahita haboneka indi iyisimbura (Kagame 1972:101-102).

88 *Butangampundu hari ingoma ya Kiragutse*

89 *Ikiganiro na Zaninka Madeleine, Butangampundu, tariki ya 06/11/2016.*

90 *Aha Zaninka Madeleine agomba kuba yaritiranyije ikigabiro n'umusezero kuko ikigabiro cyabaga ku itongo ry'umwami cyangwa umugabekazi, naho aho batabarizwaga hitwa ku misezero.*

Imihango y'iramvura rya Karinga yateguriwe kwa Minyaruko ya Nyamikenke, umuvubyi ukomeye watwaraga u Busigi. Karinga yaramvuwe na Nyamigezi wa Minyaruko, ayiramvura aho i Rwiri – Nturo, nuko Minyaruko ayitura Ruganzu. Iki gihe umurwa wa Ruganzu wari i Ruganda ho mu Bumbogo, ubu ni mu Karere ka Rurindo.

Nyamigezi wa Minyaruko yagiye kuramvura Karinga mu Buberuka hataraba u Rwanda. Haje kuba ah'u Rwanda nyuma ku ngoma ya Kigeri II Nyamuheshera ubwo yahateraga akica umuhinza waho witwaga Mweru. Nyamigezi ajya aho i Cyungo, hari ishyamba ry'inzitane ryarimo ibiti by'inganzamarumbo by'imyungo (umwungo). Aka gace kakomoraga izina ryako kuri ibi biti: umwungo = Cyungo. Amaze guhitamo igiti, Nyamigezi yagiciyemo ingeri eshanu, akiremamo ingoma eshanu, arazihekesha, azijyana mu Busigi avuga ko ari amasekuru! Zigeze mu Busigi, abiru babishinzwe bazibaje neza mu ibanga rikomeye. Ibi byose byabereye mu rugo rwa Nyamigezi, ari na we wa mbere wabaye umurinzi wa Karinga. Uyu murimo wo kurinda Karinga wagumye mu muryango wa Nyamigezi kugeza ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa.

Ingeri yo hasi y'iki giti cy'umwungo yavuyemo iyitwa Bariba; igice gikurikira kiba Karinga, hataho Karihejuru. Ingeri ebyiri za nyuma zaje kwirengagizwa. Karinga ni yo yaje gutoranywa kuba ingoma y'ingabe. Karinga biva ku nshinga y'i Kinyarwanda cya cyera "*kuringa*", ari yo yaje guhinduka mu Kinyarwanda cy'ubu "*kwiringira*". Karinga rero yasobanuraga icyizere; ibyiringiro (Kagame 1962: 21). Umutwe w'ingabo witwa Abanyakaringa-Ishyama ni wo wari ushinzwe kurinda iyo ngabe. Karihejuru - gato kavuye hejuru ya Karinga - yatoranyijwe kuba igisonga cya mbere cya Karinga; Bariba iba igisonga cya kabiri. Ibi byasobanuraga ko mu gihe Karinga yagira ikibazo ibi bisonga byakurikirana muri ubu buryo mu kuyisimbura, ku buryo rubanda itamenya ko hari ikibazo cyabaye. Nyuma Kigeri IV Rwabugiri na we yaziremeyeho Mpatsibihugu.



*I Rwiri – Nturo, ahari igiti cyaramvuwemo Karinga*

Ubundi ingoma ni yo yerekanaga ubwami, ikaba iruta umwami ku bukuru no mu cyubahiro. Uko ni ko Karinga yari imeze mu Rwanda. Ingoma y'ingabe ni yo yima Igihugu, Imana ikayitorera umwami wo kuyima. Naho umwami yatanga adasize umuzungura, Igihugu cyaguma aho ikacyima ubwayo, abakomoka ku mwami, ni ukuvuga abo mu nda y'ingoma, bakayirwanira, kugeza ibonye nyirayo (Simpenzwe 1992: 1).

Aho ingoma y'ingabe yabaga iri, umwami adahari, yavugirwaga n'ingoma ubwayo; yaba iri ku mugendo, hose bayakiraga nk'umwami, ikagira abayishengerera umunsi n'ijoro, ndetse n'umwami ubwe yajyaga kuyishengerera, igihe cy'umugendo umwami akayigenda inyuma. Igihe cy'urugamba kandi bemezaga ko igihugu cyaneshejwe iyo babaga bacyatse ingabe yacyo, naho igihe cyose bene cyo bakiyihishe babaga bizeye ko bazabyutsa umutwe, bakavuga gusa ko igihugu cyabo cyaganjwe ariko ko kitaratsindwa.

Umwami Gihanga ni we wahanze ingoma za mbere z'ingabe mu Rwanda ubwo yari yubatse i Buhanga. Akima, ingabe ye yari Urusengo rwitwa Nyamiringa (Kagame 1962: 20). Kugera ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa, iyi ngabe yari ikiba ibwami. Aha twanakwibutsa ko abiru bakuru ba mbere ba Gihanga bari Abasengo.

Mu gihe Gihanga yari akiri aho i Buhanga nibwo hadutse umwiru witwaga Rubunga, akomotse kwa Jeni ya Rurenge. Uyu Rubunga ni we wamenyesheje Gihanga ubwiru bwo mu Basinga n'ibyerekeye ingoma z'ingabe zo mu Basinga. Ubwo nibwo Gihanga yaremye ingabe ye ayita Rwoga[91], ayiremera n'izayo ari zo Barengurubibi, Cyimumugizi, na Butare. Gihanga ni na ho yahereye ahimba Rubunga irya "*Mwungura*" kuko yari "*yunguye ingoma ubwiru*", anamugororera guhora ari intebe y'abiru ingoma zose, ndetse anamuha n'ubwami bw'umuhango. Ingoma yo kwa Rubunga yitwaga Busarure, ikagira n'iyayo Rwagagaza. Ariko kuva ku ngoma ya Cyirima I Rugwe, Abakobwa bakomoka kuri Mukobwa wa Ndoba ni bo bari bafite ubwiru bw'ingabe, bakazimenya.

Rwoga rero ni yo ngoma y'ingabe ya mbere y'u Rwanda. Iyi ngoma yaje kunyagwa n'Umwami Nsibura I Nyebunga w'u Bunyabungo, ku ngoma ya Ndahiro II Cyamatare. Iki gihe ariko ingabekazi Cyimumugizi yabundishijwe na Gitandura ahitwa mu Rutaka rwa Muhanga. Aho Ruganzu II Ndori yimiye, Rwoga yari yaranyazwe, abiru bayisimbuza indi ngoma nshyashya Nangamadumbu yari isanzwe ari indamutsa ya Ruganzu II Ndori.

Nangamadumbu ntiyamaze igihe, ahubwo yahise isimbuzwa Karinga. Karinga yaramvuwe i Rwiri-Nturo, mu cyanya cy'i Cyungo nk'uko imbyino ikomoka muri ako karere iranga iyo nkomoko:

*"Icyungo Nyamurema*
*Cyaremwe n'Imana*
*Kiramvurwamo Karinga*
*Na Nyamuganza".*
*Na none mu marenga ngo:*
*"Isekuru yo kwa Minyaruko ya Nyamikenke*
*Kugirango ibe nziza*
*Bajya kubaza mu Mivugangoma*
*Bayishyiraho uruhu rwa ya nka*
*Bari bakamiye Ruganzu*
*Kwa Gicamirubusa (Abasigi)" (Simpenzwe 1992: 50).*

Mu mihango yo kwimika Karinga, Nangamadumbu yagizwe ingabekazi. Nyuma y'imihango yo kwimika Karinga, Ruganzu II Ndori yahise ashinga ingoro ye nshya i Mata ya Muhanga ho mu Marangara. Ari i Mata nibwo abashumba bataruye mu buvumo Cyimumugizi yari yarabundishijwe na Gitandura. Ruganzu aherako ayisimbuza Nangamadumbu, ayimika ho ingabekazi nanone isanga Karinga yongera kuba iyayo. Ibi bisobanura ko Karinga yagaragazaga ubwami n'ubugabo muri rusange, naho Cyimumugizi ikerekana Umugabekazi n'ubugore.

Cyimumugizi yarindwaga n'umutwe w'ingabo witwaga Abakaraza wari warashinzwe na Gihanga ubwe. Umutware w'Abakaraza yari afite ububasha bukomeye mu Gihugu, akaba yarabarizwaga mu bantu bakomeye mu Rwanda rwo hambere. Mu nshingano z'abagize uyu mutwe harimo kuvuza ingoma igihe cyo kubikira no kubambura umwami; igihe habaye ibirori bindi bitandukanye; ndetse harimo no kuremererwa ingoma z'ingabe igihe bibaye ngombwa ko ziva aho zari zitetse. Nangamadumbu yashinzwe Abatandura ngo bayiragire by'ingororano y'ishyaka rya Gitandura wari waracikanye Cyimumugizi ayihungisha iby'i Rubi rw'i Nyundo.

Iherezo ry'ingoma Karinga ntirizwi neza. Igihe inzu y'Umwami Mibambwe IV Rutarindwa yashyaga ku Rucunshu, abo ku ruhande rw'uwaje kuba Umwami Yuhi V Musinga bashatse uko batabara Karinga n'izari ziyigaragiye ngo zidahira muri iyo nzu. Bifashishije umuhoro, basenya inzu, bahingukira ku ruhimbi aho izo ngoma ngabe zari zitetse barazitabara. Karinga yari yatangiye gufatwa n'ikibatsi cy'umuriro, mu kuyizimya bifashisha amata bayibogoyeho. Muri izo ngabe ariko, iyitwa Icyumwe n'iyitwa Butare zari zahiye ku buryo zitashoboraga gusanwa. Pagès (1933: 207-208) yemeza ko Karinga yahiriye ku Rucunshu, ariko ibi ntabihurizaho na Kagame (1975: 125) wemeza ko we yayiboneye nyuma yo ku Rucunshu. Nyuma y'ubwigenge, Lizinde Théoneste (1979) yaje kwemeza ko yatahuye Karinga, aho ngo yari itabye mu gikari cy'umucuruzi w'umwarabu i Nyanza. Icyakora mu mafoto ari muri icyo gitabo nta ya Karinga igaragaramo, ndetse n'icyo yakoreshejwe ntikigaragara bityo hakaba hibazwa niba yarayibonye koko.

91 *Mu byukuri Rwoga yari yaremwe na Nyamuhindura wa Rubunga (Kagame 1962: 29).*

### 3.9. Huro

Umusozi wa Huro uherereye mu Mudugudu wa Rubona, Akagari ka Huro, Umurenge wa Muhondo, Akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru. Ni mu karere kera kahoze ari u Bumbogo. Aho i Huro hari umurwa wa bamwe mu banyamihango b'Umuganura, bigatuma ari ho hahurizwaga amaturo yoherezwa ibwami azakoreshwa muri uwo muhango. Iyo ni yo mvano y'imvugo igira iti: "*Ihuriro ni i Huro*". Uretse iyo mvugo kandi igikoreshwa na benshi kugeza ubu, hari n'indi igira iti: "*Utabusya abwita ubumera*", ngo ikaba ikomoka ku kuba aho i Huro harakoranyirizwaga imyaka myinshi n'amatungo mbere yo koherezwa ibwami; noneho abasyaga ifu izavugwamo imitsima bakananirwa cyane (Murihano 1987: 193).

Igihe umuganura watangiye kwizihirizwa mu Rwanda ntikizwi. Hari abavuga ko watangiye kwizihizwa kuva ku ngoma ya Ruganzu II Ndori (Vansina 2004: 49), abandi bakavuga ko wahanzwe na Gihanga hamwe n'indi mihango yose. Abavuga ko watangiye ku bwa Ruganzu, bagenekereza bavuga ko ari mu gihe yari atangiye kwigarurira impugu u Rwanda rwari rwaratakaje nyuma y'itanga rya se Ndahiro II Cyamatare. Icyo gihe igice giherereyemo Huro cyitwaga u Busarasi, hataraba u Bumbogo. Ubu igice kinini cy'ahahoze ari u Busarasi giherereye mu Karere ka Rurindo, ikindi kiri mu Karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali.

Umuhango w'Umuganura wasumbaga iyindi mihango yose yizihizwaga mu Rwanda mbere y'umwaduko w'abakoroni. Ku rwego rw'Igihugu, wayoborwaga n'umwami n'abiru, naho ku rwego rw'umuryango, umukuru w'umuryango akaba ari we uyobora imihango (Kagame 1972: 24). Nubwo ku rwego rw'Igihugu umwami ubwe ari we watangizaga Umuganura, mu by'ukuri gahunda yose yayoborwaga n'umwiru – cyangwa umutware - w'Umuganura ndetse n'umwungiriza we.

Umwiru w'Umuganura yabaga ari umukuru w'abiru bo mu Rwanda bose uko bakabaye. Ku rwego rw'Igihugu, nta munyacyubahiro n'umwe wamusumbyaga intera uretse umwami n'umugabekazi bonyine. Yatorwaga mu muryango w'Abatsobe; ibi bikaba bikomoka ku cyubahiro cyarazwe umukurambere wabo Rutsobe bivugwa ko yari umwana wa Gihanga w'ikinyendaro (Kagame 1972: 41). Umwiru w'Umuganura kandi ni na we wabaga ari umutware w'umutwe w'ingabo witwaga Gakondo bavuga ko waba warashinzwe n'umwami Gihanga ubwe, akaba yarawuraze umuhungu we Rutsobe. Abiru b'Abatsobe bari bafite ikicaro ku musozi wa Kinyambi – hafi ya Runda, mu Karere ka Kamonyi – kandi bakayobora intara y'u Bumbogo nk'abami b'umuhango. Ingoma z'ingabe zabo zitwaga Rwamo – imuritse mu ngoro y'umurage i Huye – na Kiruhura. Amazina yabo y'ubwami yo yakurikiranaga atya: Nyaruhungura, Nyunga, Birege na Rubambo.

Umwiru w'Umuganura yunganirwaga n'undi mwiru wo mu bwoko bw'Abega, umuryango w'Abaswere. Yari ashinzwe gahunda zose zijyanye no kubona imyaka – uburo n'amasaka – izakoreshwa mu muhango w'Umuganura kandi akagira n'uruhare, kimwe n'umwami n'umwiru w'Umuganura, mu mihango yasohozwaga ku munsi nyiri izina w'Umuganura. Uwo mwiru yari afite ikicaro ku musozi yigengaho wa Huro, uri mu ntara twavuze yahoze yitwa u Bumbogo bwahoze ari u Busarasi. Aba biru b'abahinzi banitwaga abo kwa Myaka, ingoma yabo y'ingabe yitwaga Karihejuru. Ngo bayise batyo kubera ko yaramvuwe mu giti kimwe n'ingabe nkuru Karinga n'iyindi yitwa Bariba. Bariba iyi imuritse mu ngoro y'umurage i Huye. Karihejuru ngo yari kumwe n'iyayo yitwaga Busoro. Abiru b'Umuganura b'i Huro basimburanaga ku mazina ya Nyamurasa, Musana na Mumbogo.

Mu mirimo ikomeye abanyamihango b'Umuganura b'i Huro bari bashinzwe harimo kumenya amaturo agenerwa abavubyi. Muri ako gace harimo abavubyi bazwi cyane, barimo nk'umuryango wakomokaga kuri Nyamikenke. Igihe impeshyi irangira abahinzi bitegura gutangira ihinga, umunyamihango y'Umuganura yafataga amaturo, akenshi yabaga agizwe n'inka ndetse n'ibiseke by'uburo, akayatura abavubyi. Nabo rero bakamubwira bati: "*Mugende mwitegure ihinga, imvura igiye kugwa*". Muri Nzeri imvura ikagwa, bagahinga. Bamuhaga amasuka abiri, imwe akayikwikirira umugore utari uwe, indi akayikwikirira umugabo, akababwira ati: "Ngaho nimuhinde muhinge"; na rubanda rusigaye akababwira bagahinga. Umugenzo wo kuvuba wakendereye ku ngoma y'Umwami Mutara III Rudahigwa, dore ko we atemeraga abavubyi.

Tugarutse ku birebana no kwizihiza umuganura, wizihizwaga buri mwaka, abami b'u Rwanda bakawizihiriza ahantu hatandukanye bitewe n'umurwa werejwe. Uwo muhango watangizwaga ku mugaragaro mu kwezi kwa Kanama ukazasozwa mu kwa Kamena k'umwaka ukurikiyeho. Wabanzirizwaga n'icyunamo cy'ibyumweru bibiri cyabaga muri Gicurasi. Ni koko rero Umwami Ndahiro II Cyamatare yatanze muri uko kwezi, ibi bikaba ariyo nkomoko y'icyo cyunamo.

Umuhango wose w'Umuganura wakorwaga mu byiciro bitandukanye byagaragajwe n'Inteko y'Umuco igihe watangiraga kongera kwizihizwa mu Rwanda mu mwaka w'2011, nyuma y'uko wigeze gucibwa nk'uko tuza kubigarukaho mu bika bikurikira. Habimburaga umuhango wo *kwaka amasuka ibwami*. Umwiru w'Umuganura yatumizaga amasuka ibwami akayohererereza abahinzi bo kwa Myaka – abiru – iwabo i Huro, mu Bumbogo. Ibi byakorwaga mu kwezi kwa Kanama ariko kwa munani. Umuhango wa kabiri wari *uguturutsa imbuto*. Babibaga zimwe mu mbuto nkuru z'i Rwanda ari zo uburo n'amasaka; bigakorwa mu kwezi kwa Nzeri ari ko kwa cyenda.

Hakurikiragaho *kujyana umurorano*[92] *ibwami*. Uyu muhango wakorwaga mu mpera za Mutarama ari ko kwezi kwa mbere igihe imbuto zabaga zeze, bakajya kuzimurika ibwami. Icyakora hari n'abavuga ko wakorwaga muri Werurwe. Ibwami basyaga uburo bwazanywe n'abanyamihango y'Umuganura, bakavuga umutsima bakawuhakurira mu twibo tune, twa twibo bakadutereka mu gicuba, ukazaribwa n'abapfumu bitwaga Intarindwa. Uwo mutsima warishwaga ibishyimbo byitwa ibiharo; ubu bukaba ari ubwoko bw'ibishyimbo binini bihemberwa bifite imbuto y'isine irimo utudomagure tw'utweru. Kuba uburo bwarakomeje kugira uruhare rukomeye mu muhango w'Umuganura byibutsa ko ari bwo bwonyine bwakoreshwaga amasaka ataragera mu Rwanda. Umurwa umwami yakiriragamo umurorano yawugumagamo kugeza igihe imihango yose y'Umuganura irangiriye.

Nyuma y'umurorano, hakurikiragaho *kujya kuzana igitenga ibwami*. Mu mboneko za Gashyantare ari ko kwezi kwa kabiri, umwiru w'i Huro – wo kwa Myaka – yajyaga ibwami kuzana igiseke kinini cyane bitaga igitenga cyo gushyiramo imyaka izakoreshwa ku munsi w'Umuganura. Nubwo itazwi neza, hari imihango yabanzaga gukorerwa icyo gitenga, yarangira kikajyanwa i Huro mu Bumbogo. Kigezeyo, abiru baho bageraga impeke zicyuzuye, bakagisubiza ibwami batwaye na ya myaka irimo uburo n'amasaka.

Nubwo ibyakoreshwaga mu mihango y'Umuganura byahagurukiraga i Huro, byose ntibyababaga ari ho byeze, hari ibyaturukaga kure. Nko mu Murera haturukaga ibishyimbo n'amashaza byiyongera ku buro n'amasaka byaturutse i Huro ndetse n'i Mbirima na Matovu. Hari n'ibindi byaturukaga mu Bunyabungo, hafi y'ahahoze urugo rwa Gihanga, dore ko ubwami bwe bwageraga hanze y'imbibi z'u Rwanda rw'ubu. Gushakira imihamuro aho ngo byaterwaga n'uko Gihanga na we yahakuraga ibyifashishwaga mu gihe cye.

Abatonze umurongo bajyanye imyaka ibwami bitwazaga ingoma – dore ko mu bo umunyamihango y'Umuganura yajyanaga nabo habagamo abiru [abakaraza] b'Abambogo – zimwe zikajya imbere, izindi zikajya inyuma, bakagenda bazivuza. Aho bageze bakabacumbikira; bati: "Aya ni amaturo agiye ibwami". Bwacya bagakomeza urugendo, bazagera ibwami ingoma zikavuga, bakabakira, bakabaha inzoga bakanywa. Bajya gutaha umwami akabaha amasuka abiri ati: "Nimugende muhinge. Bagataha bavuza ingoma inzira yose".

Icyiciro cya nyuma cy'Umuganura kwari *ukwakira amasaka n'uburo, kuvuga umutsima no kuganura*. Ibwami habaga imihango yo kwakira iyo myaka; bagasya, bakavuga imitsima igahakurirwa mu byibo bine. Ku munsi wo kuganura habaga hari umwami ubwe n'abandi banyacyubahiro; umwami agaherezwa amata, agasomeza umutsima. Ayo mata yabaga yakamishijwe mu mutwe w'inka zitwaga Inyubahiro.[93] Umuganura wasozwaga n'umuhango wo *kubikira imfizi*. Ikimasa cyabikirwaga cyabaga cyatoranyijwe mu mutwe w'inka witwaga Indwanyi ari wo woherezwagamo ibimasa byakoreshwaga mu mihango y'ubwiru ijyanye no kuragura.

92 *Umurorano ni uburo cyangwa amasaka byababaga bigenewe kuzavamo umutsima w'umuganura w'ibwami.*

93 *Inyubahiro: umutwe w'inka waremwe n'umwami Cyirima II Rujugira mu rwego rw'imihango y'ubwiru. Uyu mutwe ni wo warobanurwagamo imfizi yitwa Rusanga yakorerwagaho imihango igihe cyo kwimika abami b'u Rwanda. Umutware w'Inyubahiro yabaga ari umunyamihango ukomoka mu bwoko bw'Abazigaba bo mu nzu yitwa Abaheka.*

Nyuma y'ibirori by'Umuganura, buri mutware ibwami bamuhaga ibyuhagizo byo kuhagira – gutanga umugisha – inka, imirima n'abantu yayoboraga, na we akajya gucyura ibirori by'Umuganura, akishimana n'abaturage ku musozi ayoboye ari na ko abagezaho umugisha w'umwami. Kuri uwo munsi w'Umuganura kandi imiryango na yo yarateranaga, umutware w'umuryango akayobora imihango n'ibirori byayikurikiraga. Cyaraziraga kugira uwo wima cyangwa uheza ku munsi w'Umuganura, kuko buri wese yagombaga kugira umuturanyi asura. Mu magambo make, kuganura wari umuco mu Rwanda. Niyo umwana yezaga amasaka yaragendaga akaganuza umubyeyi we; na we akamubwira ati: "Ni uko uzagende uhinge weze".

Ku butegetsi bwa gikoroni, Ababirigi baje gukuraho umuhango w'Umuganura mu rwego rwo kurwanya iby'ingenzi byarangaga ukwemera n'ubutegetsi gakondo mu Rwanda.

Mu wa 1925, baciye umwiru wawo wa nyuma witwaga Gashamura ka Rukangirashyamba, yoherezwa i Burundi. Bidatinze, nyuma y'imyaka itandatu, n'Umwami Yuhi V Musinga wari waranze kuvirira imihango, imigenzo n'imiziririzo umuco w'Abanyarwanda wari ushingiyeho, akurwa ku ngoma, bamucira i Kamembe nyuma bamujyana i Moba muri Kongo ari na ho yaguye (Kagame 1975). (Reba inkuru ku icibwa rya Musinga ku rupapuro rwa…).

Mu ntangiriro y'imyaka ya za 1980, Umuganura wongeye kubaho nubwo ubuyobozi bwariho butawushyizemo imbaraga ngo uhabwe agaciro ukwiye, tariki ya 1 Kanama yemezwa nk'umunsi mukuru wo kwizihiza Umuganura mu Rwanda hose. Kuri uwo munsi hakorwaga ibirori bisanzwe bitandukanye n'ibya kera.[94] Kuva mu wa 1990, uwo munsi mukuru ntiwongeye kwizihizwa, kubera intambara yaje gukurikirwa na Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994.

Nyuma yo kubona ko Umuganura ari kimwe mu byatumye u Rwanda ruba igihugu gikomeye kandi kitavogerwa kuko watumaga Abanyarwanda bunga ubumwe, ubu Leta yawuhaye agaciro gakomeye kuva mu wa 2011. Yashyizeho umunsi w'ikiruhuko – buri wa gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama – kugira ngo kuri uwo munsi Abanyarwanda bajye basabana, bazirikane ibyiza bagezeho, ari na ko bahiga gukora neza kurushaho mu mwaka ukurikiye.

Uretse kuba hari hatuye abanyamihango b'Umuganura – uwanyuma muri bo wahatuye yitwaga Nyamurasa watabarutse mu myaka ya za 1980[95] – i Huro hanazwi ko habaga amavubiro yifashishwaga mu iteganyagihe ry'ako gace. Ubusanzwe mu Rwanda amavubiro yifashishwaga mu gihe abaturage bifuza kumenya icyo ikirere kibahishiye, ari na yo mpamvu umuntu yabigereranya n'iteganyagihe ry'ubu.

Umwami ni we wari umuvubyi mukuru nk'uko igisigo kitwa "*Urugumye urukanga umwami*" cyo ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro kibigaragaza. Mbese umwami ni we rubanda bategerezagaho guca amapfa mu Gihugu kuko bavugaga ko Iigihugu kidafite umwami kigomba guteramo amapfa. Iyo hateraga inzara wasangaga hirya no hino bajujura ngo "*Mbese uyu mwami we aribwira iki? Mbese yabuze abamubwira intsinzi yabyo*"?

Igihe Yuhi IV Gahindiro yimaga, hateye amapfa akomeye cyane, akurikirwa n'inzara yitwa Rukungugu. Icyo gihe Gahindiro yari umwana ukambakamba, Igihugu gitegekwa na nyina. Kuko rero yari yarwaniye ingoma, rubanda yari ifite amakenga ikeka ko umwami yari uwo batsinze! Ariko amaherezo imvura yarahangutse, umusizi witwaga Musare atura igisigo kitwa "*Urugumye urukanga umwami*" cyo gukura ubwatsi, kuko umwami abahaye imvura (Kagame 1972: 174).

Yateruye agira ati:

*"Nta wundi wakadukuriye imvura kure*
*Atari uwarazwe ingoma n'inganji!*
*Urya munsi weretse Rubanda ubwami warazwe*
*Mwami ubuze ubwanza, gica urayamuruye mu Rwanda*
*Icyokere kibi kitwokeje umubiri uragihoza*
*Muhoza wa twese ishimwe nzariguhaya!*
*Gacabworo, imvura wayirariye rubanda,*
*Kirabya bayicira imoko ku ijuru;*
*Bawuzibya amabere umuvumbi*
*Kiwomo cya Gahenda ukawuzibura!*
*Uyigirira ubwira n'umwete uyifitiye*

94 *Ikiganiro na Twagirijwe Yohani, Huro, tariki ya 26/08/2008*

95 *Ikiganiro na Niyonzima Jean Claude, Gakenke ku wa 03/11/2016.*

*Mutwe utwambariye ishyira,*
*Iyo inkuba yatawe urayihabuye!*
*Bwenge urusha abandi*
*Imvura wayikurikiye ubutayisiga*
*Uti:'Nimuhumure Rubanda!*
*Mbahaye uw'ejo ngacyura imvura*
*Cyirima akadukanda uwo muruho'*
*Wowe mu kuguha yagukuriye inyuma*
*Rugira rw'i Ruganda rwa Ruganzu ntiyagusangiza*
*Mu kuguha ingoma igukiza ibigereke*
*Ikugira umwami wenyine*
*Irakwita izina Bwami ntiryakuka!"*

Ayo ni amabango amwe agize icyo gisigo, yerekana ko umwami ari we Muvubyi abandi bagenderaho. Uretse abavubyi, hari n'abavumyi bavumaga ibyonona imyaka nk'inzige, inyoni n'ibindi. Hatangwaga ikoro ry'umuvumyi; hakaba n'isororo ry'umuvubyi.

I Huro ubu hasigaye ivubiro rimwe rikigaragara. Ni akabindi abagaturiye bavuga ko kaba karahatabwe na Nyamikenke ubwe. Iryo vubiro rikikijwe n'agahuru na ko bigaragaraga ko kahamaze igihe, dore ko n'abahinzi iyo bahinga batakegera. Mu bavubyi bakomoka muri aka gace bamenyekanye cyane nyuma ya Nyamikenke twavuga nk'umuhungu we Minyaruko, binavugwa ko yari umutasi ukomeye w'ibwami.



*Ivubiro ry'i Huro*

Hafi ya Huro kandi, mu Murenge wa Coko, hari ahandi hantu hazwi cyane mu mateka y'u Rwanda, nk'i Buzinganjwiri cyangwa i Mbirima na Matovu. Aho i Mbirima na Matovu bavuga ko habaye abami batandukanye barimo Kigeri IV Rwabugiri, Mutara II Rwogera, Yuhi IV Gahindiro, ndetse na Mibambwe III Sentabyo. Naho mu mpinga ya Buzinganjwiri ni ho hari ingando y'umutwe w'ingabo zarindaga urugo rw'umwami rw'i Mbirima na Matovu.

### 3.10. Remera y'Abaforongo

Remera y'Abaforongo iherereye ahahoze ari mu Buriza, ahateganye n'u Busigi. Ubu iri mu Ntara y'Amajyaruguru, Akarere ka Rulindo, Umurenge wa Cyinzuzi, Akagari ka Migendezo, Umudugudu wa Remera. Forongo uvugwa aho ni mwene Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I. Azwiho kuba yarambitsweho na se Sekarongoro umucengeri wo gutsinda Abanyoro, igihe cy'igitero cya kabiri cy'Abanyoro mu Rwanda.

Abanyoro batera u Rwanda bwa mbere hari ku ngoma ya Kigeri I Mukobanya, akaba ari cyo gihe umuhungu we Sekarongoro yaherewe izina rya Mutabazi. Igitero cya mbere cy'Abanyoro cyari kiyobowe n'umwami wabo witwaga Cwa rya Nyabungo. Icyo gihe icyabagenzaga kwari ukunyaga inka zo korora mu gihugu cyabo, kuko izabo zari zarashize zizize umuze. Icyo gihe indagu zagaragaje ko kugira ngo Abanyoro batsindwe, umwana w'umwami, Sekarongo ka Mukobanya yagombaga gukomereka, u Rwanda rugatsindisha amaraso ye. Sekarongoro koko yaje gukomerekera ahitwa i Musave na Rubungo ho mu Bwanacyambwe, akomeretswa n'umwambi mu gahanga, bakavuga ko amaraso ye ari yo yatumye Abanyoro batsindwa. Kuva ubwo Sekarongoro yitwa Mutabazi, kuko yari yatabariye ingoma, agatanga amaraso ye (Kagame 1972: 72).

Igitero cya kabiri cyabaye ku ngoma ya Mibambwe I Mutabazi I Sekarongoro I. Abanyoro baje batsinda ibihugu bya ruguru, Mibambwe yohereza abatasi ngo bamurebere niba azabatsinda. Abatasi bagarutse bamubwira ko Abanyarwanda batasubiza inyuma igitero cy'Abanyoro. Amaze kubyumva, Mibambwe yatumye ku mwami Sangano w'u Bugesera ngo bafatanye kurwanya Abanyoro. Sangano yarabyanze, amusubiza ko we nta cyo apfa n'Abanyoro; ahubwo amugira inama yo

guhunga Abanyoro bari bafite umujinya wo kwihorera ku byababayeho mu gitero cyabo cya mbere bagabye ku ngoma ya Kigeri I Mukobanya.

Mibambwe yatabaje no mu Gisaka kwa Kimenyi II Shumbusho, ariko na we ntiyamutabara. Abibonye atyo ahitamo guhunga Abanyoro. Ahagurukana n'ibye byose, n'ingabo ze, ava ku murwa we i Kabuye ka Jabana, yambuka Nyabarongo, ataha i Ruyumba rwa Matovu. Bukeye ataha i Bugarura bwa Nyundo; ahavuye ataha Jome rya Mbuye ho mu Kabagari; bukeye yicumaho gato ataha ahitwa ku Ndamutsa ya Remera rya Kabagari, mu rugo rwa Batenda ba Miguriro ya Mitamu, aharamvura ingoma ye yitwa Kigamba. Iyi ni na yo ngoma yabaga i Remera y'Abaforongo. Bukeye yambukira mu cyambu kitwa "*icyinka*" gifata mu Bunyambiriri, acumbika kuri Remera ya Kibaga; bukeye ataha mu mpinga ya Mugano, ho mu Bunyambiriri ahitwa mu Bimana byo mu Ntuku. Amenera ishyamba i Bugurwamase na Rwufi, ajya mu Kinyaga (Kagame 1972: 78).

Abanyoro baraje basanga Mibambwe I Mutabazi I yagiye kera! Bayogoza Igihugu ariko banatera Sangano na Kimenyi babatunguye, barabanesha; Sangano afatwa mpiri. Kugira ngo yigure, Sangano yemereye Abanyoro kujya kubereka aho Mibambwe yahungiye. Ubwo bafashe Sangano bamwambukana Nduga yose, baza kumutsinda mu ishyamba rya Ngiga, barenga bareba mu Kinyaga.

Abanyoro basanze Mibambwe atakiri i Kibirizi, kuko yari yaravuye mu Kinyaga nyuma yo kwangana n'Umwami Muhoyo w'u Bunyabungo bapfuye ko imfizi y'Abanyarwanda yarwanye n'iy'Abanyabungo ikayihitana; Abanyabungo bashaka kuyitera icumu bihorera, Abanyarwanda barabyanga. Ibyo byabyaye intambara ikomeye hagati y'Abanyarwanda n'Abanyabungo, ndetse Umugabekazi w'u Rwanda Nyiramibambwe I Nyabadaha agwa muri iyo mirwano. Itanga ry'umugabekazi ryabaye imbarutso yatumye Abanyarwanda bangana n'Abanyabungo bitagira urugero (Kagame 1972: 79).

Abanyoro bakomeje gusatira Mibambwe I, abonye ko ntaho guhungira asigaranye asaba ingabo ze kurwana ziyahura, ngo byibuze bazajye kugwa iwabo. Aho ni na ho yambikiye umuhungu we Forongo ho umucengeri wo gutsinda Abanyoro (Kagame 1972: 78).

Zijya gutsinda Abanyoro, ingabo zasakambuye amazu yari hafi aho, umwami arundisha isakamburiro hejuru y'imisozi ingabo ze zirirwa zitamba hirya no hino, Abanyoro babireba. Bumaze kwira, Mibambwe yohereza abantu mu mpinga z'imisozi ya Bitare – ubu ni mu Karere ka Nyamasheke – yari ikikije ingando z'Abanyoro, bahacana umuriro mwinshi, barara banyuranamo imbere yawo ari na ko bavuza induru; ababarebera kure bagira ngo hari ingabo inzovu! Abanyoro babonye ko bagiye kugwa mu rukubo, bahunga ijoro ryose.

Bigabyemo imirari ibiri: umwe uzamuka werekeza i Nyamasheke, aba ari wo wicira Forongo mu gishanga cya Mwaga kiri aho mu Kinyaga. Undi uboneza ishyamba rya Nyungwe ryose werekeza iburasirazuba, urimennye utunguka mu Bungwe. Bayobewe inzira yabahuza n'ababo ariko bihagararaho barinda bagera mu ishyamba ry'u Burwi ryegamiye Akanyaru. Babuze inzira burundu, barigumamo bararikonda; none ubu ni bo Ndara zituye agace k'u Burwi mu Karere ka Gisagara. Izina ry'Indara baryiswe kubera ko bageze aho bakahacumbika ubutazagaruka ngo batahe iwabo. Muri iyo ntambara, Cwa, umwami w'Abanyoro, yaguye mu Nkore za Gacucu muri Ndorwa y'u Bushengero ataha. Urupfu rwe bose barwitirira Forongo ngo ni we wamukenye.

Iby'ubutabazi bwa Forongo bivugwa cyane mu gisigo "*Umurambi w'Ingoma*" aho kigira kiti:

"*Uwo agurwa urugumye nka Forongo*

*Waguzwe umukiko w'i Mabiho, Nkoni agataha*".

Ahindukiye, Mibambwe yagarutse asubira mu mararo ye ya mbere. Avuye i Remera ya Kabagari ku Ndamutsa, yageze kuri Gitwe imvura irashoka, kuko hatari hatuwe, arahanyagiririrwa. Ni ko kuhavuma ati: "*Ntugaturwe uko Umwami yimye*". Kuva icyo gihe cyari ikizira ku Banyarwanda, nta wubakaga ku musozi wa Gitwe (reba inyandiko kuri Gitwe ku rupapuro rwa…). Ubwo Umwami asubiza iya Nyamagana ari nk'umushyitsi wa Mashira wari usanzwe ari umukwe we. Icyo gihe Mashira yari yubatse mu Kivumu cya Rwesero (reba inyandiko kuri Rwesero ku rupapuro rwa…). Mashira rero yaje gusanganira sebukwe nta cyo yikanga, aramuzimanira! Kera kabaye baramufata, Mibambwe aramwica, amutsinda aho i Nyanza; ibyo kwa Mashira abyigarurira atyo! (Kagame 1972: 80)

Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I atabarutse yubatse umurwa wagenewe kuba inteko itsinda Abanyoro, uwo murwa uba Remera mu Buriza ari na ho hazwi nka Remera y'Abaforongo.

Imisozi myinshi y'i Remera igaragaza neza ayo mateka yaho. Duhereye kuri Ngabitsinze, izina ryaho ryuzuye rya mbere ni "*Ngabitsinze-Abanyoro*" – ni ho Mibambwe I yimikiye ingoma ye y'indamutsa yitwa Kigamba yo kwigamba Abanyoro, bivuga kubishimaho. Indi misozi ya Remera yahimbwe amazina kubera amateka yaho ni: Gatsibo ka Remera katsinze Abanyoro; Kagogora ka Remera katsinze Abanyoro; Kahera ka Remera katsinze Abanyoro; na Nzaratsi ya Remera yatsinze Abanyoro. Aya mazina yose ni amanyamitsindo, bivuga ko ari amazina agereranya ibyo bifuzaga. Gatsibo ni ijambo ryo gutsibuka kw'Abanyoro, bagiye ubutazagaruka; Kahera bivuga ko bagiye buhere; Nzaratsi bikaba bivuga kubatsirika.



*Ku Ka Remera ahari hatuye Umwami Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I. Byinshi mu bigabiro byahahoze byahakuwe mu w'1985*

Aho i Remera y'Abaforongo Mibambwe I yari ahatungiye Shetsa w'Umwegakazi, umugore we w'inkundwakazi, akaba na nyina wa Hondi na Gatambira na we wabaye umucengeri. Nyina wa Forongo we ntiyamenyekanye, ariko mu bandi bagore ba Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I bamenyekanye harimo Gisanirwa nyina wa Gahindiro. Mu bandi bana be tutamenye ba nyina harimo Nyabutama.

Hondi – byavugwaga ko ari we uzasimbura se ku ngoma - n'abana be ndetse na Nyina Shetsa, na bo biciwe aho i Remera y'Abaforongo, bigizwe n'abo byavugwaga ko bigomekeye i Karambo; nyamara byarateguwe n'abiru kugira ngo Matama ya Bigega n'umuhungu we Gahima baze muri uyu murwa wa Remera. Shetsa yari umugore w'inkundwakazi, ariko akaba umwegakazi kandi ubwiru bwarateganyaga ko umugabekazi uzakurikira agomba kuba Umuha. Mu ibanga rikomeye, ni yo mpamvu Umwami yari yararongoye Matama wari umukobwa w'umwami wo mu Buha.

Umusezero wa Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi na wo uri i Remera y'Abaforongo. Uri hamwe n'uw'umugabekazi Nyirayuhi II Matama. Umuhungu we Yuhi Gahima wamuzunguye ku ngoma we yatangiye i Gihinga na Ruzege muri Rukoma; umusezero we uri i Kayenzi ka Mugenda ho mu Busigi. Aha twibutse ko umusezero wa Nyiramibambwe I Nyabadaha utabayeho kuko yahiriye mu nzu i Bunyabungo igihe cy'igitero cya kabiri cy'Abanyoro.

Mibambwe I yatanze akuze cyane, agwa mu rugendo yarimo mu kibaya cya Mushubati, kuva ubwo umugezi wari usanzwe utemba aho witwa "*Amazimabi*". Yakundaga cyane Remera y'Abaforongo ku buryo yari yaratanze itegeko ko hahindurwa umusezero w'abami bitwa ba Mibambwe. Ni we wa mbere wahatabarijwe. Imitwe y'ingabo z'Uburunga n'Abadaheranwa yari yarashinze yagumye aho i Remera ndetse inashingwa kurinda imisezero y'abami. Ibi bisobanura ko iyo mitwe yombi nta rindi koro yasabwaga ibwami, ariko na yo ntiyari ikemerewe kugira aho ihurira n'umwami kubera impamvu z'ubwiru (Kagame 1962: 39).

Mu bandi batabarijwe i Remera harimo Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura. Uyu we yari yaguye mu Bumbogo azize igisebe cy'umufunzo cyamufashe ku kaguru. Abiru bashobora kuba barasanze icyo gisebe kitafatwa nk'igisare, naho ubundi yari gutabarizwa i Butangampundu. Kuba Remera yari umusezero w'abami byatumaga Abaforongo badashobora kuba baterwa cyangwa ngo banyagwe.

Kimwe mu byatumaga Mibambwe I Mutabazi akunda Remera y'Abaforongo, ni uko hari ahantu heza cyane ku bworozi. Umwe mu mitwe y'inka zahabaga ni Inshya z'i Remera. Umunsi umwe Forongo yari aragiye inka za se mu gace k'Amayaga, maze imfizi y'ibwami yambuka Akanyaru ijya kwimya inka yarishaga hakurya mu Bugesera. Kuva ubwo abatasi b'u Rwanda bakomeza gukurikiranira hafi iyo nka y'i Bugesera, kugeza igihe Mibambwe I Mutabazi I ayinyagiye iba iye.

Iyo nka yaje kubyara ikimasa, umwami akitaho cyane ndetse akita Rushya; iri rikaba ryari izina ry'imfizi y'ibwami mu Bugesera. Rushya yaremewe ishyo, umwami aryita Inshya; iri na ryo rikaba ryari izina ry'ibwami mu Bugesera. Uwo mutwe w'inka umaze gukomera, Mibambwe I Mutabazi I yazeguriye abakomoka kuri Forongo wari warapfuye bucengeri; ndetse umwami aca iteka ko uwo mutwe w'inka uzaguma mu muryango ukomoka kuri Forongo, urwuri rwazo rukaba Remera. Ku ngoma ya Mibambwe III Sentabyo, u Rwanda rwaje kwigarurira u Bugesera ndetse runyaga umutwe nyawo w'Inshya z'i Bugesera hamwe n'imfizi yazo Rushya. Uyu mutwe wahise woherereżwa Abaforongo i Remera, usanga umwe w'ikitegererezo wari uhasanzwe.

I Remera y'Abaforongo ni ho hari agace kitwa ku Mugote wa Remera, hamenyekanye cyane vuba aha kubera ubwicanyi bukomeye bwahabereye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Aho ku Mugote kandi hazwi mu mateka ko ari ho Mukobanya yatsinze umuhinza witwaga Sambwe ya Cyabugimbi watwaraga u Bumbogo n'u Busigi, ndetse n'imwe mu misozi yo mu Buriza ihegereye. Icyo gihe Mukobanya yari ataraba umwami (Kagame 1972: 65). Ahandi hantu ndangamurage twavuga hari mu karere Remera y'Abaforongo ihererereyemo ni Cyinzuzi bivugwa ko ari ho hakomokaga inzuzi zaragurishwaga ibwami; agasozi ka Kabariza kariho urugerero rw'umutwe w'ingabo witwaga Abariza washinzwe na Cyirima I Rugwe; ndetse n'umusozi wa Mvuzo.

## 3.11. Ku Kirenge cya Ruganzu

Ahahoze ikirenge kitirirwa Umwami Ruganzu II Ndori ni mu Mudugudu wa Kabuye, Akagari ka Kirenge, Umurenge wa Rusiga, mu Karere ka Rurindo, Intara y'Amajyaruguru. Kuri ubu ntikigihari, ariko izina ryagumyeho. Abakibonye bemeza ko ari urutare rwagaragaragaho ibirenge bifite amano nk'ay'umuntu, ndetse hakagaragaraho amajanja y'imbwa, n'ikimenyetso cy'ahashinzwe uruhembe rw'umuheto.

Ubwo Ruganzu II Ndori yari atabaye n'ingabo ze muri aka gace, bageze aha ku Kirenge babura amazi yo kunywa. Umwami Ruganzu II Ndori ahagarara ku rutare maze rwishushanyaho ibirenge bye, afata umwambi n'umuheto arasa ku musozi imbere ye, hatungukamo umugezi, ingabo ze zibona amazi yo kunywa. Uwo mugezi ariko ubu ntukiriho kuko watabwe ubwo bubakaga iteme, igihe cy'ikorwa ry'umuhanda wa kaburimbo Kigali - Musanze, ahayinga umwaka wa 1980.

Ni muri iri yubakwa ry'uyu muhanda kandi urwo rutare rwariho ikirenge cy'Umwami Ruganzu II Ndori rwahakuwe, bikozwe n'ikigo cyubakaga uwo muhanda. Igice cyarwo, -ngo cyanganaga n'urusyo-, cyariho icyo kirenge cyaje gutoragurwa n'abapadiri bari kuri paruwasi ya Rwankuba, aba ari na ho kijyanwa. Muri abo bapadiri uvugwa cyane ni uwitwa Rugengamanzi Jean Baptiste wavukaga muri ako gace, wanifuzaga kuba yakubakira icyo kirenge ngo kijye kigirwaho amateka aho i Rwankuba. Iki kirenge cyaje gukurwa i Rwankuba ahagana mu wa 1990, kijyanwa kuri Minisiteri yitwaga iy'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga (MINESUPRES), kuri ubu kimuritse ku kigo ndangamuco, Ikirenga giherereye aho ku Kirenge mu Karere ka Rurindo.

Hari imihango yakorerwaga aha ku Kirenge igihe uru rutare rwari rugihari. *"Iyo abakobwa b'abangavu bageraga kuri uru rutare, basigaga bahateguye inshinge, abasore bo bahagera bakivuga. Ibi bikaba byarakorwaga nk'umuhango wo kugaragaza ko bubashye umwami w'igihangange wahaciye"*[96]. Kuvanwaho kw'iki kirenge byababaje cyane abaturage muri ako gace, dore ko bafataga iki kirenge nka kimwe mu bigaragaza amateka y'Akarere batuyemo.

96 *Ikiganiro na Ryabazende Thaddée, Rurindo ku wa 06/11/2016.*



*Urutare rwasigaye ahahoze ikirenge cya Ruganzu muri Rulindo*

Kuri ubu aho icyo kirenge cyahoze hubatswe umuhanda wa kaburimbo, ku mpande zombi z'umuhanda hagiye hasigara urutare rugari ruteyeho ishyamba ry'inturusu. Nta kindi kimenyetso gihari kigaragaza aho icyo kirenge cyahoze. Ku rundi ruhande ariko, Akarere ka Rurindo kubatse ingoro ndangamurage muri aka gace, ni nko muri metero 300 uvuye ahahoze icyo kirenge.

Muri aka Karere aho Ku Kirenge cya Ruganzu haherereye, hari izindi nzibutso ndangamateka zizwi. Twavuga nko Mu Nzoga za Rubingo (Rurindo), aho Umwami Ruganzu II Ndori yatsinze umuhinza Rubingo igihe yasangaga ahingisha ubudehe, Ndori na we akigira umwe mu bahinzi, akitakuma nk'abandi atera umwete abahinzi, yagera imbere y'umuhinza Rubingo akamukubita ifuni akamwica, akigarurira ako gace atyo. Izo nzoga ngo abahinzi ntibabaye bakizinyoye, ahubwo bakwiriye imishwaro, akaba ari na ho hakomotse imvugo y'uko n'ubu zikibira. Hari kandi n'Imisezero ya Ruhanga ahatabarijwe umwamikazi Nyiramavugo I Nyirakabogo, umugabekazi wa Mutara I Nsoro II Semugeshi[97].

### 3.12. Mu Gahunga k'Abarashi (Ku Karugigana)

Mu Gahunga ni mu Karere ka Burera, Uumurenge wa Gahunga, Akagari ka Kidakama, Umudugudu wa Mubuga, mu nkengero z'ikirunga cya Muhabura, Intara y'Amajyaruguru, ahahoze hitwa mu Murera. Ni ku muhanda Musanze - Cyanika, nk'ibirometero icumi uturutse mu mujyi wa Musanze.

Ntawavuga amateka ya Gahunga atavuze Abarashi b'aho. Abarashi ni umuryango mugari wo mu Bacyaba, wari uzwiho kuba indwanyi. Abarashi barimo imitwe ibiri y'ingenzi: hari Abakemba bari mu Gahunga, ndetse n'Urwasabahizi bari ku Kabaya hafi y'ikiyaga cya Ruhondo.

Abarashi ngo baba barakomotse muri Ankole, bagera mu Murera ku ngoma y'Umwami Yuhi III Mazimpaka (Nsengimana 1989: 29). Muri Ankole bahahagurutse ari abavandimwe bane ari bo Byemero, Karandura, Kanaga na Karuru. Bageze mu Murera bakiriwe n'Abagara, umuryango na wo wo mu Bacyaba.

Ku ngoma y'Umwami Mutara II Rwogera ariko, Abarashi batangiye kugirana ibibazo n'ibwami. Ibibazo bitangira ubwo Sekaryongo ka Muhabwa watwaraga Umurera, yatanze abayobozi b'iyi mitwe yombi y'Abarashi: Sekidandi wategekaga Abakemba na Turahakanywe watwaraga Urwasabahizi. Nyuma y'uko aba bombi batanzwe bakicwa, Abarashi bigometse ku bwami ntibaba bagitanga amakoro ibwami ndetse bakanabuza abandi kuyatanga.

Umwami Kigeri IV Rwabugiri amaze kwima ingoma ya se Rwogera, yashatse uko yakongera akagarura aka karere k'Umurera kari karigometse. Nibwo yaje aha mu Murera agamije kongera ituze no kureba uko Abarashi basubira bakayoboka.

Bumvise ko Rwabugiri yageze mu Murera, Abarashi bahisemo kumuhungira mu ishyamba ry'ibirunga. Kubera ko umwami yari yarumvise ibigwi n'ubutwari bwabo, yabatumyeho abasezeranya ko nta kintu na kimwe kizababaho.

Rwabugiri yabatumyeho uwitwa Muhozi mwene Nyamwishyura, na bo bohereza uwitwa Birushya. Umwami yakiriye iyi ntumwa, anayigabira inka mbere yo kuyiha ubutumwa bw'ihumure. Abarashi bose, ari Abakemba ndetse n'Urwasabahizi bahise bemera kuza bakitaba Umwami Rwabugiri. Umwami amaze kubakira yabashyize mu mutwe

97 *Ikiganiro na Ntanazi Abraham, Rulindo ku wa 06/11/2016.*

we wihariye witwaga "*Ingangurarugo*[98]", abasezeranya ko nta wundi mutware uzongera kubayobora, icyo gihe Rukara agirwa umuyobozi w'Abarashi bose. Mu rwego rwo kwerekana ubwo bufatanye bushya, Rwabugiri yajyanye n'Abarashi mu muhigo w'inzovu mu gace k'u Bufumbira.

Rwabugiri yagumye iminsi myinshi mu Murera, ndetse anahizihiriza Umuganura inshuro ebyiri zikurikiranye, rimwe ku musozi wa Mata mu wa 1876, ubundi ahitwa i Rugeshi mu wa 1877, hose haherereye mu Karere ka Musanze.

Rukara yari mwene Bishingwe bya Sekidandi, nyina akaba Nyirakavumbi. Bishingwe yapfuye azize umusonga mu wa 1899. Icyivugo cya Rukara cyari „*Rukara rw'igitinyiro, urwa Semukanya intahana-batatu ya Rutamu*". Yari umugabo w'igihagararo, ibigango n'igitinyiro nk'uko bamwe mu banditsi b'amateka y'u Rwanda bamubonye babyanditse. Umwanditsi Dufays (1928) yanditse ko Rukara yari afite nka metero imwe na santimetero 90 mu gihagararo.

Umwami Rwabugiri amaze gutanga, habaye intambara izwi cyane nk'intambara yo ku Rucunshu, irangira Yuhi V Musinga yimye ingoma (reba inkuru kuri Rucunshu ku rupapuro rwa...). Nyuma y'iyi ntambara amajyaruguru yongeye kwigomeka, bikozwe na Basebya ba Nyirantwari mu Rugezi, ndetse na Ndungutse (reba inkuru ku Urugezi ku rupapuro rwa...). Hagati aho ariko abazungu bari baramaze kugera muri aka gace k'amajyaruguru, ndetse Abapadiri Bera bari baramaze gushinga misiyoni yabo ya mbere mu Bugarura, ahitwa i Rwaza (1903). Mu bapadiri bari aho i Rwaza harimo Paulin Loupias Abanyarwanda bitaga Rugigana.

Tugarutse ku Barashi, mu mwaka wa 1910, abayobozi babo bombi baburaniraga ibwami bapfa imbibi. Muri uru rubanza Sebuyange watwaraga Urwasabahizi atsinda Rukara watwaraga Abakemba bo mu Gahunga. Umwami Yuhi V Musinga, abigiriwemo inama na Sebuyange, yasabye Rugigana wari Padiri Mukuru wa Rwaza, kuza kurangiza urubanza.

98 *Icyo gihe Ingangurarugo zari zigizwe n'imitwe ikurikira: Ingangurarugo ari na wo wahaye umutwe wose izina, Inshozamihigo, Ibisumizi, Irityaye, Intarindwa, Urwiririza, n'Abarashi bo mu Gahunga.*

Mu irangiza ry'urwo rubanza, Rugigana ntiyumvikanye na Rukara, ndetse Rugigana aza kwicwa na mwene se wa Rukara witwaga Manuka[99]; ubwo hari ku ya 1 Mata 1910. Ariko bamwe mu bashakashatsi banditse ko ahubwo ari uwitwa Karinijabo wishe Rugigana akoresheje icumu rye (Nsengimana 1989: 128).

Aho Rugigana yiciwe ni ho ubu abahaturiye bita "*Ku Karugigana*". Mbere hitwaga mu „*Rubyagiriro*" kuko ari ho inka z'Abarashi zabyagiraga.

Urupfu rwa Rugigana rwagize ingaruka zikomeye, kuko usibye kuba Rukara n'abe barahise bahungira mu Bufumbira, uru rupfu rwakurikiwe n'itwikirwa ndetse no kwangirizwa imitungo ry'abakomoka mu miryango y'Abarashi, abandi bamburwa ubutaka. Nyuma Rukara n'abo bahunganye baje gusanga Ndungutse twavuze haruguru wari yarigometse. Ndungutse washakaga kwigaragaza neza imbere y'abazungu, yigiriye inama yo gutanga Rukara ku bazungu. Ndungutse yari yarashenguwe n'uko Rukara yari yaramubwije ukuri! Mu bika byabanje twigeze kuvuga uko Ndungutse yiyitaga mwene Rutarindwa, ariko abari bamuzi neza bemezaga ko yarutaga kure mu myaka uwo yiyitiriraga kuba se! Rimwe rero Rukara yaje kumwumva yiyita mwene Rutarindwa, amusubiza agira ati: "*Mugenzi wanjye, jye nabaye ibwami kwa Rwabugiri; abana b'umwami bose ndabazi, kandi wowe sinigeze na rimwe nkubona ibwami. Tuza rero twirire Igihugu, ariko ibyo kubeshya Abanyarwanda tubireke*". (Kagame 1975: 162)!

Ndungutse yaje kugambanira Rukara, arafatwa, ashyikirizwa Liyetona (*Lieutenant*) Gudovius bitaga Bwana Lazima, ubwo hari ku wa 14 Mata 1912. Abasirikare b'Abadage babanje kumujyana i Kigali, nyuma azanwa mu Ruhengeri gucirwa urubanza. Uru rubanza rwabaye ku wa 18 Mata 1912, Rukara rwa Bishingwe acirwa urubanza rwo kwicwa amanitswe.

Igihe cyo kunyongwa kigeze ariko, yambuye umusirikare w'umuserija wari umurinze inkota, ayimucumita mu rwano, abasirikare basigaye bamurasa urufaya agerageza guhunga. Aho yarasiwe ubu ni munsi gato y'inyubako z'Akarere ka Musanze, hafi y'ahari ibibuga bya *tennis*.


99 *Ikiganiro na Nyangabo Enias*

Hejuru twavuze ko aho Padiri Loupias bitaga Rugigana yiciwe mu Gahunga, bahita Kukarugigana. Ubu hubatse Paruwasi ya Gahunga, hari n'ikigo cy'amashuri abanza cya Gahunga. Iyi Paruwasi yahoze ari santarari imwe mu zigize Paruwasi ya Rwaza, iza guhinduka Paruwasi muri 1986. Aho yaguye, abihayimana bo mu Gahunga bahashyize umusaraba munini nk'ikimenyetso cy'ibyahabereye. Nko muri metero 15 ariko hari ikivumu cy'inganzamarumbo, kigaragara nk'aho cyaba kimaze imyaka myinshi giteye aho. Rukara afite benshi bamukomokaho bagituye aha mu Gahunga k'Abarashi.



*Ku Karugigana ahiciwe Padiri Paulin Loupias*





# AMAJYEPFO

# UMUTWE WA KANE: AMAJYEPFO

## 4.1. Itembabarozi

Itembabarozi ni ahantu mu kabande hatemba umugezi, hakaba ari mu ihuriro ry'Uturere twa Muhanga, Kamonyi na Ruhango, mu Ntara y'Amajyepfo. Mu Rwanda rwo hambere, habarizwaga mu Marangara. Agace kabereye gusurwa ko ku Itembabarozi (bitewe n'uko kuhagera byoroshye) gaherereye mu Karere ka Muhanga, Umurenge wa Shyogwe, Akagari ka Mbare, Umudugudu wa Rubuye. Ni ahantu ndangamurage kamere kuko hagizwe n'urutare n'amazi.

Imisozi ikikije ako kabande irangwa n'amabuye, ariko mu kabande akaba ariho hagaragara ibitare binini cyane byagiye byanamishwa n'umugezi uhatembera, cyane cyane mu bihe by'imvura.

Ku Itembabarozi hagizwe n'imanga ikozwe n'ibitare byinshi: uretse ibiri ahantu hategamye hegutse abantu bahagararaho, hariho by'umwihariko urutare runini rugaragara hepfo mu manga rwamanyutse. Rutaramanyuka, abahaturiye bavuga ko rwari rwubatse nk'isenga. Abashumba n'abandi bana bato ngo binjiragamo, bakomanga ku mabuye y'imbere bikirangira cyane nk'ingoma. Ni yo mpamvu urwo rutare barwitaga "*uruvuzangoma*". Kuri ubu iyo senga yarasenyutse bitewe n'uko umuvumba w'umugezi wazanye imbaraga ukamanyura ibuye ryari ritwikiriye isenga rikagwa hasi aho umugezi utembera.

Iyo uhagaze kuri ibyo bitare by'ahirengeye, uterera amaso ku musozi uri hakurya ukabona urutare rwicaye neza rusa n'urubaje. Abahaturiye barwita "*Intebe ya Ruganzu*". Nanone iyo uzamutse ukagera hagati mu musozi (mu gace ka Muhanga), uhasanga urundi rutare rushashe bita *"Uburiri bwa Ruganzu"*.

Mu bihe bya kera, ngo ku Itembabarozi bahoheraga abagome, kimwe n'abakobwa babaga batwaye inda z'indaro.[100]



*Ku Itembabarozi*

## 4.2. Rucunshu

Rucunshu ni ahantu ndangamurage h'amateka. Ni mu hahoze ari mu Marangara. Ubu haherereye mu Mudugudu wa Rubuye, Akagari ka Mbare, Umurenge wa Shyogwe, Akarere ka Muhanga, mu Ntara y'Amajyepfo. Nyuma y'itanga ry'Umwami Kigeri IV Rwabugiri, Rucunshu yamenyekanye kubera intambara yahabareye ishyamiranyije abari bashyigikiye Mibambwe IV Rutarindwa wari wasimbuye se ku ngoma n'abashakaga kumukura ku ngoma ngo hime Musinga.

Kuri ubu nta bimenyetso bikigaragara by'icyo gihe, ariko abaturage berekana ahahoze inzu Umwami Mibambwe IV Rutarindwa yari

100 *Ikiganiro n'itsinda ry'abaturage, Muhanga (Itembabarozi), 10/05/2017.*

atuyemo akaza no kuyigwamo. Ubu habarizwa mu isambu y'uwitwa Habumuremyi Félicien. Ahari urugo rwa Kanjogera na Musinga ni mu itaba ry'agasozi ka Rukaza.

Mu mpinga y'ako gasozi, hari itaba ryitwa ku Rubugurizo.[101] Iri zina rikomoka ku bitare bihagaragara, bishashe bicukuyeho ibisoro.

Tariki 22 Ukuboza 1889 nibwo Umwami Kigeri IV Rwabugiri yimitse Mibambwe IV Rutarindwa nk'umwami uzamusimbura ku ngoma (Kagame, 1975: 75). Yahise amuha umugabekazi w'umutsindirano, ari we Kanjogera mwene Rwakagara, umwegakazi wari inkundwakazi mu bagore be. Ibyo byabereye i Ngeri muri Nyaruguru, ahari imwe mu ngoro za Rwabugiri. Ibyo kandi byabaye nyina wa Rutarindwa witwaga Nyiraburunga amaze igihe apfuye.

Kanjogera na we yari afite umuhungu, ari we Musinga, ndetse akagira na basaza be babiri bari bakomeye ibwami, Kabare na Ruhinankiko, bose bifuzaga ko Musinga ari we uba umwami. Muri uru ruhande rushyigikiye Musinga, harimo umwiru akaba n'umutware w'ingabo z'Abashakamba witwaga Rutishereka; ndetse n'umwiru Rukangirashyamba rwa Kanyamuhungu wari uwa gatatu mu cyubahiro mu Gihugu nyuma y'umwami n'umugabekazi. Hanyuma uruhande rushyigikiye Mibambwe IV Rutarindwa rwari rugizwe na Rutikanga mwene Nkuriyingoma, umwiru mukuru wari ushinzwe kwimika umwami. Hari kandi n'umwiru Kibaba mwene Ndungutse, wari ushinzwe kurinda ingoma y'ingabe Karinga. Aba biru bari bashyigikiwe n'abatware b'ingabo bakomeye; barimo Bisangwa bya Rugombituri wayoboraga Ingangurarugo, Mugugu mwene Shumbusho wayoboraga Abarasa, n'igikomangoma Muhigirwa mwene Rwabugiri wayoboraga i Nyaruguru zafatwaga nk'umutwe w'ingabo ukomeye kurusha indi mitwe muri icyo gihe (Kagame, 1975:107-108).

Uruhande rushyigikiye Rutarindwa rwatangiye kugenda rucika intege. Byahereye kuri Rutarindwa ubwe wari usanzwe ari umuntu ushabutse kandi ufata ibyemezo yihuse; bukeye atangira kugaragaza imyitwarire yo kudafata ibyemezo ndetse n'inenge zirimo kurwara amavunja no kujojoma. Bivugwa ko izi mpinduka mu bwenge no mu mubiri we byaturutse ku bifutero Umugabekazi Kanjogera yari yaramenyereye kumuvangira mu nzoga, akabikora mu gihe cy'imyaka myinshi. Rwabugiri ubwe ataratanga ngo yari yariboneye izo nenge z'umwami bari bafatanyije kuyobora kandi uzamusimbura, bituma yerekana umwe mu bana batatu ba Rutarindwa wagombaga gusimbura se ku ngoma mu gihe cya vuba (Kagame, 1975: 108-109).

Uku kudafata ibyemezo kwa Rutarindwa byatumye uruhande rw'Umugabekazi Kanjogera rugenda rumukuraho buhoro buhoro abari bamushyigikiye. Igikomangoma Muhigirwa yabanje kugira Rutarindwa inama yo kwica abatware Kabare na Rutishereka; imitwe y'ingabo Uruyange n'Abashakamba bayoboraga igahabwa Nkangabeshi mwene Nyamushanja, na Karara murumuna wa Rutarindwa. Ibi byari bigamije kuburizamo intambara yatutumbaga hagati y'impande zombi. Nyamara Rutarindwa yashubije Muhigirwa ngo: "*Ibyo sinabikora, kuko umugabekazi byamubabaza cyane*"! Muhigirwa yahise abona ko uruhande ashyigikiye nta mahirwe rufite, ahitamo gutangira kwiyegereza uruhande rwa Kanjogera, ariko rwihishwa. Nyuma yaho, Kabare yahise yoshyoshya mwishywa we Nkangabeshi agwa mu gico, bamuhotora bamunize (Kagame, 1975: 109-110).

Umutware Mugugu na we wari usanzwe afitanye urwango n'Umugabekazi Kanjogera, yahise abona ko uyu azamuhitana; kuko mu bucucu bwe, Umwami Rutarindwa atari kumurengera. Nyamara yagerageje kumugira inama, ndetse yabanje no kumutura inka nziza! Mugugu yabwiye Umwami Rutarindwa ati: "*Iyi nka, si iyo gusabisha igikingi. Nyigutuye nk'ibanziriza inama y'ingirakamaro nashakaga kukugira. Ibyanjye byarangiye: ngomba gupfa, urwitwazo ari urwango ruzwi rwabaye hagati y'umugabekazi nanjye; ariko mu by'ukuri ikigamijwe ni ukugukuraho umuyoboke w'ingirakamaro. Inama yanjye ni iyi: igihe uzaba wandekeye uriya mugore ngo anyihimureho, ubutware bwanjye uzabuhe umuvandimwe wawe Karara, kugira ngo umutwe w'ingabo Abarasa ukomeze kuba ku ruhande rwawe ku buryo bwizewe*". Rutarindwa yamushubije ko yibeshya nta kibi kizamubaho, ko adashobora kumuhana, kuko byaba ari ukwishyira mu kaga ubwe. Nyamara ntibyateye kabiri, Rutarindwa atanga Mugugu abisabwe na Kanjogera; ni uko igitero kiyobowe na Rwidegembya mwene Cyigenza cyoherezwa i Burima kwa Mugugu – ubu ni mu Karere ka Ruhango –, kumwica n'abe bose. Mugugu n'abe babanje kwirwanaho, bamaze kuganzwa n'ubwinshi bw'ababateye, bitwikira mu nzu. Umuhungu

101 *Ikiganiro na Munyakazi Godefroid, Muhanga (Rucunshu), 10/05/2017.*

wa Mugugu witwa Rwangarinde wari wasigaye ibwami, na we baramutanga aricwa. Nyuma y'urupfu rwa Mugugu, ubutware bwe bwahawe Rwayitare mwene Rutishereka, kandi bikozwe na Mibambwe IV Rutarindwa, abigiriwemo inama n'abo mu gice cyamurwanyaga (Kagame, 1975: 111-112).

Hari n'izindi ngero z'ibikorwa byakomeje gukura ku mwami amaboko y'abari bamushyigikiye, bikozwe n'uruhande rwa Kanjogera, cyangwa biturutse ku ntege nke za Rutarindwa ubwe zo kudashishoza no kudafata ibyemezo. Muri Nyakanga 1896, hari igitero u Rwanda rwagabye ku Babirigi i Shangi (mu Kinyaga) ku birindiro by'abasirikare bari bayobowe n'abariyetona (lieutenant) babiri: Long na Deffense. Igitero cy'u Rwanda cyari kirangajwe imbere n'igikomangoma Nshozamihigo mwene Rwabugiri, aherekejwe n'abatware b'ingabo 12, barimo Muhigirwa na Bisangwa. Iki gitero cyaguyemo ingabo z'u Rwanda nyinshi cyane, harimo na Bisangwa ubwe. Bivugwa ko uyu mutware yagerageje kwegeranya ingabo z'umutwe yayoboraga zari zakwiriye imishwaro zimaze kurokoka amasasu y'Ababirigi, agira ngo basubire kurwana zikamunanira. Abibonye atyo, Bisangwa yiyemeza guhangana wenyine, aherekejwe n'umugaragu we Serubyogo.

Nkuko tubibarirwa na Alexis Kagame mu gitabo cye *Un Abrégé de l'Histoire du Rwanda de 1853 à 1972*, ngo Bisangwa yahuye n'igikomangoma Muhigirwa ahunga ubudasubira inyuma!

Umutware aramubwira ati: "*Mbe mwana wa Rwabugiri! Uratinyutse urahunze?*" Umwana w'umwami aramusubiza ati: "*Nubwo Umwami ubwe yakwiyizira, namubwiza ukuri ko mpunze. Sinzongera na rimwe kurwanya Abazungu: mu kanya gato cyane, bamaze kunyaga umutwe w'ingabo wanjye utagira uko usa, nyamara atari bo bari barawungabiye*"! Nuko Bisangwa aramusubiza ati: "*Ari uguhunga uwa mu mahanga, byo nabyumva, kuko uba uhungira mu Rwanda. Ariko guhunga uwa mu Rwanda, uba ugira ngo ujye kuba he? Umugani ugira uti: «Uwanyoye amata y'ibwami ayacunguza amaraso ye»! Niba ntashoboye kunesha Abazungu, sinzasubira ibwami ngo mbwire umwami ko nabahunze ndi ku butaka bw'u Rwanda*".

Akimara kuvuga ibyo, Bisangwa aratwaza agenda agana ku birindiro by'abasirikare b'Ababirigi, azi neza ko agiye kuhasiga ubuzima, aherekejwe na Serubyogo gusa wari umutwaje umuheto n'umutana. Nyuma y'igihe gito, umutware Bisangwa yaguye arashwe isasu mu gahanga. Umugaragu we w'indahemuka Serubyogo na we yahise amukurikira, na we apfuye arashwe (Kagame, 1975: 112-116).

Icyemezo cyo gutera Ababirigi cyafashwe bigizwemo uruhare n'uruhande rwa Kanjogera, hagamijwe kubangamira uruhande rwa Mibambwe IV Rutarindwa. Umugaragu w'igikomangoma Rwabirinda wayoboraga i Kinyaga ni we waje kubwira ibwami ko Abazungu bateye u Rwanda bakaba bashinze ibirindiro i Shangi. Ubwo Umwami Rutarindwa yahise atumiza inama y'abatware kugira ngo bemeze ikigomba gukorwa. Rwangampuhwe, mwene Nkangura, umutware w'ingabo Abakeramihigo akaba n'umwiru, yatanze igitekerezo cy'uko bakwirinda kurwanya abazungu; yibutsa ko Umwami Kigeri IV Rwabugiri yari yarabujije kurwanya abazungu, ahubwo agategeka kubakira nk'inshuti. Nyamara abatware Kabare na Rutishereka n'abayoboke babo bo barwanyije icyo gitekerezo, bavuga bati: "*Indagu zibonywe n'umwami runaka, ntizishobora kuba itegeko ku bazamusimbura; aba bashobora gufata ibyemezo, rimwe na rimwe bimeze kimwe, cyangwa se bitandukanye n'iby'uwababanjirije, bitewe n'ibihe uko bimeze. Ku bijyanye n'abazungu b'i Shangi, byo ntagushidikanya: ni ngombwa kubarwanya, kuko baje atari abagenzi cyangwa inshuti, ahubwo ari abantu baduteye. None se ntibaje bagatura mu Gihugu batabanje no kumenyesha ibwami ko baje*"? Icyo cyemezo kimaze gufatwa, uwitwa Misyano wakomokaga i Busumbwe muri Tanzaniya y'ubu, na we agerageza gutsindagira cya gitekerezo cya Rwangampuhwe, mu Kinyarwanda ke giciriritse agira ati: "*Ijungu ntigwanywa*". Nuko bamwe bo ku ruhande rwa Kanjogera bamwamaganira kure bamunnyega ngo: "*Ibyo ni iby'iwanyu! Naho twebwe, turabishoboye cyane*" (Kagame, 1975: 112)! Uyu Misyano yari umukozi wa Rwabugiri ushinzwe kumutegurira umutaka munini bitaga ijuru (Kagame, 1975: 92).

Urundi rugero rw'ibyemezo bidahwitse byafashwe na Rutarindwa ni urwa Sehene mwene Rugombituri. Yagabiwe ubutware bw'umuvandimwe we Bisangwa, amaze kwicwa n'ababirigi. Sehene yagiriye inama Rutarindwa y'uko Musinga yakwicwa kugira ngo hirindwe intambara. Anemerera umwami kuba ari we ubwe ushyira uwo mugambi mu bikorwa, yabirangiza umwami na we akamutanga akicwa kugira ngo rubanda itabona ko umwami yabigizemo uruhare. Ayo makuru yaje kugera kuri Kanjogera na musaza we Kabare,

kuko bari bafite ingenza hafi y'umwami. Aba bombi babimenye bafata icyemezo cyo kwica Sehene ari we. Umutware Kabare aza kumushukashuka barasohokana bari bataramiye ibwami, amugejeje ku icumbi rye baramuhotora. Mu kwica Sehene, Kabare yifashishije abahungu babiri ba Rutishereka ari bo Rwayitare na Rutarindagira; hamwe na bishywa ba Kabare babiri: Rurinda mwene Rushema, na Sebaganji mwene Bukwege (Kagame, 1975: 116-117; 120).

Hari n'izindi nama Rutarindwa yagiye agirwa n'abamushyigikiye, ariko ntazihe agaciro. Uwitwa Serugi, mwene Bihutu bya Nkusi, yagiriye umwami inama ko yakwitabaza abazungu b'i Shangi bakamwoherereza abasirikare bake bazajya bamuherekeza ahantu hose; bityo abo mu ruhande bahanganye rwa Kanjogera imigambi yabo ikaburizwamo. Rutarindwa yashubije Serugi ati: "*Jyewe, nkarindwa n'abishe abacu*"? (Kagame, 1975: 121). Nyuma y'igitero kuri abo bazungu cyaguyemo Bisangwa, ibwami bahererekanyije impano n'abo bazungu, babumvisha ko igitero cyari cyakozwe na Bisangwa ubwe, ibwami batabizi; ariko impano zivuye ku bazungu ibwami baziroha mu Kanyaru!

Umutware Cyoya mwene Ngwije w'Umurundi wari waraje mu Rwanda ku bwa Rwabugiri azanye n'umutwe w'ingabo we witwaga Inyange, yari yarasubiye i Burundi mbere gato y'uko Rwabugiri atanga. Yatinyaga kuzagirirwa nabi na Kabare bari baranganye hagati aho. Yari afite igice asa n'uwigengaho mu Burundi hafi y'umupaka w'u Rwanda. Yakurikiraniraga hafi ibibera mu Rwanda. Yaje gutuma ku gikomangoma Karara, agira ati: "*Ni uburangare cyane kuba mu bihe nk'ibi, umwami akomeje kugendana n'abahungu be batatu, kuko impanuka yose yaba ishobora kubahitana icya rimwe. Niteguye kubohereza imwe mu masibo y'umutwe w'ingabo zanjye ku mupaka, kugira ngo mushyire abana b'umwami mu maboko yanjye mbarinde, mu gihe dutegereje ko ibintu bisobanuka*". Karara abibwiye umwami arabyanga, avuga ngo: "*Icyo gikorwa cyahungabanya ituze mu mitima y'abenegihugu*". Iki gisubizo ni na cyo Rutarindwa yahaye abamugiraga inama yo kwohereza umwana we Rangira kwa nyina Musomandera i Kigali, akabyanga kugeza ubwo abana be bose bapfiriye hamwe na we (Kagame, 1975: 121).

Imbarutso y'intambara yo ku Rucunshu iratangaje. Bamwe mu Batwa bo mu mutwe w'ingabo Urwiririza basembuye irumbo ry'inzuki ryabaga mu rugo ibwami, nuko zitangira kurya abantu. Habaho urusaku no guhunga inzuki abantu bajya mu byerekezo bitandukanye. Birumvikana ko hari abahunze bagana ku nzu y'umugabekazi. Kubera umwuka mubi wari umaze igihe ututumba, ukaba waranatumaga abo ku mpande zombi bahora bagendana intwaro, abo kwa Kanjogera baketse ko abo kwa Rutarindwa babateye. Ariko baje babasanganira, batungurwa no kubona ko abo kwa Rutarindwa batari baje babateye. Impande zombi zirahagarara zirarebana zitangaye. Uwitwa Kaningu ni we washoje urugamba. Yararebye ati nubundi aho ibintu bigeze nta garuriro. Nuko atera icumu rye mu ruhande rwo hakurya, intambara ihita itangira ubwo (Kagame, 1975: 123).

Uruhande rwa Rutarindwa ni rwo rwagaragaje imbaraga nyinshi mu ntangiriro, ku buryo bagose inshuro ebyiri zose ingoro y'umugabekazi, ariko bakirinda kuyishumika n'umuriro, ahubwo bashaka gufata umugabekazi na Musinga n'abambari babo bakomeye bakiri bazima, maze bakabashyikiriza umwami. Uruhande rwa Kanjogera ariko rwashoboye kwihagararaho no gutsimbura ingabo zo kwa Rutarindwa izo nshuro uko ari ebyiri. Ubwo ku mpande zombi ni ko ingoma zavugaga zihamagarira rubanda gutabara umwami. Umutware Kabare yaje kugira igitekerezo cyo kohereza intumwa mu mpande zose, zishinzwe kwakira abaza batabaye umwami, zikabayobya ziberekeza kwa Kanjogera zibabwira ko ari ho ibwami. Ni muri urwo rwego Umutware Rwamanywa wo mu Budaha n'ingabo ze Abatanyagwa baje batabaye Umwami Mibambwe IV Rutarindwa, bikarangira bamurwanyije bayobejwe n'intumwa za Kabare. Zikinjira mu ntambara, izo ngabo zo mu Budaha ngo zabwiye abo ku ruhande rwa Kabare ziti: «*Ntabwo umututsi ari uko arwanywa; mufate imyungu abe ari yo mubatera*».[102] Imyungu bavugaga ni amabuye! Nuko bakora hasi babatera amabuye za ngabo za Rutarindwa ziba ntizizi gutera amabuye, zisubira inyuma zimanuka zihunga». Bivugwa ko izi ngabo z'Abatanyagwa ari zo zatsinze burundu uruhande rwa Rutarindwa rwari rutangiye kunanirwa, kandi bo ari bwo bakinjira mu ntambara.

Ingoro y'Umwami Mibambwe IV Rutarindwa imaze kugotwa n'abanzi be, yahisemo kwiyahura, abagaragu be na bo inzu barayikongeza. Bivugwa ko abagaragu be, abahungu be batatu Nyamuheshera, Sekarongoro na Rangira; umugore we Kanyonga; bose bishwe na

102 *Ikiganiro na Mwayakazi Godefroid, Muhanga (Rucunshu), 10/05/2017.*

Bigirimana mwene Barahira, mbere y'uko na we yiyahura bose bagahira mu nzu. Intumbi y'igikomangoma Karara na yo basanze yahiye uruhande rumwe mu muryango w'ingoro y'umwami.

Umutwa Semunkima wo mu Rwiririza ngo yagaragaje ubutwari n'ubudahemuka bidasanzwe ku Rucunshu. We ubwe ngo yishe abagera ku icumi mu ngabo zarwaniriraga Musinga. Abonye ko byarangiye n'inzu ya Rutarindwa iriho igurumana, ntiyatekereza gukiza amagara ye ngo ahunge. Ahubwo yahise atera indirimbo y'urugamba yari izwi icyo gihe yitwa "*Mpundu*", asimbuza amagambo y'igitero cyayo kibanza aya akurikira aririmba ati: *"Inyagirabahunde ntiyansiga"*. Inyagirabahunde ni ryo jambo ryatangizaga ikivugo cya Mibambwe IV Rutarindwa. Semunkima ngo yatambutse aririmba iyo ndirimbo, yinjira mu nzu ya Rutarindwa yagurumanaga, na we ahiramo kimwe n'abandi bose.

Bivugwa ko abo ku ruhande rwa Kanjogera basatuye inzu ya Rutarindwa ahagana ku ruhimbi, bityo bagashobora gukiza ingoma Karinga yari imaze gufatwa n'ibirimi by'umuriro, bayizimya basukaho amata. Izindi ngoma, Icyumwe na Butare[103] zari zarimitswe by'agateganyo n'Umwami Kigeri IV Rwabugiri zo zari zahiye cyane. Alexis Kagame anyomoza ibyari byaratangajwe mbere na padiri Pagès (1933: 207-208) by'uko Karinga yahiriye mu nzu ku Rucunshu. Akananyomoza ibyari bisanzwe bivugwa, ndetse n'ubu bikivugwa muri rubanda by'uko umutware Kabare bamubwiye ko Karinga yahiye, ngo agasubiza ati: "*Haguma umwami, naho ingoma irabazwa*". Kagame abyandika nk'umuntu wiboneye Karinga nyuma y'intambara yo ku Rucunshu. Agira ati: "*Byari bihagije kureba uko iyo ngoma isa inyuma kugira ngo umenye ko yaramvuwe cyera cyane, hamwe na mugenzi wayo Kimumugizi*" (Kagame, 1975: 124-125).

Bamaze gutsinda iyo ntambara, abo ku ruhande rwa Kanjogera bahagarariwe na Kabare batangaje ko guhera ubwo *"nta mpande zigishyamiranye. Hatanzwe itegeko kuri bose ryo gushyingura nta kuvangura abavandimwe n'inshuti barwaniriye impande zombi, hatitawe ko higeze kubaho ibice bibiri bihanganye*". Inka zose z'ingishywa zari ku Rucunshu zakamirwaga abaje gupfa barwanirira impande zombi zihinduka umutungo w'ibwami, zihabwa Umutware Nkwaya wari ushinzwe umutwe w'inyambo zitwaga Insanga, zari zigenewe by'umwihariko Ubwiru.

103 *Ingoma Icyumwe na Butare zari zarimitswe by'agateganyo kubera ko ubusanzwe abami Mutara na Cyirima ari bo bemerewe kwimika burundu ingoma*

Umunsi ukurikiyeho, abiru bo ku ruhande rwatsinze barundarunze n'ubwitonzi bwinshi ivu n'ibisigazwa by'imibiri y'abahiriye mu nzu ya Mibambwe IV Rutarindwa. Baharuye n'ubutaka bwamenetseho amaraso yabo. Ibyo byose babibikana ubwitonzi mu nkangara nyinshi, baraziherekeza zirinzwe cyane, bajya kuzishyingura i Tongo muri Masisi, ubu ni muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (Kagame, 1975: 126).

Intambara yo ku Rucunshu yabaye mu mpera z'umwaka wa 1896. Mu myaka igera kuri 15, hagiye haba imyivumbagatanyo n'intambara zitewe n'abatemeye kuyoboka ingoma ya Yuhi V Musinga. Aha twavuga imyivumbagatanyo y'igikomangoma Muhigirwa; Mutwewingabo na Muyaga y'Abateke; kwigomeka kwa Rukura mu Gisaka; kwigomeka kwa Ndungutse, Rukara na Basebya mu majyaruguru, n'ibindi (Kagame, 1975: 126-127, 133-141, 149).

Intandaro y'intambara yo ku Rucunshu ni amakosa yakozwe na Kigeri IV Rwabugiri, na se Mutara II Rwogera, ajyanye cyane cyane no kumena amabanga y'ubwiru. Bivugwa ko Rwogera yari umwami uganzwa cyane na nyina, umugabekazi Nyiramavugo II Nyiramongi mu gufata ibyemezo. Uyu rero yasabye umuhungu we kumenya inzira z'ubwiru, arabimwemerera; amusaba no kubyemerera musaza we Rwakagara, na we arabihabwa; arongera amusaba ko n'umuhungu we (akaba na murumuna wa Rwogera) Nkoronko na we amenya iby'ubwiru, umwami arabyemera. Nyamara ubusanzwe amategeko y'ubwiru ntiyemereraga umugabekazi, cyangwa umwe mu miryango y'ibibanda (abami bashakagamo abagore bashobora kuzavamo abagabekazi), cyangwa se ibikomangoma kumenya amabanga y'ubwiru, kugira ngo batavaho bayakoresha ku nyungu zabo n'izimiryango yabo bwite (Kagame, 1972: 212).

Aya makosa yarakomeje ku ngoma ya Kigeri IV Rwabugiri. Uretse kugira inkundwakazi ye Kanjogera umugabekazi w'umutsindirano wa Mibambwe IV Rutarindwa nyamara amategeko y'ubwiru yarateganyaga ko uwo mwanya uhabwa umukonokazi uhuje ubwoko na nyina wa Rutarindwa utari ukiriho, Rwabugiri yasubiyemo ikosa rya se ryo kwemerera basaza ba Kanjogera, Kabare na Ruhinankiko, kumenya amabanga y'ubwiru nkuko se ubabyara Rwakagara yari yarabyemerewe na Rwogera (Kagame, 1975: 77-78).

Nubwo Alexis Kagame asobanura ko ibyabereye ku Rucunshu bitafatwa nk'ihirikwa ry'ubutegetsi, na Musinga ntabe yafatwa nk'uwahawe ubutegetsi mu buriganya (Kagame, 1975: 127), bigaragara ko mu myumvire y'Abanyarwanda benshi, ibyo Kagame ahakanya ari ko kuri. Ibi birashimangirwa n'ibitekerezo bibiri twahawe n'umusaza w'imyaka 83, Munyakazi Godefroid, wavukiye kandi akaba agituye ku Rucunshu. Igitekerezo cya mbere uyu musaza ahuriyeho n'abandi benshi bo mu kigero cye, kijyanye n'uko intandaro y'intambara yo ku Rucunshu ari amabanga y'ubwiru Kabare yabwiwe na Rwabugiri akoresheje uburiganya, kandi mu by'ukuri yari agenewe Rutarindwa. Munyakazi Godefroid avuga ko sekuru ubyara nyina, Murengerantwari, yari umugaragu wa Kabare. Akaba ari na we akomoraho ayo mateka.[104]

Iyo nkuru ivuga ko Umwami Kigeri IV Rwabugiri yari yateye mu Nkole. Noneho ngo aza kugera ahantu abona abagore b'abazungukazi, bamwe mu bakunze kubara iyi nkuru bakeka ko bari ababikira bari bibereye mu nzu zabo zubatse kijyambere, Abanyarwanda bise "*ibusakazataka*". Ngo Rwabugiri ababonye arabakurikira. Hari abavuga ko yabitewe n'amatsiko y'ukuntu abo bantu yari abonye basaga; hakaba n'abavuga ko yabitewe n'ingeso yari asanganywe yo gukunda abagore. Umuryango Rwabugiri yinjiriyemo akurikiye abo bagore rero ngo waje kwikinga, nuko abura uko asohoka, ahita anatekereza ko ibye birangiye. Niko kubwira umutwa we Ntacyawukura ati: "*Genda unshakire Rutarindwa, njye mpeze mu Rutare sinteze kuvamo; aze mubwire amabanga y'ubwami*". Nuko umutwa aragenda, ageze imbere ahura na Kabare. Kabare aramubaza ati: "*Ko wihuta ni ibiki*". Umutwa aramusubiza ati: "*Umwami antumye Rutarindwa*". Ubwo umutwa arakomeza, Kabare na we agenda agana aho umwami yasaga n'ufungiye. Ahageze arasuhuza, Rwabugiri ati: "*Uri nde*"? Kabare ati: "*Ndi Rutarindwa*". Rwabugiri aramubwira ati: "*Njyewe, igisa n'abantu atari umuntu cyampejeje aha. Ugende wime ingoma; kandi mbere uzabanze wice Kabare*". Kabare amaze kumva ayo magambo aragenda. Hashize umwanya Rutarindwa araza. Umwami ati: "*Uri nde*"? Undi ati: "*Ndi Rutarindwa*". Rwabugiri aramubaza ati : "*None se uvuye aha ni nde*"? Undi ati: «*Ni Kabare*». Rwabugiri aramubwira ati: « *Mugende mube ibigina. Ibyo nashakaga kukubwira ndabimubwiye*". Byageze aho Rwabugiri abazungukazi baramukingurira. Akomeza intambara ze, mu Nkole no mu Bunyabungo, kugeza aho yaje gutangira.

104 *Ikiganiro na Munyakazi Godefroid, Muhanga (Rucunshu), 10/05/2017.*

Igitekerezo cya kabiri twabwiwe na Munyakazi Godefroid ni ikerekeye uwitwa Biregeya, uyu musaza yita mwene Rutarindwa, ariko nyamara Alexis Kagame akatubwira ko ari mwene Kigeri IV Rwabugiri. Nyuma y'itanga rya Rutarindwa, hari impuha zavugaga ko umwamikazi Muserekande yaba yarabyaye abahungu babiri: Biregeya yabyaranye na Rwabugiri, na Ndungutse yabyaranye na Rutarindwa. Uyu Ndungutse ni we uwahoze yitwa Birasisenge yiyitiriye, agateza imyivumbagatanyo mu majyaruguru afatanyije na Basebya na Rukara, agamije gusimbura Musinga (Kagame, 1975 : 139,161). Biregeya na nyina Muserekande bo bavugwa muri « *Muyaga y'Abateke* » twabonye hejuru. Mu ntangiriro y'imyivumbagatanyo y'igikomangoma Muhigirwa, Biregeya na nyina Muserekande bagizwe nk'infungwa n'ingabo z'Abarasa zo mu Gisaka, nuko boherezwa i Kamonyi kwa Musinga kugira ngo ibwami abe ari bo bagena icyo bakorerwa. Bageze i Nyamirambo muri Kigali y'ubu, ababashoreye barushwa imbaraga n'abaturage bari mu myivumbagatanyo, bahita bashyikiriza za mfungwa Mutwewingabo wari ku isonga rya Muyaga y'Abateke. Ngo ababonye arishima cyane agira ati: «*Narwanaga ngira ngo mporere Mibambwe IV, none mbonye umwana wa Rwabugiri ngiye kwimika mu mwanya wa Musinga* ». Uruhande rw'ibwami rwaje kunesha Mutwewingabo aricwa we n'abandi bari bafatanyije, ariko ngo ntawigeze amenya irengero rya Muserekande n'umuhungu we Biregeya (Kagame, 1975 : 140).

Uku kutamenya iherezo rya Biregeya rero ngo byatumye ku ngoma ya Musinga bakomeza kumwikanga. Bishoboka ko ari na yo ntandaro y'iki gitekerezo twabwiwe na Munyakazi Godefroid. Ngo Biregeya yaba yarahungiye muri Uganda ahunganye ingoma y'ingabe Karinga. Nuko ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa, uyu mwami akajya arota akumva umwana urira, yakanguka akamubura. Bukeye abaza umuhanuzi Kayijuka ka Nyantaba ngo amusobanurire icyo izo nzozi zivuze. Kayijuka ngo asubiza Rudahigwa ati: «ko ari uko tubabwiza ukuri mukatwica, uyobewe ko uri ku ngoma itakugenewe? Urategeka ibitari ibyawe nyirabyo ari inyuma yabyo». Rudahigwa ngo abwira se wabo Nturo wari umunyamigenzo ibwami, ngo najye kureba uwo muyobozi uririra inyuma y'Igihugu. Nturo arabaririza ngo aza kumenya ko uwo muyobozi ari Biregeya, ngo akaba yari atuye za Entebbe muri Uganda.

Nturo ngo ajyayo, aravunyisha baramwakira, nuko aza kuganira

na Biregeya amushishikariza gutahuka mu Rwanda, bakamusubiza ubuyobozi, akima ingoma. Biregeya ngo abwira Nturo ati: «Rara, maze dukomeze tuganire, ndaza kuguha igisubizo. Bigeze nijoro, Biregeya abyutsa Nturo ngo amujyana ahari inama y'inka. Nuko ngo babona imbyeyi iryamye ireba epfo, imfizi iryamye ireba ruguru. Biregeya abwira Nturo ati: «Inka ntabwo ziryamye kimwe ndamutse nje tukagenda naba njyanye imana y'abagabo iy'abagore isigaye. None icyabikiza ni kimwe: ni uko nakwambukiraho, hanyuma ukambwira umuryango wawe, abana bawe, nagerayo nkawukiza ariko nkava aha nkwambukiyeho». Kumwambukiraho ni ukumwica akagenda mu maraso ye. Biregeya yashakaga kwica Nturo kugira ngo abone uko atwara imana ebyiri: iy'abagore n'iyabagabo, mbega aze gutegeka byuzuye. Nuko Nturo ariyumvira ati: «Naje ntasezeye none ndatashye ngiye gusezera nzagaruka tubikore». Nturo araza abwira Rudahigwa uko byagenze, Rudahigwa ati: «Genda wige nanjye ngiye kwiga hanyuma tubatizwe, ubutegetsi nyuma yabwo buzaba bwishakirwa na nyirabwo.» Biregeya aba agumye inyuma atyo, naho Rudahigwa n'uwo Nturo bariga barabatizwa».



*Ku Rucunshu, ahari urugo rw'Umwami Mibambwe IV Rutarindwa*

Hari igitabo (Studio Edirisa, 2012-2014 : 241, 242, 299, 347- 349) cyemeza ko Muserekande ari we Nyiragahumuza waje kwiyita umwamikazi w'i Ndorwa. Nyiragahumuza asanzwe yaravuzwe mu nyandiko zitandukanye nk'igitabo *Au plus profond de l'Afrique* (Honke, 1990 : 20) kigaragaza ifoto ye kigasobanura ko « yitwaje kuba ngo yari umugore wa Kigeri IV Rwabugiri akaba na nyina w'uwagombaga kumusimbura ku ngoma, bityo ahinduka ikimenyetso gikomeye ku barwanyaga Yuhi V Musinga ». Iki gitabo cyongeraho ko yaje gufatwa n'abadage mu wa 1909 agacirwa i Bukoba muri Tanzaniya. Gusa cyo nta na hamwe kivuga ko Nyiragahumuza ari we Muserekande. Igitabo *Gorilla Highlands*[105] cya Studio Edirisa kibyemeza cyo kivuga ko yavutse ahagana mu wa 1870, akaba yari nyina w'uwo cyita « Bulegeye » yashakaga kwimika asimbuye Rwabugiri, bigatuma ayobora mu majyaruguru intambara yo kurwanya Musinga; intambara iki gitabo cyemeza ko ngo yaciye u Rwanda mo kabiri: amajyaruguru ahanganye n'amajyepfo ! Ngo yaje gufatirwa n'abadage i Kamwezi mu wa 1908 afungirwa i Bukoba aho yaje kuva mu wa 1910 arekuwe cyangwa acitse, nyuma akiyita umwamikazi w'i Ndorwa ndetse na Nyabingi yigize umuntu. Icyo gitabo gikomeza gisobanura ko yaje gufatwa n'Abongereza, agacirwa i Kampala aho yaje kugwa mu wa 1944 cyangwa 1945.

Bivugwa ko nyuma yo gutsinda intambara yo ku Rucunshu, agatsiko ka Kanjogera, Kabare na Rutishereka bibasiye abafitanye isano na Mibambwe IV Rutarindwa babica, kugira ngo hatazagira uzanzamura umutwe ngo ahore. Kubera ko abenshi mu bicwaga bari abo mu muryango w'Umwami Yuhi V Musinga ubwe (Abanyiginya), uyu yaje gukora igikorwa cyo kwihorera mu buryo bw'amarenga, nyina Kanjogera abibonye bimutera ubwoba, ahita abwira musaza we Kabare guhagarika ubwicanyi bwibasiye Abanyiginya. Nk'uko nanone twabibwiwe na Munyakazi Godefroid, ngo Musinga «yafashe ibikeri bibiri binini abwira umugaragu we ati: «Uze guhengera mama yageze ku buriri ujyane igikeri kimwe wakishe ukibambe iwe, hanyuma uze ubambe n'ikindi aho ndyama. Nuko umugaragu abikora uko. Bukeye mu gitondo abagiye gusuhuza umugabekazi basanga cya gikeri kibambye, nuko baramuhamagara bati: "Ngwino urebe ishyano twagushije». Arabyuka araza arakibona, agenda agiye kubyutsa umuhungu we, ahageze asanga na ho kirahababambye. Abwira Musinga ati: "Byuka tujye mu bahanuzi tujye kubaririza ahantu abahanuzi b'abahanga bari». Musinga ati: "Ese ni ibiki?" Undi ati:

105 *Studio Edirisa, (2012-2014). Gorilla Highlands, USA.*

"Ku muryango wanjye hababmbye igikeri, none no ku wawe hababmbye ikindi". Musinga ati: "Kireke icyabiteye ndakizi". Undi ati: "Ese ni igiki"? Musinga aramubwira ati: "Njya numva ngo Abega ni ibikeri". Ati: "None Abega mwamaze Abanyiginya. Nabikoze nihorera". Nuko nyina ngo abyumve ahita abwira musaza we Kabare ati: "Twegure ubutegetsi, naho ubundi tuzabugwamo". Nuko noneho Musinga atangira gutegeka ubwo.[106]

### 4.3. Shyogwe


Shyogwe ni ahantu ndangamurage h'amateka. Kera hahoze ari mu Marangara. Ubu haherereye mu Umudugudu wa Kigarama, Akagari ka Mubuga, Umurenge wa Shyogwe, Akarere ka Muhanga, mu Ntara y'Amajyepfo.

Hazwi mu mateka nk'ahantu ubutegetsi bwa gikoroni bw'Ababirigi bwari bwarubatse ingoro y'Umugabekazi Nyiramavugo III Kankazi, bugira ngo bumushyire kure y'umuhungu we, Umwami Mutara III Rudahigwa, kubera gutinya ko yagira uruhare rubi ku butegetsi bwe nk'uko Kanjogera yari yarabigenje mbere ye ku ngoma ya Yuhi V Musinga (Kagame, 1975 : 193).

Agasozi Kankazi yari atuyeho kitwa Rwinyana. Ahahoze ingoro ye ubu hasigaye hari ikibuga cy'umupira w'amaguru. Ibindi biharanga ni akazu kubakishije amatafari kahozemo ishusho ya Bikira Mariya, ariko abaturage baho bavuga ko kahashyizwe nyuma cyane y'uko ingoro y'umugabekazi ishenywe. Hari n'urukuta rw'amatafari rugihagaze, kimwe n'umusingi w'izindi nkuta zari ziteganye n'urwo rugihagaze, bivugwa ko zari zikoreye ibigega by'amazi yakoreshwaga kuri iyo ngoro, ndetse no mu baturage batuye hafi aho.

Mukandutiye Codelena ni umukecuru wari wujuje imyaka 82 ubwo twaganiraga mu wa 2017, ari kumwe na Mukamugema Athanasie wabyinaga mu itorero ryo kwa Kankazi. Aba bombi batubwiye ko "*Ingoro ya Kankazi yari yubakishije amatafari ahiye n'amategura, hari inzu nyinshi nk'iz'i Kabgayi; harimo n'izifite ibisenge by'imitemeri*". Batubwiye kandi ko iyo Rudahigwa yabaga yaje gusura nyina, ngo habaga ibirori bikomeye cyane, bigizwe n'imihamirizo y'intore, umutambagiro w'inyambo n'ingoma z'imivugo.

106 *Ikiganiro na Munyakazi Godefroid, Muhanga (Rucunshu), 10/05/2017.*



*Ingoro y'Umwamikazi Nyiramavugo III Kankazi yari i Shyogwe mbere y'uko isenywa mu wa 1959*

Ingoro ya Nyiramavugo III Kankazi yashenywe mu wa 1959 nk'uko twabibwiwe n'abatangabuhamya bahaturiye. Mukandutiye Codelena yavuze ko Rudahigwa amaze gutanga, hagatangira imyivumbagatanyo ya poritiki yibasiye Abatutsi, bamwe mu baturanyi b'iyo ngoro, bari baranabaye abagaragu b'umugabekazi ni bo bashenye inzu ye bagabana amatafari n'ibindi bikoresho.

### 4.4. Ishyamba rya Busaga

Ishyamba rya Busaga ni ahantu ndangamurage kamere. Riherereye mu Mudugudu wa Muyebe, Akagari ka Ruhango, Umurenge wa Rongi, Akarere ka Muhanga, mu Ntara y'Amajyepfo. Kera hari muri Ndiza. Iri ishyamba rifite ubuso bwa hegitari 151, ritwikiriye agasozi nyaburanga gafite ibikombe bibiri bisa n'ibiteye kimwe, bitembamo imigezi ibiri umwe ukitwa Muhabwa, undi ukitwa Mwura. Impinga y'umusozi iri shyamba riherereyeho iri ku butumburuke bwa metero 2221.

Kera ngo ryari ishyamba ry'umutamenwa, ariko ubu bigaragara ko nubwo ribungwabungwa uko bishobotse, hari byinshi rigenda ritakaza. Hagaragaramo utuyira abaturage banyuramo bashaka inzira y'ubusamo; bagiye gutashya inkwi; gushaka imiti; n'ibindi. Ngo hari n'amoko y'inyamaswa yahozemo ubu atakiboneka, nk'ifumberi ngo zamazwe n'abacengezi igihe babaga muri iri shyamba muri za 1998; cyangwa inguge zahacitse muri za 1979 zimazwe n'abaturage, kubera kubangiriza imyaka n'imitungo.

Ishyamba rya Busaga ririndwa n'abakozi batari ab'umwuga. Ni abaturage bahegereye, badahembwa ku kwezi, ariko rimwe na rimwe bahabwa agahimbazamusyi na RDB (*Rwanda Development Board*). Kuva na kera ngo iri shyamba ryari mu maboko ya Leta, ribungwabungwa n'abo bantu badahembwa ku kwezi, ariko bahabwaga ku buntu n'ubuyobozi ibikoresho nk'amasuka, ingorofani, n'ibindi. Ibindi bikorwa bigamije kubungabunga iryo shyamba, ni uruzitiro rw'inturusu rufite nka hegitari 30 rwatewe hagati ya 1988 na 1999, rukaza gukurwaho nyuma basanze inturusu na zo hari ibindi zangiza. Muri 2002 hagiyeho gahunda yo kuzengurutsa iryo shyamba imifatangwe ku buso bwa hegitari 30, ariko urwo ruzitiro na rwo rwaje gucika (REMA 2011: 58).

Ubu uruzitiro rukikije iryo shyamba rugizwe n'umukandara w'imigano iri kuri hegitari 30 ikaba itangiye gukura. Ishyirahamwe ryayiteye rikanayibungabunga ku bufatanye na RDB ryatangiye no kuyihingira riteramo imyaka isarurwa vuba nk'ibishyimbo, ibirayi n'ibindi, kugira ngo iyo migano irusheho gukura vuba kandi neza.

Amoko y'ibiti yiganje mu Ishyamba rya Busaga nkuko twayabwiwe n'uwitwa Sekaziga hamwe na Sekinanira baririnda, ni aya akurikira: umutoyi, umuyove, umwavu, umugote, umusebeya, umugimbu, umurara, umurazabuzima, umurangara, umusibya, umukore, umurwampore, umunywamazi, umusabanyama, umwufe, umushogoro, ikiromoromo, umuturagara, umubonobono, imvumu, umumenamabuye, umusekera, ubwizabwishyamba, umwungo, umwumba, umubaribari, umuzo, umukundambazo, intomvu, umuhika, umumanurankuba, umunyarutovu, umutagara, …

Ishyamba rya Busaga kandi rifite amoko atandukanye y'ibyatsi harimo: umuse, igifuranindi, igishurushuru, igikumbaburima, urubebya, umukiryi, inteja, urukeri, umuhokohoko, urukararambwe, umubuti, umusando, umukipfu, umutanga, umurengarutare, umurizabashenyi, umuryasenge, uruhiga, umuhambirabapfu, umwishywa, inkongi, umuguguna, umuzibaziba, umukaka, ingurukira, umukunde, umuyobora, umubogobogo, umuhashya, umufumbegeshi, igishikashike, umuberano, ….

Inyamaswa n'udusimba bikibonekamo cyane ni inkima, impimbi, imondo, n'inzoka z'amoko anyuranye nka nsizebasabitse, impoma, incarwatsi, umwivundwe n'umwururu.

Kuva kera, ngo abaturage bifashisha Ishyamba rya Busaga ku nyungu zitandukanye nk'uko na none twabitangarijwe n'abarinzi baryo Sekaziga na Sekinanira. Abarituriye barireberaho isimburana ry'ibihe! Ngo iyo umwufe weze, izuba riba rigiye kuva. Umuryasenge na wo ngo upfundika impeshyi yegereje. Na none iyo agasiga kitwa "*inkomanga*" gatangiye kuririmbira muri iryo shyamba, cyangwa umuyaga witwa "*igihuhuma*" utangiye kurihuhiramo, abaturage nabwo bamenya ko izuba rigiye kuva.

Icyatsi kitwa umukipfu ngo kirabya rimwe mu myaka myinshi. Ni icyatsi cy'urugozigozi cyurira ibiti, igihe kirabije kigasa n'igitwikiriye ishyamba ryose. Muri icyo gihe, ngo haba umusaruro mwinshi cyane w'ubuki mu Gihugu hose. Ngo inzuki zishobora guturuka ahantu kure nka Rusizi zizanywe no guhova umukipfu. Mu rwego rw'ubuvuzi kandi, ngo umukipfu uri hafi kurabya urinda abagore begereje kubyara ntibakuremo inda, kimwe n'imbyeyi zifite amezi makuru ntiziramburure.



*Ishyamba kimeza rya Busaga*

Ibindi biti n'ibyatsi byo mu Ishyamba rya Busaga byifashishwa mu buvuzi no gukora imiti itandukanye. Igikumbaburima ngo kivura uburozi na marariya; ingurukira ngo abasore cyangwa inkumi bayikoreshaga kugira ngo bakundwe naho umukunde ngo abagore bawukoreshaga mu nzaratsi. Umuyobora ngo bawugaburira inka zabyaye zikayobora, bawushyira kandi no mu bicuruzwa abaguzi bakayoboka; umubogobogo, umufumbegeshi n'umuyobora nanone ngo bivura ifumbi y'amabere y'inka; naho intomvu zivura inzoka z'inka. Umuhashya ukoreshwa mu guhashya abajura n'abarozi; umusibya ngo abagore bawuha abagabo bararanye gahunda yo kugira aho bajya, ntibabe bakigiye; umuhokohoko n'inkumbaburima na byo ngo byakoreshwaga mu gukuramo inda.

### 4.5. Mwima

I Mwima ni ahantu ndangamurage h'amateka. Ni mu hahoze ari Nduga. Ubu ni mu Mudugudu wa Mwima, Akagari ka Rwesero, Umurenge wa Busasamana, Akarere ka Nyanza, mu Ntara y'Amajyepfo.

Hazwi cyane kubera ko hatabarijwe Umwami Mutara III Rudahigwa nyuma y'aho atangiye i Bujumbura tariki ya 25/07/1959. Abiru bari bifuje ko atabarizwa i Rutare mu Karere ka Gicumbi y'ubungubu, nk'uko byari bisanzwe bigenda ku bami bafite izina rya Mutara (reba inkuru kuri Rutare ku rupapuro rwa ....). Ariko haje kwemezwa ko atabarizwa i Mwima tariki 28/07/1959, bitewe n'uko Rudahigwa ubwe yari yaragennye kuhubaka umusezero (*mausoleum*) yateganyaga kwimuriramo umugogo wa se Yuhi V Musinga, no kuhategura umusezero we bwite (Kagame 1975: 255).

Icyagaragaraga ku musezero w'i Mwima mu gihe twahasuraga (Gicurasi 2017), hari imva eshatu: iyatabarijwemo Umwami Rudahigwa iri hagati; iy'Umwamikazi Rosalie Gicanda wiciwe i Butare ku wa 20/04/1994 muri Jenoside yakorewe Abatutsi iburyo. Gicanda yashyinguwe iruhande rw'umugabo we ku wa 20/04/1995. Imva ya gatatu iherereye ibumoso ni iy'Umwami Kigeri V Ndahindurwa watangiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ku wa 16/10/2016, agatabarizwa i Mwima ku wa 16/01/2017.



*Ku musezero w'abami i Mwima*

I Mwima kandi hahoze umurwa w'Umwami Kigeri IV Rwabugiri (Kagame, 1975 :23); ndetse hongera guturwa na Yuhi V Musinga (Kagame, 1975 :146). Kimwe n'andi mazina y'ahantu hatandukanye mu Rwanda, bakunze kuhavuga bahafatanyije n'akandi gasozi biteganye; bakavuga «*Mwima na Mushirarungu*». *Aka* gasozi ka Mushirarungu ngo kera kitwaga «Rungu», kaje kwitwa «Mushirarungu» *na* Kigeri IV Rwabugiri.[107]

### 4.6. Ibisi bya Huye

Ibisi bya Huye ni ahantu ndangamurage h'amateka n'umuco. Ibisi ni urwunge rw'imisozi miremire iherereye mu Midugudu itanu ari yo Gatongati, Kigarama, Kinyinya, Kimana na Gako byo mu Kagari ka Nyakagezi, Umurenge wa Huye, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo. Aho ni mu hahoze ari u Bwanamukari mu Rwanda rwo hambere.

107 *Ikiganiro na Mugemana Felisi, Nyanza (Rukari), 12/05/2017.*

Ikizwi cyane ku bisi bya Huye ni igitekerezo cy'ukuntu umwami w'u Rwanda Ruganzu II Ndori yakoresheje ubwenge kugira ngo aneshe uwitwa Nyagacyecuru, umugore wari umuhinza wo mu Bisi bya Huye. Uretse ingabo zamurindaga, Nyagacyecuru ngo yari afite urugo ruzengurutswe n'ibitovu, ibisura, iminyonza n'iminyinya; ndetse akagira ngo n'inzoka y'uruziramire yahashyaga abashatse kumutera. Umwami Ruganzu II Ndori yararebye asanga atamurwanya akoresheje ingabo uko bisanzwe. Ahubwo yamuhenze ubwenge amugabira ihene, za hene ziza kurya ibitovu; ibitovu bicitse na ya nzoka ya kabutindi irahunga. Nyagacyecuru yasigaye atakirinzwe bikomeye nkuko byari bisanzwe, nuko Ruganzu II Ndori aherako aramutera n'ingabo ze z'Ibisumizi, aramunesha (Pagès, 1933 : pp 282-283).

Mu bisanzwe amateka yemeza ko uyu wiswe Nyagacyecuru izina rye ry'ukuri ari Benginzage. Yari umukobwa wa Mugunguru w'umwega, akaba n'umugore wa Samukende, umwami w'u Bungwe, akaba ari na we wari uyoboye urugaga rw'impugu (*confederation*) z'Abenengwe. Samukende yari atuye mu mpinga y'Igisi cya Nyakibanda. Umwami w'u Rwanda Yuhi II Gahima II ngo yagerageje kwigarurira u Bungwe biramunanira.

*"Yuhi II rero abuze uko ahatsinda, bamubwira umutsindo uzabasha icyo gihugu, bati: «Reba uko wazagiteza Umunyiginya wavutse mu Benengwe. Ni we uzagitsindisha ubukotsi»! Yuhi II rero ashaka umugore, Nyankaka ya Mugunguru, murumuna wa Benginzage; amaze kumurongora, amugira inama yo kwahukana, no kujya kwa mukuru we, yamara kuhagera akazacyurwa na Samukende. Undi abigira uko bamubwiye, ajyayo. Samukende aramucyura. Igihe Nyankaka agize inda, aracika agaruka kwa Yuhi II, uko bari barabisezeranye: ahageze abyara umuhungu, Yuhi II amwita Binama. Akaba mwene Samukende, kuko ari we wamubyaye, akaba ariko uwa Yuhi II, kuko ari we wari warakoye nyina akamurongora»* ( Kagame 1959: 153). Uyu Binama ni we mukurambere w'ubwoko bw'Abanama.

Ndahiro II Cyamatare wasimbuye Yuhi II Gahima II ntiyashoboye kurwanya u Bungwe. Umuhungu we Ruganzu II Ndori yagerageje kubwigarurira mu gihe bwayoborwaga n'umugabekazi Benginzage, umugabo we Samukende yaramaze gutanga, umuhungu we Rubuga atarakura; ariko Ruganzu na we bikamunanira. Umwami Mutara I Semugeshi wasimbuye Ruganzu II Ndori ni we wanesheje burundu urugaga rw'impugu z'Abenengwe, azomeka ku Rwanda, ahereye ku cyahoze ari u Busanza bwayoborwaga na Nkuba mwene Bagunama; akurikizaho icyari u Bufundu bwayoborwaga na Rubuga mwene Kagogo. U Bungwe ni bwo bwatewe nyuma; igikomangoma Binama mwene Yuhi II Gahima II yabanje kujya kwicirwayo nk'umucengeri. U Bungwe bwaraneshejwe, Rubuga mwene Samukende na nyina Benginzage bahita bicwa, ingoma y'ingabe yabo Nyamibande iranyagwa. Kubera ko iyo ngoma yari yarariboye kandi Abanyarwanda bari bakeneye kuyibika, bayisannye bateramo inzuma, nuko bituma bayita Rwuma (Kagame 1972: 85, 109-110).

Umusozi muremure wo mu Bisi bya Huye ufite ubutumburuke bwa metero 2244. Mu mpinga yawo hubatse umunara w'itumanaho. Uyu musozi kandi uriho ishyamba ry'inturusu. Iyo urenze umunara ugana mu ibanga ry'umusozi riteganye n'umujyi wa Huye, ubona aho bivugwa ko hari hatuye Nyagacyecuru. Ni ahantu habiri ubona ko hahoze ingo koko, kuko hasa n'ahatunganyijwe basiza mu mpinga y'umusozi kugira ngo hace bugufi. Uhasanga kandi imyobo ibiri bivugwa ko yari iy'uruziramire rwa Nyagacyecuru. Muri iryo shyamba ibitovu ntibikihagaragara cyane, hasigaye bike cyane ugereranije n'ibyo bavuga ko byahahoze. Ibindi byatsi ngo byahabaga mu bwinshi, ariko na byo bitangiye gukendera ni iminyonza na yo igira amahwa; n'inyovu abana bakundaga kwahirira inka.[108]



*Iriba rya Nyagakecuru mu Bisi bya Huye*

108 *Ikiganiro na Ngirabatware Cassien, 16/05/2017.*

Iyo wigiye hirya gato ukamanuka mu kaboko k'ibumoso, ugera ahantu hatazuye hagati mu ishyamba hari utwatsi tugufi. Aha ngo ni ho uwahoze ari Perezida Juvénal Habyarimana yajyaga yururukira yazanye n'indege (*hélicoptère*), nyuma akajya aho mu matongo yo kwa Nyagacyecuru. Ngo hari nubwo yahararaga! Iyo ufashe ikindi cyerekezo cy'uwo musozi ureba Nyaruguru, ukamanuka gato, ugatambika umwanya mu itaba riri hejuru yawo, ugera ahantu hari iriba ridakama, haba mu itumba cyangwa mu mpeshyi. Iri riba ngo ni ryo Nyagacyecuru yuhiriragamo inka ze!

### 4.6. Ikibuye cya Shari

Ikibuye cya Shari ni ahantu ndangamurage kamere ndetse n'umuco. Giherereye mu hahoze ari Nyaruguru. Ubu ni mu Mudugudu wa Nyamirama, Akagari ka Nyamirama, Umurenge wa Ngera, Akarere ka Nyaruguru; mu Ntara y'Amajyepfo.

Ni ikibuye kinini gifite nka metero 25 z'umuzenguruko kuri esheshatu z'ubuhagarike. Kiri haruguru y'umuhanda wa kaburimbo nko mu birometero 12 uva mu mujyi wa Huye ujya ku Kanyaru, umugezi ugabanya u Rwanda n'u Burundi. Iruhande rw'Ikibuye cya Shari hari irindi buye riremye nka ryo rifite nka metero 16 z'umuzenguruko kuri 4.5 z'ubuhagarike. Abahaturiye bavuga ko aka ari akana k'Ikibuye cya Shari! Hejuru y'Ikibuye cya Shari, hari irindi buye risa niritwikiriye; ndetse no mu rubavu hagaragaramo kwiyasa. Ibi abaturage babisobanura bavuga ko ari inkuba yigeze gukubita iri buye maze rigasaduka.

Inkomoko y'Ikibuye cya Shari ivugwaho ibintu bitandukanye, ariko byose ni imigani. Duhisemo kubabwira uwo twaciriwe na Tabaro Lazare, umusaza wavukiye i Gishamvu mu wa 1932, akimukira i Ngera mu wa 1967.

Tabaro agira ati: "*Ikibuye cya Shari mu wa 1967 cyari kigufi. Ubu kigenda kiba kirekire; cyari mu ishyamba ry'inturusu rikuze nk'ubu. Ikibuye cya Shari ni kiriya kinini. Kariya kantu kari hejuru, ni inkuba yagikubise. Ririya buye, ni Ruganzu warishyizeho. Muri aka gace habaga ibihinza Nyagakecuru na Mpandahande. Ruganzu yabanje kwica Mpandahande yarabigambiriye ati: "Nzica Mpandahande mvire i Ruhande rimwe." Bukeye atera Nyagakecuru, biramunanira. Amuragiza ihene, zisenya ibisura n'ibitovu n'ibindi byamurindaga. Ruganzu n'ibisumizi bye agena kumutera, aramwica. Ruganzu yica Nyagacyecuru arivuga ati: «Ndakwishe Ruganzu rugambirira abagabo n'intorezo y'inganzamarumbo. Nayikubise Rugogo rwoga umugabo uruguma rurenze iguriro mu twami twa Nyagatare kuzirusha, njya kwica Mpandahande kugira ngo mvire i Ruhande rimwe; none nishe Nyagakecuru mu bisi bya Huye».*

*Amaze kwica Mpandahande, Ruganzu yaraje n'ingabo ze bageze hariya i Shari, baricara barabuguza. Nyuma baza kubona uruziramire. Bashatse kuruhiga ngo barwice rurabacika rwinjira mu mwobo. Ruganzu afata ibuye apfundikiza wa mwobo uruziramire rwinjiriyemo, nuko hahita hazamuka ririya buye rinini. Ririya ritoya ryaje nyuma; ni akana karyo."* Tabaro abajijwe impamvu ririya buye abaturage bashaka kubaka batarimena ngo baryubakishe, yasubije ko bataritinyuka kuko rifite imiziro ya Ruganzu.[109]



*Ikibuye cya Shari*

### 4.8. Ngeri: Ibigabiro bya Rwabugiri na Muhigirwa

Ibigabiro by'Umwami Kigeri IV Rwabugiri n'iby'umuhungu we Muhigirwa biri mu Mudugudu w'Akagera, Akagari ka Ngeri, Umurenge wa Munini, Akarere ka Nyaruguru, mu Ntara y'Amajyepfo. Ngeri iri

109 *Ikiganiro na Tabaro Lazare, Nyaruguru (Ngera), 16/05/2017.*

mu hahoze ari Nyaruguru kuva na kera. Ni ahantu ndangamurage h'amateka. Hahoze ari imwe mu ngoro z'Umwami Kigeri IV Rwabugiri, ndetse nyuma haza no kuba urugo rw'umuhungu we Muhigirwa igihe yayoboraga ingabo z'i Nyaruguru. Ibigabiro by'urugo rwa Muhigirwa bigaragazwa muri iki gihe ni ibiti by'imivumu bikuze bigera kuri bitanu, biri mu murima uhingwa n'umuturage. Naho ahahoze urugo rwa Rwabugiri nta kigabiro gihari, ahubwo hubatse amazu y'abaturage hagati mu mirima.

Ngeri ni agasozi kitegeye u Burundi neza, gakikijwe n'utundi dusozi ari two: Ruko, Coko, Akagera, Kamana na Ruseke. Hagati y'ahahoze urugo rwa Muhigirwa n'ahahoze urwa se harimo nka metero 200. Urwa Muhigirwa rwari mu itaba ryo hejuru hegutse, urwa Rwabugiri rwari mu itaba ryo hepfo haciye bugufi ariko nyamara akaba ari ho hirengeye cyane ku buryo ubona neza imisozi ihakikije, cyane cyane iyo hakurya mu Burundi.



*Ibigabiro biri ahari urugo rwa Muhigirwa i Ngeri*

Ingoro y'i Ngeri Rwabugiri yayishinze amaze gutsinda no kwica Nkundiye wari wamwigometseho mu kirwa cy'Ijwi. Aha i Ngeri ni ho umuhungu wa Nkundiye witwaga Gatebera yiciwe nyuma yo kugambanira se. Gatebera arangira Rwabugiri aho se yari yihishe bigatuma amwica, yari yizeye ko azamugabira gusimbura se ku buyobozi bw'Ijwi. Aho kumugabira yahisemo kumwica kuko yari arambiwe abahinza bo ku Ijwi bamuhoza ku nkeke yo kwigomeka, bikamusaba kubagabaho ibitero bigoranye. Nkundiye ubwe yari yaragambaniye se Kabego kuri Rwabugiri, uyu na we amugororera gusimbura se ku butegetsi bw'Ijwi; ariko hashize igihe amwigomekaho (Kagame, 1975: 67).

Ingoro y'i Ngeri yibukwa mu mateka kubera ko igihe Umwami Kigeri IV Rwabugiri n'umwami w'u Burundi Mwezi IV Gisabo bavugururaga imimaro, ni ho Rwabugiri yari ari. Imimaro ni amasezerano ahoraho yari hagati y'u Rwanda n'u Burundi, aho ibihugu byombi byari byarumvikanye ko ntakizatera ikindi cyangwa ngo gishyigikire umwanzi w'ikindi. Ayo masezerano yari yarakozwe bwa mbere n'Umwami Mutara I Semugeshi w'u Rwanda na Mutaga II Nyamubi w'u Burundi bahuriye mu Twicarabami twa Nyaruteja (Reba inkuru ku Twicarabami twa Nyaruteja ku rupapuro rwa...). Mu kuvugurura iyi mimaro ariko, abami bombi ntibahuye nk'uko byari byaragenze mu Twicarabami, ahubwo bohereje ababahagararira bagaragiwe n'abandi batware n'ingabo, bahurira ahitwa mu Ryagisegenya (Kagame, 1975: 74-75).

Abatuye i Ngeri muri iki gihe bo iyo bavuga amateka y'iyo mimaro, bavuga ko imishyikirano hagati y'Abanyarwanda n'Abarundi yabereye mu Kabuga ko mu Nteko, ahari inkiko z'u Rwanda n'u Burundi ubungubu. Umwe mu babyemeza ni Ruvebana Victor, uvuga ko Rwabugiri aza gutura i Ngeri, yinjiye mu nzu ya sekuruza Nyirimigabo ya Sebisogo, akamugabira umusozi yimukiraho hakurya y'Akanyaru ahitwa ku Wibishyito. Muri aka gace, Akanyaru si ko kagabanya u Rwanda n'u Burundi, kuko gatembera imbere mu Rwanda; ahubwo umugezi witwa Umwogere ni wo uri ku nkiko neza.[110]

Ikindi ahahoze ingoro ya Kigeri IV Rwabugiri i Ngeri hibutsa mu mateka ni uko ari ho Mibambwe IV Rutarindwa yimikiwe ku wa 22/12/1889 nk'umwami utegekera hamwe na se kandi uzamusimbura. Ibi byakozwe na Kigeri IV Rwabugiri ashaka kuzuza inshingano se Mutara II Rwogera yatanze atarangije. Ubusanzwe abami b'u Rwanda

110 *Ikiganiro na Ruvebana Victor, Nyaruguru (Ngeri), 15/05/2017.*

bafite izina ry'ubwami rya Cyirima cyangwa Mutara bagombaga kwimika umusimbura ufite izina ry'ubwami rya Kigeri bakiriho; uwo Kigeri na we akereka se uzamusimbura uzaba afite izina ry'ubwami rya Mibambwe. Iri tegeko ryari ryarashyizweho n'Umwami Cyirima I Rugwe ubwo yimikaga Kigeri I Mukobanya, akanatangaza ko uyu na we azasimburwa n'umuhungu we Sekarongoro waje kuba Umwami Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I.

Iri tegeko ryashimangiwe n'Umwami Mutara I Semugeshi, ari na we wagennye amazina y'ubwami atanu ari yo Mutara, Kigeri, Mibambwe, Yuhi na Cyirima, n'uburyo asimburana; ndetse n'uko imiryango y'ibibanda (itanga abagabekazi) izajya isimburana (soma birambuye kuri iyo ngingo ibyanditse kuri Rutare, urupapuro...). Se wa Rwabugiri rero, Mutara II Rwogera ntiyashoboye gutanga asize yimitse Rwabugiri anatangaje ko Rutarindwa ari we uzamusimbura. Ibi byatewe n'uko nyina, umugabekazi Nyiramavugo II Nyiramongi yanze kunywa, Rwogera atanga adakoze imihango y'Inzira y'Ishora yagombaga kubanziriza iyimikwa ry'umusimbura we w'izina rya Kigeri, ndetse n'itangazwa ry'umusimbura wa Kigeri wagombaga kuba afite izina rya Mibambwe (Kagame, 1975: 75-76; Kagame, 1972: 68-69, 113-115, 208-210).

### 4.9. Gaseke: Ibigabiro bya Cyirima II Rujugira

I Gaseke hari ibigabiro bya Cyirima II Rujugira. Ibi bigabiro biherereye mu Mudugudu wa Nyarunyinya, Akagari ka Gaseke, Umurenge wa Kayumbu, Akarere ka Kamonyi, mu Ntara y'Amajyepfo. Ni mu hahoze ari akarere ka Rukoma.

Ni ahantu ndangamurage h'amateka, kuko ari ho abami b'izina rya Mutara na Cyirima boserezwaga mbere yo gutabarizwa i Rutare mu ijoro ry'umunsi w'iyimikwa ry'undi mwami w'izina rya Kigeri, nk'uko byari byaragenwe na Mutara I Semugeshi (Kagame, 1972: 115-116). Uyu Mwami ni we wa mbere wosherejwe i Gaseke (Kagame, 1972: 118).

Yakurikiwe na Cyirima II Rujugira[111] mu gukorerwa uwo muhango. Ntibyashobotse ariko ko Rujugira akurwa i Gaseke ngo ajyanwe i Bwanacyambwe mu mihango y'ubwiru y'Inzira y'Ishora ku ngoma ya Mutara II Rwogera, aho yari kuva ajyanwa gutabarizwa i Rutare mu Buganza (Reba inyandiko kuri Rutare muri iki gitabo ku rupapuro rwa…). Ibi byatewe n'uko Umugabekazi Nyiramavugo II Nyiramongi, nyina wa Mutara II Rwogera, yari yanze kunywa (reba inyandiko kuri Ngeri ku rupapuro rwa…). Ibi kandi byatumye na Mutara II Rwogera ubwe yarahise atabarizwa i Rutare akimara gutanga, umugogo we udakoreweho imihango yose yari iteganyirijwe umwami w'izina rya Mutara, harimo no koserezwa i Gaseke.

Umugogo wa Cyirima II Rujugira waje gutabarizwa i Gaseke mu mpera za 1931, bitegetswe n'Umwami Yuhi V Musinga wari umaze gukurwa ku ngoma n'ababirigi. Musinga yatanze iryo tegeko amaze kubona ko impinduka zazanywe n'abazungu zitari gutuma uyu mugogo wongera gukorerwa imihango, ndetse no gutabarizwa hakurikije inzira z'ubwiru (Van Noten 1983: 38-39).

Umusezero wa Cyirima II Rujugira wacukuwe n'Umubirigi Van Noten wari mu bikorwa by'ubushakashatsi bw'amateka ashingiye ku bisigaratongo (*archaeological research*) mu Rwanda hagati ya 1969 na 1978 (Noten, 1983: VIII). Ahantu umugogo wa Cyirima II Rujugira wabonywe n'uyu mushakashatsi ni mu kabande ahitwa mu Rusenyi hafi y'igishanga cya Rwakibambanyi, munsi y'umusozi wa Samucyamo, mu isambu ya Bitero, sekuru wa Papias Ruhorahoza uyihinga ubu.

Ahahoze ingoro yoserezwagamo umugogo wa Cyirima II Rujugira, ubu hubatse ikigo cy'ishuri ryitwa Saint Paul Kabere. Ibigabiro bitatu byahahabaga byagiye byigusha kubera gusaza. Icyanyuma cyaguye muri Kamena 2015, abahatuye bakirekera aho, ntibagitutiraho inkwi "*kubera imiziro y'Abami*"[112].

---

111 . *Cyirima II Rujugira yatanze ashaje cyane ahagana mu wa1708. Yatangiye i Ntora (kuva icyo gihe hitwa ku Gisozi/Kigali kuko hagiye umwami), umugogo we ubanza kujyanwa i Jona mu Bumbogo nyuma bawujyana i Gaseke aho wagombaga koserezwa.*

112 *Ikiganiro na Simbizi Joseph, Kamonyi (Gaseke), 11/05/2017.*



*Ikigabiro cya nyuma mu byahoze ahari ingoro y'Umwami Cyirima II Rujugira i Gaseke*

Uku gutinya imiziro kandi usanga bikigaragara cyane muri ako gace ka Gaseke, aho twasanze ikindi kigabiro cyo hambere kitwa "*Ku Mana ya Kibogo*"[113], hepfo gato y'ibigabiro bya Cyirima II Rujugira, mu Mudugudu wa Gasiza. Ni igiti cy'umuvumu ngo kimaze imyaka myinshi cyane, gifite ibishyitsi byinshi kandi cyakuriyemo n'umuhondohondo. Kuri ubu kiri mu isambu ya Simbizi Yozefu. Abaturage bavuga ko uwitwa Silas Manyoni yigeze gutemaho ishami ryo kujya guhana ibikingi by'amarembo, amaze kuritema abana be babiri bahita bapfa! Bavuga kandi ko n'uwitwa Higiro Yohani yigeze gutema kuri icyo giti, icyo akuyeho akigobeka mu gasongero k'inzu kugira ngo umuyaga udatwara ubwatsi buyisakaye. Mu nzu ye ngo haje inzoka, umwana afata igishirira ngo ayitwike, inzu yabo ihita ifatwa irashya. Inzoka yahiriyemo, uwo mugabo na we ahita afatwa n'indwara yo kubambuka umubiri.[114]

### 4.10. Rukari

Mu Rukari ni i Nyanza mu majyepfo y'u Rwanda. Hari ingoro Umwami Mutara III Rudahigwa yari atuyemo. Aho iyo ngoro yubatse ni mu Mudugudu wa Rukari, Akagari ka Rwesero, Umurenge wa Busasamana, mu Karere ka Nyanza. Rudahigwa ni we mwana w'imfura ya Yuhi V Musinga. Yamubyaranye n'Umwamikazi Kankazi, umukobwa wa Mbanzabigwi. Rudahigwa yimye ingoma ku wa 16 Ugushyingo 1931. Yimiye i Nyanza, yimikwa na Bwana Charles Voisin, Umubirigi wari guverineri wa Ruanda-Urundi.

113 *Kibogo uyu yari mwene Ndahiro II Cyamatare, akaba mwene se wa Ruganzu II Ndori.*
114 *Ikiganiro n'itsinda ry'abaturage, Kamonyi (Gaseke), 11/05/2017.*

Rudahigwa yavukiye i Nyanza muri Werurwe 1911. Yatangiye kwiga mu ishuri ry'abana b'abatware ryari i Nyanza akiri muto mu wa 1919 cyangwa 1920 arangiza mu wa 1923 cyangwa 1924 (Kagame 1975:189-190). Akirangiza kwiga yabaye umunyamabanga wa se. Muri icyo gihe Ababirigi bari baratangiye kunyaga Musinga bumwe mu bubasha umwami w'u Rwanda yagiraga bwatumaga agira igitinyiro mu batware ndetse no muri rubanda. Ububasha bukomeye bari baramunyaze bwari ubwo kwica no gukiza, bikaba byari byaratumye abatware bamwe batakimwubaha ahubwo bumvikana cyane n'abazungu kuko babonaga ko ari bo bakomeye. Mu batware batari bacyumvikana na Musinga harimo Kayondo musaza wa Kankazi. Kayondo yinginze mwishywa we Rudahigwa ngo na we yitandukanye na Musinga ariko Rudahigwa arabyanga amukomeraho. Uko kwinangira byarakaje nyirarume bituma amunyaga inka, ibikingi n'abagaragu yari yaramugabiye.

Ku wa 7 Nyakanga 1929 Ababirigi bagize Rudahigwa umutware wa Nduga na Marangara kugira ngo bamukure iruhande rwa Musinga. Misiyoni ya Kabgayi na yo yari iri mu Marangara kandi ni ho hari ikicaro cya Musenyeri Classe bari bizeye ko azahindura Rudahigwa. Ni koko rero akibana na se i Nyanza yari yaranze kwiga gatigisimu ariko ageze mu Marangara yemera kuyiga.

Abakoroni bafatanyije n'abamisiyoneri bakuye ku ngoma Umwami Musinga bimika Rudahigwa ku wa 16 Ugushyingo 1931. Uyu mwami yategetse u Rwanda mu bihe biruhanyije. Banze ko ingoma z'ingabe zirimo na Karinga yazirutaga zikoreshwa mu mihango yo kumwimika[115], ndetse banga ko na nyina ahita aba umugabekazi nk'uko byagombaga kugenda. Babyanze kubera impungenge bari bafite batinya ko Kankazi yazarusha ijambo umuhungu we mu miyoborere y'Igihugu nk'uko Kanjogera yari yararirushije Musinga. Nyuma bamaze kugenzura ko nta kibazo yaba agiteje ni ho bemeye ko Kankazi aba umugabekazi, yitwa Nyiramavugo III Kankazi. Icyo gihe bari baramaze kumwubakira inzu azabamo kure y'umuhungu we i Shyogwe kugira ngo atazajya amugira inama.

115 *Hari n'abavuga ko ahubwo umunsi Rudahigwa yimaga ari ho ingoma z'ingabe zagaragaye mu ruhame, ibintu byaherukaga kubaho Rwabugiri yatanze (Historique et Chronologie du Rwanda 1954: 13).*

Ingoro ye imaze kuzura mu Rukari mu wa 1932, Rudahigwa yayirongoreyemo Nyiramakomari w'Umugesera ku wa 15 Ukwakira 1933. Uyu mwamikazi batandukanye batabyaranye mu wa 1941, arongora Rosalie Gicanda ku wa 13 Gashyantare 1942.



*Ingoro y'Umwami Mutara III Rudahigwa mu Rukari*

Nubwo byari bigoye, Rudahigwa yatangiye gutegeka yumvikana n'ubutegetsi bw'abakoroni ndetse yaranayobotse Kiriziya. Uko kuyoboka ni ko kwanatumye we n'umugabekazi babatizwa. Babatijwe ku wa 17 Ukwakira 1943, Rudahigwa yitwa Charles Léon Pierre, Kankazi yitwa Radegonde. Mu mpera y'imyaka ya za 1940 no mu ntangiriro ya za 1950 Rudahigwa yagaragaje kutavuga rumwe n'abakoroni ndetse n'abapadiri b'abamisiyoneri, babona ko icyo agamije gitandukanye n'inyungu zabo. Rudahigwa yaharaniraga iterambere n'ubwigenge by'u Rwanda, abakoroni bo bifuza gukomeza kurutegeka igihe kirekire. Icyerekezo Rudahigwa yifuzaga guha Igihugu cye kigaragarira mu bikorwa byinshi yakoraga. Muri ibyo harimo ibitaribagirana mu mitwe y'abasheshe akanguhe bamubonye birimo nko guca ubuhake, kugabira abakene, gushinga ikigega cyo kurihira amashuri abana b'Abanyarwanda, n'ibindi.

Ku wa 25 Nyakanga 1959 Rudahigwa yatangiye i Bujumbura mu buryo butunguranye, urupfu rwe rukaba rufitanye isano n'uko yarwanyaga ingoma ya gikoroni. Ibitekerezo n'ibikorwa bye byatumye ashyirwa mu ntwari z'u Rwanda; ari mu kiciro cy'Imena.

### 4.11. Rwesero

Umusozi wa Rwesero uherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana, Akagari ka Rwesero, Umudugudu wa Rwesero. Ni umusozi ufite amateka menshi dore ko wahoze ari umurwa w'ubwami bw'Ababanda bwa Nduga; ndetse hatuye n'umupfumu w'ikirangirire akaba n'umwami wa Nduga, Mashira ya Sabugabo.

Nduga cyari igihugu kiri hagati y'imigezi ya Nyabarongo n'Akanyaru (Kagame 1972: 83). Mu rwimo rwa Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I habaye intambara zikomeye hagati y'ubwami bw'u Rwanda n'ubwami bwa Nduga. Icyo gihe Mibambwe yari agambiriye kwigarurira Nduga yatwarwaga na Nkuba ya Sabugabo. Mbere yo gutera i Nduga, u Rwanda rwoherejeyo umutabazi w'umucengeri ari we igikomangoma Nkoronko mwene Kigeri I Mukobanya wagombaga gupfira mu Nduga kugira ngo amaraso ye atume u Rwanda rutsinda icyo gihugu.

Ingabo z'u Rwanda zishe Nkuba ya Sabugabo, ariko murumuna we, igikomangoma Mashira ya Sabugabo, ahungira mu Bugesera. U Rwanda rumaze kwigarurira Nduga, iyo mpugu yaje guterwa n'amapfa atewe n'ibura ry'imvura. Mashira yarabundutse, ku bw'amahirwe bihurirana n'uko imvura yahise iboneka, abatuye i Nduga bemeza ko ari ikimenyetso cy'uko ari we ukwiye kubatwara, bityo baramuyoboka.

Kuva ubwo hatangiye intambara z'urudaca hagati y'i Nduga n'u Rwanda. Mu baguye muri ibi bitero bazwi cyane twavuga nk'igikomangoma Gatambira mwene Mibambwe I Mutabazi I waguye ahitwa Rugondo muri Tambwe; Mihira mwene Gahindiro ka Mibambwe I; ndetse na Ngoga ya Mashira igikomangoma cya Nduga waguye ku musozi wa Nyamweru muri Kigali.

Nyuma y'ibi bitero ubwami bwombi bwiyemeje koroherana, ndetse nk'ikimenyetso cy'ubwiyunge, Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I

yashyingiye Mashira umukobwa we Nyirantobwa, ku rundi ruhande na Gahindiro ka Mutabazi na we arongora Bwiza umukobwa wa Mashira wari warasabwe na Rugayi mwene Buzi, umwe mu batware bari bakomeye i Burundi. Ibi byose ariko ntibyamaze inzozi za Mibambwe I zo kuzagira i Nduga imbata ye.

Hagati aho u Bunyoro bwaje gutera u Rwanda, Umwami Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I ahungira mu Bunyabungo. Ubwo yatahukaga nyuma yo gutsinda Abanyoro, Mibambwe I yaciye ku Rwesero kwa Mashira wari umukwe we, akaba yari yaranamuhaye inzira ubwo yahungaga. Mashira yateguye rero ibirori bikomeye byo kwakira sebukwe, ndetse yari yanateguye urugo rwo kumucumbikiramo ahitwa Nyamagana muri Nyanza. Mu gihe Mashira yari ahugiye mu kwakira umushyitsi we w'imena, we n'abahungu be bose bafashwe n'Abanyarwanda, baricwa, bityo Nduga yongera kuba u Rwanda.

Rwesero kandi yongera kugaruka mu mateka nka *Rwesero y'Abagereka*. Nyuma y'itanga rya Mutara II Rwogera, urupfu rwe rwagombaga guhorerwa nk'uko byari bisanzwe bikorwa mu rwego rw'imihango. Ibwami bemeje ko Rugereka mwene Byavu watwaraga Imvejuru, uyu akaba n'umuvandimwe wa Nyarwaya-Urutesi[116] ari we uryozwa itanga rya Mutara II. Rugereka yashinjwe kuba yararoze umwami amuhoye kuba yarishe Nyarwaya Urutesi. Ariko mu by'ukuri Mutara II Rwogera yatanze ahayinga 1853 azize indwara y'igituntu!

Rugereka ariko yakomokaga mu muryango ukomeye, dore ko se Byavu yari yararongoye igikomangoma Nyiraburo mwene Kigeri III Ndabara, ndetse igihe cy'ubukwe bwabo Umwami Ndabarasa yashinze umutwe w'inka zitwaga Inkabuzima aba ari wo abahaho impano y'ubukwe. Uyu mutwe w'inka waje gusigirwa Nyarwaya Urutesi na we wari wararongoye umukobwa w'Umwami Shongoka mushiki wa Rwogera. Usibye Inkabuzima, Nyarwaya Urutesi yanatwaraga izitwaga Urukerereza, ndetse n' Ibyemera.

Ubundi Nyarwaya Urutesi yari umutoni cyane ibwami, abikesha ko umugabekazi Nyiramavugo II Nyiramongi bakomokaga mu muryango umwe, akanaba inshuti ye cyane. Ibyo byanatumye bimworohera gushyingirwa Shongoka. Ubu butoni ariko bwaje kumuteranya n'Umwami Mutara II Rwogera wahoraga amushinja kumuteranya na nyina. Rwogera yaje kwica Nyarwaya Urutesi amuteye icumu, amuhora ko yari yakwije impuha zari zateje impagarara ibwami.

Aho Nyarwaya Urutesi yiciwe na Rwogera, ibye byasigaranye umuhungu we Murarangando wari ukiri umwana muto icyo gihe, bityo aba ategekerwa na se wabo Rugereka, dore ko uyu yari yaranahunguye Shongoka nyina wa Murarangando.

Rugereka aho amenyeye amakuru ko ibye byatanzwe, we n'abe bitaga Abagereka biyemeje guhangana n'ibwami. Icyo gihe Umwami Kigeri IV Rwabugiri n'umugabekazi Nyirakigeri IV Murorunkwere bari i Mwima ya Nyanza, mu gihe Rugereka n'abe na bo bari ku musozi wa Rwesero. Intambara hagati y'impande zombi yabaye mu mpera za 1854 cyangwa se intangiriro za 1855.

Iyi ntambara yamaze igice cy'umunsi dore ko Abagereka bari biyemeje guhangana bivuye inyuma. Baje ariko kurushwa amaboko n'iz'ibwami zarimo Inzirabwoba n'Abashakamba. Abagereka babonye ko basumbirijwe bihinira mu nzu, bayiha inkongi, bose barashya barakongoka. Shongoka aho yumviye iyo nkuru na we yahise yitwikira mu rugo rwe rwari ahitwa mu i Rwaniro mu Busanza bw'epfo.



*Umusozi wa Rwesero wubatseho Ingoro y'Umurage ya Rwesero*

116 *Aha turakoresha amazina ye yombi mu kumutandukanya n'abandi ba Nyarwaya bazwi cyane mu mateka nka Nyarwaya Nyamutezi watwaraga Nyaruguru ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro no ku ngoma ya Mutara II Rwogera; ndetse na Nyarwaya Karuretwa mwene Yuhi III Mazimpaka watwaraga umutwe w'ingabo zitwa Abashahuzi n'Ababanda. Nyarwaya Urutesi we yatwaraga Imvejuru, akaba yarabayeho mu bihe bimwe na Nyarwaya Nyamutezi.*

Ku musozi wa Rwesero ubu hubatse imwe mu Ngoro z'umurage zicungwa n' Inteko y'Umuco. Iri mu nzu yubatswe n'Umwami Mutara III Rudahigwa ateganya kuyigira ingoro ye. Imirimo yo kuyubaka yatangiye mu wa 1957, irangira mu wa 1958, ariko umwami yatanze ku wa 25 Nyakanga 1959 mbere y'itahwa ryayo. Iyo nzu yagiye ikorerwamo n'inzego za Leta zinyuranye ku buryo bukurikira: Urukiko rw'Ikirenga, Urukiko Rusesa Imanza, Urukiko rw'Imari ya Leta ndetse n'Ubushinjacyaha Bukuru. Ni Ingoro y'Umurage guhera ku wa 18 Gicurasi 2006.

### 4.12. Mututu

Mututu ni umusozi uherereye ku Mayaga mu Ntara y'Amajyepfo. Kuri uwo musozi, Umwami Mutara III Rudahigwa yari ahafite ishyo ry'inka ryorowe kijyambere. Ikiraro n'urwuri rwazo byari biri mu Kigarama ku nkuka z'igishanga cya Nyarubogo kiri hagati ya Busoro na Kibirizi. Ubu ni mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Mututu, Umurenge wa Kibirizi, mu Karere ka Nyanza.

Rudahigwa yatangiye kororera i Mututu hagati ya 1948 na 1949. Muri urwo rwuri yahubatse ikiraro gikomeye (cyubakishije amabuye, gisakaje amabati, gikingishijwe ibyuma); ahazana ishyo ry'inka z'inkuku 60 zitwaga Ingeri; imfizi yazo ikitwa Ruhugafu. Abaturage b'i Mututu barimo na Gacandaga Faustin[117] wafashaga umuganga w'amatungo witwaga Nyirubuyombero wavuraga izo nka ntibazi aho Rudahigwa yari yarazivanye. Ariko rero tugendeye ku byo abasheshe akanguhe bo mu Mutara batubwiye, – Rudahigwa yari afite ikindi kiraro cy'inka za kijyambere i Nyagatare – inka Rudahigwa yororaga kijyambere ngo zaba zarakomotse muri Ankole ho muri Uganda.

Umwami Mutara III Rudahigwa ajya guhitamo gushyira urwuri rw'Ingeri mu Kigarama cya Mututu ahanini yabitewe n'uko ari hagari (hegitari 30), hari ubwatsi buryohera inka bukanatubura umukamo burimo inyovi n'urukwavu; ariko nanone ahakundira ko hari iriba rihiye ryitwa Ngaruyinka. Nubwo tutashoboye kugera kuri iryo riba dutara aya makuru i Mututu ku wa 13 Gicurasi 2017, abaturage baho, by'umwihariko abasheshe akanguhe, batubwiye ko Ngaruyinka nubu igihari.

Aho zari ziri hose, inka z'inkuku za Rudahigwa zari ize ku giti cye zitandukanye n'inyambo. Inyambo zo zabaga ari iz'umwami nyiri u Rwanda, zifite ibikingi hirya no hino mu Gihugu, zikajya kumurikwa ibwami mu gihe hari ibirori bikomeye. Mu Mayaga, igikingi cy'inyambo cyari kiri i Nyamiyaga mu Kinama cya Nzovi, umutware wazo ari Rukata. Icyakora nubwo Ingeri zari iz'umwami ku giti cye, buri mwaka yatoranyagamo ingumba n'ibimasa by'inkone akabyakiriza abashyitsi n'intore babaga baje ibwami mu birori byo kurangiza umwaka.

I Mututu – kimwe no ku Cyarudahigwa mu Mutara, umwami yahashyize urwuri yororeramo kijyambere ashaka kubera urugero rubanda, kugira ngo aborozi bamureberereho bagabanye umubare w'inka ahubwo bongere umusaruro uzikomokaho. Mu yandi magambo, Rudahigwa yashakaga ko Abanyarwanda bareka korora mu buryo bwa gakondo, ahubwo bakorora kijyambere kugira ngo bo ubwabo biteze imbere ndetse n'Igihugu muri rusange. Ni koko rero uru rwuri rwari rwatangiye kubera abanyamayaga icyitegererezo kuko nk'uwitwa Rukeratabaro Fidèle na we yahereyeko atunganya urwuri rwe rwari ruri hafi y'urwa Rudahigwa mu Kigarama ahitwa i Kanyinya, arwororeramo ishyo ry'inka 30 zitwaga Abazatsinda. Amata y'inka z'i Mututu harimo n'Ingeri yagurishwaga ku ikaragiro ryari riri i Kibirizi; litiro imwe igurwa ifaranga rimwe (1Frw).

Rudahigwa yitaga ku ishyo rye cyane, akaza mu rwuri kenshi kugira ngo yirebere koko niba inka zifashwe neza. Kubera kumubona inshuro nyinshi byatumye inka zimenya ko ari shebuja, ndetse zimwe ziramutora. Mu zari zaramutoye harimo inyamibwa y'igaju we ubwe yari yarise « Inka ya Rucuza ». Ngo iyo yamwumvaga hafi yavumeraga imusanga, maze na we bikamushimisha agafata inkuyo akayihanagura.

Mu gihe cy'ubuhake, abatahira, abashumba n'abarenzamase b'Ingeri bazitagaho badahembwa kuko babikoraga mu rwego rw' « *akazi* ». Abasushefu ba Mututu, Muyaga na Kibirizi basimburanaga kohereza abantu 15 bamaraga iminsi 15 mu Ingeri bagasimburwa n'abandi. Aho ubuhake buciriwe – dore ko bwaciwe na Rudahigwa ubwe ku wa 1 Mata 1954 – umwami yahashyize abakozi bahoraho akabibahembera. Bahembwaga buri cyumweru, buri mukozi ahembwa 70 Frw. Abashumba b'Ingeri bari bafite imyenda y'akazi igizwe n'ikoti n'ingofero bya kaki kuri buri wese.

*117 . Gacandaga Faustin yaganiriye n'abashakashatsi b'Inteko y'Umuco i Mututu ku wa 13/05/2017*

Ingeri zagize abatahira batatu. Habanje Kagenza ka Semihare wari n'umwisi wazo; asimburwa na Kanyemera ka Ngabonziza; na we asimburwa na Kajuga. Akazi k'umutahira kwari ukwita ku ishyo ryose, akagenzura ko abashumba n'abarenzamase bakora akazi kabo neza. Ikindi yakoraga ni ukugenzura inka zarinze, zaba nka 10 akaziha imfizi kugira ngo zizabyarire rimwe. Uko ni ko abatunzi babikoraga iyo babaga bashaka kurema irindi shyo.

Rudahigwa amaze gutanga, Ingeri ze zariwe mu mvururu zo mu wa 1959, igihe Abatutsi bicwaga abandi bakameneshwa. Ibitero byazibasiye byagabwe n'intagondwa z'Abahutu b'i Mututu, i Mukoma n'i Mahwa.



*Ikiraro cy'inka z'Umwami Mutara III Rudahigwa i Mututu*

Muri iki gihe, aho urwo rwuri rwa Rudahigwa n'ibiraro by'inka ze byari biri hakorerwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuhinzi (*Rwanda Agricultural Board – RAB*) – Ishami rya Mututu; kihatuburira imbuto z'ubuhinzi nk'imyumbati, soya, n'izindi.

### 4.13. Kibeho

Kibeho ni umusozi uri mu karere kitwaga mu Nyaruguru mu Rwanda rwo hambere, ubu uherereye mu Mudugudu wa Sinayi, Akagari ka Kibeho, Umurenge wa Kibeho, mu Karere ka Nyaruguru, mu Ntara y'Amajyepfo. Hamenyekanye cyane mu mateka y'u Rwanda, aya Afurika n'ay'isi muri rusange – ku bafite ukwemera gatorika – guhera mu mpera za 1981 kubera amabonekerwa yahabereye, kandi ari nabwo bibaye bwa mbere muri Afurika. Uretse ibyo kubonekerwa, Kibeho yongeye kuvugwa cyane nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 kubera inzirakarengane z'Abatutsi barenga ibihumbi 28.000 zaguye muri kiriziya yaho ku wa 13 Mata 1994. Abahahungiye bari bizeye kubaho kuko ari ku « *butaka butagatifu* ».

Abantu bagaragayeho ibimenyetso byo kubonekerwa i Kibeho barenga 20, ariko Kiliziya Gatorika yo yemeye ukuri kw'abakobwa batatu gusa ari na bo tugarukaho muri iyi nkuru. Babiri muri abo bakobwa baracyariho ariko ntitwagize amahirwe yo guhura na bo ngo tuganire. Ibiri muri iyi nkuru twabibwiwe n'abandi, tubisoma aho byanditse, ariko ibyinshi twabikuye muri filime mbarankuru (*Documentary film*) aho abo bakobwa ubwabo bivugira ibyababayeho.

Ku wa gatandatu tariki ya 28 Ugushyingo 1981 ahagana saa sita n'iminota mirongo itatu n'itanu (12h35), abanyeshuri bigaga mu ishuri ryisumbuye ry'abakobwa i Kibeho bari mu nzu bafunguriragamo bitegura gufata ifunguro rya kumanywa. Umukobwa w'imyaka 16 wigaga mu mwaka wa mbere witwa Alphonsine Mumureke agitunganya isahani ye yumva ijwi rimuhamagara ngo « mwana ». Akebutse imbere ye asanga umuhamagaye ni umugore utagira uko asa wambaye ikanzu yera, umutwe we utwikiriwe n'igitambaro cy'ubururu kimanuka mu mugongo kikagera ku birenge. Batangira kuvugana ubwo, ndetse amubajije uwo ari we amubwira ko ari « Nyina wa Jambo ». Ni Bikira Mariya wari umubonekeye. Abo biganaga ndetse n'abayobozi b'ikigo bamaze kumenya ibyabaye kuri Mumureke ntibemeye ko yabonekewe. Ahubwo bahamije ko yahanzweho n'amashitani dore ko yanakomokaga mu Gisaka, kandi byavugwaga ko baroga cyane.

Ku wa 12 Mutarama 1982 undi mukobwa witwa Natalie Mukamazimpaka na we yabonekewe na Bikira Mariya, ariko na we bavuga ko yahanzweho n'amashitani. Ibyaberaga i Kibeho byatangiye gutera urujijo kuko benshi bibajije impamvu Mukamazimpaka yahanzweho n'amashitani kandi we yari asanzwe asenga.

Umukobwa wa gatatu wabonekewe i Kibeho ni Marie Claire Mukangango wabonekewe na Bikira Mariya ku wa 1 Werurwe 1982.

Uyu Mukangango ngo yari asanzwe ari ku isonga ry'abanyeshuri batotezaga Alphonsine Mumureke na Natalie Mukamazimpaka babashinja ko bahanzweho n'amashitani.

Abo bakobwa bakomeje kujya babonekerwa ari bonyine cyangwa se bikabera mu ruhame. Ibyo byateye Kiriziya urujijo, bituma ishyiraho amatsinda y'abahanga abiri, ibasaba gucukumbura bakamenya ukuri kwabyo. Itsinda rya mbere ryari iry'abihaye Imana (*commission théologique*) bigisha muri Seminari Nkuru ya Nyakibanda; irya kabiri rigizwe n'abaganga (*commission médicale*) bigishaga mu ishami ry'ubuvuzi ry'iyahoze ari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda. Izo mpuguke zakurikiranye imyitwarire y'abo bakobwa; ibyo bavuga n'ibyo bakora mu gihe babonekerwa, ndetse no mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Mu bugenzuzi itsinda ry'abaganga ryakoraga harimo no gukoresha ibizami abo bakobwa bibababaza umubiri mu gihe babonekerwa kugira ngo barebe niba batababara koko. Muri ibyo twavuga nko kubajomba inshinge, kwegereza bimwe mu bice by'umubiri umuriro waka, n'ibindi. Abaganga kandi banasuzumye niba abo bakobwa bataranywaga ibiyobyabwenge, batarwaye indwara zo mu mutwe cyangwa igicuri. Inshuro nyinshi ibyo bizami byakorerwaga mu ruhame igihe abo bakobwa babaga babonekerwa.

Bimwe mu byatangaje ababibonye harimo n'izo mpuguke z'abaganga n'abihayimana ni ukuntu iyo babaga babonekerwa, abo bakobwa batumbiraga mu zuba igihe kirenze isaha kandi ntibibagireho ingaruka n'imwe. Ikindi ni uko rimwe na rimwe bamaraga igihe kirekire aho bari (igihe kirenze amasaha icumi) kandi bafite uburemere budasanzwe kubaterura bikagorana. Muri icyo gihe kandi hari ibimenyetso byagaragazaga ko ubonekerwa hari umuntu, abantu cyangwa ibintu (bibabaje, bishimishije cyangwa bitangaje) yabaga areba nubwo abandi batabaga babireba. Ibi bigaragazwa n'uko yabaga avuga, aririmba, aseka, cyangwa se agaragaza ubwoba no guhungabana.

Nubwo Kiriziya Gatorika yari yitabaje impuguke z'Abanyarwanda ngo ziyifashe kumenya ukuri ku byaberaga i Kibeho, ntiyashize impungenge yari ifite ahubwo yanitabaje impuguke zo mu bindi bihugu ngo na zo zize zishyireho akazo. Aha twavuga nka Dr Philippe Loron, impuguke y'umuganga izwi cyane mu buvuzi bw'indwara z'imyakura (*neurologue*) mu gihugu cy'u Bufaransa. Nyuma y'igihe kirekire babakoraho ubushakashatsi butandukanye, amatsinda y'impuguke yemeje ko ibyabaga ku bakobwa babonekerwaga i Kibeho bitashoboraga gusobanurwa n'abahanga kuko byababereye amayobera.

Ishingiye ku byavuzwe n'impuguke ndetse n'ibyakomeje kugaragara i Kibeho, nyuma y'imyaka 20 ni ho Kiriziya Gatorika yari iyobowe n'Umushumba wayo Papa Yohani Pawulo wa Kabiri yemeje ko Alphonsine Mumureke, Natalie Mukamazimpaka na Marie Claire Mukangango babonekewe na Bikira Mariya i Kibeho. Kwemera kubonekerwa kwabo ku mugaragaro kwatangajwe na Musenyeri Augustin Misago wari umushumba wa diyosezi ya Gikongoro ku wa 29 Kamena 2001.

Kubonekerwa mu ruhame byabereye i Kibeho byabaye kenshi kurusha ahandi byabereye ku isi nk'i Lourdes mu Bufaransa cyangwa i Fatima muri Porutigali. Byamaze imyaka umunani kuko Alphonsine Mumureke yabonekewe mu ruhame bwa nyuma ku wa 28/11/1989. Babiri mu bakobwa batatu babonekewe i Kibeho ni bo bakiriho kuko Marie Claire Mukangango yapfuye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Natalie Mukamazimpaka yagumye i Kibeho kugeza ubu, naho Alphonsine Mumureke yihaye Imana aba i Roma mu Butariyani.

Ahabereye ibonekerwa bwa mbere ubu hubatswe kiriziya bivugwa ko ari Bikira Mariya ubwe wabisabye kugira ngo ifatwe nk'ikimenyetso cy'uko yasuye Kibeho. Iyo kiriziya yatashywe ku wa 31 Gicurasi 2003. Ubu i Kibeho hasurwa n'abantu benshi mu rugendo rw'iyobokamana (*pélérinage*), ku buryo kuri buri munsi mukuru wa Bikira Mariya (*Assomption*, tariki 15/08) hateranira imbaga y'abantu barenga 30.000 baturutse ku migabane yose y'isi. Ndetse bamwe mu bahageze batanga ubuhamya ko bakize indwara zitandukanye.



*Kiriziya y'urwibutso rwa Bikiramariya i Kibeho*

### 4.14. Umujyi wa kera wa Astrida

Astrida ni imwe muri teritwari (*Territoires*) icyenda zari zigize u Rwanda mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi. Mu wa 1916 ubwo Ababirigi batangiraga gutegeka u Rwanda, teritwari zari enye, nyuma zigenda ziyongera kugeza tariki ya 25/01/1960 ubwo teritwari zahindukaga perefegitura (*préfectures*) (Lugan,1997: 317; 400). Teritwari ya Astrida yashyizweho ku wa 1 Ukuboza 1923, ibiro byayo bikuru byubakwa i Tumba hahoze ari mu Mvejuru, ibiro byungirije biri mu i Rango. Ibiro bya kabiri babyubatse kuri misiyoni i Save mu wa 1923, ibiro bya gatatu babyubaka i Butare mu wa 1925, aba ari na wo uba umujyi wa Astrida nyirizina. Mbere yo kuba teritwari, Astrida kari akarere k'Akanyaru kabarizwaga muri teritwari ya Nyanza (*Historique et chronologie du Rwanda 1954: 81*).

Izina Astrida ryazanywe n'Ababirigi rikomotse ku mwamikazi wabo witwaga Astrid Sofia Lovisa Thyra, umugore wa Léopold III, umwami w' Ababirigi. Léopold III yarongoye Astrid akiri igikomangoma mu wa 1926. Muri uwo mwaka kandi ni ho Ababirigi batangiye gukora impinduka zikomeye mu miyoborere gakondo y'u Rwanda: bakuraho ibiti n'ibikingi, bashyiraho teritwari, sheferi na susheferi *(territoire, chefferie* na *sous-shefferie*). Muri izo mpinduka nibwo akarere k'Akanyaru kahindutse teritwari ya Astrida, yitirirwa umugore w'igikomangoma cy'u Bubirigi.

Umujyi wa Astrida wari ugizwe n'ibice bitandukanye byubatse mu buryo butandukanye bitewe n'ikihakorerwa cyangwa ababituye. Icyicaro cya teritwari cyari kiri mu mujyi hagati. Teritwari zivuyeho u Rwanda rumaze kubona ubwigenge, ibiro bya teritwari byahindutse ibya perefegitura ya Butare, none ubu uruhande rumwe ni ibiro by'Umurenge wa Ngoma wo mu Karere ka Huye; urundi rukorerwamo na polisi ikorera muri ako Karere. Nubwo inzu zagiye zivugururwa, inzu y'amabuye polisi ifungiramo abanyabyaha iracyafite umwimerere wa kera. Aho ibyo biro byahoze ubu ni mu Mudugudu wa Bukinanyana, Akagari ka Butare, Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye.



*Ahahoze ibiro byá teritwari ya Astrida. Ubu hari ibiro by'Umurenge wa Ngoma wo mu Karere ka Huye.*

Umujyi wa Astrida wagiye uhindura amazina mu bihe bitandukanya bitewe n'amateka y'Igihugu. Nyuma y'ubwigenge, Astrida yahindutse Butare guhera mu wa 1962; none ubu witwa Umujyi wa Huye guhera mu wa 2006. Astrida yo mu gihe cy'ubukoroni yarahindutse ariko n'ubu haracyari ibimenyetso bigaragaza ishusho yayo. Muri ibyo twavuga Urwunge rw'Amashuri yisumbuye rw'i Butare, Urusisiro rw'abazungu, Urusisiro rw' « involiwe » *(Quartier des évolués)*, ahitwa Mu Cyarabu, Hoteri Faucon (*Hôtel Faucon*), *Cercle Frère Secundien*, na Katedarari gatorika ya Butare (*Cathédrale de Butare*).

### 4.15. Urwunge rw'Amashuri yisumbuye rwa Astrida

Urwunge rw'Amashuri yisumbuye rwa Astrida (*Groupe Scolaire Officiel d'Astrida),* nyuma rwaje kwitwa Urwunge rw'Amashuri yisumbuye rw'i Butare (*Groupe Scolaire Officiel de Butare*) kugeza ubu. Rwashinzwe

n'Umuryango w'Abafurere b'Urukundo (*Congrégation des Frères de la Charité*) bageze mu Rwanda mu wa 1929. Ishuri ryatangiye ryitwa Urwunge rw'Amashuri rwa Astrida (*Groupe Scolaire d'Astrida*). Icyo gihe rishingwa ni ryo ryari ishuri rikomeye mu Rwanda no mu Burundi. Ryigishaga urubyiruko rwagombaga gufasha Ababirigi mu mitegekere y'u Rwanda n'u Burundi (*les assistants*). Buri gihe mu mwaka wa mbere hatangiraga abanyeshuri 100 baturutse mu bihugu byombi: 50 b'Abanyarwanda na 50 b'Abarundi. Kugabana imyanya muri ubwo buryo byarangiye ibihugu byombi bibonye ubwigenge. Kugabana imyanya mu buryo bungana hagati y'u Burundi n'u Rwanda byabaga mu mwaka wa mbere gusa, naho mu mashami buri mwana yihitiragamo icyo ashaka kwiga.

Kuva mu wa 1933 kugeza mu wa 1948, iri shuri ryigishaga abanyeshuri mu gihe cy'imyaka itatu gusa barangiza bakajya mu kazi. Ryari rifite amashami ane ari yo: ishami ry'ubuhinzi (*section agricole*), ishami ry'ubuvuzi (*section médicale*), ishami ry'ubuyobozi (*section administrative*), n'ishami ry'ubuvuzi bw'amatungo (*section véternaire*). Mu wa 1940 ni ho hasohotse abanyeshuri 30 ba mbere bize mu Rwunge rw'Amashuri rw'Astrida.

Abanyeshuri bahize nyuma yo guhindura uburyo bw'imyigishirize (*réforme scolaire*)[118] guhera mu wa 1949 bavuga ko himukaga gusa abanyeshuri bafite icya kabiri, abandi bagasibira, abatsinzwe bakirukanwa. Mbere yo guhabwa impamyabumenyi, abanyeshuri babanzaga kwimenyereza umwuga. Ishuri ryaboherezaga mu Rwanda cyangwa mu Burundi rititaye ku nkomoko y'umunyeshuri. Ibi byaterwaga n'uko Ababirigi bafataga u Rwanda n'u Burundi nk'intara imwe. Nyuma y'igihe, umwaka umwe cyangwa ibiri bitewe n'icyo yiga, umunyeshuri yagarukaga mu ishuri agakora ibizamini mu buryo bw'ibiganiro (*interview*) kugira ngo ahabwe impamyabumenyi ye. Bene ibyo bizamini byakoreshwaga n'abazungu baturutse i Kigali, i Gitega n'i Bujumbura.[119]

Abanyeshuri batsinze, ubutegetsi bw'Ababirigi bwaboherezaga gukora muri za teritwari; abayobozi bazo (*administrateurs*) bakabagenera imirimo bakora. Mu myaka ya nyuma yabanjirije ubwigenge, umwirabura ufite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye buri kwezi yahembwaga ibihumbi bigera kuri bitanu (5000F) by'amafaranga yakoreshwaga muri Kongo, mu Burundi n'u Rwanda. Umukozi yakurikiranwaga mu kazi n'umuyobozi we (umuzungu), akamushyira mu kiciro buri mwaka bitewe n'uko akora, hashira imyaka itatu akiri muri icyo kiciro akazamuka mu ntera (niba ari cyiza) cyangwa akirukanwa (niba ari kibi).[120]

Abakozi bashyirwaga mu byiciro bitanu bitewe n'imikorere yabo. Uvuye ku cyiza ugana ku kibi, ibyo byiciro byakurikiranaga bitya: Indashyikirwa (*Elite*); Neza cyane (*Très bon*); Neza (*Bon*); Neza buhoro (*Assez bon*); Ntakigenda (*Médiocre*). Umukozi uzamuwe mu ntera yazamukaga mu ntera mpagarike akajya ku rwego rw'umurimo rwisumbuye kandi umushahara we ukiyongera. Uwabaga ari indashyikirwa umushahara we wiyongeragaho 4%; uwakoze neza cyane yongerwaga 3%; uwakoze neza akongerwa 2%; uwakoze neza buhoro umushahara we ntiwiyongeraga; naho *ntakigenda* yarirukanwaga. Umukozi ugitangira akazi yabaga ari umufasha w'abazungu (*assistant*) usanzwe. Hakurikijwe uburambe afite mu kazi kandi bigaragara ko agenda agakora neza, umufasha usanzwe yahindukaga umufasha wo ku rwego rwa gatatu (*assistant de troisième classe*), umufasha ku rwego rwa kabiri (*assistant de deuxième clase*), umufasha ku rwego rwa mbere (*assistant de première classe*); urambye cyane akaba umufasha mukuru wo ku rwego rwa mbere (*assistant principal de première classe*).



*Urwunge rw'amashuri yisumbuye rwa Astrida*

118 . *Hatangiye uburezi bw'amashuri yisumbuye bw'imyaka itandatu harimo ikiciro rusange cy'imyaka itatu.*

119 . *Ikiganiro na Sematuro, Huye, tariki ya 14/05.2017.*

120 *Ibid.*

Iri shuri rimaze gushingwa, abana b'abami n'abatware bo mu Rwanda no mu Burundi bagombaga kuza kwiga i Astrida. Mu bahize harimo abahungu batatu b'Umwami Yuhi V Musinga nubwo we yari yaraciriwe i Kamembe mu Kinyaga. Abo ni Bagambake, Bushayija na Masabo bahize guhera muri Nzeri 1933 kugeza muri Kamena 1940 mbere y'uko bacirwa i Moba muri Kongo hamwe na se. Icyakora Bagambake we yari yahavuye mu wa 1935 ajya kwiga i Nyanza kuko imibereho yaho yari yamunaniye. Ikindi gikomangoma cyahize ni umuganwa Louis Rwagasore mbere yo gukomereza amashuri ye i Louvain mu Bubirigi. Rwagasore yari umuhungu wa Mwambutsa IV, umwami w'u Burundi. Aho Urwunge rw'Amashuri rw'Astrida rwubatswe ubu ni mu Mudugudu wa Kabutare, Akagari ka Butare, Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo.

### 4.17. Urusisiro rw'abazungu

Nubwo Astrida yari irimo imihanda, yose yari imihanda y'igitaka. Kugeza igihe u Rwanda rwaboneye ubwigenge, igice cy'umuhanda wari urimo kaburimbo cyavaga kuri Hotel Faucon kikagera hafi y'ibiro bya teritwari. Ubu ni kuri CASA Hotel. Ku nkengero z'uwo muhanda ni ho abazungu bari batuye. Urusisiro rw'amazu bari batuyemo rwaheraga imbere y'ibiro bya teritwari – ahari resitora y'Abashinwa ubu/*Chinese Restaurant* – rukagarukira hafi y'ikibuga cy'indege. Amwe mu mazu y'icyo gihe n'ubu aracyahari. Harimo akorerwamo na zimwe muri serivise za Kaminuza y'u Rwanda (ishami rya Huye), andi yaragurishijwe ubu ni ay'abantu ku giti cyabo. Muri ayo mazu ya Kaminuza, harimo n'iri imbere y'ahahagarara imodoka kuri Hotel Faucon bivugwa ko yigeze kuba ibiro bya Komini Mukura.



*Imwe mu mazu yo mu rusisiro rw'abazungu i Astrida. Yigeze kuba ibiro bya komini Mukura.*

### 4.17. Urusisiro rw' « involiwe » (***Quartier des évolués***)

Mu gihe cy'ubukoroni byari bibujijwe ko umwirabura yatura mu rusisiro rw'abazungu. Ni yo mpamvu leta y'abakoroni yari yarubakiye Abanyarwanda bize bayikoreraga (évolués) urusisiro rw'i Ngoma, inahashyira inzu y'imyidagaduro. Uru rusisiro rwari rugizwe n'amazu ya kijyambere ugereranyije n'ayo rubanda rwa giseseka bari batuyemo. Yari yubatse mu buryo bumwe, ariko ari mato ugereranyije n'ayo abazungu babagamo. Hasi hari hashashemo isima, ibikuta ari amatafari ahiye, isakaro ari amategura. Inzu zari zubatse ku murongo kandi buri nzu igera ku muhanda. Uwize wese agahabwa akazi na leta y'abakoroni bamuhaga iyo nzu akayibamo ntacyo yishyura. Aho uru rusisiro rwahoze ubu ni mu Mudugudu wa Ngoma II, Akagari ka Ngoma, Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, Intara y'Amajyepfo.



*Imwe mu mazu y'"involiwe" i Ngoma. Yari ituwemo na Ndahindurwa mbere yo kuba umwami, akora ku biro bya teritwari ya Astrida*

### 4.18. Mu Cyarabu

Uretse Abagereki bake bahakoreraga, Abarabu b'abayisilamu ahanini ni bo bakoraga ubucuruzi muri Astrida. Amaduka yabo yari akikije umuhanda uva ku biro bya teritwari ujya ku bitaro, akagarukira ahari akazu karimo ishusho ya Bikira Mariya. Aho abarabu bari batuye hitwaga mu Cyarabu kandi n'ubu ni ko hakitwa. Mu Cyarabu ubu ni mu Mudugudu wa Busenyi, Akagari ka Butare, Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, Intara y'Amajyepfo.

### 4.19. Hoteri Faucon (*Hôtel Faucon*)

Hoteri Faucon (*Hôtel Faucon*) ni yo hoteri imwe rukumbi yari iri muri Astrida ndetse no mu Rwanda muri rusange mu gihe cy'ubukoroni mbere yo kubakwa kwa Hoteri Ibisi (*Hôtel Ibis*). Hoteri Faucon yitiriwe nyirayo witwaga Faucon, ikaba yaranywerwagamo n'abazungu gusa. Abasheshe akanguhe bavuga ko imbere yayo hari icyapa cyanditse mu rurimi rw'Igifaransa gikumira abirabura n'imbwa «*Entrée interdite aux noirs et aux chiens*». Iri vanguraruhu ngo ryaciwe n'Umwami Mutara III Rudahigwa mu wa 1955. Ariko rero n'igihe abirabura bari bemerewe kwinjira muri Hoteri Faucon ababitinyutse si benshi kuko hari abitinyaga bakabona badakwiranye na ho, dore ko habaga hateraniye abazungu benshi bavuga Igifaransa gusa. Indi mpamvu ni uko ibiciro byaho byari hejuru kurusha ahandi. Icupa rimwe ry'inzoga ya byeri (*bière*) ryaguraga amafaranga 25 yakoreshwaga mu Rwanda icyo gihe, kandi ahandi ryaraguraga 15. Hoteri Faucon yigeze gufatwa n'inkongi y'umuriro ariko mu wa 1943 barayisana ikomeza gukora. Aho iyi hoteri yubatse ubu ni mu Mudugudu wa Bukinanyana, Akagari ka Butare, Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo.




*Hoteri Faucon*

### 4.20. Cercle Frère Secundien

Mu gihe abazungu banyweraga muri Hoteri Faucon, abirabura bize bari batuye mu rusisiro rw'i Ngoma na bo bari bafite akabari kabo kihariye katagerwagamo na rubanda rutize. Ako kabari kari mu nyubako yitwa *Cercle Frère Secundien* yari irimo n'ibyumba bidagaduriramo. Iyi nyubako bari bayitiriye umufurere washinze Urwunge rw'Amashuri rw'Astrida. Nubwo nta tegeko ryababuzaga kwinjiramo, imiterere y'ako kabari yakumiraga abatize ntibashobore kukinjiramo. Icyatumaga abatarize bahatinya ni uko hataramirwaga *n'abasirimu* gusa (abirabura bize, bambaraga neza kandi bakaganira

mu Gifaransa gusa). Indi mbogamizi cyari igiciro kuko ahandi icupa rimwe ry'inzoga ryagurwaga 15 F ariko muri ako kabari bakarigurisha 17 F. Komite yayoboraga *Cercle Frère Secundien* ni yo yari yarazamuye igiciro ku bushake kugira ngo na bo bakumire rubanda rwa giseseka. Muri iki gihe, inyubako yahoze ari Cercle Frère Secundien ikorerwamo n'ivuriro rya Polisi riri mu Murenge wa Ngoma.



*Inzu yahoze ari Cercle Frère Secundien*

### 4.21. Katedarari gatorika ya Butare (*Cathédrale de Butare*)

Ikindi kimenyetso cy'amateka ya Astrida kigaragara ubu ni Kiriziya Katedarari ya Butare (*Cathédrale de Butare*) yubatswe mu wa 1934. Iyi kiriziya yitwa *Our Lady of Wisdom / Cathédrale Notre-Dame de la Sagesse* ni yo nini mu Rwanda. Yitiriwe Umwamikazi w'Ababirigi witwaga Astrid watanze ku wa 29 Kanama 1935 azize impanuka y'imodoka kugira ngo ibe urwibutso rwe. Mu wa 1950, misa ya yubire y'imyaka 50 Kiriziya Gatorika yari imaze mu Rwanda yasomewe muri iyi kiriziya. Muri ibyo birori habaye n'umupira w'amaguru wahuje u Rwanda n'u Burundi, ikipe y'u Rwanda itsinda iy'u Burundi. Umupira wabereye ku kibuga cyari kiri imbere y'Urwunge rw'Amashuri rw'Astrida.



*Katedarari Notre Dame de la Sagesse ya Butare*

Ntawarangiza amateka ya Astrida nk'umujyi wari ukomeye mu gihe cy'ubukoroni atavuze ko ari ho Umwami Yuhi V Musinga yahuriye bwa mbere n'umwami w'u Burundi witwaga Mwambutsa. Bahahuriye mu wa 1929, ariko aho bicaye nta n'umwe mu basheshe akanguhe twahuye ukihibuka. Aho Katedarari gatorika ya Butare yubatse ubu ni mu Mudugudu wa Kabutare, Akagari ka Butare, Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo.

### 4.22. Mu Gakenyeri kwa Musinga

Mu Gakenyeri ni mu mujyi wa Nyanza ahari hubatse umurwa w'Umwami Yuhi V Musinga ndetse n'umugabekazi Nyirayuhi V Kanjogera. Ubu ni mu Mudugudu wa Gakenyeri, Akagari ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana, mu Karere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo. Amateka ya Musinga ari i Nyanza yanditswe mu bitabo byinshi bivuga amateka y'u Rwanda ariko uwayavuye imuzingo cyane ni Alexis Kagame (1975).

Nk'uko Kagame abivuga, Musinga yatuye i Nyanza igihe kirekire ariko si ho yatuye bwa mbere dore ko atari na ho yimiye. Musinga yimye ingoma nyuma y'intambara yo ku Rucunshu; asimbura Mibambwe IV Rutarindwa waguye muri iyo ntambara mu wa 1897. Yimiye i Runda hafi ya Gihara, ahabwa izina ry'ubwami rya Yuhi. Imihango yo kumwimika yabaye mu ntangiriro z'uwo mwaka iyobowe n'umwiru Mabare, mwene Nkuriyingoma na we wari umwiru. Icyo gihe Musinga yari umwana w'ingimbi (afite imyaka nka 17) ku buryo yategekerwaga na nyina ndetse na ba nyirarume.

Musinga amaze kwima hakurikiyeho gushakisha umurwa azaturamo hakurikijwe imihango y'ubwiru yasabaga ko ingo enye za mbere z'umwami zubakwa mu gihe kigufi cyane (Kagame 1972:43-44). Nguko uko yimutse i Runda ajya gutura ku Kamonyi muri Rukoma, ndetse na ho arahava yubaka umurwa we i Gitwiko cya Nyamabuye mu Nduga.

Aha na ho ntiyahatinze kuko yahereyeko yimukira ku Mukingo (Nduga) ari na ho umudage Dr Richard Kandt yaje akahamara iminsi itandatu kuva ku wa 14 kugeza ku wa 19 Kamena 1898. Ariko icyo gihe Kandt ntiyabonanye na Musinga kuko yakiriwe na Ruhinankiko ari kumwe na Rwidegembya (Kagame, 1975:144). Musinga yimutse ku Mukingo ajya i Bweramvura mu Kabagari, nyuma y'iminsi umunani arahava ajya gutura i Mwima hafi ya Mushirarungu. Umwami Kigeri IV Rwabugiri na we yari afite urugo aho i Mwima (soma inkuru kuri Mwima, ku rupapuro rwa...). Mu wa 1899, Musinga yimutse i Mwima yubaka umurwa we hakurya yaho i Nyanza mu Gakenyeri. Kuva icyo gihe Nyanza yabaye umurwa abami b'u Rwanda baturamo batimuka kugeza igihe ingoma ya cyami yavagaho mu wa 1961.

Aho mu ngoro y'Umwami Yuhi V Musinga mu Gakenyeri ni ho Abapadiri Bera, bayobowe na Mgr Hirth, bamusanze baje kumusaba uburenganzira bwo gutura no gushinga Kiriziya Gatorika mu Rwanda. Abo bapadiri ntibakiriwe na Musinga ahubwo bakiriwe na Mpamarugamba – umwuzukuru wa Yuhi IV Gahindiro – yambaye ikamba nk'umwami. Ubwo hari ku wa 2 Gashyantare 1900. Mpamarugamba yabemereye kwihitiramo aho bashaka gutura mu majyepfo y'Igihugu nk'uko bari babisabye; ndetse abaha Cyitatire watwaraga Imvejuru na Kampayana watwaraga Nyaruguru ngo babaherekeze banabakebere aho bazahitamo. Abapadiri bera bavuye i Nyanza baraye i Mara; bakomeza kuzenguruka ako karere, baza guhitamo Save bahashinga kiriziya ya mbere mu Rwanda.

Muri Nyakanga 1900 Dr Richard Kandt yaje i Nyanza noneho ategeka ko abonana n'umwami ubwe. Icyo gihe abari ibwami yabashyizeho igitsure gikabije, ndetse ababurira ko nibamuzanira Mpamarugamba aherako amurasa. Nguko uko Umwami Yuhi V Musinga yabonanye n'umuzungu bwa mbere!

Umwami Yuhi V Musinga ari i Nyanza ubutegetsi bwe bwari bubangikanye n'ubw'abazungu. Icyakora n'ubwo abadage batamujujubije nk'ababirigi ndetse baje no kumucira ishyanga bafatanyije na Kiriziya, ku ikubitiro na bo bamweretse ko ubutegetsi n'ububasha bwabo bwari hejuru y'ubwe nubwo yari umwami nyiri u Rwanda. Gutesha agaciro umwami byagaragaye bwa mbere mu wa 1902 ibwami bahamagaye Shefu Mpumbika wategekaga i Gisaka kugira ngo yisobanure avuge impamvu yashyigikiye ingabo zarwanyaga ubutegetsi bwa Musinga.

Mpumbika akibona intumwa yahereye ko abibwira abapadiri bari i Zaza kuko yari azi ko ibwami bashobora kumwica. Abapadiri na bo bamugiriye inama yo kujya kwishinganisha kuri Guverineri i Bujumbura mbere yo kwitaba ibwami. Mu Ukwakira 1902 guverineri Lieutenant Von Beringe yamuhaye ibaruwa ashyira Musinga itegeka ko uyu Mpumbika ahamara amezi abiri gusa ubundi agasubira iwe. Ibwami ntibamenye ibyari muri iyo baruwa kuko ntawari uzi gusoma uhari, bituma babirengaho bica 14 mu bari baherekeje Mpumbika ndetse na we bamushyira ku ngoyi. Beringe akibimenya we ubwe yiyiziye i Nyanza abonana na Musinga ku wa 3 Mutarama 1903, amwihanangiriza mu ruhame ndetse amuca ikiru cy'inka 40.

Hagati mu Ntambara ya Mbere y'Isi Yose Ababirigi batsinze Abadage muri aka karere ndetse bigarurira u Rwanda muri Gicurasi 1916. Mu mitegekere yabo ntibumvikanye na Musinga kuko yanze kuyoboka Kiriziya Gatorika ndetse agatsimbarara ashaka kugumana ububasha yari afite. Ibi byatumye bamukura ku ngoma, ku wa 12 Ugushyingo 1931 bamucira i Kamembe mu Kinyaga. Umwami Yuhi V Musinga, abagore n'abana be, Umwamikazi Kanjogera ndetse n'ababatwaje ibintu bahagurutse mu Gakenyeri i Nyanza nyuma y'iminsi ibiri umwami aciwe berekeza i Kamembe. Aha na ho yaje kuhakurwa bamuciriye i Moba muri Kongo.



*Ikigabiro kiri ahahoze urugo rw'Umwami Yuhi V Musinga mu Gakenyeri*

Aho ingoro y'Umwami Musinga yari yubatse i Nyanza abihaye Imana bahubatse kiriziya yitiriwe Kristu Umwami, ibigo by'amashuri ndetse hari n'urugo rw'Abenebikira. Kiriziya Gatorika yahubatse misiyoni ihahawe n'Umwami Mutara III Rudahigwa ku wa 23 Gicurasi 1935. Ubu ikimenyetso gisigaye mu Gakenyeri ni ikigabiro cy'umuvumu munini kiri imbere y'urugo rw'Abenebikira.

### 4.23. Gitwe

Gitwe ni umusozi uherereye mu Mudugudu wa Karambo, Akagari ka Murama, Umurenge wa Bweramana, Akarere ka Ruhango, mu Ntara y'Amajyepfo. Mu Rwanda rwo hambere uwo musozi wari mu Kabagari. Gitwe yamenyekanye cyane kubera ko ari ho itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda ryatangiriye.

Ibya Gitwe n'uko habengutswe n'umumisiyoneri akahashinga itorero byavuwe imuzingo na Jérôme Birikunzira mu gitabo kitwa *Histoire du Christianisme au Rwanda. Des origines à nos jours* ari na cyo twakuyemo iyi nkuru (Gatwa et Rutinduka 2014:97-116).

Izina Gitwe ubwaryo rifite imvano. Mu kinyejana cya 15, Umwami Mibambwe I Mutabazi Sekarongoro arambagira igihugu ageze kuri uwo musozi imvura igwa ari nyinshi iramunyagira, abuze aho yugama arawuvuma. Kuva icyo gihe, Abanyarwanda barawutinye ntibawuturaho kuko wavumwe n'Umwami. Kuko wari ikidaturwa, bawujugunyagaho imirambo impyisi n'izindi nyamaswa zikayirya. Kubera ko wabaga unyanyagiyeho amagufa menshi cyane cyane uduhanga tw'abapfu bahajugunywa bakaribwa n'inyamaswa, bawise Gitwe. Ngiyo imvano y'izina ry'umusozi waje kuba igicumbi cy'Itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda!

Itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda ryashinzwe n'abamisiyoneri baturutse i Burayi mu wa 1919. Abo ni David Elie Delhove (Umubirigi) na Henri Monnier (Umusuwisi). Delhove yageze mu Rwanda bwa mbere mu Ntambara ya Mbere y'Isi ari ku ruhande rw'Ababirigi n'Abongereza barwanya Abadage. Intambara irangiye mu wa 1918 yasubiye i Burayi. Ari mu Bwongereza yahahuriye na Monnier banoza umugambi wo kuza gushinga itorero mu Rwanda dore ko bombi bari abamisiyoneri. Bagarutse muri Afurika banyuze i Matadi muri Kongo, baza kugera i Rubengera mu Bwishaza ku wa 4 Kanama 1919 binjiriye mu Kinyaga.

Abo bamisiyoneri bageze mu Rwanda bifatiye misiyoni abaluteriyani bari barasize bashinze kuko bibwiraga ko batazahagaruka. Delhove yagiye i Kirinda, Monnier yerekeza i Remera – Rukoma. Ariko amaze kumenya neza ko abamisiyoneri b'abaluteriyani bazagaruka, Delhove yagiye ibwami gusaba Musinga ubutaka bwo kubakaho misiyoni. Ari mu nzira iva i Kirinda yerekeza i Nyanza, yabonye agasozi ka Gitwe kadatuwe aragakunda aba ariko asaba umwami. Musinga yakamwemereye vuba kuko yumvaga ko ibikorwa bye bizabangamira Abapadiri Bera batari babanye neza. Delhove yavuye i Kirinda ari kumwe na bamwe mu bayoboke yari amaze kubona bimukira i Gitwe ku wa 30 Mutarama 1921.



*Umusozi wa Gitwe wavumwe n'Umwami Mibambwe I Mutabazi Sekarongoro nyuma abamisiyoneri bawushingaho itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda*

Umumisiyoneri Delhove ageze i Gitwe yatangiye gushaka abayoboke abinyujije mu bikorwa bitandukanye birimo ubuvuzi, kubigisha gusoma no kwandika ariko atibagiwe n'iyobokamana. Nyuma y'umwaka umwe, hari abantu 5 bari bamaze kwemera ibyo abigisha ndetse arababatiza. Abo ni Miruho Lazare, Segatwa Moïse, Nturo David, Nyambwana Elisabeth na Makayire Esther. Kubatizwa kw'abo bantu byatumye abanyagitwe bareberaho, Delhove ahubaka urusengero rwa mbere mu wa 1923 afite abayoboke 22. Kuva icyo gihe abayoboke b'Itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi bagiye biyongera uko ryageraga hirya no hino mu Rwanda (Gatwa et Rutinduka 2014).

Ikindi kivugwa mu ishingwa ry'Itorero ry'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi mu Rwanda, ni uko ngo hari ababitaga Abahirika. Iryo zina ngo ryaba ryarakomotse i Gitwe n'ahandi iryo torero ryagendaga ryagukira ariko ritaramenyekana cyane, aho abigisha babagaga inka cyane cyane ibimasa bagamije gukurura abayoboke. Ndetse ngo batambuka ku bantu bakababwira bati : «Nimuze tugiye guhirika inka», bivuze ko bagiye kubaga inka. Ubwo rero abaturage barazaga bazanywe no kwifatira inyama, aba pasitori na bo bakaboneraho bakigisha Ijambo ry'Imana![121]

### 4.24. Ibisenga bya Nyemana

Ibisenga bya Nyemana biri mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Kamonyi, Umurenge wa Runda, Akagari ka Kagina, Umudugudu wa Bimba, ahahoze ari mu Nduga. Aho biherereye ni ahantu bigoye kugera, ariko iyo uturutse ku muhanda mugari wa kaburimbo Kigali-Muhanga, ugeze ahitwa ku Ruyenzi, ufata umuhanda uri iburyo bwawe, ukerekeza ahubatse ibiro by'Akagari ka Gihara. Ukomeza uwo muhanda, ukagera kuri Paruwasi ya Gihara, hari n'ivuriro, ugakomeza umuhanda werekeza ku Kagari ka Kagina. Iyo ugeze kuri ako Kagari umanuka mu kayira gahanamye ari na ko kakugeza kuri ibyo bisenga.

Ibi bisenga biri ahahoze hitwa mu Ryamuzana, nyuma haza kwitirirwa umugezi wa Nyemana unyura munsi y'ibyo bisenga. Nyemana ni umugezi, nta muntu witwaga gutyo wahatuye.[122] Kuri ubu isoko y'uwo mugezi wa Nyemana yatunganyijwe n'umushinga wa *Good Neighbors*, ku buryo abaturage ari ho bakura amazi yo gukoresha mu ngo zabo.

Ibyo bisenga byahoze ari urubohero rw'abakobwa bakomoka muri ako gace, cyane cyane abitegura kurongorwa bazaga kuhabohera imisambi bazahaho impano basaza babo, ba nyina wabo ndetse n'ababyeyi babo. Abakobwa bahaboheraga imisambi n'ibirago, naho ibiseke muri ako karere ntibyabohwaga n'ababonetse bose; byari ibyo mu bakomeye.[123]

Igihe abo bakobwa bari mu rubohero, nta musore wari wemerewe kuhagera keretse uduhungu tukiri duto twazaga tubagemuriye ibyo kurya.[124]

Ubusanzwe mu Rwanda abana batangiraga kwiga kuboha bakiri bato cyane, rimwe na rimwe hagati y'imyaka irindwi n'icyenda, bagatangira babitozwa na ba nyina cyangwa se bakuru babo. Kujya mu rubohero ariko byatangiraga cyane hagati y'imyaka 13 na 14. Mu rubohero, abana b'abakobwa ntibabohaga imisambi gusa, ahubwo banahaherwaga uburere bw'ibanze ku myororokere – cyane «*guca imyeyo*» – babuhawe na bakuru babo.



*Kimwe mu Bisenga bya Nyemana*

121 *Ikiganiro kuri terefoni na Ntihinyurwa Philippe, ku wa 07/12/2018.*
122 *Ikiganiro na Mbarubukeye Léonard, Kamonyi, tariki ya 11/05/2017*
123 *Ibid.*
124 *Ikiganiro na Nkurikiyinka Pascal, Kamonyi, tariki ya 11/05/2017.*

Mu Bisenga bya Nyemana abakobwa bicaraga hakurikijwe ikigero cy'imyaka bagezemo, abakuru ukwabo, n'abakiri bato bakicara ku rundi ruhande. Mbere yo kujya mu rubohero, abakobwa barikoraga bakajya gushaka ubwatsi mu gishanga; bakabanza gutondera imisambi yabo imuhira; bagahana umugambi w'igihe bazagira mu rubohero; umunsi wagera bakizindura bakaza kubohera aho mu Bisenga bya Nyemana. Barahirirwaga umunsi wose, hakaba nubwo batashye mu mataha y'inka. Buri wese yagombaga gutaha asoje umusambi we, bityo abasozaga mbere bagombaga gufasha abandi kugira ngo batahire rimwe.

Ibisenga bya Nyemana byakomeje gukoreshwa nk'urubohero kugera mu ntangiro z'imyaka ya 1980. Kudakoresha uru rubohero biterwa n'uko umubare w'abana b'abakobwa baboha muri ibi bihe wagabanutse, kuko ibishanga byahinzwemo ibisheke, ubwatsi bakoreshaga bukabura. Ikindi ni uko ubu abana benshi b'abakobwa bitabira ishuri bakabura umwanya w'urubohero.[125]

Usibye urubohero ariko, igihe abakobwa batabaga bahabohera abashumba bashoboraga kuhugama imvura. Habagamo n'udusimba duto nk'ingeragere, inkwavu, imikara, nyiramuhari n'izindi; ariko kubera ibikorwa bihakorerwa birimo guhinga no kuhatura, ubu nta nyamaswa zikiboneka muri ako gace. Ayo masenga ahubwo asigaye ari indiri y'uducurama. Ibisenga bya Nyemana ni bitanu. Iyo uturutse hasi mu kabande ku mugezi wa Nyemana, isenga ya mbere uhingukiraho ifite ahantu hirangira ku buryo abana baragiye amatungo bahakubita hakavuga nk'ingoma. Inini muri ayo masenga ifite uburebure bwa metero umunani; ikagira ubugari bwa metero eshatu n'ubuhagarike bwa metero ebyiri ku rwinjiriro. Ntibyoroshye kuhagera, ariko iyo uhari uba witegeye utundi dusozi twinshi tubereye ijisho.

### 4.25. Ibitare bya Mashyiga

Ibitare bya Mashyiga biherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Kamonyi, Umurenge wa Karama, Akagari ka Bitare, Umudugudu wa Kokobe. Ni agace kahoze kitwa Gishubi (Rukoma). Ni ibitare byinshi binogeye ijisho, bimwe biteretse hejuru y'ibindi nk'ibiri ku mashyiga, ari na ho hakomotse iyo nyito ngo ni Ibitare bya Mashyiga.

125 *Ikiganiro na Mbarubucyeye Léonard, Kamonyi, tariki ya 11/05/2017.*

Mashyiga si umuntu! Bahita kwa Mashyiga kubera ko ari ibitare bishyigikiranye, bimwe biri hejuru y'ibindi, bimeze nk'inkono bateretse hejuru y'amashyiga.[126] Ni ibitare kamere ariko biriho bimwe mu bimenyesho bishushanyije nk'igisoro bitirira Umwami Ruganzu II Ndori. Hagati muri ibi bitare kandi harimo ubuvumo.

Ibi bitare ni byo byatwikiweho abagore babiri b'Umwami Yuhi III Mazimpaka, Kiranga na Cyihunde. Aba bagore bombi baravukanaga, bakaba abakobwa ba Kagoro w'Umucyaba. Icyaha cyakozwe n'aba bagore bombi cyatumye Umwami Mazimpaka asiga aciye iteka ko nta n'umwe mu bamukomokaho wemerewe gushaka mu Bacyaba.

Mu gutangira, umwami w'u Burundi Ntare III Kivimira yateye u Bugesera icyo gihe bwategekwaga na Nsoro III Nyabarega. Nyuma y'icyo gitero umwami w'u Bugesera yahungiye mu Rwanda, ibwami bamuha icumbi i Jenda na Kabugondo. Igihe yari aha i Jenda na Kabugondo, Nsoro III Nyabarega yifuje guhura na Mazimpaka ngo yihere amaso uburanga ntagereranywa bw'uwo mwami bwari bwarahogoje benshi bukanamugira ikirangirire muri aka karere. Nibwo rero yegereye Kiranga na Cyihunde agira ngo bamufashe muri uwo mugambi. Aba bagore bahishe Nsoro mu nzu, noneho rimwe abona Umwami Yuhi III Mazimpaka. Inkuru yaje kugera ibwami, Mazimpaka ategeka ko aba bombi batangwa bakicwa. Nibwo abo bagore bombi bafashwe, batwikirwa kuri ibi bitare bya Mashyiga, naho Nsoro we ategekwa guhita ava ku butaka bw'u Rwanda, ahungira mu Ndorwa.

Mu birebana n'ubworozi, i Mashyiga hahoze hagishishirizwa umutwe w'inka zitwa Imirama wari warashinzwe na Yuhi IV Gahindiro; na nyuma hakomeje kuragirwa amatungo dore ko mu nkengero z'ibyo bitare hari umukenke mwinshi. Mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 hari urupango rw'inka aho zateraniraga zigiye gukingirwa.

126 *Ikiganiro na Nkurikiyinka Pierre Damien, Kamonyi, tariki ya 10/05/2017.*



*Ibitare bya Mashyiga*

Mu bihe bya vuba, mu Bitare bya Mashyiga hahoze isoko riremwa n'abaturutse impande zose z'Igihugu: mu Bugoyi haturukaga itabi, mu Kinyaga bakazana amasuka, n'utundi turere tugaturukamo ibyo twari dukungahayeho. Barabadikaga ari byo kugurana ibicuruzwa, ibiturutse ahandi bikaguranwa cyane cyane amavuta y'inka kuko yahabonekaga ari menshi. Isoko ryo mu Bitare bya Mashyiga ryaje kwimurirwa mu Gacurabwenge, nko ku birometero bitatu uvuye aho ryahoze.

Guhera mu ntangiriro z'imyaka ya 2010 hari abanyamadini bamwe na bamwe batangiye kujya baza kuhasengera baturutse mu mpande zitandukanye z'Igihugu, bakemeza ko baheretswe n'Imana, ikababwira ko kuhasengera bibazanira ibyiza.

Ku gasozi kariho ibi bitare kuri ubu hari umunara w'itumanaho. Ibi bitare biri ku murambararo wa metero zigera kuri 700; kuva aho bitangirira kugera mu gahinga hari nka metero 100. Kuhasura, iyo uturutse ku Kamonyi ku muhanda mugari aho Papa Yohani Pawulo II yashyize ibimenyetso igihe cy'uruzinduko rwe mu Rwanda mu wa 1990, harimo intera ya kirometero ndwi. Iyo uturuka i Kigali ukatira mu kuboko kw'iburyo, werekeza ahahoze ibiro by'Akarere ka Kamonyi, cyangwa ku ivuriro rya Remera Rukoma, ugafata umuhanda ibumoso werekeza ku biro by'Umurenge wa Kayenzi biri ahahoze hubatse Komini ya Kayenzi.

Agasozi ka Mashyiga gakikijwe n'ahandi hantu ndangamurage nk'Igishubi cya Muganza, Ishyamba cyimeza ry'Urukaragata, imisozi miremire ya Cubi na Marenga ihanamiye Bakokwe na Nyabarongo, Ikiryamo cy'Inzovu, Ibiti bitanu, Ijuru rya Kamonyi, n'ahandi.

### 4.26. Kwa Mibambwe II Gisanura

Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura yabaye umwami wa 17 w'u Rwanda, hagati ya 1609-1642. Gisanura yari mwene Kigeri II Nyamuheshera, umwami uzwiho kuba yari indwanyi cyane, ndetse akaba yaraguye u Rwanda mu buryo bugaragara. Nyina wa Gisanura yari Nyabuhoro, umukobwa wo mu Baha.

Mbere y'iyimikwa rye, uyu mwami yitwaga Sekarongoro, aho abereye umwami afata izina rya Mibambwe. Aya mazina yombi yatumaga yitiranwa neza n'umwe mu bandi bami bategetse u Rwanda mbere ye, Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I. Ibi byatumye yongerwa izina rya Gisanura mu rwego rwo kubatandukanya. Gisanura bikomoka ku nshinga 'gusanura'. Ni ijambo ry'Ikinyarwanda cya kera kitagikoreshwa kuri ubu, risobanura kugira ubuzima bwiza, bwaba ubw'umubiri cyangwa ubw'umutima.

Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura mu mateka y'u Rwanda azwi kandi ku izina ry'igisingizo rya "*Rugabishabirenge*". Iri zina Umwami Gisanura arikomora ku kuba mu buzima bwe yararanzwe no kugira ubuntu butangaje, ndetse bamwe mu banditsi ntibatinya kumugereranya n'abatagatifu bavugwa na Kiriziya Gatorika (Muzungu 2007: 3).

Kimwe mu bikorwa byaranze ingoma ya Mibambwe II Gisanura ni uko yari yariyemeje guha amata abakene n'abatishoboye, ibi akabikora inshuro eshatu ku munsi: mu gitondo, ku manywa na nimugoroba; akenshi ari na we ubwe uyabihera. Kugira ngo abigereho yari yarategetse abatware kugira uruhare muri iki gikorwa bagemura amata akomotse ku mashyo yabo. Hari umugaragu ushinzwe kwakira ayo mata ndetse no kuyasaranganya muri rubanda rw'abakene babaga bicaye ku karubanda bategereje ko bafungurirwa. Gisanura yifuzaga gusaranganya bose ku butunzi bw'Igihugu; ntiyifuzaga ko hagira uwongera kwicwa n'inzara mu Gihugu mu gihe hari abatunze byinshi birenze ibyo bakeneye.

Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura kandi azwi kubera imbaraga yashyiraga mu guca imanza zitabera. Yavuguruye bikomeye uburyo imanza zacibwaga mu Rwanda. Mbere ye, imanza zashingiraga cyane ku guhanganisha ababuranyi bombi, akenshi uwatsindaga akaba ari uzi kuvuga neza. Kuri uku guhanganisha ababuranyi, Gisanura yongeyeho ikindi kintu gikomeye: gutanga umugabo. Ibi byabaye ibintu bishya kandi bikwira mu nkiko hose mu Gihugu. Abagabo batandukanye batumizwaga mu bihe na byo bitandukanye, bityo uca urubanza akumva neza uko icyaha cyakozwe. Kuri ibi yongeragaho kwikurikiranira cyangwa se kohereza intumwa zikajya kureba aho icyaha cyabereye kugira ngo abashe kumenya birambuye inkomoko y'amakimbirane. Ishyaka rye ryo kurangiza amakimbirane ryatumye haduka insigamigani igira iti: „*Uru rubanza rwaciriwe i Mutakara*", bishatse kumvikanisha ko urubanza rwaciriwe kwa Gisanura nta cyo warenzaho, ari intabera.

Koko rero aho Umwami Gisanura yari atuye ni ku musozi wa Mutakara, uherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Ruhango, Umurenge wa Ruhango, Akagari ka Rwoga, Umudugudu wa Kabambati. Mu manza zaciriwe i Mutakara, ebyiri ni zo zamenyekanye cyane kurenza izindi. Urwa mbere ni urwaciriwe umutware Kamegeri, urundi ni urwaciriwe umutware Mikoranya (reba inyandiko ku Rutare rwa Kamegeri ku rupapuro rwa...)



*I Mutakara ahahoze hatuye Umwami Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura*

Ku ngoma ya Gisanura kandi u Rwanda rwabanye neza n'ibihugu bituranye, mu gihe ingoma ya se yari yararanzwe n'intambara z'urudaca. Se Kigeri II Nyamuheshera yari yaramuraze Igihugu kigari. Mu rwego rwo kurinda imbibi zacyo, Gisanura yaremye imitwe itanu y'ingabo mishya ari yo: Imitari yarindaga Gisanura; Inyangakurushwa; Abadacumura; Abangogo; n'Abarembo. Izi ngabo zamufashije guhangana na Kimenyi III Rwahashya umwami w'u Bugesera washakaga kwisubiza u Bwanacyambwe yari yaranyazwe na Kigeri II Nyamuheshera. Mu majyepfo y'Igihugu Gisanura yagombaga guhangana bikomeye n'umwami w'indwanyi w'Abarundi Ntare III Kivimira (Cyanwa) wari wararenze ku mimaro yabagaho hagati y'u Rwanda n'u Burundi.

Amateka ya Mibambwe II Gisanura tuyasanga no mu bisigo birimo icya Nyakayonga ka Musare wo mu Bene-Nyamurorwa kizwi cyane ari cyo "*Ukwibyara*" cyatuwe Mutara II Rwogera. Muri iki gisigo harimo imikarago igaragaza Gisanura uwo ari we n'ibikorwa bye:

*"Gisanura*
*Na we musenge musagurire*
*Muhe urubanza mureke abanze*
*Nabanze*
*Nyamuganza*
*Umwami w'i Muganza*
*Rugabisha-birenge*
*Maboko atanga atagabanya*
*Bwanza-buke, Bwoba-buke*
*Burega bwa Mutima*
*Yari atuye imbere ya Mwumba*[127]
*Cyubahiro amahanga yamutinyiye ubugabo*
*Ubwo akangiye icyanya,*
*Cyanwa*[128] *agize icyaha*
*Inkoni zimwasa agahanga".*

---

127 *Mwumba ni yo Mwurire cyangwa se Mutakara*
128 *Ntare wugwa ni Ntare III Kivimira.*

Gisanura yatangiye i Kiganda mu Bumbogo azize igisebe cy'umufunzo yari yararwaye ku kaguru. Yatabarijwe i Remera y'Abaforongo, ubu ni mu Karere ka Rurindo, ahatabarizwaga abami b'izina rya Mibambwe. Indamutsa ye yari Cyezaburanga.

Aho Gisanura yari atuye ni haruguru y'umuhanda wa kaburimbo Ruhango-Nyanza, hateganye n'Urutare rwa Kamegeri. Ibigabiro byahoze ahari urugo rwe byatemwe igihe cya Repubulika ya Mbere, kuri ubu hasigaye bibiri gusa biri kuri uwo muhanda imbere y'ahubatse ibiro by'Umurenge wa Kigoma. Ni agasozi keza dore ko iyo uhagaze ahari urugo rwe uba witegeye igice kinini cy'u Rwanda. Uhari aba areba Nyamagana munsi ye; Karongi hakurya, yitegeye Nyanza n'Amayaga, Umusozi wa Kigali na Shyara mu Bugesera.

### 4.27. Urutare rwa Kamegeri

Urutare rwa Kamegeri ruherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Ruhango, Umurenge wa Ruhango, Akagari ka Rwoga, Umudugudu wa Kabambati. Ni urutare ruri mu nkengero z'umujyi wa Ruhango ku muhanda mugari Ruhango-Nyanza, hakaba harahoze ari mu Nduga.



*Urutare rwa Kamegeri*

Uru rutare rwibutsa amateka y'umutware Kamegeri wabayeho ku ngoma y'Umwami Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura na we wari utuye hafi yarwo ku musozi wa Mutakara (reba inkuru ivuga kwa Mibambwe II Gisanura ku rupapuro rwa...). Kamegeri uwo yatwikiwe kuri uru rutare nyuma yo gutanga igitekerezo cyuje ubugome ku gihano cyari guhabwa abagomeye umwami.

Umwami Gisanura, Abanyarwanda bitaga *Rugabishabirenge* kubera ubugwaneza bwe, yateranyije abatware n'ibyegera bye ababaza igihano gikwiriye abagome bari bamugomeye ariko atifuje kubabwira abo ari bo.[129] Umwami yarabumvise bose, ariko atungurwa cyane n'ibisubizo yahawe n'abatware be Kamegeri na Mikoranya. Bidateye kabiri, abo batware bombi na bo bakoze ibyaha umwami abahanisha bya bihano bari bamugiriyemo inama guhanisha abamugomeye.

Kamegeri yari yasabye Umwami Gisanura ko yatwikira abagome kuri urwo rutare. Ubwo yavugaga ko yarucanira, rwamara gutukura bagashyiraho abo bagome. Igihe Kamegeri na we aguye mu cyaha rero, Gisanura yasabye ko bashaka inkwi nyinshi, bagacanira rwa rutare. Rumaze gutukura baramufashe barumutwikiraho nk'uko mbere yari yabyifurije abandi. Kuva ubwo urwo rutare ruramwitirirwa.

Igihano cyahawe umutware Mikoranya na cyo kiratangaje. Bashinze igiti cy'umusave hanze y'inzu, bafata Mikoranya bamubohera amaboko imugongo bakoresheje imirya ku buryo inkokora zombi zikoranaho. Bafata umugozi muremure bamuhambira amaboko, bawunyuza mu gisenge cy'inzu bawuhambira kuri cya giti cy'umushibuka bashinze hanze. Barekuye wa mushibuka, Mikoranya aratumbagira yicwa no gukubita umutwe mu gisenge cy'inzu.

Mu mateka y'u Rwanda hari abandi bagiye bahabwa ibihano nk'icyahawe umutware Kamegeri. Ku ngoma ya Kigeri III Ndabarasa, umwiru mukuru w'i Ndorwa witwaga Rwakomba yatwikiwe ku Rutare rwa Ngarama kuko yari yanze kwerekana aho Murorwa, ingoma ngabe y'Abashambo, yari ihishe. Abagore ba Yuhi III Mazimpaka, Kiranga na Cyihunde, bene Kagoro, na bo batwikiwe ku rutare mu Bitare bya Mashyiga (reba inkuru ku Bitare bya Mashyiga ku rupapuro rwa...).

129 *Hari abakeka ko aba bagome baba ari abasore bari bateye inda abakobwa b'ibwami (Ikiganiro na Munyaruhara Léonard, Ruhango, tariki ya 14/05/2017).*

Igihe cy'iyubakwa ry'umuhanda wa kaburimbo Kigali-Akanyaru kuri Repuburika ya Kabiri, Urutare rwa Kamegeri rwarangijwe bikomeye. Igice cy'urutare cyahasigaye gifite ubugari bwa metero 80, n'uburebure bwa metero 150. Mu nkengero z'uru rutare hari ibikorwa by'ubuhinzi bw'imbuto zitandukanye. Kuva mu wa 2014 Akarere ka Ruhango katangiye ibikorwa byo kuhabungabunga kugira ngo ba mukerarugendo bahasure.

### 4.28. Ibisi bya Nyamagabe

Ibisi bya Nyamagabe ni uruhererekane rw'imisozi miremire kandi ihanamye. Hambere iyi misozi yari izwiho kuba indiri y'impyisi, imihari, ndetse abahigi bakundaga no kuhavumbura inkwavu, dore ko n'ubu hakiri ishyamba rikomeye. Uru ruhererekane rw'imisozi ruhera mu Karere ka Huye ahazwi nko mu Bisi bya Huye, rwagera mu Karere ka Nyamagabe rukitwa Ibisi bya Nyamagabe. Ibi bisi bikomereza mu ishyamba rya Nyungwe. Umwe mu misozi izwi cyane muri ibyo bisi ni Kanyamagabe binavugwa ko ari wo wakomotseho izina rya Nyamagabe ryahawe Akarere kose. Uwo musozi uherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Nyamagabe, Umurenge wa Kamegeri, Akagari ka Bwama, Umudugudu wa Gitwa, ahahoze ari mu Bufundu bwegera u Bunyambiriri.

Hari n'abita uwo musozi Bwama, "*Bwama bwama inka n'abana*". Kwama biva mu Kinyarwanda cya kera kitagikoreshwa cyane, bigasobanura kwera.[130]Kuhita Nyamagabe byatangiye kubera umutware witwaga Rutaba wahacumbitse. Icyo gihe uyu musozi wari utuwe n'abo mu muryango w'Abatuyu, uyu mutware aba ari wo acumbikamo. Rutaba uwo rero ngo akaba umuntu mwiza cyane, ahageze baramuyoboka, baramutura, na we arishima arabagabira. Akenshi mu kubagabira byababaga bitewe na ya maturo yabonye akanywa akanezerwa akagabira n'abatamuhatsweho, ubwo ni ko kuhita Kanyamagabe.

*83. Ibisi bya Nyamagabe*

Kuri uyu musozi wa Kanyamagabe hari urusisiro ruzwi nko mu Ikamiro, izina ryaje igihe cy'ubukoroni. Kuva kera aka gace k'u Bufundu kari kazwiho ubworozi bw'inka buteye imbere, ndetse n'ubu buracyahakorerwa. Abakoroni bayoboraga aka gace bari barategetse abanyabufundu kujya babakamira amata. Amata aturutse mu ngo zegereye aha yakusanyirizwaga aho ku Kanyamagabe, agashyirwa mu bicuba bya kizungu bitaga Rutare, nibwo ako gace k'umusozi kiswe mu Ikamiro. Kuri ubu uyu musozi uhingwaho kawa nyinshi.

Mu batware ba nyuma bategetse aho mu Bufundu twavuga nka Semugeshi waje gusimburwa na Rutaremara; Rutaremara na we asimburwa na Zimurinda wakuweho mu gihe cy'ishingwa ry'amakomini muri za 1960. Habanje kuba muri Komini Gikongoro, bukeye iba Komini Kirehe, ndetse iza no kuba Komini Nyamagabe.

130 *Ikiganiro na Mukashyaka Cathérine, Nyamagabe, tariki ya 16/05/2017.*

### 4.29. Mu Twicarabami twa Nyaruteja

I Nyaruteja ni mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Gisagara, Umurenge wa Nyanza, Akagari ka Higiro, Umudugudu w'Akabakene, ahahoze ari mu Mvejuru. Izina rya Nyaruteja ni izina ryatanzwe n'Umwami Mutara I Semugeshi ku buryo bw'umutsindo ugamije kwigarurira u Burundi. Abami b'u Rwanda bakundaga kwita uduce tumwe na tumwe two ku nkiko amazina asanzwe mu Gihugu mu rwego rw'imitsindo. Nyaruteja yari isanzwe ari iteme riri kuri Nyabarongo, rigahuza Kigali na Nduga. Icyo gihe Semugeshi yerekanaga ko azambukira i Nyaruteja akigarurira u Burundi nk'uko Abanyarwanda bambukiye kuri Nyaruteja yindi bakigarurira i Nduga.

Ku Ngoma ya Mutara I Semugeshi ni ho habaye imimaro igamije guhosha amakimbirane hagati y'u Rwanda n'u Burundi. Igihe u Rwanda rwigaruriraga u Bungwe ku ngoma ya Ruganzu II Ndori, rwahise rugera ku marembo y'u Burundi bwatwarwaga na Mutaga II Nyamubi. Ibihugu byombi byahaniraga urubibi aho i Nyaruteja ku ruhande rw'u Rwanda, cyangwa se i Ngozi ku ruhande rw'u Burundi.

Kuva ubwo hagati y'u Rwanda n'u Burundi, habaye intambara zidashira. Izi ntambara zashoboraga kuba bugacya zongeye, ahanini ugasanga zarabaga zigamije kwirata ubutwari, buri ruhande rudashaka kwemera ko abandi babarusha imbaraga. Ibi bitero ariko akenshi byakurikirwaga no kunyaga; ari ukunyaga ubutaka cyangwa amatungo ku ruhande rwabaga rwatsinze. Izi ntambara z'urudaca zaje kurambirana, bigera aho umwami w'u Rwanda ndetse n'umwami w'u Burundi biyemeza guhurira aho i Nyaruteja, bagirana imimaro (amasezerano), biyemeza kutazongera guterana ukundi.

Mu bindi byatumye haba iyi mimaro, ni uko umwami w'u Rwanda Mutara I Semugeshi yifuzaga kumenya birambuye iby'inzira y'ishora yagaragaraga mu bwiru bw'Abarundi. Mu gutegura uko Semugeshi yazahura n'umwami w'u Burundi Mutaga II Nyamubi, intumwa z'impande zombi zabanje kugendererana. Nyuma abami bombi bahurira i Nyaruteja, bagirana imimaro, kuva ubwo hitwa mu Twicarabami twa Nyaruteja.

Mutara I Semugeshi na Mutaga II Nyamubi baranywanye ndetse bemeranywa ko u Rwanda n'u Burundi bitazongera gushotorana. Iyi mimaro kandi yasobanuraga ko niba u Rwanda ruteye ikindi gihugu, u Burundi budashobora kuba bwatabara icyo gihugu cyatewe. Ibi akaba ari na ko byagombaga kuba mu gihe u Burundi buteye ikindi gihugu. Ibi byari bihereye ku buryo Ruganzu II Ndori yari yaratabaye u Bugesera, bigatuma u Burundi butabasha kubwigarurira. Nyuma y'iyi mimaro, u Burundi bwateye u Bugesera burabwigarurira.

Muri iyi mimaro, u Rwanda na rwo rwungukiyemo inzira nshya y'ubwiru ari yo nzira y'ishora Umwami Semugeshi yifuzaga kumenya cyane. Umwami w'u Burundi yohereje uw'u Rwanda umwiru witwa Nyamwonda mwene Burenge kugira ngo yigishe abiru b'Abanyarwanda ibijyanye n'inzira y'ishora, ndetse anategure bwa mbere imihango igendana na yo. Abiru b'Abanyarwanda bamaze gutora ibijyanye n'ubu bwiru, ndetse n'ubwiru bumaze gutunganywa neza ngo bujyane n'iby'u Rwanda nko gusimbuza amazina y'udusozi tw'i Burundi amazina yo mu Rwanda, ubwo nibwo imihango yatangiye.

Hafukuwe amariba mu kibaya cya Nyabarongo ahitwa mu Mutobo, ibi birangiye Nyamwonda ayobora imihango yo kwimurira umurwa w'umwami ahitwa i Mwaka (Mushubati). Muri uyu muhango wa mbere w'inzira y'ishora mu Rwanda, umwami w'u Rwanda yahawe izina rishya ry'ubwami, yitwa Bicuba: Bicuba I Semugeshi, dore ko yari yimye yitwa Nsoro II Semugeshi. Icyari kigambiriwe aha kikaba cyumvikana: izina ryiza ku mwami ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'inka.

Nyamwonda ariko ntiyahiriwe n'uwo muhango yayoboye. Nyuma y'iyi mihango y'ubwiru, ijisho rimwe ry'Umwami Semugeshi ryatangiye kubyimba bikabije. Ubwo burwayi bwafashwe nk'ingaruka z'iyo mihango yari iherutse gukorwa. Ibwami bohereje intumwa i Burundi ku mwami Mutaga II kugaragaza impungege z'u Rwanda. Umwami w'u Rwanda yashinjaga uw'u Burundi kuba yaramubeshye akamuha ubwiru butari bwo kandi baranywanye. Mu kumusubiza, umwami w'i Burundi yohereje uw'u Rwanda undi mwiru witwa Kiniga cya Rumanura. Uyu ageze mu Rwanda yabajije uko imihango ya mbere yari yarateguwe, avuga ko bitateguwe uko bigomba, ahitamo gutangiza bushya uwo muhango.

Mu gutangiza iyo mihango yategetse ko umwami w'u Rwanda yimukira ahitwa i Nyundo ya Bunyogombe (Kamonyi). Asaba ko ingoma ngabe zasanwa; mu ijoro asaba ko bavoma rwihishwa amazi y'iriba rya Rwezangoro mu ishyamba rya Muhima mu nkengero z'umusozi wa Nyarugenge. Ibi ariko na Nyamwonda akaba yari yarabikoze. Amazi ya Rwezangoro yasutswe mu iriba rya Kabyaza iburasirazuba bwa Nyabarongo, mu nkengero z'umusozi wa Nyamweru. Aha ni ho habereye imihango ikomeye, nyuma yayo umwami ajya gutura i Musumba (Muhanga). Muri iyo mihango yabereye i Nyamweru, Umwami w'u Rwanda yahinduriwe izina, Bicuba I rihindurwa Mutara I, bityo aba Mutara I Semugeshi. Izina rye rifitanye isano cyane n'akarere k'Umutara icyo gihe kari kataraba u Rwanda, ariko kazwiho ubworozi bukomeye.

Ntabwo uruhererekane nyemvugo rutubwira iherezo rya Nyamwonda, ariko Kiniga we ntiyabaye agisubiye i Burundi, kuko Semugeshi yamukunze cyane, amugabira gutegeka umusozi wa Gikoro hafi y'i Mara (Rusatira). Aha yahagiriye umuryango mugari, umwe mu bahungu be witwaga Nkuna ni we wakomotseho abitwa Abakuna bari bashinzwe kurinda imyeko (*ceintures*) yakoreshejwe n'abagabekazi!

Ibitero bya Ntare II Kivimira w'u Burundi ariko byatumye imimaro igenda irengwaho ku ngoma zakurikiye. Ku ngoma ya Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura uyu mwami w'u Burundi, aherekejwe n'ingabo nke, yambutse umupaka, asanga hari inka z'ibwami ziragiwe n'uwitwa Rugaju. Uyu mushumba wari usanzwe azi ko ibihugu byombi bibanye neza, ntiyashidikanyije kumumurikira inka aho zari ziri ku ibuga. Mu buryo butunguranye, Ntare III yategetse ingabo zari zimuherekeje kunyaga iryo shyo. Rugaju abonye ko nta bundi buryo asigaranye bwo kubuza umwami w'u Burundi kunyaga izo nka, yahisemo kumukubita n'imbaraga ze zose inkoni yari aragije, ku buryo Kivimira yahise yikubita hasi ata ubwenge. Mu gihe ingabo z'Abarundi zari zihugiye kureba uko umwami wazo abaye, Rugaju n'abashumba bari kumwe bahise bacikana izo nka bari baragiye.

Ku ngoma ya Yuhi III Mazimpaka, umwami w'u Burundi Ntare III Kivimira yateye u Bugesera, umwami wabwo Nsoro III Nyabarega ahungira mu Rwanda. Uyu yagerageje uburyo bwose yahura na Yuhi III Mazimpaka ngo amusabe ubufasha mu kurwanya u Burundi, ariko Mazimpaka arabyanga kubera imimaro u Rwanda rwari rwaragiranye n'u Burundi. Nyuma Nsoro yahungiye i Ndorwa (Reba inkuru ku Bitare bya Mashyiga ku rupapuro rwa…).

Ku ngoma ya Mazimpaka ikindi gitero cya Kivimira cyageze hafi y'u Bwishaza ahitwa i Mpembe, kihanyaga inka z'umwami zaharagirwaga. Muri zo harimo inka y'igitare yitwaga *Gitare cy'i Mpembe* Mazimpaka yakundaga cyane. Mu kwishimira igitero cye, Ntare III yanyoye amata ya Gitare. Nyuma yaho yaje kuberana ndetse aratanga, bivugwa ko byaba byaraturutse ku mata ya Gitare yanyoye. Itanga rya Ntare III Kivimira ryatumye u Rwanda rubasha gutekana no guhumeka.

Ntare III Kivimira yasimbuwe na Mwezi III Kavuyimbo wasimbuwe na Mutaga III Sebitungwa. Gushotorana hagati y'u Rwanda n'u Burundi byongera gukaza umurego, kugeza ubwo Cyirima II Rujugira afashe umwanzuro wo gushinga urugerero ruhoraho ku nkiko z'u Burundi.

Ku ngoma ya Rujugira hari abacengeri b'u Rwanda baguye mu Burundi n'ab'u Burundi bagwa mu Rwanda. Muri bo twavuga umwana w'umwami Gihana watwaraga Abarima waguye mu Burundi. Naho ku ruhande rw'u Burundi umwami Mutaga III byakekwaga ko yazize amata ya Gitare, nyuma byagaragaye ko yari umucengeri (Kagame: 1972).

Urupfu rwa Gihana n'itanga rya Mutaga III ntibyacubije imibanire mibi y'ibihugu byombi. Igisigo "*Iminsi myiza irasa*" cya Bagorozi ba Nzabonariba yatuye Cyirima II Rujugira, kitumenyesha ko nyuma ya Mutaga III, Mwambutsa III Mbonuburundi yimye ingoma akiri muto cyane. Mu rwimo rw'uyu mwami, u Burundi bwatumye ku Rwanda intumwa nyinshi hagamijwe gushakisha uko imimaro ya mbere yakongera igahabwa agaciro, ariko u Rwanda rurabyanga kubera agahinda k'urupfu rwa Gihana nk'uko Bagorozi abivuga mu gisigo cye "*Riratukuye ishyembe icumita ibindi bihugu*" (Kagame 1972:144).

Buri gihe iyo i Rwanda himaga umwami mushya, Abarundi bagabaga igitero mu Rwanda batagamije kurwigarurira ahubwo ari ibyo bitaga "*gucanira abana b'umwami*" nk'uko byateganywaga mu nzira z'ubwiru bwabo. Icyo gihe ingabo z'u Burundi zambukaga urubibi, zigatwika ingo ziri hafi aho, zigasubira inyuma. Abanyarwanda na bo bari barabyemeye, dore ko batakumiraga ibyo bitero. Ku ngoma ya Yuhi

IV Gahindiro, u Burundi bwagabye igitero nk'icyo gihitana Ruyenzi, umuhungu w'igikomangoma Semugaza, ku kagambane ka Rugaju rwa Mutimbo.

Umwami Yuhi IV Gahindiro yari yararemye umutwe w'ingabo zitwa Abashakamba, awushyira ku rugerero i Nyaruteja hafi y'Akanyaru. Uru rugerero mu bisanzwe rwari rugenewe umutwe ukiremwa ibwami. Hakurya y'Akanyaru, Umwami Ntare IV Rugamba ashyira umutwe we bwite wamurindaga witwa Inzobe ahitwa Kamigara. Iyi mitwe yashyamiranye inshuro nyinshi ariko nta numwe ubasha gutsimbura undi, Akanyaru gakomeza kuba urubibi kamere hagati y'u Rwanda n'u Burundi.

Ibi ni na ko byari bimeze ku rundi ruhande rwari rurinzwe n'umutwe witwa Nyaruguru wategekwaga n'umutware Nyarwaya-Nyamutezi wa Mbyayingabo. Nyarwaya-Nyamutezi ngo yari indwanyi cyane ku buryo yari yaracubije ibitero by'Abarundi muri aka gace, ndetse yabashije no kwigarurira bimwe mu bice by'igihugu cyabo byahoze bibarizwa mu Buyenzi nka Kivu na Nshiri.

Ibintu byaje guhinduka ariko ubwo Gahindiro yagabaga igitero ku Burundi kiyobowe n'umutoni we Rugaju rwa Mutimbo, ari kumwe n'abandi batware benshi bari bakomeye mu Rwanda. Ni igitero cyiswe *Igitero cyo ku Muharuro*. Iki gitero nticyahiriye u Rwanda, dore ko cyaguyemo ingabo nyinshi; imitwe y'Abashakamba, Uruyange n'Abakemba ni yo yonyine yabashije gutahuka amahoro. Nyarwaya-Nyamutezi na we wari mu iki gitero yatahukanye n'ingabo eshatu gusa mu zo yari yatabaranye.

Gahindiro ariko ntiyacitse intege, ahubwo yagabye igitero cya kabiri kigamije guhorera abari baguye mu gitero cya mbere. Iki na cyo nticyahiriye u Rwanda, ndetse n'abenshi mu Bakemba barahagwa, harimo n'umutware wabo Kabaka ka Kavotwa ka Sharangabo ya Cyirima II Rujugira wavuze ko atakongera guhunga ngo ahinguke imbere ya Gahindiro; ngo ejo atamufata nk'ikigwari buri gihe guhunga abandi bashiriye ku rugamba.

Mu rwimo rw'Umwami Mutara II Rwogera, u Burundi buyobowe na Ntare IV Rugamba bwagabye igitero gikomeye ku Rwanda, gitandukanye na birya bitero twavuze ruguru byaterwaga buri gihe ku rwimo rw'umwami mushya mu Rwanda. Igihe mu Rwanda bari bahugiye mu kunamira Yuhi IV Gahindiro wari umaze gutanga, - icyunamo mu bisanzwe cyagombaga kumara amezi ane - ingabo z'u Burundi zo zarohaga urufunzo mu kibaya cy'Akanyaru, zitegura kwambuka zigatera u Rwanda. Abarundi bari barahanye ikimenyetso ko bagomba gutera u Rwanda ku kwezi kw'inzora. Iyo myiteguro ariko yaje gutahurwa n'umutasi w'u Rwanda witwaga Ruhiso, ahita abimenyesha ibwami. Ruhiso uyu yari yaratangaje ibitero nk'ibi inshuro nyinshi ku ngoma zabanje ariko ntibyaba. Ibi byatumye ibwami bamuseka cyane, ntihagira n'umwe uha agaciro ibyo yababwiraga. Ruhiso abonye ko ubutasi bwe budahawe agaciro, yafashwe n'ikiniga, amarira arisuka. Umugabekazi Nyiramavugo II Nyiramongi wategekaga u Rwanda kuko umuhungu we yari akiri muto (hagati y'imyaka irindwi na 12) abonye ayo marira yahise atumaho abatware b'ingabo zari ku nkiko agira ati: "*Umutasi wanjye yagiye atanga amakuru atari yo mu bihe byashize; ariko ntiyasukaga amarira! Kuri iyi nshuro mwitegure mu gihe koko haba igitero*" (Kagame 1972: 191-193).

Igitero koko cyaje kugabwa nk'uko Ruhiso yari yabitangaje. Abarundi bambuka Akanyaru mu ijoro ari benshi, bagerageza kudasakuza ngo ingabo z'u Rwanda zitabikanga. Icyo gihe urugo rw'umwami rwari ku Mukingo hafi ya Gatagara. Iki gitero cyari gifite intego yo kwigarurira uru rugo rwa Rwogera, bityo bagakoza isoni Abanyarwanda. Iby'igitero cyo ku Muharuro byari byaratumye Ntare IV Rugamba yibwira ko ashobora kuvogera u Rwanda uko yiboneye. Iki gitero cy'Abarundi ariko cyagaragaje ko impande zombi zanganyaga imbaraga, ko nta ruhande rwashoboraga kwibeshya ko rwatera urundi rukaba rwakwigarurira igice kinini cyarwo, ko ahubwo icyashobokaga ari udutero shuma ku nkiko z'ibihugu byombi.

Ingabo z'u Rwanda zari ku nkiko zamenye mu rukerera ko iz'u Burundi zaraye zambutse, kandi ko zerekeje ku Mukingo. Zahise zibakurikira, ariko uko umunsi ucya ni ko n'ingabo z'Abarundi zahuraga n'abazikoma mu nkokora mu rugendo rwazo. Zigeze ahitwa Gikoro na Buhimba (Rusatira), nibwo zasakiranye n'ingabo zari ziturutse ibwami. Abarundi bakwiye imishwaro, abagerageje guhunga basubira i Burundi bagasakirana n'ingabo z'Abanyarwanda zari ziturutse ku nkiko zije zibakurikiye. Baragoswe, bacikamo igikuba gikomeye,

ku buryo nta n'umwe wabashije gusubira i Burundi mu ngabo zari zagabye icyo gitero.

Umugabekazi yari yasabye abagaba b'ingabo zari ku nkiko guhora biteguye, ariko uwitwa Nyarwaya-Nyamutezi ni we wari wabihaye agaciro, aho abatasi be bahoraga bakurikirana amakuru ngo bamenye igihe bazatererwa. Igitero cyahingukiye iwe cyari kiyobowe n'umurundi witwa Makungu ya Sebihuzenge. Iki na cyo kitwikiriye ijoro ariko gihita gikumirwa, bityo imirwano ibera ku nkiko z'u Burundi. Iki gitero cyiswe "*Rwagetana*" biva ku nshinga kugeta = gukata. Ingabo zari ziturutse ibwami zitabaye zahuye n'abiruka bahunga, zirabahagarika zibabaza aho ingabo z'abarundi zigeze n'uko basize urugamba. Aba rero bakaba barimo igishegu (imandwa) kibasubiza mu mvugo yacyo kigira kiti "*dusize rwagetana*" bisobanuye ko basize bicana. Iryo jambo rwagetana ryaje gukwirakwira hose, riba izina ry'icyo gitero.

Igitero cya Rwagetana cyagabwe iminsi mike cyane nyuma y'ubukwe bw'umukobwa wa Ntare IV Rugamba. Umugabo w'uwo mukobwa yari mu bagabye iki gitero aza no kukigwamo ari na byo byateye umugore we kurira ubudahozwa. Igisigo "*Mpoze abarira*" cy'umusizi w'Umurundi Mitari cyumvikanisha ko yanagerageje kwiyahura; kandi ko n'uwo musizi yaburiye umuhungu we muri icyo gitero, ndetse ko igihugu cyose cyari cyacitse umugongo.

Kigeri IV Rwabugiri na Mwezi IV Gisabo bavuguruye imimaro, basezerana kudashotorana. Igihe Rwabugiri yari i Ngeri ku nkiko n'u Burundi – ubu ni muri Nyaruguru - ahatwarwaga n'umuhungu we Muhigirwa, yashatse kongera kuvugurura imimaro. Atuma kuri Mwezi uwitwa Bigwabishinze bya Migaruka. Mbere yaho ariko na Mwezi yari yaragiye yohereza intumwa kuri Rwabugiri muri urwo rwego. Bigwabishinze ariko yanze ubwo butumwa buhabwa uwitwa Rubega wa Ruziga.

Rubega ageze i Bucyeye kwa Mwezi Gisabo, umwami ntiyahereyeko amwakira amara amezi atatu ategereje. Nyuma yaje kwakirwa, ndetse amubwira ko Rwabugiri yifuzaga ko yanamwohererereza abasizi b'i Burundi kuko yifuzaga kumva imihimbire yabo. Rubega akubutse i Burundi, Bigwabishinze yahise atangwa aricwa, ibye byose bigabirwa Rubega. Abasizi b'i Burundi bageze i Ngeri batangiye kwigisha ab'u Rwanda ibisigo by'i Burundi, ariko bakitwararika gukuramo imikarago ituka u Rwanda!

Igihe cyumvikanyweho kigeze, Rwabugiri yohereje abatware benshi b'ingabo, bahurira n'Abaganwa baturutse i Burundi ahitwa Ryagisegenya. Ku mpande zombi bari bitwaje inzoga z'ubuki ndetse n'ibimasa by'imbagwa, ingabo zirahura zirasabana, biyemeza ko nta ntambara zizongera kuba hagati y'u Rwanda n'u Burundi. Iki gihe imimaro ntiyemejwe n'abami bombi, ahubwo yemejwe n'ababahagarariye. Nyuma y'aya masezerano, Abarundi benshi cyane bahururiye i Ngeri bazanywe no kwihera amaso uwo mwami w'igihangange bumvaga wari waratitije amahanga yose muri aka karere. Bazaga baririmba, Rwabugiri na we akabiyereka ku mugaragaro ku karubanda nta cyo yishisha. Umwami yabakirizaga inyama n'inzoga, ndetse abanyacyubahiro muri bo akabagabira inka batahana. Kugira ngo izo nka ziboneke, akenshi byababaga ngombwa ko Rwabugiri abanza kunyaga abatware be batwaraga hafi ya Ngeri (Kagame 1975:75).

Ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa na Mwambutsa IV Bangirincenge Rubangishamiheto hongeye kuba amasezerano agamije gufungura amarembo ku mpande z'ibihugu byombi. Aba bami bombi bahuriye i Nyaruteja, ndetse banatera ibiti bibiri by'inturusu n'ubu bigihari ku mupaka witwa *Akanyaru – Bas*. Aho Mutara II Semugeshi na Mutaga II Nyamubi bo bahuriye ubu hari urusisiro rw'amazu y'ubucuruzi, ibiti by'imiko byahahoze bikaba byararimbuwe igihe urwo rusisiro rwubakwaga mu ntangiriro y'imyaka ya 1960.

*84. Kimwe mu biti by'inturusu byatewe n'Umwami Mutara III Rudahigwa n'Umwami Mwambutsa IV Bangirincenge Rubangishamiheto ku mupaka w'u Rwanda n'u Burundi (Kanyaru Bas).*

## 4.30. Mu Butansinda bwa Kigoma na Muyange

Kigoma na Muyange ni udusozi duherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Nyanza, Umurenge wa Kigoma, Akagari ka Butansinda, Umudugudu wa Butansinda; ahahoze ari mu Busanza bwa Ruguru. Aha ni ho Ibisumizi by'Umwami Ruganzu II Ndori, ubwo byari bivuye i Butangampundu gutabariza umugogo we (Reba ibyanditswe kuri Butangampundu muri iki gitabo ku rupapuro rwa...), byarasaniye kugeza bishize, byigana umunyanzoga we witwaga Rusenge. Uyu Rusenge yari amaze kwiyahura nyuma y'itanga rya shebuja, Umwami Ruganzu II Ndori.



*Umusozi wa Kigoma*

Mu Bisumizi harimo abazwi cyane nka Muvunyi wa Karema ngo Karemajwe n'ibyuma – basingizaga Ishyogo rya Karema Sebitana, Mugabo utuma zijya mu itorero wa Rwitega – wo mu muryango w'Abatandura, n'umugaragu we Kamara wanakomotseho imvugo igira iti: "*Si we Kamara*". Harimo kandi na Rucinya "ruciye bugufi", Mpande ya Rusange, ndetse na Senyabyambu. Ruganzu II Ndori rero yaje kugwa mu gitero yagabye ahitwa mu Musaho wa Rubengera mu Bwishaza, yicwa na Bitibibisi (reba inkuru kuri Nteko ivuga ku itanga rya Ruganzu ku rupapuro rwa…).

Ruganzu amaze gutanga, Ibisumizi byahetse umugogo we biwujyana aho yari atuye ku Mwugariro – ubu ni mu Karere ka Nyamagabe. Bagendaga babwira rubanda ko umwami aberanye (arwaye); ntibavuge ko yatanze. Bageze ku Mwugariro bahasanze umunyanzoga wa Ruganzu witwaga Rusenge, na we bamubwira ko shebuja aberanye. Rusenge abaha inzoga baranywa, bamaze gusinda havamo umwe mu Bisumizi, abwira Rusenge ko Ruganzu yatanze.

Rusenge yumvise ko shebuja yatanze, agwa mu kantu biramubabaza cyane, yihina munsi y'urugo, ahari igiti cy'umuvumu, akimanikamo, arapfa. Ibisumizi bigumya kumutegereza biramubura. Bamwe bararyama abandi basigara barariye umugogo wa Ruganzu. Mu gitondo babona Rusenge aho yimanitse, barumirwa! Bahera ko baremererwa – bikorera – umugogo wa Ruganzu bawujyana i Butangampundu, barawutabariza – barawushyingura. Bamaze kuwutabariza bashyira nzira, bataha ku Ruyenzi. Mu gitondo basubukura urugendo, bataha mu Ruhango rwa Mutakara na Nyamagana; bahava bukeye ku gasusuruko. Ubwo bajyaga mu rugo rwa Ruganzu rwari i Ruhashya na Mara, mu Busanza. Bageze mu Butansinda bwa Kigoma na Muyange bahura n'ingemu kwa Ruganzu babohereje. Baricara baranywa, bamaze gusinda havamo umwe ati: "*Kandi ba sha, burya Rusenge aturusha ubugabo*"! Abandi bati: "*Kuki*"? Ati: "*Kuko twabyirukanye na Ruganzu tukiri bato, akaduhaka, akaduha inka n'imisozi tugakira, none uwo yahaye inzoga akaba ari we wamwiyahuriye tugasigara!*" Ubwo bose batera hejuru bati: "*Koko Rusenge aturusha ubugabo*"!

Nuko bajya inama y'uko babigenza. Bati: "*Nimwicemo amatsinda abiri, rimwe rihagarare hakurya hariya i Kigoma, irindi rigume hano i Muyange, maze tujye duhurira muri iki gikombe turwane twicane dushire*". Ibisumizi binoza inama, banywa za nzoga hutihuti, zimaze gushira barambara, bararwana. Bageza hagati bagahagarara, itsinda rimaze gucogora rikivanga n'irisigayemo benshi; bakongera bakitoranyamo amatsinda abiri bakarwana, bityo bityo. Ku ndunduro, abarimo Muvunyi n'umugaragu we Kamara bamara ikindi gice gisigaye. Bongera kwicamo ibice bibiri, birongera biba kwa kundi. Noneho hasigara Muvunyi na Kamara bombi gusa. Muvunyi abwira Kamara, ati: "*Ubu ngiye kwiyahura maze unsonge, nurangiza utahe ujye kutubika*"! Ubwo Muvunyi wa Karema ariyahura. Kamara abonye shebuja yiyahuye amaze no kumusonga, yanga kugenda asize intumbi za ba shebuja zandagaye aho, asanga byaba birimo ubugwari. Nibwo yakoranyije imirambo yose ayihamba

mu myobo y'inyaga yari aho, amaze kuyihamba na we ariyahura, ariko abanza gusaba umwe mu batwa b'insigarizi kumusonga. Uwo mutwa na we amaze gusonga Kamara, yariyahuye, ibisumizi bishira bityo! Ruganzu yabitswe n'abindorerezi baje bagemuye (Murihano 1980: 79).

Kagame (1962: 54) we ariko yongeraho ko Ibisumizi byaba byarabanje gutekereza gutera u Bugesera maze byose bikagwa muri icyo gitero. Nyuma ngo byaje gusanga gufata urugendo berekeza iy'u Bugesera kwaba ari ukwiruhiriza ubusa, bihitamo kurwanira aho mu Butansinda.

Kugeza mu myaka ya vuba aha cyane, Butansinda yari izwiho kuba indiri y'impyisi zari zarayogoje abahaturiye. Abasheshe akanguhe twaganiriye bo muri ako gace bavuga ko izo mpyisi zakomokaga ku mpyisi za mbere zaje zikurikiranye kurya imirambo y'ibyo Bisumizi. Dore uko Ngirimandwa Félicien yabitwiganiye: "*Ubundi bahitaga 'mu Butansinda bw'Impyisi' kubera ko habaga impyisi nyinshi cyane. Umwami Rudahigwa ni we waziciye azihiga. Mu kuzihiga bakoreshaga imiti basigaga ku nyama z'ihene, impyisi yose iziriyeho igapfa*".[131]

Iyi nkuru y'Ibisumizi yakomotseho insigamigani nyinshi, nk'iyitwa "*Si umugabo ni Bitibibisi*"; "*Si we Kamara*"; "*Nta Mutware uba Kabeba*"; "*Ntibakimucira akari urutega*", n'izindi (Murihano 1980, 1987).

Ibisumizi ni wo mutwe w'ingabo uvugwa cyane mu ruhererekane nyemvugo mu Rwanda. Uyu mutwe w'ingabo wari warashinzwe na Ruganzu II Ndori akaba ari na wo wamufashije cyane kongera kubundura u Rwanda ndetse no kurwagura rukaruta uko se Ndahiro II Cyamatare yari yararusize rungana. Mu buyobozi bw'uyu mutwe w'Ibisumizi, Ruganzu II Ndori yari yungirijwe na Muvunyi wa Karema[132] wo mu muryango w'Abaturagara.

Uretse Ibisumizi ariko, Umwami Ruganzu II Ndori yari yararemye indi mitwe myinshi y'ingabo irimo Inganzurarugo, Udusambi, Imisambi, Insambuzi, Abadahunga, Abakonjabyuma ndetse n'Abaganda – igikomangoma Semugeshi cyari cyaratowe muri uyu mutwe w'Abaganda.

131 *Ikiganiro na Ngirimandwa Félicien, Butantsinda, tariki ya 14/05/2017.*
132 *Akenshi bavuga ngo ni Muvunyi wa Karema mu rwego rwo kumutandukanya n'abandi, dore ko mu Bisumizi harimo abandi ba Muvunyi batanu.*

Mu by'ukuri ariko uretse inkuru ibavugwaho twasubiyemo hejuru, Ibisumizi ntibyapfiriye gushira kuko ku ngoma ya Mutara I Semugeshi umutwe wabyo wategekwaga na Mpande ya Rusanga, bisobanura ko we atari yaraguye aho mu Butansinda. Ibi byari amahire ku mwami Semugeshi kuko Mpande ya Rusanga uwo na we yakomokaga mu muryango w'Abaturagara ari na wo wakomokagamo Muvunyi wa Karema.

Mpande ya Rusanga yari umwana watoraguwe. Mu gihe cy'inzara ikomeye nyina yari yaramutaye iruhande rw'imfizi y'ibwami yitwaga Rusanga, ari na ho yaje kubonwa mu gitondo. Izina rye rero ni inyunge isobanura inkomoko ye: Impande ya Rusanga. Uwo mwana yarerewe ibwami, ariko nyuma ababyeyi be barigaragaza, ari nabwo hamenyekanye ko akomoka mu Baturagara.

Uretse Ibisumizi, Mpande ya Rusanga yanatwaraga umutwe w'ingabo zitwaga Abaruhije na bo bari barashinzwe n'Umwami Ruganzu II Ndori, ndetse na Nyantango na wo washinzwe ku ngoma ye. Mpande ya Rusanga yaje kugirana ibibazo n'umugabekazi Nyiramavugo I Nyirakabogo bituma ahunga ibwami. Kubera amabanga y'ubwiru akomeye ngo yari abitse kuri Ruganzu II Ndori, byatumye ashakishwa agarurwa mu Gihugu.

Ibisumizi byongera kuvugwa cyane ku ngoma ya Kigeri IV Rwabugiri, aho uwo mutwe wayoborwaga na Rukangirashyamba rwa Kanyamahungu. Zimwe mu nshingano zihariye uyu mutwe wagiraga harimo kurinda imisezero ya Rutare kuva Umwami Mutara I Semugeshi yahatabarizwa; kandi Ibisumizi ni na byo byarindaga umugogo w'Umwami Cyirima II Rujugira ubwo wari i Gaseke mbere yo gutabarizwa (Kagame 1962: 56).

### 4.31. Ijuru rya Kamonyi

Ku Ijuru rya Kamonyi hari umurwa w'Umwami Yuhi III Mazimpaka. Ubu ni mu Mudugudu wa Juru, Akagari ka Nkingo, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, Intara y'Amajyepfo; ahahoze ari muri Rukoma. Mazimpaka ngo yari ahafite inzu ndende yitaga *umuturirwa*. Uwo mwami avugwaho kuba yari umusizi w'umuhanga, ndetse hari ibisigo bine bye bizwi. Kimwe muri byo ni "*Singikunda*

*ukundi*" avugamo umuhungu we Musigwa yakundaga cyane yari amaze kwica. Uretse ibisigo bye yihimbiye, aho ku Ijuru rya Kamonyi ni na ho yaturiwe igisigo na Mirama ya Rutwa cyitwa "*Umunsi yuhanya ajya ruguru*" (Kagame 1972: 129).

Yuhi III Mazimpaka yari azwiho kugira uburanga butagereranywa, bituma aba umwami wa mbere w'u Rwanda wabaye ikirangirire kubera uburanga bwe. Yari afite benese babiri b'impanga, Rubibi na Ruyange, na bo bavugwagaho kugira uburanga buhebuje. Umugabekazi Nyirayuhi III Nyamarembo abagirira ishyari; yifuzaga ko umuhungu we ari we wenyine wavugwaho uburanga. Nibwo asabye abagaragu be kureba uko bamukiza izo mpanga. Rubibi na Ruyange biciwe mu muhigo wari wateguwe ariko mu by'ukuri hagamijwe kuwubiciramo. Hashize igihe Mazimpaka yaje kumenya iby'ubwo bugambanyi, mu kwihorera yica Abakono benshi dore ko ari wo muryango nyina yakomokagamo.

Ubwo bwicanyi bugamije kwihorera bwamaze amezi arenga atatu umugabekazi yarabuze icyo yabikoraho. Nibwo ahishe umwana muto wo mu bakono iwe, atumaho umuhungu we, amwereka uwo mwana ngo wari uteye imbabazi. Umugabekazi yasabye Mazimpaka kugirira impuhwe icyo kibondo, kandi akunamura icumu mu Bakono. Aho kugira impuhwe, umwami yakuye inkota mu rwubati asogota uwo mwana mu maso ya nyina! Umugabekazi abonye ko nta cyo agishoboye ngo arengere abo mu muryango we, yahisemo kwiyahura yisogose inkota mu irugu. Cyakora itanga ry'umugabekazi ryatumye Mazimpaka yunamura icumu, n'Abakono bari barahungiye hirya no hino baratahuka. Iryo tanga ni na ryo ryabaye imbarutso y'iteka rikarishye Mazimpaka yaciye ategeka ko mu gihe umwami abyaye impanga zigomba guhita zicwa kuko zabaye imbarutso yo kwiyahura k'umugabekazi (Kagame 1972: 126).

Ingoma ya Mazimpaka yaranzwe kandi no gushyamirana n'umuhungu we Rujugira, bituma amuhungira mu Gisaka kwa Kimenyi IV Getura. Getura yamushyingiye Rwesero wari umukobwa wa murumuna we witwaga Muhoza, ari na we babyaranye Ndabarasa. Nyuma yo guhunga kwa Rujugira, Mazimpaka yatanze umwamikazi Kirongoro cya Kagoro, nyina wa Rujugira, ngo yicwe. Uwitwa Busyete ukomokwaho n'abo mu muryango w'Abasyete, aho kugira ngo amwice ahubwo aramuhisha, ari na byo byatumye agororerwa bikomeye ku ngoma ya Rujugira (Kagame 1972: 130).

Mu bindi byibukwa ni uko ku ngoma ya Yuhi III Mazimpaka ari bwo ibikoresho bya mbere bikomoka muri Aziya n'Uburayi byatangiye kugera mu Rwanda (Kagame 1972: 131).

Mazimpaka ariko bivugwa ko yagiraga uburwayi bwo mu mutwe ari na yo yabaye intandaro y'urupfu rwe. Rimwe ngo yahagaze hejuru y'umuturirwa, yitegereza urutare rwari hepfo yawo yibwira ko ari amazi y'ikiyaga. Yamanutse ubwo ajya kuri rwa rutare, abari bamuherekeje ntibamenye ibibaye. Bagiye kubona babona arasimbutse nk'usimbukira mu mazi, ashenjagurika akaguru. Abagaragu be n'abiru bahise bamwihutana kugira ngo atagwa ku Kamonyi, bityo hakaba umuziro ku bandi bami bazamukurikira, kuko umwami w'u Rwanda yaziraga gutura cyangwa kunyura ahaguye undi mwami mbere ye. Mazimpaka yaje kugwa mu kibaya cya Nkingo cyari cyariswe gutyo kuva ku ngoma ya Cyirima I Rugwe; kuva ubwo gihinduka Kibuza – kibuza ubuzima. Urwo rutare yasimbutseho rwo rwiswe Gatumwa kuva icyo gihe. Umusezero we uri i Kayenzi ahabaga imisezero y'abami bitwa ba Yuhi. Aho i Kayenzi ni na ho hari umusezero wa Yuhi IV Gahindiro.

*86. Urutare rwa Gatumwa rwaguyeho Umwami Mazimpaka.*

Nyuma y'itanga rya Yuhi III Mazimpaka, ku Kamonyi hatuye abandi bami barimo Yuhi IV Gahindiro. Urugo rwe rwari i Rubona ya Kamonyi; akaba yari ahatungiye umutwe w'inka zitwaga Umuriro II. Abandi ni Mutara II Rwogera; Kigeri IV Rwabugiri wanahizihirije Umuganura mu wa 1883; ndetse na Yuhi V Musinga wahaje avuye i Runda aho yakiririye Kapiteni Ramsay. Musinga na we yahizihirije Umuganura inshuro imwe (Kagame 1962: 68).

Kuva ku ngoma ya Mutara II Rwogera ariko ingo z'abami zo ku Kamonyi zari iz'umuterekero. Rwogera atuye ku Mukingo, intumwa zaje kumubwira ko hari ijwi ridasanzwe ryumvikanira mu mashami y'ikigabiro bitaga *Nyamugari* cyari ku Kamonyi ahahoze urugo rwa Yuhi III Mazimpaka. Umwami yahise ateranya abapfumu bajya mu ndagu, bemeza ko umuzimu w'Umwami Mazimpaka wifuza ko yakorerwa umuhango udasanzwe aho ku Kamonyi. Bemeje ko haremwa umutwe w'inka ukitirirwa Indoha, umutwe w'inka Mazimpaka yakundaga cyane, ndetse hagashakwa n'inka ikitirirwa Nyagahoza, inka yo mu mutwe w'Akaganda nanone Mazimpaka yakundaga. Rwogera yahise arema umutwe mushya w'inka awita Indoha ndetse imwe mu nka ziwugize ayita Nyagahoza. Kuva ubwo kandi ibwami bubatse ingoro ihoraho ku Kamonyi mu rwego rwo kwibuka Mazimpaka. Uwo mutwe w'inka wari umaze kuremwa ngo na wo ube aho ku Kamonyi wahawe Manywa ya Gasisi ngo uwugenge. Mu rwego rw'iyo miterekero kandi hanaremwe imitwe y'ingabo ibiri, yitirirwa Abankungu n'Inkuba; imitwe yari yararemwe na Yuhi Mazimpaka. Ku ngoma ya Yuhi V Musinga, urugo rwe rwo ku Kamonyi rwarimo umugore w'umuterekero witwaga Nyangore.[133] Uyu mugore na we ngo yaraturwaga, akagira abaja n'inka zimukamirwa nk'uko abandi bamikazi babigirirwaga.

Akarere ka Rubona Kamonyi iherereyemo, kahoze ari akarere k'ubworozi, dore ko n'Umwami Mazimpaka yahagiraga urwuri rw'Akaganda, umutwe wonyine yacungaga (Kagame 1960: 27).

Mu yindi mitwe y'inka yabaga muri Rukoma twavuga nk'Intagengerwa za Mureganeuro mwene Yuhi Mazimpaka zari i Gishubi; Inziga na zo za Mureganeuro zari i Kabare na Kinyambi; Nyahenga za Rucuzi zari i Kiburire na Nkingo; Ibinda ya mbere zari i Ruramba; n'Indamutsa zari i Nkingo na Kamonyi (Kagame1960: 32).

133 *Ikiganiro na Ntampuhwe Joseph hamwe na Gashara Pascal, Kamonyi, tariki ya 10/05/2017*

Ubusanzwe, Ijuru rya Kamonyi ni agasozi kagufi, gahanamiwe n'umusozi wa Shyori. Gakikijwe kandi n'indi misozi nka Kabare, Kigembe, n'Akirwanda. Kuri ubu ni agasozi gahingwaho, n'ibimenyetso byinshi byahahoze bigaragaza ingo z'ibwami byakuweho n'abahinzi bakonda amasambu.

### 4.32. Umugina w'Imvuzo

Umugina w'Imvuzo uherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Ruhango, Umurenge wa Byimana, Akagari ka Ntenyo, Umudugudu wa Ntenyo, hafi cyane y'ahubatse isoko rya Ntenyo. Uyu ni umugina wavutse ahamenwaga ibivuzo n'imbetezi biturutse mu rugo rw'umuherwe uvugwa mu mateka y'u Rwanda rwo hambere witwaga Mirenge wari utuye aha ku Ntenyo. Mirenge wo ku Ntenyo azwiho kuba sebukwe wa Ngunda, ariko kandi anazwiho kuba yari umukire cyane. Imvugo igira iti: *"Atunze ibya Mirenge ku Ntenyo"* isanzwe imenyerewe mu Kinyarwanda!

Mirenge yari umukungu, atunze cyane, akagira abagaragu benshi bamuhingiraga. Yakundaga guhinga uburo, amasaka, inkori, ndetse n'ibishyimbo. Mu guhemba abamuhingiye, Mirenge yabaterekaga inzoga, cyane cyane amarwa y'uburo. Ibivuzo n'imbetezi bisigaye bikamenwa mu gikari. Aho byamenwe rero ni ho haje kuvuka umugina kubera ubwinshi bwabyo. Usibye ariko kuba aha hazwi nko ku Mugina w'Imvuzo, abahaturiye banahita kwa Mirenge ku Ntenyo, bahitirira uwo muherwe Mirenge wari uhatuye.

Ni umugina munini udahingwa, akenshi bishingiye ku myemerere ivuga ko ibyo bivuzo n'imbetezi bikiri hasi mu butaka, bityo ko hagize uhakubita isuka, imbaragasa ziri muri izo mbetezi zazamuka bigateza amakuba akomeye. "*Uwo mugina nta muntu ujya awuhinga, aho ibyo bivuzo byamenwe habamo imbaragasa. Iyo ushyizemo isuka zirazamuka, bituma abaturage birinda kuhakomeretsa. Bivugwa ko niyo ukubisemo isuka imvura ihita igwa! Nta muntu ujya akinisha kuhahinga*". Umugina ubwawo ufite ubuhagarike bwa metero imwe n'igice, n'umurambararo wa metero eshanu. Iruhande rw'uwo mugina hateye igiti cy'umuko bivugwa ko cyahoze mu gikari kwa Mirenge.


Kuva mu wa 2015, abakarani-ngufu bibumbiye muri Koperative "*COMEP Turwanye Ubukene*" ikorera aho ku Ntenyo, batangiye kuhatunganya, bagamije kubungabunga amateka ahavugwa no kuyasobanurira abahasura. Ku rundi ruhande ariko hari amazu y'abaturage agenda yubakwa mu nkengero z'uyu mugina ku buryo bishobora kuwangiza. Ni muri urwo rwego abagize iyo Koperative bahazitiye bakoresheje imigano, ndetse bahatera n'indabo bagamije kuhataka. Iyi Koperative irifuza kuhubaka urugo rwa kinyarwanda mu minsi iri imbere, bigana uko urugo rwa Mirenge rwahahoze rwari rumeze.

Muri aka gace ka Ntenyo uyu mugina ubarizwamo, hatuye abitwa "Abarenge" bivugwa ko bakomoka kuri Mirenge. Hagaragara kandi izindi nzibutso ndangamateka nk'umusozi wa Kanyarira kuri ubu abakirisitu baturutse impande zitandukanye z'Igihugu baza gusengeraho.



*Ahari igiti cy'umuko ni ho hari hatuye Mirenge ku Ntenyo*





# UMUJYI WA KIGALI

# UMUTWE WA GATANU: UMUJYI WA KIGALI

### 5.1. I Rwanda

Abanyarwanda benshi cyane cyane abakuru bavuga ko igihugu cyabo ari "u Rwanda rwa Gasabo", abandi bakakita "urwa Gasabo" gusa. Izo mvugo zombi zifite igisobanuro kimwe kuko zose zigaragaza ko u Rwanda rwagutse ruhereye i Gasabo. Gasabo iyo yabyaye u Rwanda rwabaye kimwe mu bihugu bikomeye byari muri aka karere mbere y'umwaduko w'abazungu igizwe n'imisozi irindwi ari yo Uwabatwa, Rugabamariza, Akimigina, Uwimpyisi, Uwikivumu, Uwinanka na Gatare. Uretse imiryango y'abiru yari ituye i Gasabo, hari n'abami bahatuye barimo Kigeri III Ndabarasa na Kigeri IV Rwabugiri.

Abiru bari batuye i Gasabo bari abo mu bwoko bw'Abatege, bakaba bari abiru b'abanyamihango. Mu mihango umwiru w'umutege yakurikiraga umwami w'u Rwanda mu cyubahiro; ndetse bari bafite ingoma z'ingabe ebyiri: Rwagagaza na Rugeramisango. Izi ngoma zombi ubu zimuritse mu Ngoro y'Umurage iri i Huye. Rugeramisango ari yo Busarure yavanywe i Gasabo muri za 1950 aho yari ibitswe n'umwiru witwaga Bucyerinda.

Ku misozi igize Gasabo no mu nkengero zayo haracyari bimwe mu bimenyetso biranga amateka yaho. Ibyo ni nk'Iriba rya Rwarurara, Imana y'Uburunga, Imana y'inzuki, Umukore wa Karuranga, Urutare rwa Ruganzu, Icubya cyangwa Igiti cy'umuhigo, Amarembo yo ku Mana y'Umuganura, n'Imana za Rwagisha. Uretse ibyo bimenyetso, hari n'ahantu hihariye hibutsa ibintu bimwe na bimwe mu muco n'amateka y'u Rwanda. Aho ni nko ku Itorero, i Bumbogo bw'ingara, ku Ruvugirizo, ku k'Abarengeyingoma n'i Rwanda rwa Ndanyoye ahahoze hatuye abacuzi b'ibwami.

Ahitwa i Rwanda, ni mu mpinga y'umusozi wa Rutunga ahahurira Imidugudu ya Kamasasa na Gatare yo mu Kagari ka Gasagara, mu Murenge wa Rutunga, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Bivugwa ko ari ho u Rwanda rugari rwa Gasabo rwahereye rwaguka. Benshi mu bo twaganiriye bahamya ko hanahoze urugo rw'umuterekero rw'Umwami Yuhi V Musinga. Ku karubanda hahoze umunyinya w'ingara munini cyane, abantu benshi bugamagamo izuba, igihe babaga bategereje kwakirwa ibwami, bituma aho wari uri bahita ku ***Munyinya w'i Rwanda.*** Muri iki gihe, nta kimenyetso na kimwe kigaragaza ko aho higeze urugo rw'umwami, dore ko n'uwo munyinya ngo washangutse ahagana mu wa 1965. Kuri ubu uyu musozi utuweho n'abaturage banahakorera imirimo itandukanye y'ubuhinzi, nk'ubuhinzi bw'urutoki ndetse n'indi myaka, hanagaragara kandi umunara w'imwe mu masosiyete y'itumanaho akorera mu Rwanda.



*I Rwanda muri Gasabo hashinze umunara w'itumanaho*

Mu mateka ya Gasabo bavuga ko Abanyiginya bageze aho umugezi wa Nyabugogo usohokera muri Muhazi, bamaze kuremya ingoma, umurwa wabo w'iremezo ari Gasabo ka Rutunga, bahagira u Rwanda

rwa Gasabo. Iyi Rwanda ni akarondorondo ka Gasabo kerekeza mu rufunzo rwa Munyeri, gateganye n'ishyamba rya Nyamigina. Bamwe bahita u Rwanda rwa Ndanyoye. Bavuga ko u Rwanda rwa Gasabo ari rwo rwatumye iki gihugu kitwa u Rwanda. Abanyiginya bagitangira kwigarurira ibihugu, umusozi batsinze wose wazaga usanga Rwanda. Kuri aka gasozi ka Rwanda ni ho ngo babyariye imfizi ya Gihanga y'ubwami Rugira, n'insumba yayo Ingizi. Iyo ni yo Rwanda rugali rwa Gasabo, ni yo abami b'Abanyiginya bagiraga bati: "*Ni iwacu hakuru*". Ariko, aba bami b'u Rwanda aho bamariye gutsinda i Nduga bahazanye iryo zina, bariha agasozi ko ku murwa wa Kamonyi, haba Rwanda rwa Kamonyi, kugira ngo i Nduga ibe imbata yabo (Kagame, 1959).

### 5.2. U Bumbogo bw'Ingara

Bumbogo bw'Ingara cyangwa se Bumbogo bwa Nkuzuzu ni mu mpinga y'umusozi wa Bumbogo, hafi y'ibiro by'Umurenge witwa utyo, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Aha hahoze ari mu Bwanacyambwe, ariko aho Abanyiginya batsindiye u Busarasi bahita u Bumbogo, buba imbata yabo. Ngo ni ho haturutse igitero cyagabwe mu Buriza igihe u Rwanda rwatsindaga iyo mpugu yategekwaga na Nkuba ya Nyabakonjo, watewe n'igikomangoma Sekarongoro, mwene Kigeri I Mukobanya, akaba umwuzukuru wa Cyirima I Rugwe. Bavuga ko hahoze urugo runini rwa Kigeri IV Rwabugiri, akaba ari na ho yarongoreye Kanjogera.

Ahahoze urugo rwa Rwabugiri ubu hasigaye ibigabiro bine by'imivumu binini bikuze; biri ku muhanda uva ku isoko ujya ku Murenge. Hafi yabyo hubatse inzu y'umuturage. Ni mu Kagari ka Ngara, Umurenge wa Bumbogo, mu Karere ka Gasabo.



*Ibigabiro biri i Bumbogo bw'ingara ahahoze urugo rw'Umwami Kigeri IV Rwabugiri*

### 5.3. Ku Mana y'Uburunga

Imana y'Uburunga ni igiti cy'umuvumu w'inganzamarumbo kiri mu Mudugudu wa Burunga, Akagari ka Jurwe, Umurenge wa Ndera, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Aho kiri hitwa ku Mana y'Uburunga.

Uburunga[134] zari ingabo za Kigeri III Ndabarasa. Igihe izo ngabo zari ziteguye kugaba igitero mu Gisaka – zirwana n'iza Karemera wari utuye i Ntunga (Akarere ka Rwamagana) – mu rwego rw'imihango yo gutegura urugamba, abapfumu b'ibwami bahabyariye inyama z'imana yerejwe urwo rugamba, maze bahatera agati k'umuvumu, ari ko kiswe Imana y'Uburunga.

134 *Uyu mutwe w'ingabo z'Uburunga utandukanye n'undi mutwe w'ingabo na zo zitwaga Uburunga II uvugwa mu gitabo cya Kagame (1962:88). Uyu mutwe wa II wo wahemwe n'uwitwa Gatemeri abisabwe na Kigeri IV Rwabugiri.*



*Igiti cy'umuvumu kitwa Imana y'Uburunga kiri i Ndera*

Abo twaganiriye bongeraho ko urwo rugamba rwahiriye Uburunga. Izo ngabo zari ziyobowe na Sharangabo ya Ndabarasa, yunganiwe n'igikomangoma Semugaza na Cyoya basingizaga Kigeri cyo mu Burunga, zasakije urugo rw'umutamenwa rwa Karemera (Umugaba w'ingabo z'i Gisaka), rwari ruzitiwe n'ibisongo by'imigano, ziramwica, n'ingabo ze zikwira imishwaro.

### 5.4. Ku Mana y'inzuki

Ku Mana y'inzuki ni ahitwa i Kayanga mu Mudugudu wa Nyamise, Akagari ka Kabariza, Umurenge wa Rutunga, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Hari ibiti by'imivumu bavuga ko byakomotse kuri kimwe cyahatewe mu rwego rwo kubyarira imana zeze.



*Ibiti byitwa Ibimana by'Inzuki biri i Rutunga*

Ibyo biti biri ahantu kuva kera hatuwe n'umuryango w'abitwa Abareka. Bahoze ari abatahira b'inka za Kigeri IV Rwabugiri. Bavuga ko mu nka z'umwe mu bami ba kera, higeze kubamo ikimasa cy'igitare, kikitwa Rutare, umwami agikunda cyane. Rutare imaze gupfa, umutahira w'umwami witwaga Sebireka, yarongoye indi nka, ajya kubimenyesha umwami ari na we wategetse ko bagihamba munsi y'icyo giti, kandi bigakorwa mu mihango yihariye kugira ngo urupfu rwacyo rudakurikira ishyo ryose. Hashize igihe inzuki zaje gutaha icyo giti zikibamo ari nyinshi cyane. Ubuki bahakuyemo bukajya bugemurwa ibwami ndetse bituma umwami ubwe ategeka ko bakirinda kuko havagamo ubuki bugemurwa. Kuva ubwo kitwa Ikimana cy'inzuki. Cyaje gushibukaho ibindi biti byinshi, byose bakabyita ibimana.

### 5.5. Ndatemwa

Ahitwa mu Ndatemwa cyangwa i Ndatemwa ni mu Mudugudu wa Kamusengo, Akagari ka Ndatemwa, Umurenge wa Rutunga, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Bavuga ko ari ho bashyinguraga abamikazi (ukuyemo abagabekazi) n'abakobwa b'umwami (ibikomangoma) batabarukaga bakiri bato. Ngo iyo bamaraga gushyingura umugore cyangwa umukobwa w'umwami, ku mva bahateraga igiti cyitwa umusumba; kandi byari bibujijwe gutema ibyo biti. Nguko uko kuva ubwo babyise indatemwa. Aho bimariye kuba byinshi, aho hantu ubwaho haje kwitwa mu Ndatemwa.



*I Rutunga ahahoze ibiti by'Indatemwa*

### 5.6. Umukore wa Karuranga

Umukore wa Karuranga ni igiti cy'umukore, gikuru cyane giherereye mu Mudugudu wa Karuranga, Akagari ka Ndatemwa, Umurenge wa Rutunga, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali. Uri ahantu hateze neza. Iruhande rwawo hameze undi mukore ukiri muto. Icyo giti kera cyaramvurwagamo imiheto y'impangare inoze cyane. Uretse imiheto, umukore wanavagamo kandi inti z'amacumu n'imyambi. Bavuga ko ari yo mpamvu bawise *ikimashi*. Bigaragara ko amashami y'Umukore wa Karuranga yagiye atemwa kenshi cyane baramvuramo imiheto n'imyambi. Uri ku muhanda bavuga ko wahanzwe n'Abadage waturukaga hakurya y'ikiyaga cya Muhazi ugakomeza werekeza i Nkuzuzu.

Umukore wa Karuranga uri ahantu abajyaga gushengerera ibwami bahingukiraga. Ni yo mpamvu ngo kera icyo giti cyaba cyariswe Umukore uranga u Rwanda. Byageze aho iyo mvugo igenda ihinduka: babanza kucyita umukore w'akaruranga, nyuma baza kubihindura bavuga ko ari umukore wa Karuranga, nk'aho haba hari umuntu witwaga Karuranga bawitiriye. Koko rero, hari n'abavuga ko habayeho umuntu witwaga Karuranga wigeze gutura aho, akaba ari we bitiriye kiriya giti.



*Umukore wa Karuranga uri i Rutunga*

Byongeye kandi, ngo kera indabyo z'igiti cy'umukore zavagamo umubavu n'umuti uvura inka indwara y'amakore. Hafi y'icyo giti, muri metero zitarenze 20, bavuga ko hahoze inzu (*gîte*) Abadage bacumbikagamo baje mu butumwa muri ako karere.

### 5.7. Urutare rwa Ruganzu

Urutare rwa Ruganzu ruri i Gasabo ruherereye mu Mudugudu wa Karuranga, Akagari ka Ndatemwa, Umurenge wa Rutunga, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Mu bitekerezo bya kera, bavuga ko Ruganzu yaba yarigeze guhagarara kuri urwo rutare, agafora umuheto we, akarasa hakurya ya Muhazi agira ngo yereke ingabo ze ko zigomba gutera yo zikahigarurira. Kuri urwo rutare hari ibijya gusa n'aho ibirenge by'abantu n'amajanja y'imbwa byakandagiye. Kandi hari ahameze nk'ahigeze kurambikwa umuheto, byose bakabyitirira Ruganzu II Ndori.



*Ku Urutare rw'Umwami Ruganzu II Ndori i Rutunga*

## 5.8. Icubya cyangwa Igiti cy'Umuhigo

Igiti cy'Umuhigo kiri munsi y'ahitwa i Rwanda, ahateganye no ku Kigabiro. Ubu ni mu Mudugudu wa Nyakabande, Akagari ka Ndatemwa, Umurenge wa Rutunga, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Ni igiti cy'inganzamarumbo, bamwe bita *umuvugangoma*, abandi bakacyita *umusumba*.

Aho Igiti cy'Umuhigo kiri ngo hakorerwaga imihango ijyanye no kuragura. Bavuga ko cyaba cyarakomotse ku ishami ry'igiti Kigeri III Ndabarasa yaba yarahajugunye (mu kinyejana cya 18). Abakuru bahamya ko kihamaze igihe kirekire koko, bikaba bigaragara ko gikuze. Ntikigeze kandi kigira ibigikomokaho, dore ko nta n'imbuto kigira: ni yo mpamvu bacyita ikigumbashi. Hari n'abacyita kandi Imana ya Nyakarima. Iryo zina rya nyuma ryaturutse ku izina rya nyiri umurima icyo giti giherereyemo, witwaga Nyakarima.



*Igiti cy'Umuhigo kiri i Rutunga*

Bacyita na none Igiti cy'Umuhigo kuko abahigi bakundaga kuhahurira iyo babaga bazindukiye umuhigo n'igihe babaga bagabana inyama. Ubundi kandi bacyita *icubya* ngo kubera ko munsi yacyo ariho abanyamihango b'ibwami bazaga kugusha neza (gucubya) abazimu, cyane cyane igihe ingabo zabaga zigiye gutabara. Ngo uwo muhango waba waratangiye kubahirizwa ubwo ingabo za Ndabarasa zarasaniraga u Rwanda ku musozi witwa Akabarengeyingoma, zirwana n'iz'i Ndorwa.

## 5.9. Amarembo yo ku Mana y'Umuganura cyangwa Imana y'Umutsima

Amarembo yo ku Mana y'Umuganura aherereye mu Mudugudu wa Vugavuge, Akagari ka Gasabo, Umurenge wa Rutunga, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali. Aho hantu hasigaye ibiti bibiri biteye nk'amarembo y'urugo rw'ahahoze hitwa Imana y'Umutsima. Ngo hari hubatse amazu menshi, iy'ingenzi ikaba ari iyo bitaga Inzu y'Umuganura. Andi mazu yabaga ari ay'abagaragu n'abaja.

Bavuga ko muri urwo rugo rimwe na rimwe hakorerwaga umuhango usumba iyindi yose mu Nzira z'Ubwiru, ari wo w'Umuganura. Uwo muhango wakorwaga buri mwaka, wayoborwaga n'umwami ubwe. Kuri uwo munsi mukuru, hatumirwaga abantu benshi, bakazana amafu y'uburo n'amasaka, ibishyimbo, imboga n'inzoga nyinshi, bagateka, bagasangira. Kuva aho Nyanza ibereye umurwa w'abami udahinduka ku gihe cy'ubukoroni (guhera mu mpera z'ikinyejana cya 19), umuhango w'Umuganura ntiwongeye kubera i Gasabo.



*Ibiti byitwa Amarembo y'Umuganura biri i Rutunga*

Nubwo aho i Gasabo bahita ku Mana y'Umuganura kandi bakavuga ko ari ho uwo muhango waberaga, umwanditsi Alexis Kagame (1975:18) avuga ko Rwabugiri yahizihirije Umuganura rimwe gusa mu wa 1864. Kandi koko umuhango w'Umuganura ntiwaberaga hamwe buri gihe, ahubwo wizihirizwaga mu murwa werejwe (soma inkuru kuri Huro ku rupapuro rwa...).

### 5.10. Ku Mavubiro

Ahitwa Ku Mavubiro i Gasabo ni mu Mudugudu wa Vugavuge, Akagari ka Gasabo, Umurenge wa Rutunga, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Ni ahantu hateze neza, ngo hahoze amavubiro y'Umwami Kigeri IV Rwabugiri. Ariko bamwe mu batuye i Gasabo bavuga ko ayo mavubiro yahasizwe na se Rwogera, ndetse abandi bakavuga ko ari aya kera cyane yatangiranye n'Ingoma Nyiginya.[135]

135 *Ikiganiro na Rucikoma Innocent, Gasabo, tariki ya 28/05/2008.*

Amavubiro y'i Gasabo yakorerwagaho imihango yo kuvuba imvura. Ngo byari ibibindi bitatu, nubwo benshi mu babibonye bigihari bavuga ko babonye bibiri gusa. Byitabwagaho n'abiru babiri ari bo Runanira Gabriël na Bucyerinda. Uko umwaka utashye babisigaga umwura[136] n'ingwa basimburanya. Ibyo bibindi ngo byahoragamo amazi, bikuzura icyi riri hafi gucika; na ho itumba ryajya kurangira amazi akagabanuka cyane.[137]

Aho ku mavubiro bivugwa ko hahoze urugo rw'Umwami Kigeri III Ndabarasa, ariko na Musinga ngo yaba yari ahafite inshoreke n'ubwo hari abavuga ko atari Musinga ahubwo ari Rwabugiri. Iyo ikaba ari yo mpamvu na magingo aya hitwa mu Kigabiro. Abahaturiye bavuga ko hari inzoka nini y'inshira yahoraga yizingiye kuri rimwe muri ayo mavubiro, bakayita "Urugata rw'Ivubiro". Iyo nzoka ntiyasagariraga abaje kuhasura. Uretse inzoka, mu Kigabiro ngo hahoze agashyamba kabagamo ingwe bitaga "Ingwe y'Abana" cyangwa "Ingwe y'Imisezero"; igakunda kwibera mu munyinya wari uhari bitaga "Umunyinya w'i Rwanda". Icyatumaga yitwa ingwe y'abana ngo ni uko iyo hafi aho havukaga uruhinja yakundaga kujya kuri urwo rugo bakavuga ko irinze rwa ruhinja! Iyi ngwe na yo ngo ntiyagiraga amahane kuko ninjoro yaherekezaga abagenzi, bagera iyo bagiye ikigarukira mu Kigabiro.[138]

Amavubiro y'i Gasabo yangijwe mbere gato y'itanga ry'Umwami Mutara III Rudahigwa. Rimwe ryamenwe n'inka zarishaga, irindi rimenwa n'uwitwa Nyakamwe ka Bucyerinda. Twibutse ko Bucyerinda yari umwe mu biru bitaga kuri ayo mavubiro, ariko ashinzwe n'ingoma z'ingabe z'i Gasabo ari zo Rugeramisango na Busarure. Uwo mwiru ngo yatumye umuhungu we Nyakamwe i Nyanza kwa Rudahigwa, mu gihe yari ahari yiba isaha y'Umwamikazi Gicanda Rosalie; abanyanzu baramufata, baramukubita. Nyakamwe yatashye ababaye, ageze iwabo arihorera arandura ivubiro ryari risigaye. Munsi y'iryo vubiro ngo yahasanze inzabya ebyiri. Urwo rugomo rwababaje abaturage cyane, Nyakamwe abibonye atyo ahungira muri Uganda, ariko agezeyo arapfa. Kubera kuryubaha, abari bahaturiye baraje bahamba iryo vubiro.[139]

136 *Umwura: ubutaka butukura basiga ku rugara rw'akabindi.*
137 *Ikiganiro na Rutabagirwa Faustin, Gasabo, tariki ya 26/05/2008.*
138 *Ikiganiro na Rucikoma Innocent, Gasabo, tariki ya 28/05/2008.*
139 *Ikiganiro na Rucikoma Innocent, Gasabo, tariki ya 28/05/2008.*

Nyuma y'ibyo, abiru bashatse ibindi bibindi babisimbuza amavubiro ariko rubanda ntiyabyubashye kuko yakekaga ko bitari bifite imitsindo nk'amavubiro ya mbere. Ibyo bibindi na byo byamenwe mu nkubiri yo mu wa 1959 na 1960 igihe hasibanganywaga ibimenyetso by'ingoma ya cyami. Abanyagasabo bavuga ko kuva amavubiro ya mbere yakwangizwa nta nzoka n'ingwe byongeye kugaragara mu Kigabiro![140]

Mu Kigabiro ari na ho ku Mavubiro y'i Gasabo ubu nta kimenyetso cy'amateka yaho kihasigaye dore ko n'ibigabiro byaho byashaje muri za 1960 kubera ko abahinzi babisatiriye. Ubu hari ikigo cy'ishuri cy'i Rutunga. Mu gihe bahubakaga amashuri, ngo abacukuraga umusingi bahatoraguye inigi, utubindi duto n'amasaro abengerana cyane.[141]



*Ahahoze amavubiro i Gasabo*

Mu ntambwe nkeya uvuye ku Mavubiro hari ahitwa ku Itorero bivugwa ko ngo hatorezwaga abana mbere y'uko Itorero rigenda ritakaza umwimerere.

### 5.11. Ku Ruvugirizo

Ku Ruvugirizo ni ahantu h'akabuga, kari munsi y'ahitwa ku Mana za Rwagisha. Ni mu Mudugudu wa Murindi, Akagari ka Gasabo, Umurenge wa Rutunga, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Uhahagaze aba yitegeye ku Cyamutara ndetse na Rwanda rwa Ndanyoye. Hateye neza, hafite uburebure busaga metero 100 n'ubugari bugera kuri metero 30. Hepfo yaho harahanamye, hatewe ishyamba ry'inturusu. Bavuga ko ari ho abakaraza b'ibwami bitorezaga kuvuza ingoma, ari na yo mpamvu bahise ku Ruvugirizo rw'ingoma.



*Ahitwa Ku Ruvugirizo i Gasabo*

### 5.12. Ku Mana za Rwagisha

Imana za Rwagisha ni imivumu yatewe ahabyariwe inyama z'ikimasa kitwaga Rwagisha cyaraguwe na Runukamishyo rwa Muhiga wa Nyamurorwa. Iby'izo ndagu n'igihe zabereyeho byanditse mu *Nganji Karinga*, Igitabo cya kabiri, aho Kagame (1959:106-114) yavuye imuzingo igitekerezo cya Runukamishyo ari na cyo tugiye gusubiramo mu magambo avunaguye.

Runukamishyo ngo yari umupfumu ufite ubumuga bwo kutabona, akaragura inka n'inkoko. Yageze mu Rwanda mu kinyejana cya 15 ku ngoma ya Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I, akomotse mu Ndorwa y'u Butumbi. Ageze mu Rwanda n'umuryango we, Runukamishyo yahatswe neza, haciye iminsi abwira umwami ati: "Tukigera ino, inka twasanze hariya hepfo y'igitare ihaka uburiza uzayishinganishe izaguha imitsindo"! Ibwami barabyumva bategeka nyirayo ko atazayibyaza ahubwo azayireka ikibyaza. Bukeye ya nka irerera, imara iminsi ine, ariko nyirayo abonye igiye gupfa arayibyaza; ibyara ikimasa.

140 *Ibid.*
141 *Ibid.*

Runukamishyo amenye ko ya nka bayibyaje, atera hejuru abwira umwami ati: "Uyu mugabo wakoze inka mu nda yateje ibara mu Gihugu; ariko mumubwire byibura icyo kimasa ntazakizirike". Ibwami barabimubwira agishyira mu kiraro gusa, akita Rwagisha. Mu mikurire yayo, Rwagisha yakuranye umururumba ikajya imena ikiraro bituma nyirayo ayizirika. Runukamishyo abimenye abwira umwami ati: "Wa mugabo rero azanye ingoyi mu Rwanda kuko yongeye gukora ibara akazirika cya kimasa"!

Rwagisha imaze gukura Runukamishyo yasabye ko bayimuzanira akayiragurira umwami. Umunsi ugeze, ya mfizi bayikoza umushyo bagiye kuyibikira, irasimbuka ica injishi; imena urugo ndetse ijyana n'imishishiro mu mahembe. Bakurikiye ikirari cyayo, basanga yananiriwe mu rufunzo rwa Munyeri – munsi ya Gasabo – ari ho iryamye. Bayibagiye aho, basanga yeze. Aho mu rufunzo, Rwagisha yari yahasanze umugabo watemaga inkorogoto ayibonye agira ubwoba arahunga, ahasiga ingata n'ikibando bye. Ibyo byose Runukamishyo ategeka ko babijyana ibwami kugira ngo abikoreshe asobanurira umwami indagu.

Muri byinshi yaraguriye umwami, Runukamishyo yamubwiye gucira abami b'ibihugu bituranyi, akabohereza ku nyama z'icyo kimasa kugira ngo azabatsinde. Ibyo bihugu ni u Burundi, i Gisaka, i Ndorwa, u Bunyabungo, u Bugara, u Buberuka n'u Bungwe. Abashyiriye inyama abo bami, bategetswe ko batazazigarura mu Rwanda kabone n'iyo bazanga; ahubwo bazazibyarira muri ibyo bihugu.

Uretse umwami w'u Burundi, abandi bose batinye izo nyama banga kuzirya bakeka ko Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I ashaka kubaroga; abazibashyiriye bazibyarira mu bihugu byabo nk'uko Runukamishyo yabitegetse. Ibiti byatewe aho izo nyama zabyariwe ni byo ubu byitwa "*Imana za Rwagisha*". Nk'uko Runukamishyo yabiraguye, u Rwanda rwigaruriye ibyo bihugu byose koko, uretse u Burundi. Ni yo mpamvu hambere bitaracika, ibiti bitaga "*Imana za Rwagisha*" wabisangaga hirya no hino mu Gihugu. Uretse i Gasabo rero, birumvikana ko ahandi byari biri hahoze ari mu mahanga mbere y'uko u Rwanda ruhigarurira.

Ku Mana za Rwagisha i Gasabo ni ho Runukamishyo ubwe yabikiriye ibyakoreshejwe mu ndagu z'icyo kimasa. Ubu hasigaye igiti kimwe cy'umuvumu kiri mu Mudugudu wa Murindi, Akagari ka Gasabo, Umurenge wa Rutunga, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.



*Ikivumu cy'Imana ya Rwagisha kiri i Gasabo*

### 5.13. Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro

Umusozi wa Nyanza ya Kicukiro uriho Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Urwo rwibutso ruherereye mu Mudugudu wa Mpinga ya Nyanza, Akagari ka Rukatsa, Umurenge wa Kagarama, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali. Ni agasozi kirengeye, iyo ukariho uba witegeye Umujyi wa Kigali wose. Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro rwubatse ku gace ka wo kareba ku i Rebero, ahitegeye u Bugesera. Mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994, uyu musozi ni wo wamenwagaho imyanda yose ituruka mu ngo z'abatuye i Kigali.

Kuri uru Rwibutso hashyinguye imibiri y'inzirakarengane z'Abatutsi irenga 11.000; ariko uyu mubare ugenda wiyongera cyane kuko uko habonetse indi mibiri y'abazize Jenoside muri aka gace, na yo izanwa gushyingurwa kuri uru Rwibutso.

Imirimo yo kubaka urwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro yatangiye umwaka umwe nyuma y'ihagarikwa rya Jenoside, ariko mu wa 2014 hakozwe indi mirimo ikomeye harimo no kurusakara. Ni urwibutso rwubatse bitandukanye n'izindi nzibutso, dore ko rwo rwubatse mu buryo bw'irimbi, hakaba nta bindi bimenyetso nk'inyandiko cyangwa amashusho bigaragaza amateka ya Jenoside muri rusange bihamuritse.

Urwibutso rugizwe n'ibice bitatu by'ingenzi: igice cya mbere kigizwe n'imva eshanu zishyinguyemo imibiri y'inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Igice cya kabiri kigizwe n'inkuta ebyiri zanditseho amazina y'izo nzirakarengane zishyinguwe muri uru rwibutso. Aha ariko hari amazina y'abamenyekanye gusa, cyane ko hari imiryango yagiye izima bityo bikagorana kumenya amazina y'abahashyinguye bose. Igice cya gatatu ni inzu nto ihari icanirwaho urumuri rw'ikizere rucanwa mu minsi 100 yo Kwibuka, nk'ikimenyetso cy'iminsi 100 Jenoside yabayemo.




*Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rw'i Nyanza ya Kicukiro*

Guhitamo kubaka urwibutso kuri uyu musozi wa Nyanza ntibyabaye impanuka, ahubwo bihura n'amateka y'ibyahabereye. Aha i Nyanza hiciwe Abatutsi basaga 3.000 igihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Jenoside igitangira, Abatutsi bari batuye muri aka gace bahungiye muri ETO ya Kicukiro, aho bari biringiye ubufasha bw'ingabo za MINUAR zari aho muri icyo kigo. Ibi ariko ntibyabahiriye, ingabo za MINUAR zarabatereranye, zizinga utwazo zirigendera zibasiga mu maboko y'abicanyi. Uru rwibutso ni kimwe mu bimenyetso bigaragaza uko amahanga yatereranye u Rwanda igihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ku wa 11 Mata 1994 nibwo aba Batutsi bakuwe n'Interahamwe muri ETO ya Kicukiro bababeshya ko bahungishirijwe ahandi, nyamara bari bagiye kwicwa urubozo. Dore uko Musanabera Phaina umukozi kuri uru rwibutso yabidutekerereje: "*Bishwe urw'agashinyaguro. Babanje kwerekezwa ahitwa SONATUBES n'amaguru, ariko abicanyi bahageze bisubiraho, basanga atari byiza kwicira abantu bangana gutyo ku muhanda mugari nyabagendwa. Nibwo bibutse ko i Nyanza ya Kicukiro hari ikimoteri kimenwamo imyanda, kandi icyo gihe n'Abatutsi bagereranywaga n'imyanda, bahitamo kuza kubicira aha. Mu nzira bagendaga bakubitwa, mbese bakoze urugendo rugoranye*".

Bishwe kuri uwo wa 11 Mata 1994 ari na wo munsi bari bagejejwe i Nyanza ya Kicukiro. Nyuma yo kwicwa imibiri yabo yahise ivangwa na ya myanda twavuze ko yamenwaga kuri uyu musozi. Twibutse ko Abatutsi bose bari bahungiye muri ETO ya Kicukiro atari ko bose bazanywe kwicirwa i Nyanza ya Kicukiro, hari bamwe basigaye muri ETO aba ari na ho biciwe.

Ni rumwe mu nzibutso zisurwa cyane mu Gihugu, cyane cyane ku bashaka kumenya uko umuryango mpuzamahanga watereranye Abatutsi bahigwaga. Kuri ubu hari gahunda yo kwagura uru Rwibutso, no gukomeza gushakashaka amazina y'inzirakarengane zose zihashyinguye.

### 5.14. Urwunge rw'Amashuri rwa Kiyisilamu «Intwari»

Urwunge rw'Amashuri rwa Kiyisilamu "Intwari" ruherereye mu Mujyi wa Kigali, mu Mudugudu w'Abatarushwa, Akagari ka Rwezamenyo I, Umurenge wa Rwezamenyo, mu Karere ka Nyarugenge, ahahoze ari mu Bwanacyambwe. Ni ishuri ryubatswe n'Abayisilamu mu wa 1957 kugira ngo babone ishuri abana b'Abayisilamu bashoboraga kwigamo bisanzuye mu myemerere yabo. Ubu riyoborwa n'Umuryango w'Abayisilamu mu Rwanda.

Koko rero ku ngoma ya gikoroni amashuri menshi yari aya Kiriziya gatorika ariko n'abaporotesitanti bari bafite ayabo. Amadini atari afite

amashuri yayo, by'umwihariko idini rya Isilamu, ryari rifite ikibazo gikomeye kuko abana b'abayisilamu bategekwaga kwiga iyobokamana ry'andi madini ndetse akenshi bagategekwa no kubatizwa kugira ngo bakomeze kwiga. Ni yo mpamvu abayisilamu bamaze kuba benshi mu gace ka Nyamirambo bubatse ishuri ryigisha abana babo nubwo bitaboroheye kubigeraho.

### *Incamake k'umwaduko wa Isilamu mu Rwanda n'imibereho y'Abayisilamu ku ngoma ya gikoroni*

Imyemerere ya Isilamu mu Rwanda yazanywe n'abasirikare b'Abanyatanzaniya bari mu gisirikare cy'abakoroni b'Abadage ndetse n'abacuruzi b'Abarabu bageze mu Rwanda mu ntangiriro z'ikinyejana cya 20.

Igihe ibihugu by'ibihangange byigabanyaga umugabane wa Afurika i Berlin mu Budage hagati ya 1884-1885, u Rwanda rwabaye urw'u Budage. Mu wa 1897, Ababirigi baturuka muri Kongo baza i Shangi mu Kinyaga, Abadage babimenya bari i Bujumbura mu Burundi baza kuhabirukana ndetse kuva ubwo bahashinga ibirindiro bya gisirikare (*camp militaire*). Mu gisirikare cy'Abadage harimo abirabura b'abanyatanzaniya benshi idini ryabo ari Isilamu. Uretse abo basirikare kandi, n'abandi bakozi b'Abadage cyane cyane abasemuzi bari barazanye na bo baturutse muri Tanzaniya na bo imyemerere yabo yari ishingiye kuri Isilamu.

Guhera mu wa 1901, hatangiye kuza abacuruzi b'Abarabu baturutse mu bihugu byo mu burasirazuba bw'Afurika bihana imbibi n'u Rwanda, na bo imyemerere yabo ishingiye ku idini rya Isilamu. Abarabu bageze mu Gihugu mbere bari batuye i Nyanza kuko ari wo wari umurwa mukuru w'u Rwanda.

Kigali imaze kugirwa umurwa mukuru ku ngoma y'Abadage mu wa 1907, abacuruzi b'Abarabu batangiye kuhimukira ndetse n'abandi barahabasanga; hiyongeraho abasirikare b'Abanyatanzaniya bari mu gisirikare cya gikoroni cy'u Budage, bityo Isilamu itangira gushinga imizi mu murwa mukuru w'u Rwanda ndetse batangira kuhubaka imisigiti. Umusigiti wa mbere wubatswe mu wa 1913, munsi ya Athénée hepfo y'ahubatse umusigiti wo mu mujyi.

Mu gihe abayisilamu bubakaga uwo musigiti, abategetsi b'Abadage bashishikarije ubuyobozi bwa Kiriziya Gatorika gushinga misiyoni mu Mujyi wa Kigali kugira ngo bakumire Isilamu dore ko ari ryo dini rya mbere ryari rigiye gushingwa i Kigali. Kiriziya yabyumvise vuba na yo ihashinga Misiyoni y'Umuryango Mutagatifu (*Paroisse Sainte Famille*) muri uwo mwaka ku wa 21 Ukwakira 1913. Ariko nubwo Abadage bashishikarije Kiriziya Gatorika gushinga misiyoni i Kigali, abamisiyoneri b'abaporotesitanti ni bo bari babisabye mbere ariko Abadage basanga batari bafite ubushobozi bwo guhangana na Isilamu. Babimye ubwo burenganzira kuko bagereranyije na misiyoni 9 Kiliziya Gatorika yari imaze gushinga mu Rwanda, babonaga misiyoni z'abaporotesitanti nka Kirinda, Rubengera na Remera–Rukoma zari zaratinze gushinga imizi mu turere ziherereyemo.

Abakoroni b'Ababirigi basimbuye Abadage ntibishimiye idini rya Isilamu kandi ntibifuzaga ko rikwira hose mu Rwanda cyangwa mu bindi bihugu bategekaga. Ni yo mpamvu ku wa 24 Gicurasi 1924, Minisitiri wa za koroni yandikiye komiseri (*Commissaire royal*) Alfred Marzoratti wategekaga Ruanda-Urundi amusaba gukora ibishoboka byose agaca Isilamu intege ntitere imbere haba mu Rwanda n'ahandi hategekwaga n'u Bubirigi.

Nyuma y'ayo mabwiriza, ubutegetsi bw'Ababirigi bwatuje abayisilamu mu nsisiro kugira ngo bubone uko bubagenzura neza. Urusisiro rw'abayisilamu bari batuye i Kigali rwari i Nyarugenge hagati y'ahari hubatswe umusigiti wa mbere n'ahari ishuri rya ETEMU muri iki gihe. Urwo rusisiro rwubatswe mu wa 1925 rwahavuye mu wa 1937 rwimuriwe mu Biryogo.

Uretse i Nyarugenge, no mu yindi mijyi yagendaga ivuka hirya no hino mu Rwanda abayisilamu batujwe mu nsisiro z' "abaswahili" akenshi wasangaga zubatse hafi y'ibirindiro bya gisirikare.

Iteka ryashyiragaho insisiro z'abayisilamu ryanagenaga imbago zazo n'amabwiriza azigenga, kandi abari bazituyemo ntibemererwaga kurenga umujyi batabiherewe uburenganzira. Utarabaga atuye mu rusisiro rw'abayisilamu na we ntiyemererwaga kurwinjiramo atabifitiye uruhushya. Aho abayisilamu babaga batuye bagiraga ubuyobozi n'inzego z'ubucamanza zihariye; kandi ntibayoborwaga n'ubutegetsi

gakondo ahubwo bayoborwaga n'Ababirigi mu buryo butaziguye. Abayisilamu bo mu nsisiro ntibari bemerewe kurema amasoko yo mu giturage.

### *Uko ishuri ryatangiye n'impinduka ryahuye na zo*

Abayisilamu bo mu Rwanda bagize igitekerezo cyo kubaka ishuri mu wa 1948; abayobozi b'idini begera ubuyobozi bw'Ababirigi babusaba ikibanza n'inkunga yo kubaka ishuri ryigenga rya kiyisilamu. Ikibanza baragihawe ariko babura inkunga y'amafaranga. Abayisilamu bashatse ubushobozi bahubaka ishuri ry'ibyumba bitatu byo kwigiramo ryuzuye mu wa 1953.

Ishuri rimaze kuzura, abayisilamu basabye uburenganzira bwo gutangira kwigisha, ariko abayobozi b'Ababirigi babasaba gutegereza umwanzuro wa Vikariyati ya Kabgayi. Nyuma y'imyaka itatu igisubizo kitaratangwa, Abayisilamu bafashe umwanzuro wo gutangiza iryo shuri nta wundi muntu bagishije inama. Ryatangiye kwigisha muri Nzeri 1957, ryigisha mu rurimi rw'Igifaransa gusa, ryitwa *Ecole Rwandaise de Kigali*, ariko ubutegetsi bw'Ababirigi buryita *Ecole Swahili de Kigali* (Ishuri ry'Abaswahili ry'i Kigali). Abanyeshuri bahigaga biguriraga ibikoresho byose, buri mwana akariha n'amafaranga y'ishuri 160 Frw ku gihembwe kuko nta yindi nkunga ishuri ryabonaga. Ibi byari bitandukanye no mu yandi mashuri aho abanyeshuri bigiraga ubuntu.

Umwami Mutara III Rudahigwa akubutse i Burayi mu wa 1958, Abanyarwanda b'ingeri zose bakoze ibirori byo kumwakira byabereye i Nyanza. Ishuri ry'abayisilamu ryitabiriye ibyo birori ryaserukiwe n'abarimu n'abanyeshuri bo mu mwaka wa kabiri. Uretse impano iryo shuri ryahaye umwami, umunyeshuri wari uhagarariye abandi witwaga Badru Radjabu yasomye imbwirwaruhame yabo mu rurimi rw'Igifaransa ishimisha benshi mu bari bitabiriye ibyo birori, bituma Rudahigwa abasezeranya gusura ishuri bigaho.

Haciye iminsi mike Umwami asura iryo shuri ry'abayisilamu, aganira n'ababyeyi bahareraga ndetse abanyeshuri bahiga abagabira inka. Mu bibazo ababyeyi bamutuye harimo icy'uko bo barihiraga abana babo ndetse bakanabagurira ibikoresho byose by'ishuri kandi ahandi mu Rwanda barigiraga ubuntu ndetse bagahabwa n'ibikoresho. Rudahigwa yumvise icyo kibazo gikomeye abo bayisilamu bari bafite ariko bakitwara kigabo kugira ngo abana babo babone uburere bwo ku rwego rwo hejuru, icyo kigo yacyise Ishuri ry'Intwari (*Ecole Rwandaise Intwari de Kigali*) riba izina ryacyo kugeza ubu. Abayisilamu yabemereye kubafasha kwagura iryo shuri, ndetse no kubakorera ubuvugizi mu butegetsi bw'abakoroni kugira ngo bahabwe inkunga nk'iyahabwaga andi mashuri.

Ku nkunga y'Umwami ishuri ryaraguwe ndetse koko asaba ubutegetsi bw'Ababirigi kurifasha, ritangira kubona iyo nkunga mu wa 1960 nyuma y'umwaka umwe Rudahigwa atanze. Yagura ishuri ry'Intwari, Rudahigwa yahubatse ibyumba bibiri byo kwigiramo (n'ubu biracyahari kandi byigirwamo) n'inzu yo gukorerwamo n'ubuyobozi bwaryo. Iyo ntikiri iy'ishuri, ubu ikorerwamo n'umuryango w'Abasukuti (*Scout*) i Nyamirambo.

Ku busabe bw'Umwami Mutara III Rudahigwa, ubuyobozi bw'Ababirigi bwatangiye gufasha Ishuri rya kiyisilamu "Intwari" guhera mu wa 1960 ariko bushyiraho amabwiriza akomeye. Ibwiriza rya mbere ryarebaga imiyoborere y'ishuri. Abayisilamu ntibari bemerewe kuriyobora kandi ari iryabo, ahubwo bagombaga guhitamo abo baririragiza hagati ya Kiriziya Gatorika n'Itorero ry'Abaporotesitanti. Icyo gihe bahisemo kuriragiza abaporotesitanti, riba ikigo kibarirwa muri Misiyoni ya Remera-Rukoma. Ibwiriza rya kabiri ryarebaga imyigishirize y'isomo ry'iyobokamana. Iyobokamana rya Isilamu ntiryagombaga kwigishwa muri iryo shuri, ryasimbujwe isomo ry'ububonezabupfura (*morale*). Mu bindi bigo by'amadini bigishaga iyobokamana ryabo. Ibwiriza rya nyuma ryarebaga imyaka y'abanyeshuri. Ishuri ryagombaga kugumana abana banganya imyaka n'abo mu bindi bigo n'ubwo byari bigoye kuko abana b'abayisilamu batangiraga ari bakuru bitewe n'uko mbere batari bafite ishuri bigamo. Ibi byatumye bamwe bagabanyirizwa imyaka, abandi barirukanwa.

Amavugurura yagiye akorwa mu burezi bw'u Rwanda mu bihe bitandukanye yagiraga impinduka ku miyoborere y'Ishuri ry'Intwari. Nyuma yo guhabwa Misiyoni y'abaporotesitanti ya Remera-Rukoma mu wa 1960, ivugurura ryo mu wa 1966 ryarigize ishuri rya Leta hamwe n'ibindi bigo byose byashinzwe n'amadini. Mu wa 1978, Leta yasubije ibyo bigo amadini ariko Ishuri ry'Intwari rikomeza kuba irya

Leta kuko bavugaga ko ryubatswe n'Umwami Mutara III Rudahigwa. Nyuma y'igihe kirekire, Leta yasubije iryo shuri idini rya Isilamu mu wa 1998. Kuva ubwo riyoborwa n'Umuryango w'Abayisilamu mu Rwanda; kandi ni kimwe mu bimenyetso bigaragaza ibikorwa bizira ivangura bya Rudahigwa wari uhangayikishijwe n'iterambere ry'Abanyarwanda bose. Ibyo bikorwa ni na bimwe mu byatumye ashyirwa mu kiciro cy'Intwari z'Imena.




*Inyubako Umwami Mutara III Rudahigwa yubakiye Urwunge rw'Amashuri rwa kiyisilamu "Intwari".*

### *Ishuri rya Kiyisilamu "Intwari" mu gihe cy'amacakubiri yo mu wa 1959*

Kuva kera bakigera mu Rwanda, abayobozi b'Ababirigi bafatanyije n'aba Kiliziya Gatorika bahembereye amacakubiri mu Banyarwanda ashingiye ku moko ingaruka zayo zitangira kugaragara mu mvururu zo mu wa 1959.

Abatutsi barishwe, abandi baratwikirwa barameneshwa bava mu byabo. Ivangura ryakorerwaga Abatutsi no mu burezi ryari rihari, ariko abigaga ku Ntwari bahamya ko iryo vangura ritahageze. Mu gihe ahandi abana b'Abatutsi birukanwaga, abo ku Ntwari barakomeje bariga ndetse n'abirukanywe ahandi bazaga kuhasaba imyanya bakayihabwa.

Mu wa 1959 kandi, hari Abatutsi baciriwe i Nyamata mu Bugesera. Mbere yo kujyanwayo, bakusanyirizwaga kuri kiriziya y'Umuryango Mutagatifu (*Paroisse Sainte Famille*) i Kigali. Bakiri aho i Kigali, imwe mu miryango ibishoboye yahungiye mu ngo z'abayisilamu i Nyamirambo, indi cyane cyane iyari ifite inka ihungira ku Ishuri ry'Intwari.

Kwanga gufatanya n'abandi kwanga Abatutsi kwatumye ubuyobozi bwariho bukomeza kwishisha abayisilamu ndetse bubita abagambanyi. Isura y'abayisilamu yabaye mbi cyane ku buyobozi bwa Parmehutu igihe Umwami Kigeri V Ndahindurwa yabuzwaga kugaruka mu Rwanda yagiye i Kinshasa, nyuma agaca i Burundi akanyura iya Bugesera akinjira mu Rwanda rwihishwa abifashijwemo n'abayisilamu. Ageze mu Rwanda, Ndahindurwa yacumbitse mu Biryogo ku musaza w'Umuyisilamu witwaga Kibombo, ariko Ababirigi babimenye baramufata bamusubiza i Bujumbura.

# UMWANZURO

Iki gitabo cya mbere ku hantu ndangamurage kitugaragarije ishusho rusange y'ahantu ndangamurage mu Rwanda. Hari ahantu hakiri ibimenyetso bigaragara, bifatika; hari ahafite amateka azwi n'abahaturiye; hari n'ahatakiri ikimenyetso na kimwe cyangwa ngo amateka yaho abe azwi usibye ayo dusanga mu nyandiko.

Gutakaza ibiranga umurage kamere na ndangamuco biterwa n'impamvu zitandukanye: imihindagurikire mu miturire, kwiyongera kw'ibikorwa remezo, ariko cyane cyane icyabaye umwihariko mu Rwanda ni ubushake bwa poritiki bwabayeho guhera mu myaka ya 1900 kugeza mu wa 1994 bwo gusibanganya ibimenyetso ndangamurage.

Iyo migenzereze yahombeje Igihugu ibintu byinshi. Haba mu bumenyi, ndetse no mu bukungu. Birakwiye rero ko tugendeye ku bushake bwa poritiki buhari mu Rwanda muri iki gihe, iyo migenzereze ihinduka. Umurage w'Abanyarwanda ukwiye kuba ipfundo ry'ubumwe, ukaba n'isoko y'ubumenyi ku mateka n'umuco by'u Rwanda, utaretse kuba n'isoko y'ubukungu bushingiye ku bukerarugendo.

Iyi nyandiko ku hantu ndangamurage igamije gukangurira rubanda, abakunzi b'umurage, abakozi bawushinzwe umunsi ku wundi, abashakashatsi n'abafata ibyemezo bya poritiki, ko umurage w'u Rwanda ugihari ndetse ikanagaragaza n'aho uherereye. Uyu musogongero twizeye ko uzafasha inzego zinyuranye n'abantu ku giti cyabo gushishikarira kubungabunga uwo murage, bigakorwa kandi hubahirizwa amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemera ko afasha muri ibyo bikorwa.

## a. Ibitabo


*Anonyme,« s.d.», Historique et Chronologie du Ruanda.*

ARNOUX, Alexandre (1912-1913). «Le culte de la Société secrète des Imandwa au Rwanda». *Anthropos* 7-8.

ARNOUX, Alexandre (1948). *Les Pères Blancs aux sources du Nil.* Paris: Editions Saint Paul.

BINDSEIL, Reinhart (1988). *Le Rwanda et l'Allemagne depuis le temps de Richard Kandt: Un apercu historique des premières relations germano-rwandaises de 1885 à 1916, vues dans la perspective des grandes dates de la vie de l'ancien Résident impérial allemand.* Berlin: Dietrich Reimer Verlag.

BINDSEIL, Reinhart (1992). *Le Rwanda vu à travers le portrait biographique de l'officier, explotrateur de l'Afrique et gouverneur impérial Gustav Adolf Comte Von Gotzen (1866 – 1910).* Berlin: Dietrich Reimer Verlag.

CELIS, Géorges (1987). *Introduction à la métallurgie traditionnelle au Rwanda. Techniques et croyances.* Institut National de Recherche Scientifique. Butare-Rwanda.

CHRETIEN, Jean Pierre (2003). *The Great Lakes of Africa: Two Thousand Years of History*, (Translated by Scott Straus), New York.

Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation (CNUR) [Sous la direction de Déo Byanafashe & Paul Rutayisire] (2016). *Histoire du Rwanda. Des origines à la fin du xxè siècle*, Kigali.

CONNAH, Graham (1989). *African civilizations. Pre-colonial cities and states in tropical Africa: An archaeological perspective.* Cambridge.

D'HERTEFELT, Marcel et COUPEZ, André (1964). *La royauté sacrée de l'ancien Rwanda.* Tervuren.

DELMAS, Léon (1950). *Généalogie de la Noblesse (les Batutsi) du Rwanda.* Kabgayi: Vicariat Apostolique du Rwanda.

DES FORGES, Alison (2011). *Defeat is the only bad news: Rwanda under Musinga 1896-1931.* Yale University: Unipublished PhD dissertation.

DUFAYS, Père Félix (1928). *Pages d'épopée africaine: Jours troubles.* Bruxelles: Weverbergh.

DUFAYS, Père Félix et de MOOR, Vincent (1938). *Les Enchaînés au Kinyaga.* Préface de Mgr Birreaux, Librairie Missionnaire, Paris, 191 p.

ECOLE DE THEOLOGIE DE BUTARE (1978). *L'Esprit et le sel*, Butare.

FREEDMAN, Jim (1984). *Nyabingi: The social History of an African Divinity.* Butare: INRS.

GATWA, Tharcisse et RUTINDUKA, Laurent (sous la dir.) (2014). *Histoire du Christianisme au Rwanda. Dès origines à nos jours*, Editions Clé, Yaoundé.

GIBLIN, John Daniel, MUGABOWAGAHUNDE, Maurice & NTAGWABIRA, André (2017). « International Heritage Tourism in Rwanda: Paving over the Past at the Musanze caves". *Conservation and Management Archaeological Sites* 19 (2): 126-140.

HIERNAUX, Jean & MAQUET, Emma (1960). « Cultures préhistoriques de l'âge des métaux au Ruanda-Urundi et au Kivu (Congo Belge), II[e] partie ». *Bulletin des Sciences de l'Académie Royale des Sciences Coloniales* 10 (2): 1-102.

HONKE Gudrun, MBONIMANA Gamaliel, NTEZIMANA Emmanuel, et SERVAES Sylvia (1990). *Au plus profond de l'Afrique: Le Rwanda et la colonisation allemande 1885-1919*. Wuppertal: Peter Hammer Verlag.

Inforcongo (1959). *Ruanda-Urundi (Le)*, Bruxelles.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2016). *Mimuri: Urugo rw'umuhigo rw'umwami Mutara III Rudahigwa*, Kigali.

KAGAME, Alexis (1943). *Inganji Karinga*. Kabgayi.

KAGAME, Alexis (1960). *L'Histoire des Armées-bovines dans l'ancien Rwanda*. Butare: IRSAC.

KAGAME, Alexis (1962). Les *Milices du Rwanda Précolonial*, IRSAC.

Kagame, Alexis (1970). *Le Premier Européen au Rwanda*. Butare, (Multigraphié).

KAGAME, Alexis (1972). *Un abrégé de l'Ethno-Histoire du Rwanda*, Tome premier. Editions Universitaires du Rwanda, Butare.

KAGAME, Alexis (1975). *Un abrégé de l'Histoire du Rwanda*, Tome deuxième. Editions Universitaires du Rwanda, Butare.

LIZINDE, Théoneste MUGABUSHAKA (1979). *La découverte de Kalinga ou la fin d'un mythe: Contribution* à bhistoire du Rwanda. Kigali: Soméca.

MBONIMANA, Gamaliel (1974). *Le culte des mandwa au Rwanda*. Louvain.

MURIHANO, Bénoît (1980). *Ibirari by'insigamigani: Icyiciro I, Ingeri y'Insigamigani nyirizina, Igitabo cya mbere*. Kigali: Minisiteri y'Uburezi bw'Igihugu.

MURIHANO, Bénoit (1987). *Ibirari by'insigamigani, Igitabo cya kabiri*. Kigali: Minisiteri Y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga.

MUZUNGU, Bernardin (2007). « Gisanura: Un saint canonisable ». In *Cahier Lumière et société* 37: 3-35.

MWOROHA, Emile (Ed.) (1987). *Histoire du Rwanda et du Burundi: des origines à la fin du XIX siècle*. Paris: Hatier.

NENQUIN, Jacques (1967). *Contribution to the study of the prehistoric cultures of Rwanda and Burundi*. Butare: INRS.

NKURIKIYIMFURA, J. N. (1994). *Le gros bétail et la société rwandaise,*

évolution historique : *dès XIIè-XIVè siècles à 1958.* Paris, L'Harmattan.

NTEZIMANA, Emmanuel (1979). « Récit de la mort du Père Loupias d'après le «diaire» de la mission de Rwaza ». *Etudes Rwandaises* 12: 45-59.

PAGÈS, Rév. Père (1933). *Un royaume hamite au centre de l'Afrique*,
Institut Royal Colonial Belge, Bruxelles, 703 p.

PATRICIA St JOHN (1973). *Souffle de vie*, Editions G.M., Suisse.

PAUWELS, Marcel (1958). *Imana et le Culte des imanas au Rwanda*,
Bruxelles, ARSC.

RUMIYA, Jean (1986). De la résistance à la soumission: Quelques exemples de comportement Rwandais Vis-à-vis de la corvée à l'époque Allemande. In *Les réactions africaines à la colonisation en Afrique centrale*. Ruhengeri: UNR, pp. 465-478.

SIMPENZWE, Gaspard (1992). *Ingoma i Rwanda*. Kigali: Régie de l'Imprimerie Scolaire.

SMITH, Pierre (INRS Butare) (1975). *Le Récit populaire au Rwanda*, Paris, Armand Colin.

Université Nationale du Rwanda (2011). *Histoire du Rwanda: des origines à la fin du xxe siècle*, Huye.

VAN NOTEN Francis (1972). *Les tombes du roi Cyirima Rujugira et de la reine-mère Nyirayuhi Kanjogera: Description archéologique*. Tervuren :
Musée royal de l'Afrique centrale. Série in 8ê. Sciences humaines 77.

VAN NOTEN, Francis (1983). *Histoire archéologique du Rwanda*. Butare: Institut National de Recherche Scientifique.

## b. Raporo n'ubundi bushakashatsi butatangajwe


GIBLIN, John Daniel (2010). *Reconstructing the past in Post-Genocide Rwanda: An Archaeological contribution*. Unpublished PhD dissertation. London: UCL.

JAPAN INTERNATIONAL COOPERATION AGENCY (2016). "*The socio-economic impact of Rwandan indigenous coffee variety* (Bourbon Mibirizi)". Report written by Maurice Mugabowagahunde.

MBONIMANA, Gamaliel (1981). *L'Instauration d'un royaume chrétien au Rwanda (1900-1931)*. Thèse de doctorat, Université Louvain la Neuve.

MUJAWIMANA, Eugénie (1983). *Le commerce des esclaves au Rwanda*. Butare: UNR.

MUVARA, Félicien (1981). *Monographie historique de la mission de Save (1900-1950)*. Butare, UNR.

NDANGAMIRA, Ephrem (1986). *Kigali: Ville et capitale coloniales 1907-1962. Les aléas historiques d'une urbanisation*. Ruhengeri: UNR.

NSENGIMANA, Innocent (1989). *Le lignage Abarashi du clan Abacyaba du Murera: Essai d'étude socio-politique (±1741-1925)*. Ruhengeri: UNR.

NTAGWABIRA, André (2012). *Classification of Artifacts Related to Iron Smelting Activities in Rwanda: Furnaces and Tuyeres. The use of Archaeological data and Ethnographic museum collections for interpretation*, unpublished Master thesis in Archaeology, University of Bergen.

RUGAMBA, Cyprien (1966). *La poésie Rwandaise dynastique source d'histoire*. Mémoire de Licence en Sciences historiques. Université de Louvain.

Rwanda Environment Management Authority, 2015. Study to Establish a National List of Threathened Terrestrial Ecosystems and Species in need of Protection in Rwanda. Kigali.

SIMONET, Céline (2004). *Preliminary report on test excavations at Masangano*. Unpublished report submitted to the Institute of National Museums of Rwanda.

### c. Ibyatangajwe kuri murandasi

- http://www.igihe.com/amakuru/article/ahahoze-gereza-ya-1930-hagiye-kubakwa-amacumbi
- http://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/abagore-bafungiye-muri-gereza-ya-1930-bazimurirwa-i-mageragere-bitarenze
- http://imirasire.com/amakuru-yose-242/amakuru-mashya-241/mu-rwanda-27/article/kigali-ahahoze-hafungirwa-abantu-muri-1930-hagiye-guturwa

# Imigereka

***Umugereka 1:*** **Itonde ry'abami n'abagabekazi bategetse u Rwanda (*)**

| | Amazina | Igihe (Kagame) | Abagabekazi |
|---|---|---|---|
| 1 | Gihanga I Ngomijana | 1091-1124 | Nyiragihanga I Nyirarukangaga |
| 2 | Kanyarwanda I Gahima I | 1124-1157 | Nyirakanyarwanda I Nyamususa |
| 3 | Yuhi I Musindi | | Nyirayuhi I Nyamata |
| 4 | Rumeza | | Kirezi |
| 5 | Nyarume | | Nyirashyoza |
| 6 | Rukuge | | Nyirankindi |
| 7 | Rubanda | | Nkundwa |
| 8 | Ndahiro I Ruyange | 1180-1213 | Nyirandahiro I Cyizigira |
| 9 | Ndoba | 1213-1246 | Monde |
| 10 | Samembe | 1246-1279 | Magondo |
| 11 | Nsoro I Samukondo | ±1279-1312 | Nyiransoro I Nyakanga |
| 12 | Ruganzu I Bwimba | ±1312-1345 | Nyiraruganzu I Nyakanga |
| 13 | Cyirima I Rugwe | ±1345-1378 | Nyiracyirima I Nyakiyaga |
| 14 | Kigeri I Mukobanya | ±1378-1411 | Nyirakigeri I Nyanguge |
| 15 | Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I | ±1311-1444 | Nyiramibambwe I Nyabadaha |
| 16 | Yuhi II Gahima II | ±1444-1477 | Nyirayuhi II Matama |
| 17 | Ndahiro II Cyamatare | ±1477-1510 | Nyirandahiro II Nyirangabo |
| 18 | Ruganzu II Ndori | ±1510-1543 | Nyiraruganzu II Nyirarumaga |
| 19 | Mutara I Nsoro II Semugeshi | ±1543-1576 | Nyiramavugo I Nyirakabogo |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 20 | Kigeri II Nyamuheshera | ±1576-1609 | Nyirakigeri II Ncenderi |
| 21 | Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura | ±1609-1642 | Nyiramibambwe II Nyabuhoro |
| 22 | Yuhi III Mazimpaka<br>Karemera I Rwaka | ±1642-1675 | Nyirayuhi III Nyamarembo<br>Nyirakaremera I Rukoni |
| 23 | Cyirima II Rujugira | ±1675-1708 | Nyiracyirima II Kirongoro |
| 24 | Kigeri III Ndabarasa | ±1708-1741 | Nyirakigeri III Rwesero |
| 25 | Mibambwe III Mutabazi II Sentabyo | ±1741-1746 | Nyiramibambwe III Nyiratamba |
| 26 | Yuhi IV Gahindiro | ±1746-? | Nyirayuhi IV Nyiratunga |
| 27 | Mutara II Rwogera | ?-1853 | Nyiramavugo II Nyiramongi |
| 28 | Kigeri IV Rwabugiri<br>Mibambwe IV Rutarindwa | ±1853-1895<br>1895-1896 | Nyirakigeri IV Murorunkwere<br>Nyiramibambwe IV Kanjogera |
| 29 | Yuhi V Musinga | 1896-1931 | Nyirayuhi V Kanjogera |
| 30 | Mutara III Rudahigwa | 1931-1959 | Nyiramavugo III Kankazi |
| 31 | Kigeri V Ndahindurwa | 1959 - 1961 | --- |

(*) Iri tonde ryongewe mu migereka kubera akamaro rifite mu kugereranya igihe cy'ibyabaye mu mateka yo hambere mu Rwanda. Abashakashatsi b'Inteko y'Umuco barikoze bashingiye kuri Kagame (1959: 119-121 (tome 3); 1972: 37-38). Kuva kuri nomero ya 4 kugeza ku ya 7, ni amazina y'abami Kagame avuga ko bashobora kuba batarabayeho, ari na yo mpamvu nta myaka bashyiriweho. Kuri nomero 18, habayeho gukosora izina ry'umugabekazi. Kagame yanditse Nyabacuzi kandi mu by'ukuri ari Nyirarumaga. Kuri nomero 28, hongeweho Mibambwe IV Rutarindwa Kagame atagaragaza nyamara yarimitswe ku buryo bwemewe. Gusa nta nomero yihariye yahawe nk'uko bimeze kuri Karemera I Rwaka (nomero 22), kuko bamaze igihe gito ku ngoma mbere yo gusimburwa n'abavandimwe babo. Hongeweho kandi kuri nomero 31 Kigeri V Ndahindurwa na we utagaragara ku itonde rya Kagame kandi ari we mwami wa nyuma w'u Rwanda.

*Umugereka 2:* **Urutonde rw'abasiganuzi batanze amakuru yifashishijwe muri ubu bushakashatsi**

| Amazina | Imyaka ye ku itariki yabarijweho | Aho atuye | Icyo akora | Ahantu ndangamurage yatanzeho amakuru | Itariki y'ikiganiro |
|---|---|---|---|---|---|
| Abimana Mathias | 68 | Rubengera / Karongi | Burugumesitiri (Bourgmestre) mu kiruhuko cy'izabukuru | Urutare rwa Ndaba; Ikigabiro cya Rwabugiri i Rubengera; Nyange | 16/01/2017 |
| Bajyaruguru Jacques | 78 | Nyanza | | Mututu | 05/09/2018 |
| Bariyanga Emmanuel | 65 | Rukomo / Nyagatare | Hinzi | Urutare rwa Rukomo | 17/12/2016 |
| Bavuga Claude | 89 | Rukomo / Nyagatare | Hinzi | Urutare rwa Rukomo | 17/12/2016 |
| Bazakiruru Innocent | 57 | Nkungu / Rusizi | Hinzi | Amariba ya Bukunzi | 11/01/2017 |
| Bihigifuku Gervais | 95 | Rutare/ Gicumbi | Umuforomo | Rutare | 07/11/2016 |
| Bizima Ananias | 95 | Kirehe | Umworozi | Urutare rwa Muzungu | 28/03/2017 |
| Bizimana Jean Baptiste | 68 | Rutare/ Gicumbi | Senateri | Rutare | 07/11/2016 |
| Bizimana Maston | 70 | Nemba/ Gakenke | Hinzi | Kajwi; Iriba rya Nyirarucyaba | 04/11/2016 |
| Byamana | | | | Sakara | 18/12/2016 |
| Dr Samson | | Rubavu | RAB | Inzu y'ubuvuzi bw'amatungo yubatswe n'Abadage | 14/01/2017 |
| Gacandaga Faustin | 87 | Kibirizi / Nyanza | Hinzi / mworozi | Mututu | 13/05/2017 |
| Gashara Pascal | | Kamonyi | Hinzi | Ijuru rya Kamonyi | 10/05/2017 |
| Gashema Innocent | 54 | Kirehe | Hinzi | Urutare rwa Muzungu | 16/12/2016 |
| Gashumba Elie | 80 | Rutunga / Gasabo | | Icubya | 26/05/2008 |
| Harerimana Emmanuel | | Musanze / Musanze | RDB | Ubuvumo bwa Musanze | 08/08/2014 |
| Hategekimana Jean de Dieu | 34 | Gahini / Kayonza | Umwarimu w'itorero ry'Abangilikani | Gahini | 19/12/2016 |
| Hategekimana Joseph | 62 | Nkotsi/ Musanze | RDB | Buhanga; Gipfuna; Zina | 01/11/2016 |
| Havugimana Evariste | 58 | Cyinzuzi/ Rulindo | Hinzi | Ngabitsinze | 06/11/2016 |
| Higiro Francois | 65 | Rwamagana | Umurezi | Fumbwe | 18/12/2016 |
| Higiro François | 65 | Fumbwe / Rwamagana | Umurezi mu mashuri abanza | Rwimpiri rwa Shenga; Fumbwe | 18/12/2016 |
| Hitimana Stefano | | Rubavu | | | 12/01/2017 |
| Iyamuremye Philippe | 84 | Mukama / Nyagatare | Hinzi | Ryamurari | 16/12/2016 |
| Iyaremye Stanislas | ±90 | Ruhango | Hinzi | Urutare rwa Ruganzu / Igisoro cya Ruganzu | 12/05/2017 |
| Juru Anastase | | Nyabihu | | Ubuvumo bwa Nyaruhonga | 11/01/2017 |
| Kabanda Joseph | | Rutunga / Gasabo | Ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Umurenge wa Rutunga | Rutunga | 29/05/2008 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Kabera André | 81 | Manihura/ Rutsiro | | Urutare rw'Abakobwa; kwa Nyiransibura | 17/01/2017 |
| Kabera John | 74 | Ndego / Kayonza | Umworozi | Itongo rya Nyirabiyoro mu Mubari | 20/12/2016 |
| Kabungo Charles | 75 | Gisagara | Hinzi | Utwicarabami twa Nyaruteja | 16/05/2017 |
| Kagabo Juvénal | 75 | Bushoke/ Rulindo | Hinzi | Ruhanga | 06/11/2016 |
| Kajuga Charles | 87 | Gisagara | Umucuranzi gakondo | Umukindo wa Makwaza | 17/05/2017 |
| Kajwiga Désiré | 95 | Nyabitekeri/ Nyamasheke | Hinzi | Kayenzi; Ntango; ku Macukiro | 15/01/2017 |
| Kalisa Fidel | 1967 | Shangi / Nyamasheke | Hinzi | Bushenge | 14/01/2017 |
| Kamanutsi Jean Marie Vianney | 57 | Mukamira/ Nyabihu | | Urutare rwa Nkuri | 11/01/2017 |
| Kamonyo Joseph | 96 | Ruhango | Hinzi | Umwari wa Musamo | 12/05/2017 |
| Kanamugire Jean Marie Vianney | 1971 | Mimuri / Nyagatare | Hinzi | Mimuri | 16/12/2016 |
| Kananira Léonard | 84 | Nyanza | | Mukingo | 06/09/2018 |
| Kanyabigega Canisius | 86 | Kirehe | Hinzi | Rukira | 18/12/2016 |
| Kanyamuhanda | 83 | Cyungo/ Rulindo | Hinzi | Rwiri-Nturo | 05/11/2016 |
| Kanyamuhanda Simon | 64 | Rwerere/ Burera | Hinzi | Urugezi | 02/11/2016 |
| Karangwa Elia | 59 | Ruhango | Hinzi | Nkubi | |
| Kayiranga Robert | | Gisagara | Umukozi w'Umurenge ushinzwe ubutaka n'ibikorwa remezo | Umukindo wa Makwaza | 17/05/2017 |
| Kayitarama Epimaque | 54 | Nyamasheke | Yigeze kuba Burugumesitiri (Bourgmestre) | Shangi | 31/03/2017 |
| Kayumba Thomas | 57 | Rutunga / Gasabo | | Ku Mavubiro | 28/05/2008 |
| Kurumusange Déogratias | 62 | Kigabiro / Rwamagana | Hinzi | Ikigabiro cya Rwamagana | 21/12/2016 |
| Makinarodi Théophile | | Ngororero | Hinzi | Imiko y'abakobwa | 15/01/2017 |
| Manfred Sett | | Shangi/ Nyamasheke | Umudage uri mu kiruhuko cy'izabukuru | Shangi | 14/01/2017 |
| Masozera André | 61 | Nyanza | Hinzi | Butansinda | 14/05/2017 |
| Mbaraga Etienne | 50 | Ngoma | Hinzi | Urutare rwa Ruganzu | 17/12/2016 |
| Mbarubucyeye Léonard | 98 | Kamonyi | Hinzi | Ibisenga bya Nyemana | 11/05/2017 |
| Mbarukuze Vincent | 34 | Cyeru/ Burera | Umunyamateka / Mwarimu | Ntagara | 02/11/2016 |
| Mgr Birindabagabo Alexis | 61 | Gahini / Kayonza | Musenyeri mu itorero ry'Abangilikani | Gahini | 19/12/2016 |
| Miruho Médard | 80 | Mimuri / Nyagatare | Hinzi | Mimuri | 16/12/2016 |
| Misago Gaspard | 48 | Rutunga / Gasabo | Se yari umwiru ubitse Busarure | i Rwanda | 26/05/2008 |
| Mudahinyuka Paulin | 67 | Gakenke | | Huro | 03/11/2016 |
| Mugemana Félix | 68 | Busasamana / Nyanza | Hinzi/Mworozi/ umubyinnyi w'intore | Rukari | 13/05/2017 |
| Mugemana Pierre | 64 | Kanzenze/ Rubavu | Hinzi | Ibere rya Bigogwe | 12/01/2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Mugongo Baltazar | 71 | Ngera / Nyaruguru | Hinzi | Kibuye cya Shari | 16/05/2017 |
| Muhayimana Elisée | 34 | Ngarama / Gatsibo | Hinzi | Urutare rwa Ngarama | 18/12/2016 |
| Mujawimana Joséline | 39 | Gitoki / Gatsibo | Hinzi /Umworozi | Ubukomane bwa Nyakayaga | 18/12/2016 |
| Mukabenda Athanasie | 99 | Rutunga / Gasabo | Hinzi | Ndatemwa | 28/05/2008 |
| Mukabera Mariam | 74 | Nyanza | Hinzi | Icyuzi cya Nyamagana | 04/09/2018 |
| Mukamugema Athanasie | 75 | Shyogwe / Muhanga | Hinzi | Shyogwe /Kwa Kankazi | 10/05/2017 |
| Mukandutiye Codeline | 92 | Shyogwe / Muhanga | Hinzi | Shyogwe /Kwa Kankazi | 10/05/2017 |
| Mukashyaka Cathérine | 69 | Nyamagabe | Konseye | Ka Nyamagabe | 16/05/2017 |
| Munyakazi Godefroid | 83 | Shyogwe / Muhanga | Hinzi | Rucunshu; Shyogwe | 10/05/2017 |
| Munyandamutsa Daniel | 42 | Shangi / Nyamasheke | Hinzi | Bushenge | 14/01/2017 |
| Munyaneza Phocas | 48 | Cyungo/ Rulindo | Hinzi | Rwiri-Nturo | 05/11/2016 |
| Munyaruhara Léonard | 85 | Ruhango | Hinzi | Urutare rwa Kamegeri | 14/05/2017 |
| Munyaruka Cléophas | 60 | Bugesera | Hinzi | Urwobo rwa Bayanga | 21/12/2016 |
| Munyarukato Alphonse | 55 | Muhondo/ Gakenke | Hinzi | Huro | 05/11/2016 |
| Munyentarama Alphonse | 55 | Kageyo/ Ngororero | Hinzi | Kageyo; Imiko y'abakobwa | 15/01/2017 |
| Munyentwari Augustin | 70 | Nyamagabe | Hinzi | Ubuvumo bwa Ruganzu / Intango ya Ruganzu | 15/05/2017 |
| Munyentwari Sudi | 70 | Nyamirambo/ Nyarugenge | Umucuruzi | Ishuri Intwari | 14/02/2017 |
| Murefu Ladislas | 90 | Remera / Gatsibo | Hinzi | Humure; Ubukomane bwa Nyakayaga | 19/12/2016 |
| Murigande Aloys | 72 | Nyange / Ngororero | Umwarimu mu kiruhuko cy'izabukuru | Nyange | 17/01/2017 |
| Musanabera Faïna | 26 | Nyanza / Kicukiro | Umukozi ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi | Urwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro | 14/02/2017 |
| Musengimana Cyprien | 28 | Remera / Gatsibo | Umukozi wa Leta ku Murenge | Humure | 19/12/2016 |
| Mutamba Ezéchiel | 80 | Rutunga / Gasabo | Hinzi | Ibimana by'Inzuki | 27/05/2008 |
| Muvunyi Manasseh | 62 | Gisenyi / Rubavu | Yakoreye BRALIRWA imyaka 35 | Imva z'Ababirigi / Imva y'Umudage | 13/01/2017 |
| Muyango Emmanuel | 36 | Nyarugunga /Kicukiro | Yakoze isuku muri iyi Ngoro ikiri iy'Abaperezida | Kanombe (Ingoro y'Ubugeni n'Ubuhanzi) | 15/02/2017 |
| Ndayisenga Aimable | | Ngoma | Padiri | Zaza | 17/12/2018 |
| Ngirabatware Cassien | 79 | Huye / Huye | Hinzi/ umubaji w'umwuga/yigeze kuba umusirikare | Ibisi bya Huye, Astrida | 16/05/2017 |
| Ngirimandwa Félicien | 89 | Nyanza | Umworozi | Butansinda | 14/05/2017 |
| Niboneyimpara Déo | 81 | Nyanza | Hinzi | Icyuzi cya Nyamagana | 04/09/2018 |
| Nikomwise Déogratias | 63 | Ngoma | Hinzi | Kagisaka | 18/12/2016 |
| Niyitegeka Alphonse | 49 | Kageyo/ Ngororero | Hinzi | Umukore wa Rwabugiri; Imiko y'abakobwa | 15/01/2017 |
| Niyonzima Emmanuel | 58 | Rutunga / Gasabo | Hinzi | Ivugavuge | 22/05/2008 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Niyonzima J. Claude | | Coko/ Gakenke | Mwarimu | Mbirima na Matovu; Buzinganjwiri; Huro | 03/11/2016 |
| Nkundanyirazo Jean Marie Vianney | 78 | Kanombe/ Kicukiro | Umuturanyi wa Perezida Habyarimana / Umworozi | Kanombe | 15/02/2017 |
| Nkundiye Virgile | | Karongi | Umukozi wa CNLG Ku Rwibutso Bisesero | Bisesero | |
| Nkunzinka Daniel | | Rubavu | | Ibere rya Bigogwe | 12/01/2017 |
| Nkurikiyinka Pascal | 64 | Kamonyi | Hinzi | Ibisenga bya Nyemana | 11/05/2017 |
| Nkurikiyinka Pierre Damien | 70 | Kamonyi | Yabaye Burugumesitiri (Bourgmestre) wa Komini Kayenzi | Ibitare bya Mashyiga | 10/05/2017 |
| Nsanganira François | 78 | Nyagatare / Nyagatare | Umworozi | Kucyarudahigwa | 17/12/2016 |
| Nsanzubukire Donatien | 61 | Cyinzuzi/ Rulindo | Hinzi | Ngabitsinze | 06/11/2017 |
| Ntabomvura Vénant | 91 | Gisagara | Yari umwarimu wa Kaminuza | Save | 17/05/2017 |
| Ntagara Xavier | 60 | Gitoki / Gatsibo | Hinzi/Umworozi | Ubukomane bwa Nyakayaga | 18/12/2016 |
| Ntagwabira Paul | 80 | Karongi | Hinzi/mworozi/ yakoreye abazungu mu Musaho | Musaho | 18/01/2017 |
| Ntampuhwe Joseph | 83 | Kamonyi | Hinzi | Ijuru rya Kamonyi | 10/05/2017 |
| Ntanazi Abraham | 94 | Bushoke/ Rulindo | Hinzi | Ruhanga | 06/11/2016 |
| Ntezirembo Vénérand | 1940 | Kanjongo / Nyamasheke | Umwarimu mu kiruhuko cy'izabukuru | Ibigabiro bya Nyamasheke; Akarwa k'abakobwa | 13/01/2017 |
| Ntezirizaza Télesphore | 68 | Cyungo/ Rulindo | Hinzi | Rwiri-Nturo | 05/11/2016 |
| Nyagashuguri Cléophas | 1933 | Nkungu / Rusizi | Hinzi | Amariba ya Bukunzi | 11/01/2017 |
| Nyamabumba Evariste | 65 | Ngororero | Hinzi | Rubi rw'i Nyundo | 16/01/2017 |
| Nyandwi Pascal | 59 | Nyakabuye / Rusizi | Hinzi | Ruhimandyarya | 11/01/2017 |
| Nyangabo Enias | 97 | Cyuve/ Musanze | Mwarimu | Ikimaniko cya Rukara; Gahunga | 03/11/2016 |
| Nyirabarera Marcienne | 74 | Rutunga / Gasabo | Hinzi | Iriba rya Rwarurara | 22/05/2008 |
| Nyirabuguzi Esther | 80 | Kanzenze / Rubavu | Hinzi | Ibere rya Bigogwe | 12/01/2017 |
| Nyirahirwa Anastasie | 73 | Ngoma | Umurezi | Zaza | 17/12/2018 |
| Nyirajana Félicité | 70 | Fumbwe / Rwamagana | Umubyinnyi mu matorero atandukanye | Rwimpiri rwa Shenga | 21/12/2016 |
| Nyiramubi Dorothée | 74 | Rutunga / Gasabo | Se yari umwiru | I Rwanda | 27/05/2008 |
| Nzabarirwa Célestin | 61 | Mbogo/ Rulindo | Hinzi | Ngabitsinze | 06/11/2016 |
| Nzajyibwami Joseph | 68 | Ngera / Nyaruguru | Hinzi | Kibuye cya Shari | 16/05/2017 |
| Nzaramba Emmanuel | 58 | Nyamagabe | Mworozi | Mu Kunyu | 30/03/2017 |
| Nzeyimana Evariste | 80 | Gashonga / Rusizi | Hinzi | Mibirizi | 12/01/2017 |
| Nzibonera Edouard | 73 | Rutsiro | Umurezi mu mashuri abanza | Akabira kabi ka Syiki | 06/01/2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Nzivugira Bénédict/ Benoît (Bénédicte: féminin) | 86 | Nkungu / Rusizi | Hinzi | Amariba ya Bukunzi | 11/01/2017 |
| Ruberandinda Zacharie | 79 | Ngoma | Umurezi | Zaza | 17/12/2018 |
| Rucikoma Innocent | 62 | Rutunga/ Gasabo | Umuyobozi w'ishuri ribanza | Rutunga: Icubya; i Rwanda, Ku Mavubiro | 22/05/2008 |
| Rugina Justin | | Ruhango | Umwarimu wa Kaminuza | Nkubi | Nzeri 2018 |
| Rutabagirwa Faustin | 58 | Rutunga/ Gasabo | | Ku mavubiro; Imana za Rwagisha | 26/05/2008 |
| Rutihumbuguza Camille | 35 | Rutunga / Gasabo | | Umukore wa Karuranga | 27/05/2008 |
| Ruvebana Victor | 80 | Munini / Nyaruguru | Hinzi | Ngeri | 15/05/2017 |
| Rwabarinda François | 61 | Nyamagabe | Mwarimu mu mashuri abanza | Ubuvumo bwa Ruganzu | 15/05/2017 |
| Rwabigwi Faustin | 84 | Nyanza | Hinzi | Gakenyeri | 04/09/2018 |
| Rwaburindi Emmanuel | 55 | Ruhango | | Umwari wa Musamo | 12/05/2017 |
| Rwakirayi Christophe Colomb | | Kirehe | Umuganga | Rwabanyoro no mu Irasaniro | 16/12/2016 |
| Rwamigabo Jérémie | ±100 | Ruhango | Konseye wa Segiteri | Umugina w'imvuzo | 12/05/2017 |
| Rwaminani Vianney | 48 | Ruhango | Hinzi | Igisoro cya Ruganzu | 12/05/2017 |
| Rwampungu Jean | 85 | Remera / Gatsibo | Hinzi | Humure | 19/12/2016 |
| Rwamushayija Jacques | 94 | Nyagatare / Nyagatare | Umworozi | Kucyarudahigwa | 17/12/2016 |
| Rwaramunaniye Ezéchiel | 84 | Nyabihu | Mukamira / Nyabihu | Urutare rwa Nkuri | 11/01/2017 |
| Rwasamirera Jean Damascène | 74 | Muhazi / Rwamagana | Intumwa ya rubanda (député) mu kiruhuko cy'izabukuru | Ikigabiro cya Rwamagana; Nkungu; Munyaga | 21/12/2016 |
| Rwicaninyoni Pascal | 98 | Shangi / Nyamasheke | Hinzi | Ibigabiro by'i Nyamasheke; Akarwa k'abakobwa | 14/01/2017 |
| Ryabazende Thaddée | 84 | Rusiga/ Rurindo | Hinzi | Ku Kirenge cya Ruganzu | 06/11/2016 |
| Sebigabiro Jean | 80 | Bugesera | Hinzi | Urwobo rwa Bayanga | |
| Sekamana Bénoît | 74 | Nkotsi/ Musanze | Yabaye Burugumesitiri (Bourgmestre) wa commune Nyakinama | Buhanga; Gipfuna; Zina | 01/11/2016 |
| Sekaziga Félicien | 60 | Rongi / Muhanga | | Busaga | 11/05/2017 |
| Sekinanira Jean Marie Vianney | 52 | Rongi / Muhanga | | Busaga | 11/05/2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Sematuro Félicien | 82 | Ngoma / Huye | Umukozi wa Leta uri mu kiruhuko cy'izabukuru | Astrida | 14/05/2017 |
| Semisibo Kambanda | 59 | Bugesera | | Urwobo rwa Bayanga | |
| Sendama François Xavier | 74 | Nyagihanga/ Gatsibo | Yari Burugumesitiri (Bourgmestre), ari mu kiruhuko cy'izabukuru | Urutare rwa Ngarama | 18/12/2016 |
| Sentibagwe Gilbert | 63 | Rubavu | umunyabugeni | Nengo; Inzu y'ubuvuzi bw'amatungo yubatswe n'Abadage; Hoteri La Michaudière | 14/01/2017 |
| Senyange Faustin | 66 | Bugesera | | Urwobo rwa Bayanga | |
| Seromba Léopold | 88 | Ruhango | Hinzi | Igisoro cya Ruganzu / Iriba rya Mashira | 12/05/2017 |
| Simbizi Joseph | 85 | Kayumbu / Kamonyi | Hinzi | Gaseke | 12/05/2017 |
| Tabaro Lazare | 85 | Ngera / Nyaruguru | Hinzi | Ikibuye cya Shari / Ibisi bya Huye | 16/05/2017 |
| Tsirika Pierre | 50 | Nkotsi/ Musanze | RDB | Buhanga; Gipfuna; Zina | 01/11/2016 |
| Twagirijwe Yohani | 78 | Gakenke | Hinzi | Huro | 26/08/2008 |
| Twahirwa Donald | 56 | Ngoma | Hinzi | Urutare rwa Ruganzu | 17/12/2016 |
| Usanzimfura Azarias | 35 | Ruhango | Perezida wa koperative y'abakarani ngufu bo ku Ntenyo COMEP Turwanyubukene | Umugina w'Imvuzo | 12/05/2017 |
| Uwimana Peace | 42 | Ndego / Kayonza | Umukozi w'Umurenge wa Ndego | Itongo rya Nyirabiyoro mu Mubari | 20/12/2016 |
| Uzabakiriho Adrien | 59 | Kayumbu / Kamonyi | Hinzi | Gaseke | 12/05/2017 |
| Uzamukunda Vestine | 47 | Nkotsi/ Musanze | Hinzi | Buhanga; Gipfuna; Zina | 01/11/2016 |
| Zaninka Madeleine | 100 | Rulindo | Umugabo we yari Umwiru | Butangampundu | 06/11/2016 |
| Zigirumugabe Emmanuel | | Nyamagabe | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge | Ubuvumo bwa Ruganzu | 15/05/2017 |
| Zimurinda Gaëtan | 86 | Nyabitekeri / Nyamasheke | Umwarimu mu kiruhuko cy'izabukuru | Ntango; Kayenzi; ku Macukiro | 15/01/2017 |

***Umugereka 3:*** **Icyerekezo cy'ahantu ndangamurage havugwa muri iki gitabo**

| Izina | Intara | Akarere | Umurenge | Akagali | Umudugudu | GPS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Akabira kabi ka Syiki | Uburengerazuba | Rutsiro | Musasa | Murambi | Rwumba | 1°55'40"S; 29°19'58"E; Ubutumburuke: 1541 m |
| Akarwa k'abakobwa | Uburengerazuba | Nyamasheke | Kagano | Ninzi | Gikuyu | 2°19'37" S ; 29°05'31" E Ubutumburuke: 1466 m |
| Amariba ya Bukunzi | Uburengerazuba | Rusizi | Nkungu | Mataba | Rwamaraba | 2°33'44" S ; 28°59'37" E Ubutumburuke: 1883 m |
| Bisesero | Uburengerazuba | Karongi | Twumba | Bisesero | | 02°11'52" S ; 029°20'47"E Ubutumburuke 2200 m |
| Buhanga | Amajyaruguru | Musanze | Nkotsi | Bikara | Barizo | 1°34'12" S ; 29°38'07" E Ubutumburuke: 1626 m |
| Bushenge | Uburengerazuba | Nyamasheke | Bushenge | Impala | Bushenge | 2°25'54" S ; 29°00'09" E Ubutumburuke: 1829 m |
| Butangampundu | Amajyaruguru | Rurindo | Burega | Butangam-pundu | Gashinge | 1°44'35" S ; 30°03'56" E Ubutumburuke: 1826 m |
| Butansinda bwa Kigoma na Muyange | Amajyepfo | Nyanza | Kigoma | Butansinda | Butansinda | 02°16'87" S ; 029°46'98"E Ubutumburuke: 1702 m |
| Cercle Frère Secundien | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Ngoma | Ngoma II | 2°35'57" S ; 29°43'48"E Ubutumburuke: 1774 m |
| Cyasemakamba | Uburasirazuba | Ngoma | Kibungo | Cyase-makamba | Kiruhura | 02°08'39" S ; 030°33'19"E Ubutumburuke: 1655 m |
| Fumbwe: Rwimpiri rwa Shenga | Uburasirazuba | Rwamagana | Fumbwe | Sasabirago | Byimana | 01°50'50"S ; 030°16'54" E Ubutumburuke: 1530 m |
| Gahini: Misiyoni y'Abangilikani | Uburasirazuba | Kayonza | Gahini | Rugarama | Kabeza | 1°50'34" S ; 30°28'57" E Ubutumburuke: 1559 m |
| Gahunga k'Abarashi | Amajyaruguru | Burera | Gahunga | Kidakama | Mubuga | 1°27'02" S ; 29°40'46" E Ubutumburuke: 1977 m |
| Gakenyeri | Amajyepfo | Nyanza | Busasamana | Nyanza | Gakenyeri | 2°21'03" S ; 29°44'45"E Ubutumburuke: 1802 m |
| Gaseke | Amajyepfo | Kamonyi | Kayumbu | Gaseke | Nyarunyinya | 2°02'39" S ; 29°46'54"E Ubutumburuke: 1815 m |
| Gitwe | Amajyepfo | Ruhango | Bweramana | Murama | Karambo | 2°14'34" S ; 29°41'24"E Ubutumburuke: 1677 m |
| Groupe Scolaire ya Astrida | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Butare | Kabutare | 2°36'27" S ; 29°44'39" E Ubutumburuke: 1751 m |
| Hoteri La Michaudière | Uburengerazuba | Rubavu | Gisenyi | Gisenyi | | 1°42'07" S ; 29°15'30"E Ubutumburuke: 1475 m |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Hoteri Faucon (*Hôtel Faucon*) | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Butare | Bukinanyana | 2°36'02" S ; 29°44'31" E Ubutumburuke: 1751 m |
| Humure | Uburasirazuba | Gatsibo | Remera | Kigabiro | Kigabiro | 1°40'56" S ; 30°18'22" E Ubutumburuke: 1844 m |
| Huro | Amajyaruguru | Gakenke | Muhondo | Huro | Rubona | 1°47'21" S ; 29°52'03" E Ubutumburuke: 1922 m |
| I Rwanda | Kigali | Gasabo | Rutunga | Gasagara | Kamasasa na Gatare | 01o48'30"S ; 030o09'20"E Ubutumburuke: 1769 m |
| Ibere rya Bigogwe | Uburengerazuba | Rubavu | Kanzenze | Nyamirango | Marero | 01°38'61"S ; 029°23'71"E Ubutumburuke: 2351 m |
| Ibigabiro bya Rwabugiri i Rwamagana | Uburasirazuba | Rwamagana | Kigabiro | Cyanya | Bigabiro | 1°57'19" S ; 30°26'34" E Ubutumburuke: 1541 m |
| Ibigabiro bya Rwabugiri/Nyamasheke | Uburengerazuba | Nyamasheke | Kagano | Ninzi | Gikuyu | 2°20'13" S ; 29°05'31" E Ubutumburuke: 1544 m |
| Ibigabiro bya Rwamagana | Uburasirazuba | Rwamagana | Kigabiro | Cyanya | Bigabiro | 1°57'19" S ; 30°26'34" E Ubutumburuke: 1541 m |
| Ibimana by'Inzuki | Kigali | Gasabo | Rutunga | Kabariza | Nyamise | 01°49'94" S ; 030°10'75"E Ubutumburuke: 1731 m |
| Ibiro bya Teritwari ya Astrida | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Butare | Bukinanyana | 2°36'19" S ; 29°44'22" E Ubutumburuke: 1759 m |
| Ibisenga bya Nyemana | Amajyepfo | Kamonyi | Runda | Kagina | Bimba | 01°55'81" S ; 029°57'82"E Ubutumburuke: 1587 m |
| Ibisi bya Huye | Amajyepfo | Huye | Huye | Nyakagezi | Gatongati, Kigarama, Kinyinya, Cyimana, Gako | 2°33'40" S ; 29°38'57" E Ubutumburuke: 2269 m |
| Ibitare bya Mashyiga | Amajyepfo | Kamonyi | Karama | Bitare | Kokobe | 01°57'47" S ; 029°52'02"E Ubutumburuke: 1751 m |
| Ibuye rya Bagenge | Amajyaruguru | Gakenke | Gakenke | Rusagara | Rusayo | 1°38'46" S ; 29°47'21" E Ubutumburuke: 1665 m |
| Icubya (Ikigumbashi) | Kigali | Gasabo | Rutunga | Ndatemwa | Nyakabande | 01°48'13" S ; 030°09'20"E Ubutumburuke: 1733 m |
| Igongo | | Mu- | | | | |
| Ijuru rya Kamonyi | Amajyepfo | Kamonyi | Gacurabwenge | Nkingo | Juru | 2°01'45" S ; 29°54'30" E Ubutumburuke: 1704 m |
| Ikibuye cya Shari | Amajyepfo | Nyaruguru | Ngera | Nyamirama | Nyamirama | 2°40'47" S ; 29°43'28" E Ubutumburuke: 1740 m |
| Ikigabiro cya Forongo | Amajyaruguru | Rurindo | Cyinzuzi | Migendezo | Remera | 1°44'85" S ; 29°59'98" E Ubutumburuke: 2169 m |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Ikimana cyo mu Burunga | Kigali | Gasabo | Ndera | Kibenga | Burunga | 01°55'67"S ; 030°12'22" E Ubutumburuke: 1580 m |
| Ikimaniko cya Rukara | Amajyaruguru | Musanze | Muhoza | Ruhengeri | Byimana | 1°30'00" S ; 29°37'53" E Ubutumburuke: 1846 m |
| Imana y'Umuganura | Kigali | Gasabo | Rutunga | Gasabo | Vugavuge | 01°48'16" S ; 030°08'91"E Ubutumburuke: 1740 m |
| Imana za Rwagisha | Kigali | Gasabo | Rutunga | Gasabo | Murindi | 01°47'55" S ; 030°08'23"E Ubutumburuke: 1636 m |
| Imiko y'Abakobwa | Uburengerazuba | Ngororero | Kageyo | Mukore | Rusenyi | 1°52'13" S ; 29°35'48" E Ubutumburuke: 2207 m |
| Imva y'Umusirikare w'Umudage wapfuye mu 1912 | Uburengerazuba | Rubavu | Gisenyi | Nengo | Nyaburanga | 01°42'01" S ; 029°15'57"E Ubutumburuke: 1473 m |
| Imva z'Abazungu (Ababirigi) | Uburengerazuba | Rubavu | Gisenyi | Nengo | Nyaburanga | 01°42'28"S ; 029°16'01" E Ubutumburuke: 1530 m |
| Inzu ya Kandt i Kigali | Kigali | Nyarugenge | Gitega | Akabahizi | Nyaburanga | 01°56'47" S ; 30°03'12" E Ubutumburuke: 1481 m |
| Iriba rya Nyirarucyaba | Amajyaruguru | Gakenke | Kamubuga | Kidomo | Kintobo | 1°36'09" S ; 29°48'22" E Ubutumburuke: 2552 m |
| Ishuri ryisumbuye rya Nyange | Uburengerazuba | Ngororero | Nyange | Gaseke | Ngobagoba | 2°03'42" S ; 29°35'29" E Ubutumburuke: 1773 m |
| Ishyamba rya Busaga | Amajyepfo | Muhanga | Rongi | Ruhango | Muyebe | 1°48'05" S; 29°43'10" E Ubutumburuke: 2221 m |
| Itembabarozi | Amajyepfo | Muhanga | Shyogwe | Mbare | Rubuye | 2°06'56" S ; 29°48'12" E Ubutumburuke: 1665 m |
| Itongo rya Nyirabiyoro mu Mubari | Uburasirazuba | Kayonza | Ndego | | | 1°54'28" S ; 30°48'17" E Ubutumburuke: 1300 m |
| Ka Nyamagabe | Amajyepfo | Nyamagabe | Kamegeri | Bwama | Gitwa | 02°30'63"S ; 029°34'11" E Ubutumburuke: 1961 |
| Kageyo: Rutegamasunzu | Uburasirazuba | Ngororero | Kageyo | Mukore | Nyamatanga | 01°52'35" S ; 029°35'09"E Ubutumburuke: 2294 m |
| Kageyo: Umukore wa Rwabugiri | Uburengerazuba | Ngororero | Kageyo | Mukore | Nyamatanga | 01°52'33" S ; 029°35'21"E Ubutumburuke: 2290 m |
| Kagisaka | Uburasirazuba | Ngoma | Gisaka | Mahango | Kibungo | 2°08'978' S; 30°33'948'E Ubutumburuke: 1677 m |
| Kajwi | Amajyaruguru | Gakenke | Nemba | Gisozi | Kanzoka | 1°37'36" S ; 29°48'07" E Ubutumburuke: 1908 m |
| Katedarali ya Butare | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Butare | Kabutare | 2°36'23" S ; 29°44'34" E Ubutumburuke: 1756 m |
| Kayenzi | Uburengerazuba | Nyamasheke | Nyabitekeri | Ntango | Kayenzi | 2°17'30" S ; 29°01'57" E Ubutumburuke: 1464 m |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Kibeho | Amajyepfo | Nyaruguru | Kibeho | Kibeho | Sinayi | 2°38'59" S ; 29°33'11" E<br>Ubutumburuke: 1908 m |
| Ku Cyarudahigwa | Uburasirazuba | Nyagatare | Nyagatare | Nsheke | Nsheke | 1°15'27" S ; 30°20'21" E<br>Ubutumburuke: 1356 m |
| Ku Itorero | Umujyi wa Kigali | Gasabo | Rutunga | Gasabo | Vugavuge | 1°48'05" S ; 30°08'50" E<br>Ubutumburuke: 1738 m |
| Ku Kigabiro/Ku Mavubiro | Kigali | Gasabo | Rutunga | Gasabo | Vugavuge | 01°48'01" S ; 030°08'80"E<br>Ubutumburuke: 1742 m |
| Ku Kirenge cya Ruganzu | Amajyaruguru | Rulindo | Rusiga | Kirenge | Kabuye | 1°47'55" S ; 29°55'55" E<br>Ubutumburuke: 2100 m |
| Ku Macukiro | Uburengerazuba | Nyamasheke | Nyabitekeri | Ntango | Nyamirundi | 2°18'22" S ; 29°01'17" E<br>Ubutumburuke: 1468 m |
| Ku Mugina w'imvuzo | Amajyepfo | Ruhango | Byimana | Ntenyo | Ntenyo | 2°10'25" S ; 29°46'33" E<br>Ubutumburuke: 1837 m |
| Ku Mukore wa Rwabugiri i Kageyo | Uburengerazuba | Ngororero | Kageyo | Mukore | Nyamatanga | 1°52'19" S ; 29°35'12" E<br>Ubutumburuke: 2279 m |
| Ku Nteko | Uburengerazuba | Karongi | Rubengera | Mataba | Fumbezi | 02°01'90" S ; 029°21'94"E<br>Ubutumburuke: 1541 m |
| Ku Ruvugizo | Kigali | Gasabo | Rutunga | Gasabo | Murindi | 01°47'15" S ; 030°08'19"E<br>Ubutumburuke: 1587 m |
| Kwa Mibambwe Sentabyo | Amajyepfo | Ruhango | Ruhango | Rwoga | Kabambati | 02°15'20" S ; 029°47'70"E<br>Ubutumburuke: 1753 m |
| Kwa Nyiransibura | Uburengerazuba | Rutsiro | Manihira | Muyira | Rutare | 01°54'95" S ; 029°25'49"E<br>Ubutumburuke: 2734 m |
| Laboratoire National (Yubatswe n'Abadage) | Uburengerazuba | Rubavu | Gisenyi | Nengo | Nyaburanga | 01°42'07" S; 029°15'59" E<br>Ubutumburuke: 1497 m |
| Mbirima na Matovu | Amajyaruguru | Gakenke | Coko | Mbirima | Matovu | 1°46'44" S ; 29°49'29" E<br>Ubutumburuke: 2163 m |
| Mibirizi (Misiyoni) | Uburengerazuba | Rusizi | Gashonga | Karemereye | Mibirizi | 1°52'19" S; 29°35'12" E<br>Ubutumburuke 2279 m |
| Mimuri | Uburasirazuba | Nyagatare | Mimuri | Rugari | Rebero | 1°26'42" S ; 30°15'05" E<br>Ubutumburuke: 1388 m |
| Mu bigabiro bya Rwabugiri i Rubengera | Uburengerazuba | Karongi | Rubengera | Gisanze | Kigabiro | 2°02'08" S ; 29°24'09" E<br>Ubutumburuke: 1641 m |
| Mu Cyarabu | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Butare | Busenyi | 2°36'23" S ; 29°44'14" E<br>Ubutumburuke: 1755 m |
| Munyaga | Uburasirazuba | Rwamagana | Munyaga | Kaduha | Kigabiro | 2°02'01" S ; 30°27'47" E<br>Ubutumburuke: 1504 m |
| Musaho | Uburengerazuba | Karongi | Rubengera | Mataba | Fumbezi | 2°01'50" S ; 29°22'06" E<br>Ubutumburuke: 1473 m |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Mututu | Amajyepfo | Nyanza | Kibirizi | Mututu | Kabeza | 2°20'05" S ; 29°55'12" E Ubutumburuke: 1364 m |
| Mwima | Amajyepfo | Nyanza | Busasamana | Rwesero | Rukari | 2°21'20" S ; 29°44'08" E Ubutumburuke: 1803 m |
| Ndatemwa | Kigali | Gasabo | Rutunga | Ndatemwa | Kamusengo | 01°48'45" S ; 030°09'45"E Ubutumburuke: 1715 m |
| Nengo | Uburengerazuba | Rubavu | Gisenyi | Rubavu | Kamayugi | 01°42'55"S ; 029°16'21" E Ubutumburuke: 1660 m |
| Ngeri | Amajyepfo | Nyaruguru | Munini | Ngeri | Akagera | 2°43'27" S ; 29°34'10" E Ubutumburuke: 1883 m |
| Nkungu | Uburasirazuba | Rwamagana | Munyaga | Nkungu | Kiryango | |
| Nkuzuzu / Bumbogo bw'i Ngara | Kigali | Gasabo | Bumbogo | Mvuzo | Kigabiro | 01°52'78" S ; 030°09'34"E Ubutumburuke: 1828 m |
| Ntagara | Amajyaruguru | Burera | Rusarabuye | Kabona | Ntagara | 1°29'43" S ; 29°48'38" E Ubutumburuke: 2035 m |
| Ntango | Uburengerazuba | Nyamasheke | Nyabitekeri | Ntango | Nyamirundi | 2°18'19" S ; 29°01'39" E Ubutumburuke: 1503 m |
| Remera y'Abaforongo | Amajyaruguru | Rurindo | Cyinzuzi | Migendezo | Remera | 1°44'85" S ; 29°59'98" E Ubutumburuke: 2169 m |
| Rubengera (Kwa Rwabugiri) | Uburengerazuba | Karongi | Rubengera | Gisanze | Kigabiro | 02°02'11" S ; 029°24'16"E Ubutumburuke: 1643 m |
| Rubi rw'Inyundo | Uburengerazuba | Ngororero | Bwira | Cyahafi | Bushyogero | 01°55'64"S ; 029°35'89" E Ubutumburuke: 2056 m |
| Rucunshu | Amajyepfo | Muhanga | Shyogwe | Mbare | Rubuye | 2°06'55" S ; 29°47'53" E Ubutumburuke: 1801 m |
| Rugenge | Uburasirazuba | Bugesera | Gashora | Ramiro | Kagasa | 02°17'60" S ; 030°12'37"E Ubutumburuke: 1471 m |
| Ruhimandyarya | Uburengerazuba | Rusizi | Nyakabuye | Gaseke | Gasebeya | 2°32'37" S ; 29°01'22"E Ubutumburuke: 1526 m |
| Rukari | Amajyepfo | Nyanza | Busasamana | Rwesero | Rukari | 2°21'37" S ; 29°44'23" E Ubutumburuke: 1802 m |
| Rukira | Uburasirazuba | Kirehe | Murama | Kigabiro | Kigabiro | 02°12'10"S ; 030°35'26" E Ubutumburuke: 1615 m |
| Rutabagire | Uburengerazuba | Rusizi | Gihundwe | Kamatita | Gashwazi | 2°27'41" S ; 28°54'19" E Ubutumburuke: 1559 m |
| Rutare | Amajyaruguru | Gicumbi | Rutare | Nyakavunga | | 1°44'32" S ; 30°09'19" E Ubutumburuke: 1931 m |
| Rwabanyoro | Uburasirazuba | Kirehe | Nasho | Ntaruka | Nyamurindira | 02°07'75" S ; 030°41'75"E Ubutumburuke: 1775 m |
| Rwesero | Amajyepfo | Nyanza | Busasamana | Rwesero | Rwesero | 02°22'18" S ; 029°44'44"E Ubutumburuke: 1836 m |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Rwiri - Nturo | Amajyaruguru | Rurindo | Cyungo | Rwiri | Nturo | 1°35'56" S ; 29°55'39" E Ubutumburuke: 2156 m |
| Ryamurari | Uburasirazuba | Nyagatare | Mukama | Bufunda | Bitabo | 1°25'53" S ; 30°14'26" E Ubutumburuke: 1465 m |
| Sakara (Ikigabiro cy'Umwami) | Uburasirazuba | Ngoma | Murama | Mvumba | Mvumba | 02°11'71" S ; 030°33'30"E Ubutumburuke: 1640 m |
| Sakara: Urugo rwa Rwabugiri | Uburasirazuba | Ngoma | Murama | Sakara | Urubare | 02°12'33"S ; 030°32'92" E Ubutumburuke: 1628 m |
| Shangi (kwa Dr Richard Kandt) | Uburengerazuba | Nyamasheke | Shangi | Shangi | Gasharu | 2°22'33" S ; 29°00'00" E Ubutumburuke: 1500 m |
| Shyogwe | Amajyepfo | Muhanga | Shyogwe | Mubuga | Kigarama | 2°07'09" S ; 29°44'49" E Ubutumburuke: 1881 m |
| Ubukomane bwa Nyakayaga | Uburasirazuba | Gatsibo | Gitoki | Bukomane | Bukomane | 1°38'48" S ; 30°23'15" E Ubutumburuke: 1517 m |
| Ubuvumo bwa Nyaruhonga | Uburengerazuba | Nyabihu | | | | 1°35'23" S ; 29°30'01"E Ubutumburuke: 2486 m |
| Umugina w'imvuzo (Ntenyo) | Amajyepfo | Ruhango | Byimana | Ntenyo | Ntenyo | 02°10'45" S ; 029°46'32"E Ubutumburuke: 1838 m |
| Umukore wa Karuranga | Kigali | Gasabo | Rutunga | Ndatemwa | Karuranga | 01°48'27" S ; 030°09'85"E Ubutumburuke: 1653 m |
| Urugezi | Amajyaruguru | Burera | Rwerere | Buconco | Ngoma | 1°26'59" S ; 29°51'19" E Ubutumburuke: 2066 m |
| Urusisiro rw' « involiwe » *(Quartier des évolués)* | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Ngoma | Ngoma II | 2°36'06" S ; 29°43'37" E Ubutumburuke: 1781 m |
| Urusisiro rw'abazungu i Astrida | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Butare | | 2°36'13" S ; 29°44'27" E Ubutumburuke: 1754 m |
| Urutare rwa Kamegeri | Amajyepfo | Ruhango | Ruhango | Rwoga | Kabambati | 2°15'02" S ; 29°47'44" E Ubutumburuke: 1715 m |
| Urutare rwa Muzungu | Uburasirazuba | Kirehe | Mahama | Munini | Huriro | 02°20'21" S ; 030°50'03"E Ubutumburuke: 1290 m |
| Urutare rwa Ndaba | Uburengerazuba | Karongi | Rubengera | Gitwa | Rusebeya | 2°02'50" S ; 29°28'07" E Ubutumburuke: 2142 m |
| Urutare rwa Ngarama | Uburasirazuba | Gatsibo | Ngarama | Ngarama | Ibare | 1°32'08" S ; 30°14'28" E Ubutumburuke: 1505 m |
| Urutare rwa Nkuri | Uburengerazuba | Nyabihu | Mukamira | Rurengeri | Kibugazi | 01°35'24" S ; 029°31'35"E Ubutumburuke: 2276 m |
| Urutare rwa Ruganzu | Amajyepfo | Ruhango | Ntongwe | Kayenzi | Kirwa | 02°12'77" S ; 029°52'17"E Ubutumburuke: 1644 m |
| Urutare rwa Ruganzu | Uburasirazuba | Ngoma | Sake | Gafunzo | Rwumba | 02°14'67" S ; 030°25'11"E Ubutumburuke: 1444 m |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Urutare rwa Ruganzu | Kigali | Gasabo | Rutunga | Gasabo | Murindi | 01°48'03" S ; 030°10'09"E Ubutumburuke: 1608 m |
| Urutare rw'Abakobwa | Uburengerazuba | Rutsiro | Manihira | Muyira | Rutare | 01°54'99" S ; 029°25'50"E Ubutumburuke: 2725 m |
| Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyanza | Kigali | Kicukiro | Kagarama | Rukatsa | Mpinga ya Nyanza | 2°00'06" S ; 30°05'32"E Ubutumburuke: 1659 m |
| Urwobo rwa Bayanga | Uburasirazuba | Bugesera | Mayange | | | 02°19'51"S ; 030°11'97" E Ubutumburuke: 1484 m |
| Urwunge rw'Amashuri rwa Kiyisilamu «In-twari» | Umujyi wa Kigali | Nyarugenge | Rwezamen-yo | Rwezamen-yo I | Abatarushwa | 1°58'11" S ; 30°03'25" E Ubutumburuke: 1533 m |
| Urwunge rw'Amashuri yisumbuye rwa Astrida | Amajyepfo | Huye | Ngoma | Kabutare | Kabutare | 2°36'27" S ; 29°44'39" E Ubutumburuke: 1751 m |
| Urwunge rw'amashuri yisumbuye rwa Nyange | Uburengerazuba | Ngororero | Nyange | Gaseke | Ngobagoba | 2°04'04" S ; 29°32'15" E Ubutumburuke: 2176 m |
| Utubindi twa Rubona | Uburasirazuba | Gatsibo | Kiziguro | Rubona | Tubindi | 1°46'50" S ; 30°26'12" E Ubutumburuke: 1604 m |
| Utwicarabami twa Nyaruteja | Amajyepfo | Gisagara | Nyanza | Higiro | Akabakene | 02°46'53" S ; 29°44'19" E Ubutumburuke: 1655 m |
| Zaza | Uburasirazuba | Ngoma | Zaza | Ruhembe | | 02°09'25" S ; 030°25'93"E Ubutumburuke: 1493 m |

***Umugereka 4:*** **Ibisobanuro by'amagambo**

- **Igisare:** Umukwaâru, agakomere gato kazanwa no gusharambuka (Egratignure, griffe). Igisare kandi ni ikintu icyo aricyo cyose gitera umuntu igisebo. Umwami wagize igisare ni uwabaga afite inenge ituma adatabarizwa ku musezero yagombaga gutabarizwaho.
- **Kosa:** Gutariira umugogo w'umwami bakawumisha (Boucaner le cadavre du roi).
- **Gutanga:** Gupfa k'umwami.
- **Gutabariza:** Guhamba, gushyingura umwami.
- **Umusezero:** Aho batabarizaga abami, hakaba ibiti by'ibigabiro. Cimetière; lieu de sépulture royale.
- **Ibigabiro:** Ahantu umwami yigeze gutura cyangwa aho yahambwe harangwa n'imivumu y'inganzamarumbu yahagumye.
- **Inkiko:** Akarere k'igihugu kegereye umupaka (Région frontalière).
- **Kuremerwa:** Ijambo ryo kubaha rivuga guheka umwami cyangwa kwikorera ingobyi, ingoma cyangwa igisabo.
- **Igongo:** Intwari
- **Guteka:** Kwicara ku ntebe y'inteko by'umwami cyangwa umugabekazi. Bivuga nanone gutegeka k'umwami.
- **Iriba:** 1. Ahantu hari isoko idudubiza abantu bategura bakajya bahavoma. 2. Ahantu hari isoko y'amazi buhira inka. 3. Igisebe cy'umufunzo.
- **Kwera:** Guhamya icyo umupfumu yatongereye ho indagu. **2.** Gukora imihango yo kurangiza kwirabura by'abapfushije umuntu.
- **Impuzo:** 1. Ahantu h'ubwihugiko inyamaswa isohokera iva mu mwobo wayo ikurikiwe. 2. Akaryango ka rwihishwa umuntu asohokeramo asumbirijwe cyangwa akurikiranywe. 3. Ubwinjiriro bw'inzuki mu muzinga.
- **Ibimana:** Ni ibiti byameze cyangwa byatewe aho batabye imana yeze.
- **Kwirabura:** Kuba umuntu akiri mu mizirirrizo y'urupfu (Observer le deuil).
- **Umurorano:** Uburo cyangwa amasaka byabaga bigenewe kuzavamo umutsima w'Umuganura w'ibwami.
- **Igitenga:** Igiseke kinini cyane.
- **Imihamuro:** Ibiti bashakamo impigi cyangwa imiti.

**INTEKO Y'UMUCO**
Huye, SH1 RD2
Agasanduku k'Iposita: 630 Butare
Inteko y'Umuco